ITEGEKO N° 075/2021 RYO KU WA 06/12/2021 RYEREKEYE IGIHOMBO	LAW N° 075/2021 OF 06/12/2021 RELATING TO INSOLVENCY	LOI N° 075/2021 DU 06/12/2021 RELATIVE À L'INSOLVABILITÉ
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 2: Scope of this Law**	**Article 2 : Champ d'application de la présente loi**
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions**	**Article 3 : Définitions**
Ingingo ya 4: Inshingano z'Umwanditsi Mukuru mu kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo	**Article 4: Responsibilities of Registrar General in insolvency proceedings**	**Article 4 : Attributions du Registraire général lors de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 5: Imenyesha ryanditse rigenewe rubanda cyangwa iry'umuntu ku giti cye	**Article 5: Public or individual written notice**	**Article 5 : Avis écrit public ou individuel**
Ingingo ya 6: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda bwo gusaba no guhabwa amakuru	**Article 6: Creditors' right to access information**	**Article 6 : Droit d'accès à l'information reconnu aux créanciers**

UMUTWE WA II: UBURYO BW'IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO	**CHAPTER II: INSOLVENCY PROCEEDINGS**	**CHAPITRE II : PROCÉDURE D'INSOLVABILITÉ**
Icyiciro cya mbere: Itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Section One: Commencement of insolvency proceedings**	**Section première : Ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 7: Impamvu z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 7: Grounds for the commencement of insolvency proceedings**	**Article 7 : Motifs d'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 8: Gusaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 8: Application for commencement of insolvency proceedings**	**Article 8: Demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo	**Article 9: Appointment of insolvency practitioner**	**Article 9 : Nomination d'un praticien de l'insolvabilité**
Ingingo ya 10: Ibikubiye mu kirego gisaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 10: Content for commencement of insolvency proceedings application**	**Article 10: Contenu d'une demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Icyiciro cya 2: Ingaruka z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Section 2: Effects of commencement of insolvency proceedings**	**Section 2: Effets de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 11: Ingaruka rusange z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 11: General effects of commencement of insolvency proceedings**	**Article 11: Effets généraux de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 12: Isubika ryo gukurikirana umwenda ufite ingwate	**Article 12: Stay on secured claim**	**Article 12 : Suspension des poursuites à l'égard d'une créance garantie**
Ingingo ya 13: Gutanga serivisi z'ingenzi	**Article 13: Supply of essential services**	**Article 13 : Fourniture de services essentiels**
Ingingo ya 14: Gukomeza inshingano zakorwaga	**Article 14: Continuity of current obligations**	**Article 14 : Continuité des obligations en cours**

Icyiciro cya 3: Ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda w'umuntu ku giti cye	**Section 3: Debt arrangement by an individual**	**Section 3 : Arrangement de dette par un individu**
Ingingo ya 15: Gusaba ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda w'umuntu ku giti cye	**Article 15: Proposal for debt arrangement by an individual**	**Article 15 : Proposition d'arrangement par un individu**
Ingingo ya 16: Ibikubiye mu nyandiko isaba ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda n'ababerewemo imyenda	**Article 16: Contents of proposal for arrangement with creditors**	**Article 16 : Contenu de la proposition d'arrangement avec les créanciers**
Ingingo ya 17: Icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane	**Article 17: Interim order of arrangement**	**Article 17 : Ordonnance provisoire d'arrangement**
Ingingo ya 18: Inkurikizi z'icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 18: Effects of interim order of debt arrangement**	**Article 18 : Effets d'une ordonnance provisoire d'arrangement de dette**
Ingingo ya 19: Inshingano z'ubereyemo abandi imyenda mu gihe cy'icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 19: Duties of a debtor during interim order of arrangement**	**Article 19: Devoirs d'un débiteur lors d'une ordonnance provisoire d'arrangement**
Ingingo ya 20: Raporo igenerwa urukiko ikorwa n'umugenzuzi	**Article 20: Report to the court made by the supervisor**	**Article 20 : Rapport à la juridiction fait par le superviseur**
Ingingo ya 21: Inama y'ababerewemo imyenda igamije gusuzuma ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa	**Article 21: Creditors' meeting to consider proposed arrangement**	**Article 21: Assemblée des créanciers pour examen de l'arrangement proposé**

Ingingo ya 22: Umwanzuro ufatirwa mu nama y'ababerewemo imyenda werekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa	**Article 22: Resolution in creditor's meeting on proposed arrangement**	**Article 22: Résolution prise lors de l'assemblée des créanciers concernant l'arrangement proposé**
Ingingo ya 23: Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 23: Arrangement order**	**Article 23: Ordonnance d'arrangement**
Ingingo ya 24: Inkurikizi z'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 24: Effects of arrangement order**	**Article 24: Effets d'une ordonnance d'arrangement**
Ingingo ya 25: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 25: Creditors' meeting during the arrangement**	**Article 25 : Assemblée des créanciers lors de l'arrangement**
Ingingo ya 26: Ihinduka ry'icyemezo cyerekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 26: Variation of arrangement order**	**Article 26 : Modification d'une ordonnance d'arrangement**
Ingingo ya 27: Irangira ry'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 27: Termination of arrangement order**	**Article 27: Cessation d'une ordonnance d'arrangement**
Ingingo ya 28: Inyandiko imenyekanisha irangira ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 28: Notice of termination of arrangement**	**Article 28: Avis de la cessation d'arrangement**
Ingingo ya 29: Kutubahiriza inshingano z'umugenzuzi	**Article 29: Supervisor's failure to discharge his or her duties**	**Article 29 : Manquement par le superviseur à l'accomplissement de ses fonctions**

Ingingo ya 30: Umwanya w'ubugenzuzi udafite uwurimo	**Article 30: Vacancy in the office of supervisor**	**Article 30: Vacance du poste de superviseur**
Icyiciro cya 4: Ubwumvikane bw'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa bw'ubufatanye mu bucuruzi n'ababerewemo imyenda	**Section 4: Compromise with creditors**	**Section 4: Compromis avec les créanciers**
Ingingo ya 31: Ububasha bwo gusaba ubwumvikane	**Article 31: Power to propose compromise**	**Article 31 : Pouvoir de proposer un compromis**
Ingingo ya 32: Gahunda y'ubwumvikane	**Article 32: Compromise plan**	**Article 32: Plan de compromis**
Ingingo ya 33: Imenyesha ry'ubwumvikane bwasabwe	**Article 33: Notice of proposed compromise**	**Article 33 : Avis de compromis proposé**
Ingingo ya 34: Ibikubiye mu nyandiko imenyesha rubanda n'abantu ku giti cyabo ubwumvikane	**Article 34: Content of public and individual notices of proposed compromise**	**Article 34 : Contenu des avis publics et individuels de compromis proposé**
Ingingo ya 35: Kwemeza ubwumvikane	**Article 35: Approval of compromise**	**Article 35: Approbation du compromis**
Ingingo ya 36: Amafaranga atangwa ku itegura n'iterana ry'inama y'ababerewemo imyenda	**Article 36: Costs associated with the preparation and conducting of creditors' meeting**	**Article 36 : Coûts liés à la préparation et à la tenue de l'assemblée des créanciers**
Ingingo ya 37: Ububasha bw'urukiko mu kugenzura ubwumvikane	**Article 37: Powers of the court in supervising the compromise**	**Article 37 : Pouvoirs de la juridiction lors de la supervision du compromis**
Ingingo ya 38: Ishyirwaho ry'umugenzuzi mu bwumvikane	**Article 38: Appointing a supervisor of compromise**	**Article 38 : Nomination d'un superviseur du compromis**
Ingingo ya 39: Inkurikizi y'ubwumvikane	**Article 39: Effect of compromise**	**Article 39 : Effet du compromis**

Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'agaciro k'ubwumvikane	**Article 40: Cancellation of the binding force of compromise**	**Article 40 : Annulation de la force obligatoire du compromis**
UMUTWE WA III: GUCUNGA UMUTUNGO	**CHAPTER III: ADMINISTRATION**	**CHAPITRE III : ADMINISTRATION**
Icyiciro cya mbere: Gucunga umutungo by'agateganyo	**Section One: Provisional administration**	**Section première : Administration provisoire**
Ingingo ya 41: Gusaba gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo	**Article 41: Request for appointment of provisional administrator**	**Article 41 : Demande de nomination d'un administrateur provisoire**
Ingingo ya 42: Uburyo bwo gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo	**Article 42: Modalities for appointment of provisional administrator**	**Article 42 : Modalités de nomination d'un administrateur provisoire**
Ingingo ya 43: Igihe ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo ritangira kugira agaciro	**Article 43: Commencement of the appointment of a provisional administrator**	**Article 43: Prise d'effet de la nomination d'un administrateur provisoire**
Ingingo ya 44: Isuzuma ry'ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo n'iyemezwa rye	**Article 44: Consideration of appointment and approval of a provisional administrator**	**Article 44 : Examen de la nomination et approbation d'un administrateur provisoire**
Ingingo ya 45: Imenyesha ryo gucunga umutungo by'agateganyo	**Article 45: Notice of provisional administration**	**Article 45: Déclaration d'administration provisoire**
Ingingo ya 46: Inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 46: Duties of a provisional administrator**	**Article 46 : Fonctions d'un administrateur provisoire**
Ingingo ya 47: Ububasha bw'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 47: Powers of the provisional administrator**	**Article 47 : Pouvoirs de l'administrateur provisoire**

Ingingo ya 48: Inshingano y'ubereyemo abandi imyenda yo gutanga amakuru no gufatanya n'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 48: Obligation of the debtor to provide information and to collaborate with the provisional administrator**	**Article 48: Obligation du débiteur de fournir des informations et de coopérer avec l'administrateur provisoire**
Ingingo ya 49: Ishyirwaho rya komite y'ababerewemo imyenda	**Article 49: Establishment of the creditors' committee**	**Article 49: Mise en place du comité des créanciers**
Ingingo ya 50: Inshingano n'uburenganzira bya komite y'ababerewemo imyenda	**Article 50: Duties and rights of creditors' committee**	**Article 50: Attributions et droits du comité des créanciers**
Ingingo ya 51: Impamvu zo kuva muri komite y'ababerewemo imyenda	**Article 51: Grounds for loss of membership of the creditors' committee**	**Article 51: Motifs de perte de la qualité de membre du comité des créanciers**
Ingingo ya 52: Isimburwa ry'ugize komite y'ababerewemo imyenda	**Article 52: Replacement of a member of the creditors' committee**	**Article 52 : Remplacement d'un membre du comité des créanciers**
Ingingo ya 53: Inkurikizi zo gucunga umutungo by'agateganyo	**Article 53: Effects of provisional administration**	**Article 53 : Effets d'une administration provisoire**
Ingingo ya 54: Ibyifuzo by'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 54: Provisional administrator's proposals**	**Article 54: Propositions de l'administrateur provisoire**
Ingingo ya 55: Gusuzuma icyifuzo cy'icungamutungo ry'agateganyo	**Article 55: Consideration of provisional administration's proposal**	**Article 55: Examen d'une proposition d'administration provisoire**
Ingingo ya 56: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda batemeye	**Article 56: Rights of dissenting creditors**	**Article 56: Droits des créanciers dissidents**

Ingingo ya 57: Ibisabwa mu nyandiko y'imicungire y'umutungo	**Article 57: Requirements of an administration deed**	**Article 57: Exigences d'un acte d'administration**
Ingingo ya 58: Ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**Article 58: Execution of an administration deed**	**Article 58: Exécution d'un acte d'administration**
Ingingo ya 59: Irangira ryo gucunga umutungo by'agateganyo	**Article 59: Termination of provisional administration**	**Article 59: Cessation de l'administration provisoire**
Icyiciro cya 2: Gucunga umutungo	**Section 2: Administration**	**Section 2 : Administration**
Ingingo ya 60: Gutangira gucunga umutungo	**Article 60: Commencement of administration**	**Article 60: Ouverture de l'administration**
Ingingo ya 61: Ukugira agaciro kw'imicungire y'umutungo	**Article 61: Effective administration**	**Article 61: Prise d'effet de l'administration**
Ingingo ya 62: Abantu barebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**Article 62: Persons bound by an administration deed**	**Article 62: Personnes liées par un acte d'administration**
Ingingo ya 63: Imenyesha ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**Article 63: Notice of administration deed**	**Article 63: Avis d'acte d'administration**
Ingingo ya 64: Ibibujijwe n'urebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**Article 64: Prohibitions for person bound by administration deed**	**Article 64 : Interdictions pour une personne liée par un acte d'administration**
Ingingo ya 65: Inshingano z'umucungamutungo	**Article 65: Duties of an administrator**	**Article 65 : Attributions d'un administrateur**
Ingingo ya 66: Ububasha bw'umucungamutungo	**Article 66: Powers of the administrator**	**Article 66: Pouvoirs de l'administrateur**

Ingingo ya 67: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cyo gucunga umutungo	**Article 67: Creditors' meeting during administration**	**Article 67: Assemblée des créanciers pendant l'administration**
Ingingo ya 68: Ihindurwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo rikozwe n'ababerewemo imyenda	**Article 68: Variation of administration deed by creditors**	**Article 68: Modification par les créanciers de l'acte d'administration**
Icyiciro cya 3: Ingingo ku birebana n'imigendekere y'imicungire y'umutungo	**Section 3: Provisions in relation to the conduct of administration**	**Section 3 : Dispositions en rapport avec l'exercice de l'administration**
Ingingo ya 69: Imikoranire y'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo n'abandi bantu	**Article 69: Provisional administrator's or administrator's relationship with third parties**	**Article 69: Relation entre l'administrateur provisoire ou l'administrateur et des tiers**
Ingingo ya 70: Uruhare rw'abayobozi b'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**Article 70: Role of company's officers during provisional administration or administration**	**Article 70: Rôle des dirigeants de la société commerciale pendant l'administration provisoire ou l'administration**
Ingingo ya 71: Icyemezo cyo kubahirizwa mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**Article 71: Compliance order during provisional administration or administration**	**Article 71 : Ordonnance de conformité pendant l'administration provisoire ou l'administration**
Ingingo ya 72: Kwivanaho umutungo watanzweho ingwate mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**Article 72: Disposal of charged property during provisional administration or administration of a company**	**Article 72 : Disposition des biens grevés de sûreté pendant l'administration provisoire ou l'administration d'une société commerciale**

Ingingo ya 73: Uburyozwe bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**Article 73: Liabilities of a provisional administrator or administrator**	**Article 73: Responsabilités d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Ingingo ya 74: Gusonerwa uburyozwe ku mucugamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**Article 74: Relief from liability for a provisional administrator or administrator**	**Article 74: Exonération de responsabilité pour un administrateur provisoire ou un administrateur**
Ingingo ya 75: Raporo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo agenera Umwanditsi Mukuru	**Article 75: Provisional administrator's or administrator's report to Registrar General**	**Article 75: Rapport de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur adressé au Registraire général**
Ingingo ya 76: Umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa w'umucungamutungo udafite uwurimo	**Article 76: Vacancy in the office of a provisional administrator or administrator**	**Article 76: Vacance de poste d'administrateur provisoire ou d'administrateur**
Ingingo ya 77: Ubugenzuzi bw'urukiko ku mucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**Article 77: Court supervision of a provisional administrator or administrator**	**Article 77 : Supervision judiciaire d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Ingingo ya 78: Gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**Article 78: Enforcement of a provisional administrator's or administrator's duties**	**Article 78 : Faire exécuter les attributions d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Ingingo ya 79: Igihe kiganisha ku iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kidategetswe n'urukiko	**Article 79: Transition to liquidation not initiated by the court**	**Article 79: Transition vers la liquidation non initiée par la juridiction**

Icyiciro cya 4: Irangira ry'icungamutungo	**Section 4: Termination of administration**	**Section 4 : Cessation d'une administration**
Ingingo ya 80: Irangira ry'icungamutungo	**Article 80: Termination of administration**	**Article 80: Cessation d'une administration**
Ingingo ya 81: Irangira ry'icungamutungo bitegetswe n'urukiko	**Article 81: Termination of administration by court order**	**Article 81: Cessation d'une administration par ordonnance judiciaire**
Ingingo ya 82: Impamvu zituma habaho irangira ry'icungamutungo bikozwe n'urukiko	**Article 82: Reasons for termination of an administration by court**	**Article 82: Motifs de cessation d'une administration par ordonnance judiciaire**
Ingingo ya 83: Imenyesha ry'irangira ry'icungamutungo	**Article 83: Notice of termination of an administration**	**Article 83: Avis de cessation d'une administration**
UMUTWE WA IV: IZAHURA RY'UBUCURUZI BW'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI	**CHAPTER IV: REORGANIZATION OF COMPANY**	**CHAPITRE IV: REDRESSEMENT D'UNE SOCIÉTÉ COMMERCIALE**
Ingingo ya 84: Gusaba gutangiza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 84: Application for reorganization of a company**	**Article 84: Demande de redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 85: Icyemezo cy'urukiko cyo gutangiza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 85: Court order commencing reorganization of a company**	**Article 85 : Ordonnance de la juridiction ouvrant le redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 86: Umwanya w'umucungamutungo cyangwa umucungamutungo w'agateganyo udafite uwurimo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 86: Vacancy in the office of administrator or provisional administrator during company reorganization**	**Article 86: Vacance de poste d'administrateur ou d' administrateur provisoire pendant le redressement d'une société commerciale**

Ingingo ya 87: Inkurikizi z'itangira ry'izahurwa ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 87: Effects of commencement of company reorganization**	**Article 87: Effets de l'ouverture du redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 88: Gusaba icyemezo gikuraho isubika ryo gukurikirana umwenda ufite ingwate	**Article 88: Application for relief from stay on secured claim**	**Article 88: Demande de libération de suspension de poursuites d'une créance garantie**
Ingingo ya 89: Gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 89: Company reorganization plan**	**Article 89: Plan de réorganisation d'une société commerciale**
Ingingo ya 90: Imenyesha ry'inama y'ababerewemo imyenda yo kwemeza gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 90: Notice of the meeting of creditors to approve company reorganization plan**	**Article 90: Avis de convocation de l'assemblée des créanciers pour approuver le plan de redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 91: Kwemeza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 91: Approval of company reorganization**	**Article 91: Approbation du redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 92: Gufatwa kimwe kw'ababerewemo imyenda bari mu cyiciro kimwe	**Article 92: Equal treatment of creditors in the same class**	**Article 92: Traitement égal des créanciers relevant de la même catégorie**
Ingingo ya 93: Inshingano z'umucungamutungo mu izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 93: Duties of the administrator of company reorganization**	**Article 93: Attributions de l'administrateur du redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 94: Ububasha bw'umucungamutungo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 94: Powers of an administrator during company reorganization**	**Article 94: Pouvoirs d'un administrateur pendant le redressement d'une société commerciale**

Ingingo ya 95: Ubugenzuzi bw'urukiko ku izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 95: Court supervision of the company reorganization**	**Article 95: Supervision judiciaire du redressement d'une société commerciale**
Ingingo ya 96: Irangira ry'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 96: Termination of company reorganization**	**Article 96: Cessation de redressement d'une société commerciale**
UMUTWE WA V: INGUZANYO IGAMIJE KUZAHURA UBUCURUZI	**CHAPTER V: BUSINESS RESCUE FINANCE**	**CHAPITRE V: FINANCEMENT DE SAUVETAGE DES ACTIVITÉS COMMERCIALES**
Ingingo ya 97: Inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 97: Business rescue finance**	**Article 97: Financement de sauvetage des activités commerciales**
Ingingo ya 98: Inama y'ababerewemo imyenda yo kwemeza inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 98: Creditors' meeting to consider business rescue finance**	**Article 98: Assemblée des créanciers pour examen du financement de sauvetage des activités commerciales**
Ingingo ya 99: Iyemezwa ry'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 99: Approval of business rescue finance**	**Article 99: Approbation du financement de sauvetage des activités commerciales**
Ingingo ya 100: Iyishyurwa mbere ry'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 100: Priority in payment of business rescue finance**	**Article 100: Priorité de paiement du financement de sauvetage des activités commerciales**
Ingingo ya 101: Gukuraho icyemezo cyemera inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 101: Cancellation of the decision authorizing business rescue finance**	**Article 101: Annulation de la décision autorisant le financement de sauvetage des activités commerciales**

UMUTWE WA VI: IYEGERANYA N'IGABAGABANYA RY'UMUTUNGO W'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI N'UBUFATANYE MU BUCURUZI	**CHAPTER VI: LIQUIDATION OF COMPANIES AND PARTNERSHIPS**	**CHAPITRE VI : LIQUIDATION DES SOCIÉTÉS COMMERCIALES ET DES SOCIÉTÉS DE PERSONNES**
Icyiciro cya mbere: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete z'ubucuruzi	**Section One: Liquidation of companies**	**Section première : Liquidation des sociétés commerciales**
Akiciro ka mbere: Ingingo rusange	**Subsection One: General provisions**	**Sous-section première : Dispositions générales**
Ingingo ya 102: Itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 102: Commencement of liquidation**	**Article 102 : Ouverture de la liquidation**
Ingingo ya 103: Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 103: Appointment of a liquidator**	**Article 103 : Nomination d'un liquidateur**
Ingingo ya 104: Impamvu zituma urukiko rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 104: Circumstances in which the court may appoint a liquidator**	**Article 104: Circonstances dans lesquelles la juridiction peut nommer un liquidateur**
Ingingo ya 105: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo	**Article 105: Provisional liquidator**	**Article 105: Liquidateur provisoire**
Ingingo 106: Imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 106: Notice of liquidation**	**Article 106: Avis de liquidation**
Ingingo ya 107: Inkurikizi z'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 107: Effects of liquidation**	**Article 107: Effets de la liquidation**

Ingingo ya 108: Umuyobozi wihariye w'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 108: Special manager of the company**	**Article 108: Gestionnaire spécial de la société commerciale**
Ingingo ya 109: Isozwa ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 109: Completion of liquidation**	**Article 109: Clôture de la liquidation**
Ingingo ya 110: Raporo y'ibanze y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 110: Liquidator's preliminary report**	**Article 110: Rapport préliminaire du liquidateur**
Ingingo ya 111: Raporo y'agateganyo y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 111: Liquidator's interim report**	**Article 111 : Rapport intérimaire du liquidateur**
Ingingo ya 112: Raporo isoza iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 112: Liquidator's final report**	**Article 112 : Rapport final du liquidateur**
Akiciro ka 2: Imigendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi	**Subsection 2: Conduct of liquidation of company**	**Sous-section 2 : Déroulement de la liquidation d'une société commerciale**
Ingingo ya 113: Inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 113: Duties of a liquidator**	**Article 113 : Attributions d'un liquidateur**
Ingingo ya 114: Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo guhabwa inyandiko	**Article 114: Liquidator's power to obtain documents**	**Article 114 : Pouvoir d'un liquidateur d'obtenir des documents**
Ingingo ya 115: Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo gusesengura	**Article 115: Powers of a liquidator to examine**	**Article 115 : Pouvoirs d'un liquidateur en matière d'examen**

Ingingo ya 116: Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo kwanga umutungo utabyara inyungu	**Article 116: Liquidator's power to disclaim onerous property**	**Article 116: Pouvoir du liquidateur de renoncer à des biens onéreux**
Ingingo ya 117: Inshingano z'abagize inama y'ubutegetsi, umunyamabanga n'abakozi b'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 117: Duties of directors, secretary and employees of a company**	**Article 117 : Attributions des membres du Conseil d'administration, du secrétaire et des employés d'une société commerciale**
Ingingo ya 118: Imenyesha ryerekeye iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga bibereye aho yashingiwe	**Article 118: Notice with regard to liquidation or dissolution at a foreign company's place of incorporation**	**Article 118 : Avis de liquidation ou de dissolution sur le lieu de constitution de la société commerciale étrangère**
Ingingo ya 119: Uburyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akurikiza	**Article 119: Procedure to be applied by a liquidator**	**Article 119: Procédure à suivre par un liquidateur**
Ingingo ya 120: Gusaba urukiko gufata icyemezo cyo gutanga amafaranga yose yagarujwe	**Article 120: Application to the court for an order to dispose of the net amount recovered**	**Article 120 : Demande à la juridiction une ordonnance de disposition du montant net recouvré**
Ingingo ya 121: Kubahiriza ibisabwa n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 121: Compliance with requirements of a liquidator**	**Article 121 : Conformité aux exigences d'un liquidateur**
Ingingo ya 122: Kubazwa n'urukiko	**Article 122: Examination by the court**	**Article 122 : Audition par la juridiction**
Ingingo ya 123: Ibibujijwe mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 123: Prohibitions during liquidation**	**Article 123 : Interdictions pendant la liquidation**

Ingingo ya 124: Ububasha bwo gusaka no gufatira mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 124: Powers of search and seizure during liquidation**	**Article 124 : Pouvoirs de perquisition et de saisie pendant la liquidation**
Ingingo ya 125: Guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano	**Article 125: Pooling of assets of related companies**	**Article 125 : Mise en commun d'actifs des sociétés commerciales liées**
Ingingo ya 126: Impamvu zo guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano	**Article 126: Reasons for pooling of assets of related companies**	**Article 126 : Raisons de mise en commun des actifs de sociétés commerciale liées**
Ingingo ya 127: Umwanya w'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo udafite uwurimo	**Article 127: Vacancy in the office of liquidator**	**Article 127 : Vacance de poste de liquidateur**
Akiciro ka 3: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda n'abanyamigabane mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Subsection 3: Rights of creditors and shareholders during liquidation**	**Sous-section 3 : Droits des créanciers et des actionnaires pendant la liquidation**
Ingingo ya 128: Inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 128: Meeting of creditors or shareholders during liquidation**	**Article 128 : Assemblée des créanciers ou des actionnaires pendant la liquidation**
Ingingo ya 129: Impamvu zo kwanga ubusabe bw'abanyamigabane cyangwa ababerewemo imyenda bwo gutumiza inama	**Article 129: Grounds for refusal to grant shareholders' or creditors' request to convene a meeting**	**Article 129 : Motifs de rejet de la demande des actionnaires ou des créanciers de convoquer une assemblée**

Akiciro ka 4: Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Subsection 4: Committee of inspection during liquidation**	**Sous-section 4 : Comité d'inspection pendant la liquidation**
Ingingo ya 130: Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 130: Committee of inspection during liquidation**	**Article 130 : Comité d'inspection pendant la liquidation**
Ingingo ya 131: Ububasha bwa komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 131: Powers of the committee of inspection during liquidation**	**Article 131 : Pouvoirs du comité d'inspection pendant la liquidation**
Ingingo ya 132: Ikiguzi cy'ibyakoreshejwe na komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 132: Costs incurred by the committee of inspection during liquidation**	**Article 132 : Coûts engagés par le comité d'inspection pendant la liquidation**
Ingingo ya 133: Umwanya w'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi udafite uwurimo mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 133: Vacancy in the committee of inspection during liquidation**	**Article 133 : Vacance d'un siège au sein du comité d'inspection pendant la liquidation**
Akiciro ka 5: Ububasha bw'urukiko mu bijyanye n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Subsection 5: Powers of the court in relation to liquidation**	**Sous-section 5 : Pouvoirs de la juridiction en matière de liquidation**
Ingingo ya 134: Igenzura ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo rikozwe n'urukiko	**Article 134: Supervision by the court of liquidation**	**Article 134 : Supervision de la liquidation par la juridiction**

Ingingo ya 135: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 135: Enforcement of liquidator's duties**	**Article 135 : Faire exécuter les fonctions du liquidateur**
Icyiciro cya 2: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Section 2: Liquidation of partnerships**	**Section 2 : Liquidation des sociétés de personnes**
Akiciro ka mbere: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Subsection One: Provisional liquidator of a partnership**	**Sous-section première : Liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Ingingo ya 136: Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo n'inshingano ze	**Article 136: Appointment and duties of a provisional liquidator of a partnership**	**Article 136 : Nomination et attributions d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Ingingo ya 137: Inkurikizi zo gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Article 137: Effects of appointment of a provisional liquidator of a partnership**	**Article 137 : Effets de la nomination d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Ingingo ya 138: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Article 138: Contracts entered into by a provisional liquidator of a partnership**	**Article 138 : Contrats conclus par un liquidateur provisoire de la société de personnes**
Ingingo ya 139: Kwegura k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Article 139: Resignation of a provisional liquidator of partnership**	**Article 139 : Démission d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**

Ingingo ya 140: Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo rikozwe n'urukiko	**Article 140: Appointment or removal of a partnership provisional liquidator by court**	**Article 140 : Nomination ou destitution par une juridiction d'un liquidateur provisoire de la société de personnes**
Ingingo ya 141: Kwambura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo inshingano ze	**Article 141: Release of a partnership provisional liquidator from his or her obligations**	**Article 141 : Libération d'un liquidateur provisoire de la société de personnes de ses obligations**
Akiciro ka 2: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Subsection 2: Partnership liquidator**	**Sous-section 2 : Liquidateur de la société de personnes**
Ingingo ya 142: Inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 142: Duties of a liquidator of partnership**	**Article 142 : Fonctions d'un liquidateur de la société de personnes**
Ingingo ya 143: Inkurikizi z'ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 143: Effects of partnership liquidator's appointment**	**Article 143 : Effets de la nomination du liquidateur d'une société de personnes**
Ingingo ya 144: Kugurisha cyangwa guhererekanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 144: Sale or transfer of partnership property**	**Article 144: Vente ou transfert des biens d'une société de personnes**
Ingingo ya 145: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 145: Contracts entered into by partnership liquidator**	**Article 145: Contrats conclus par un liquidateur d'une société de personnes**

Ingingo ya 146: Ububasha bw'urukiko bwo gushyira umutungo mu maboko y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 146: Court's power to vest property in a partnership liquidator**	**Article 146: Pouvoir de la juridiction de conférer un bien à un liquidateur de la société de personnes**
Ingingo ya 147: Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo kwanga umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi utabyara inyungu	**Article 147: Liquidator's power of disclaimer of onerous property of partnership**	**Article 147 : Pouvoir du liquidateur de renoncer aux biens onéreux d'une société de personnes**
Ingingo ya 148: Ingaruka zo kutabasha kwishyura imyenda k'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 148: Effects of insolvency of partnership**	**Article 148: Effets de l'insolvabilité d'une société de personnes**
Ingingo ya 149: Inyandiko y'ibaruramari ry'umwaka	**Article 149: Annual statement of accounts**	**Article 149 : Relevé annuel des comptes**
Ingingo ya 150: Ibaruramari rya nyuma	**Article 150: Final accounts**	**Article 150 : Comptes définitifs**
Ingingo ya 151: Ububasha bw'urukiko bwo gutegeka ko hakorwa igenzurwa ry'ibikorwa	**Article 151: Power of the court to order the supervision of activities**	**Article 151: Pouvoir de la juridiction d'ordonner la supervision des activités**
Ingingo ya 152: Gushyikiriza ibibazo urukiko	**Article 152: Referral of questions to court**	**Article 152: Renvoi de questions à la juridiction**
Ingingo ya 153: Iyegura ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 153: Resignation of a partnership liquidator**	**Article 153: Démission d'un liquidateur d'une société de personnes**

Ingingo ya 154: Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bikozwe n'urukiko	**Article 154: Appointment or removal by the court of a partnership liquidator**	**Article 154: Nomination ou révocation par la juridiction d'un liquidateur d'une société de personnes**
Ingingo ya 155: Kwambura inshingano ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 155: Release of a partnership liquidator from his or her obligations**	**Article 155: Libération d'un liquidateur de la société de personnes de ses obligations**
Ingingo ya 156: Amafaranga akoreshwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 156: Expenses of winding up of partnership**	**Article 156: Dépenses de la liquidation d'une société de personnes**
Ingingo ya 157: Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi akoresha bimaze kwemezwa	**Article 157: Powers of partnership liquidator exercisable with approval**	**Article 157: Pouvoirs d'un liquidateur de la société de personnes exerçables avec approbation**
Ingingo ya 158: Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akoresha atabanje kubyemererwa	**Article 158: Powers of a liquidator exercisable without approval**	**Article 158: Pouvoirs d'un liquidateur exerçables sans approbation**
UMUTWE WA VII: IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO CY'ISOSIYETE IBUMBYE IBICE BIRINZWE	**CHAPTER VII: INSOLVENCY PROCEEDINGS OF A PROTECTED CELL COMPANY**	**CHAPITRE VII : PROCÉDURE D'INSOLVABILITÉ D'UNE SOCIÉTÉ À CELLULES PROTÉGÉES**
Ingingo ya 159: Gusaba itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 159: Application for commencement of provisional administration of protected cell company or cell**	**Article 159: Demande d'ouverture d'une administration provisoire d'une société à cellules protégées**

Ingingo ya 160: Imenyesha ry'ubusabe bw'itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 160: Notice of application for provisional administration of protected cell company**	**Article 160: Notification d'une demande d'administration provisoire d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 161: Icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo ku bireba isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 161: Provisional administration order in relation to protected cell company**	**Article 161: Ordonnance d'administration provisoire concernant une société à cellules protégées**
Ingingo ya 162: Gukuraho no guhindura icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo	**Article 162: Discharge and variation of provisional administration order**	**Article 162: Annulation et modification d'une ordonnance d'administration provisoire**
Ingingo ya 163: Igihembo cy'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 163: Remuneration of provisional administrator**	**Article 163: Rémunération de l'administrateur provisoire**
Ingingo ya 164 : Gucunga umutungo	**Article 164: Administration**	**Article 164: Administration**
Ingingo ya 165: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 165: Liquidation of protected cell company**	**Article 165: Liquidation d'une société à cellules protégées**
UMUTWE WA VIII: IGIHOMBO CY'UMUNTU KU GITI CYE	**CHAPTER VIII: BANKRUPTCY**	**CHAPITRE VIII : FAILLITE**
Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange	**Section One: General provisions**	**Section première : Dispositions générales**
Ingingo ya 166: Igihe igihombo gitangirira kubarwa	**Article 166: Commencement of bankruptcy**	**Article 166 : Ouverture de la faillite**
Ingingo ya 167: Gusaba kwemererwa kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 167: Application for bankruptcy**	**Article 167: Demande en faillite**

Ingingo ya 168: Umucungamutungo w'uwahombye w'agateganyo	**Article 168: Interim trustee**	**Article 168: Syndic par intérim**
Ingingo ya 169: Imenyekanisha ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 169: Notice of bankruptcy**	**Article 169: Avis de faillite**
Ingingo ya 170: Inkurikizi z'itangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 170: Effects of commencement of bankruptcy**	**Article 170: Effets d'ouverture de la faillite**
Ingingo ya 171: Imicungire yihariye y'umutungo w'uwahombye	**Article 171: Special management of bankrupt's estate**	**Article 171: Gestion spéciale de la masse de la faillite**
Ingingo ya 172: Irangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 172: Termination of bankruptcy**	**Article 172: Cessation de la faillite**
Ingingo ya 173: Inkurikizi zo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 173: Effects of discharge from bankruptcy**	**Article 173: Effets de la libération de la faillite**
Ingingo ya 174: Ibibujijwe nyuma yo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye bishyirwaho n'urukiko	**Article 174: Court's post-discharge restrictions**	**Article 174: Restrictions post-libération de la juridiction**
Ingingo ya 175: Gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 175: Annulment of a bankruptcy order**	**Article 175: Annulation d'une ordonnance de faillite**
Ingingo ya 176: Inkurikizi zo gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye bikozwe n'urukiko	**Article 176: Effects of annulment by court of bankruptcy order**	**Article 176: Effet de l'annulation par la juridiction d'une ordonnance de faillite**
Ingingo ya 177: Imenyesha ry'umucungamutungo w'uwahombye ku baberewemo imyenda	**Article 177: Trustee's notice to creditors**	**Article 177: Avis du syndic aux créanciers**

Icyiciro cya 2: Umutungo w'uwahombye	**Section 2: Bankrupt's estate**	**Section 2 : Masse de la faillite**
Ingingo ya 178: Umutungo w'uwahombye	**Article 178: Bankrupt's estate**	**Article 178 : Masse de la faillite**
Ingingo ya 179: Ifatira ry'umutungo uwahombye yungutse cyangwa yagwatirije nyuma y'aho igihombo cyatangiriye	**Article 179: Seizure of property acquired or charged after the commencement of the bankruptcy**	**Article 179: Saisie des biens acquis ou grevés après l'ouverture de la faillite**
Ingingo ya 180: Imenyekanisha ry'umutungo cyangwa amafaranga uwahombye yungutse	**Article 180: Notice of acquired property or an increase of the bankrupt's income**	**Article 180: Avis des biens acquis ou d'augmentation du revenu du failli**
Icyiciro cya 3: Imigendekere y'igihombo	**Section 3: Conduct of bankruptcy**	**Section 3 : Déroulement de la faillite**
Ingingo ya 181: Inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 181: Duties of a trustee**	**Article 181: Attributions du syndic**
Ingingo ya 182: Ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi	**Article 182: Statement of affairs**	**Article 182: Bilan des affaires**
Ingingo ya 183: Ububasha bw'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 183: Powers of trustee in bankruptcy**	**Article 183: Pouvoirs du syndic de faillite**
Ingingo ya 184: Ububasha bw'urukiko bwo gufata ibyemezo bikurikizwa mu gihe cy'igihombo	**Article 184: Court's power to make a compliance orders during bankruptcy**	**Article 184: Pouvoir de la juridiction de rendre des ordonnances de conformité pendant la faillite**
Ingingo ya 185: Kubaza uwahombye mu ruhame	**Article 185: Public examination of a bankrupt**	**Article 185: Audition public d'un failli**

Ingingo ya 186: Ikurikirana ry'ibikorwa by'ubucuruzi no ku mutungo by'uwahombye	**Article 186: Inquiry into bankrupt's dealings and property**	**Article 186: Enquête sur les transactions et les biens du failli**
Ingingo ya 187: Gusaka no gufatira imitungo mu gihe cy'igihombo	**Article 187: Search and seizure during bankruptcy**	**Article 187: Perquisition et saisie en cas de faillite**
Ingingo ya 188: Kwemerera uwahombye gucunga imitungo	**Article 188: Allowing a bankrupt to manage property**	**Article 188 : Permettre à un failli de gérer des biens**
Ingingo ya 189: Kwanga umutungo utabyara inyungu	**Article 189: Disclaimer of onerous property**	**Article 189 : Renonciation aux biens onéreux**
Ingingo ya 190: Umwanya w'umucungamutungo w'uwahombye udafite uwurimo	**Article 190: Vacancy in the office of trustee**	**Article 190 : Vacance de poste de syndic**
Icyiciro cya 4: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Section 4: Rights of creditors during bankruptcy**	**Section 4 : Droits des créanciers pendant la faillite**
Ingingo ya 191: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 191: Creditors' meeting during bankruptcy**	**Article 191: Assemblée des créanciers pendant la faillite**
Ingingo ya 192: Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 192: Committee of inspection during bankruptcy**	**Article 192: Comité d'inspection pendant la faillite**
Ingingo ya 193: Ububasha bwa komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 193: Powers of the committee of inspection during bankruptcy**	**Article 193: Pouvoirs du comité d'inspection pendant la faillite**

Ingingo ya 194: Amafaranga akoreshwa na komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'irangizwa ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 194: Costs incurred by the committee of inspection during bankruptcy**	**Article 194 : Coûts engagés par le comité d'inspection pendant la faillite**
Ingingo ya 195: Umwanya wo muri komite ishinzwe ubugenzuzi udafite uwurimo mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 195: Vacancy in committee of inspection during bankruptcy**	**Article 195: Vacance de poste au sein du comité d'inspection pendant la faillite**
Icyiciro cya 5: Igabanya ry'imitungo y'uwahombye	**Section 5: Distribution of bankrupt's estate**	**Section 5 : Distribution de la masse de la faillite**
Ingingo ya 196: Igabanya ry'ibyavuye mu mutungo binyuze mu nyungu ku migabane	**Article 196: Distribution by means of dividend**	**Article 196: Distribution par le biais de dividende**
Ingingo ya 197: Imenyesha ry'igabanya ry'ibyavuye mu mutungo	**Article 197: Notice of distribution by means of dividend**	**Article 197: Avis de distribution par le biais de dividende**
Ingingo ya 198: Kubara no kugabanya ibyavuye mu mutungo bikozwe n'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 198: Calculation and distribution of dividend by a trustee**	**Article 198: Calcul et distribution de dividende par un syndic**
Ingingo ya 199: Igabanya rya nyuma	**Article 199: Final distribution**	**Article 199 : Distribution finale**
Ingingo ya 200: Igihombo cyiyongera ku kindi	**Article 200: Subsequent bankruptcy**	**Article 200 : Faillite subséquente**

Icyiciro cya 6: Kugenzura no gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Section 6: Supervision and enforcement of duties of trustee**	**Section 6 : Superviser et faire exécuter les fonctions du syndic**
Ingingo ya 201: Ubugenzuzi bw'umucungamutungo w'uwahombye bukozwe n'urukiko	**Article 201: Supervision of trustee by the court**	**Article 201 : Supervision d'un syndic par la juridiction**
Ingingo ya 202: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 202: Enforcement of duties of a trustee**	**Article 202 : Faire exécuter les fonctions du syndic**
Ingingo ya 203: Ibibujijwe mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 203: Prohibitions during bankruptcy**	**Article 203 : Interdictions pendant la faillite**
UMUTWE WA IX: UBUSABE BW'ABABEREWEMO IMYENDA N'IBIKORWA BY'UBUCURUZI BISHOBORA GUTESHWA AGACIRO	**CHAPTER IX: CREDITORS' CLAIMS AND VOIDABLE TRANSACTIONS**	**CHAPITRE IX : RÉCLAMATIONS DES CRÉANCIERS ET TRANSACTIONS ANNULABLES**
Icyiciro cya mbere: Ubusabe bw'ababerewemo imyenda bushobora guteshwa agaciro	**Section One: Creditors' voidable claims**	**Section première : Réclamations annulables des créanciers**
Ingingo ya 204: Kwemeza agaciro k'umwenda	**Article 204: Ascertainment of amount of claim**	**Article 204 : Détermination du montant de la créance**
Ingingo ya 205: Ikirego gisaba umubare w'amafaranga utazwi	**Article 205: Claim of uncertain amount**	**Article 205 : Réclamation d'un montant incertain**

Ingingo ya 206: Umwenda magirirane n'ihwanishamyenda	**Article 206: Mutual credit and set-off**	**Article 206 : Crédit réciproque et compensation**
Ingingo ya 207: Imyenda y'ababerewemo imyenda idafitiwe ingwate	**Article 207: Claims by unsecured creditors**	**Article 207 : Réclamations des créanciers chirographaires**
Ingingo ya 208: Imyenda ifite ingwate n'uburenganzira bw'ifatira	**Article 208: Secured claims and right of retention**	**Article 208 : Créances garanties et droit de rétention**
Ingingo ya 209: Kugenzura imyenda	**Article 209: Claim verification**	**Article 209 : Vérification de créances**
Ingingo ya 210: Imyenda igaragara nyuma y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uri mu gihombo	**Article 210: Claims arising after liquidation**	**Article 210: Créances survenant après liquidation**
Ingingo ya 211: Kugurisha umutungo urebana no kutabasha kwishyura imyenda	**Article 211: Sale of assets involved in insolvency proceedings**	**Article 211 : Vente de biens faisant l'objet d'une procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 212: Igabanya rikomoka ku byagurishijwe	**Article 212: Distribution of sale proceeds**	**Article 212 : Répartition du produit de la vente**
Ingingo ya 213: Imitungo isagutse	**Article 213: Surplus assets**	**Article 213: Actifs excédentaires**
Ingingo ya 214: Ibikorwa by'ubucuruzi bifite agaciro kihariye	**Article 214: Transactions of particular importance**	**Article 214 : Opérations d'une importance particulière**
Icyiciro cya 2: Ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**Section 2 : Voidable transactions**	**Section 2 : Opérations annulables**
Ingingo ya 215: Imyenda yishyurwa mbere y'indi ishobora guteshwa agaciro	**Article 215 : Voidable preferences**	**Article 215 : Préférences annulables**

Ingingo ya 216: Ibikorwa by'ubucuruzi byagabanyirijwe agaciro	**Article 216: Transactions at undervalue**	**Article 216 : Opérations à prix sous-évalué**
Ingingo ya 217: Ingwate zishobora guteshwa agaciro	**Article 217: Voidable charges**	**Article 217 : Sûretés annulables**
Ingingo ya 218: Uburyo bwo kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**Article 218: Procedure for setting aside voidable transactions**	**Article 218 : Procédure d'annulation des opérations annulables**
Ingingo ya 219: Inkurikizi zo kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**Article 219: Effects of setting aside voidable transactions**	**Article 219 : Effets de l'annulation des opérations annulables**
Ingingo ya 220: Uburenganzira busanzweho mu gihe cy'ikurwaho ry'ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**Article 220: Acquired rights during setting aside voidable transactions**	**Article 220 : Droits acquis au cours de l'annulation des transactions annulables**
UMUTWE WA X: IMIGENDEKERE Y'INAMA Y'ABABEREWEMO IMYENDA N'IYA KOMITE ISHINZWE UBUGENZUZI	**CHAPTER X: PROCEEDINGS OF THE MEETING OF CREDITORS AND COMMITTEE OF INSPECTION**	**CHAPITRE X : DÉROULEMENT DE L'ASSEMBLÉE DES CRÉANCIERS ET DE LA RÉUNION DU COMITÉ D'INSPECTION**
Icyiciro cya mbere: Imigendekere y'inama y'ababerewemo imyenda	**Section One: Proceedings of creditors' meeting**	**Section première : Déroulement de l'assemblée des créanciers**
Ingingo ya 221: Uburyo inama ziterana	**Article 221: Modalities of holding meetings**	**Article 221 : Modalités de tenue des assemblées**
Ingingo ya 222: Imenyesha ry'inama	**Article 222: Notice of meeting**	**Article 222 : Avis de convocation**

Ingingo ya 223: Umuyobozi w'inama y'ababerewemo imyenda	**Article 223: Chair of meeting of creditors**	**Article 223 : Président de l'assemblée des créanciers**
Ingingo ya 224: Itora mu nama y'ababerewemo imyenda	**Article 224: Voting at creditors' meeting**	**Article 224 : Vote à l'assemblée des créanciers**
Ingingo ya 225: Itora rinyuzwa mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho	**Article 225: Voting by post or through any other means of communication**	**Article 225 : Vote par correspondance ou par tout autre moyen de communication**
Ingingo ya 226: Ikusanya n'ibara ry'amajwi anyuzwa mu iposita	**Article 226: Collecting and counting postal votes**	**Article 226 : Collecte et décompte de votes par correspondance**
Ingingo ya 227: Inyandikomvugo y'inama y'ababerewemo imyenda	**Article 227: Minutes of meeting of creditors**	**Article 227 : Procès-verbal de l'assemblée des créanciers**
Icyiciro cya 2: Imigendekere y'inama ya komite ishinzwe ubugenzuzi	**Section 2: Proceedings of meeting of committee of inspection**	**Section 2 : Déroulement de la réunion du comité d'inspection**
Ingingo ya 228: Inshuro inama za komite ishinzwe ubugenzuzi ziterana	**Article 228: Frequency of meetings of committee of inspection**	**Article 228 : Fréquence des réunions du comité d'inspection**
Ingingo ya 229: Umubare wa ngombwa kugira ngo komite ishinzwe ubugenzuzi iterane kandi ifate ibyemezo	**Article 229: Quorum for meetings and decision-making the committee of inspection**	**Article 229: Quorum pour réunions et prise de décisions par le comité d'inspection**
Ingingo ya 230: Iyegura n'ikurwaho ry'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi	**Article 230: Resignation and removal of a member of the committee of inspection**	**Article 230 : Démission et révocation d'un membre du comité d'inspection**

UMUTWE WA XI: INGINGO ZIHURIWEHO N'ABAKORA UMWUGA WO KUZAHURA UBUCURUZI CYANGWA GUCUNGA IGIHOMBO	**CHAPTER XI: COMMON PROVISIONS TO INSOLVENCY PRACTITIONERS**	**CHAPITRE XI : DISPOSITIONS COMMUNES AUX PRATICIENS DE L'INSOLVABILITÉ**
Ingingo ya 231: Abantu bemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo	**Article 231: Persons qualified to act as insolvency practitioners**	**Article 231 : Personnes qualifiées pour agir en tant que praticiens de l'insolvabilité**
Ingingo ya 232: Abantu batemerewe gukora nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo	**Article 232: Persons disqualified from acting as liquidator or administrator**	**Article 232 : Personnes interdites d'agir en tant que liquidateur ou administrateur**
Ingingo ya 233: Abantu batemerewe gukora nk'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa umugenzuzi	**Article 233: Persons disqualified from acting as trustee or supervisor**	**Article 233 : Personnes interdites d'agir en tant que syndic ou superviseur**
Ingingo ya 234: Icyemezo kivanaho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo	**Article 234: Prohibition order for insolvency practitioner**	**Article 234 : Ordonnance d'interdiction d'un praticien de l'insolvabilité**
Ingingo ya 235: Uburenganzira n'uburyozwe by'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ku byo asubizwa	**Article 235: Insolvency practitioner's right to re-imbursement and his or her liability**	**Article 235 : Droit du praticien de l'insolvabilité au remboursement et sa responsabilité**
Ingingo ya 236: Ubusaze	**Article 236: Prescription**	**Article 236 : Prescription**

UMUTWE WA XII: AMATEGEKO AGENGA IGIHOMBO NDENGAMIPAKA	**CHAPTER XII: CROSS-BORDER INSOLVENCY REGIME**	**CHAPITRE XII: RÉGIME D'INSOLVABILITÉ INTERNATIONALE**
Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange	**Section One: General provisions**	**Section première: Dispositions générales**
Ingingo ya 237: Igihe hakoreshwa uburyo bw' igihombo ndengamipaka	**Article 237: Application of cross-border insolvency**	**Article 237 : Application de l'insolvabilité internationale**
Ingingo ya 238: Kwemeza ibyemezo bijyanye n'igihombo ndengamipaka	**Article 238: Recognition of cross-border insolvency proceedings**	**Article 238: Reconnaissance des procédures d'insolvabilité internationale**
Ingingo ya 239: Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ku bikorwa birebana n'igihombo byakorewe mu mahanga	**Article 239: Insolvency practitioner acting in a foreign State**	**Article 239 Praticien de l'insolvabilité agissant dans un État étranger**
Icyiciro cya 2: Kwitabaza inkiko z'u Rwanda k'uhagarariye umunyamahanga n'uberewemo umwenda w'umunyamahanga	**Section 2: Access of foreign representatives and creditors to courts in Rwanda**	**Section 2: Accès des représentants et des créanciers étrangers aux juridictions rwandaises**
Ingingo ya 240: Uburenganzira butaziguye bwo kwitabaza inkiko	**Article 240: Right of direct access to courts**	**Article 240 : Droit d'accès direct aux juridictions**
Ingingo ya 241: Ububasha bw'urukiko ku mitungo iri mu Rwanda	**Article 241: Court's jurisdiction over assets located in Rwanda**	**Article 241: Compétence de la juridiction en matière de biens situés au Rwanda**
Ingingo ya 242: Ibisabwa uhagarariye umunyamahanga kugira ngo atangize ikurikirana ry'igihombo	**Article 242: Conditions for a foreign representative to commence an insolvency proceeding**	**Article 242 : Conditions pour qu'un représentant étranger ouvre une procédure d'insolvabilité**

Ingingo ya 243: Uburenganzira bw'uhagarariye umunyamahanga mu ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda	**Article 243: Rights of a foreign representative with respect to an insolvency proceeding in Rwanda**	**Article 243: Droits d'un représentant étranger en matière de procédure d'insolvabilité au Rwanda**
Ingingo ya 244: Kugera ku buryo bwo gukurikirana igihombo ndengamipaka k'uberewemo umwenda w'umunyamahanga	**Article 244: Access of a foreign creditor to a cross-border insolvency regime**	**Article 244: Accès d'un créancier étranger au régime d'insolvabilité internationale**
Ingingo ya 245: Uburyo umunyamahanga uberewemo umwenda amenyeshwa ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda	**Article 245: Procedure for notifying a foreign creditor of an insolvency proceeding in Rwanda**	**Article 245: Modalité de notifier à un créancier étranger une procédure d'insolvabilité au Rwanda**
Icyiciro cya 3: Kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga no kwishyura	**Section 3: Recognition of a foreign proceeding and relief**	**Section 3: Reconnaissance de la procédure étrangère et mesures disponibles**
Ingingo ya 246: Ubusabe bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga	**Article 246: Application for recognition of a foreign insolvency proceeding**	**Article 246: Demande de reconnaissance de la procédure d'insolvabilité étrangère**
Ingingo ya 247: Gufatwa nk'aho ukwemera kwabayeho	**Article 247: Presumptions concerning recognition**	**Article 247: Présomptions concernant la reconnaissance**
Ingingo ya 248: Icyemezo cy'uko hariho ikurikirana ry'igihombo mu mahanga	**Article 248: Decision to recognize a foreign proceeding**	**Article 248: Décision de reconnaître une procédure étrangère**
Ingingo ya 249: Ingaruka zo kwemera ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze	**Article 249: Effects of recognition of a foreign main proceeding**	**Article 249: Effets de la reconnaissance d'une procédure étrangère principale**

Ingingo ya 250: Andi makuru ahabwa urukiko	**Article 250: Subsequent information provided to the court**	**Article 250: Informations ultérieures fournies à la juridiction**
Ingingo ya 251: Ibyemezo bishobora gufatwa nyuma y'isaba ryo kwemerwa kw'ikurikirana ry'igihombo cyabereye mu mahanga	**Article 251: Relief that may be granted upon application for recognition of a foreign insolvency proceeding**	**Article 251: Mesures disponibles dès la demande de reconnaissance d'une procédure d'insolvabilité étrangère**
Ingingo ya 252: Ibyemezo bishobora gufatwa nyuma yo kwemerwa kw'ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**Article 252: Relief that may be granted upon recognition of a foreign insolvency proceeding**	**Article 252: Mesures disponibles dès la reconnaissance d'une procédure d'insolvabilité étrangère**
Ingingo ya 253: Kurinda ababerewemo imyenda cyangwa abandi bantu bafite inyungu	**Article 253: Protection of creditors and other interested persons**	**Article 253: Protection de créanciers et d'autres personnes intéressées**
Ingingo ya 254: Ikirego kigamije kwirinda ibikorwa byabangamira ababerewemo umwenda	**Article 254: Actions to avoid acts detrimental to creditors**	**Article 254: Actions visant à éviter les actes préjudiciables aux créanciers**
Icyiciro ya 4: Imikoranire y'inkiko z'u Rwanda n'uhagarariye umunyamahanga	**Section 4: Cooperation between Rwandan courts and foreign representative**	**Section 4: Coopération entre les juridictions rwandaises et représentant étranger**
Ingingo ya 255: Gukorana no guhanahana amakuru mu buryo butaziguye hagati y'urukiko rw'u Rwanda n'inkiko zo mu mahanga cyangwa n'abahagarariye abanyamahanga	**Article 255: Cooperation and direct communication between a court of Rwanda and foreign courts or foreign representatives**	**Article 255: Coopération et communication directe entre la juridiction rwandaise et les juridictions étrangères ou les représentants étrangers**

Ingingo ya 256: Gukorana no guhanahana amakuru mu buryo butaziguye hagati y'Umwanditsi Mukuru n'inkiko zo mu mahanga cyangwa abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**Article 256: Cooperation and direct communication between the Registrar General and foreign courts or foreign representatives**	**Article 256: Coopération et communication directe entre le Registraire général et les juridictions étrangères ou les représentants étrangers**
Ingingo ya 257: Uburyo bwo gukorana	**Article 257: Forms of cooperation**	**Article 257: Formes de coopération**
Icyiciro cya 5: Ikurikirana ry'igihombo ribereye mu gihe kimwe	**Section 5: Concurrent insolvency proceedings**	**Section 5 : Procédures d'insolvabilité concurrentes**
Ingingo ya 258: Itangira ry'ikurikirana ry'igihombo nyuma y'iyemerwa ry'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze	**Article 258: Commencement of insolvency proceeding after recognition of a foreign main proceeding**	**Article 258: Ouverture d'une procédure d'insolvabilité après la reconnaissance d'une procédure étrangère**
Ingingo ya 259: Guhuza uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**Article 259: Coordination of a foreign insolvency proceeding**	**Article 259: Coordination d'une procédure d'insolvabilité étrangère**
Ingingo ya 260: Guhuza ikurikirana ry'igihombo rirenze rimwe ryabereye mu mahanga	**Article 260: Coordination of more than one foreign insolvency proceeding**	**Article 260: Coordination de plusieurs procédures étrangères**
Ingingo ya 261: Gufatwa ko igihombo gishingiye ku iyemerwa ry'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze	**Article 261: Presumption of insolvency based on recognition of a foreign main proceeding**	**Article 261: Présomption de l'insolvabilité fondée sur la reconnaissance d'une procédure étrangère principale**
Ingingo ya 262: Amabwiriza yo kwishyura igihe gukurikirana igihombo birimo gukorerwa icyarimwe	**Article 262: Rule of payment in concurrent proceedings**	**Article 262: Règle de paiement en cas de pluralité des procédures**

UMUTWE WA XIII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER XIII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE XIII: INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 263: Gukora utujuje ibisabwa	**Article 263: Acting without qualification**	**Article 263: Agir sans qualification**
Ingingo ya 264: Gutoroka no kurigisa umutungo mu gihe cy'ikurikirana ry'igihombo	**Article 264: Absconding and appropriating assets during insolvency proceedings**	**Article 264: Fuite et appropriation d'actifs pendant la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 265: Kubona inguzanyo no kwinjira mu bikorwa by'ubucuruzi	**Article 265: Obtaining credit and engaging in business**	**Article 265: Obtention de crédit et engagement dans les activités commerciales**
Ingingo ya 266: Kutagira ibarumari nyaryo ry'ibikorwa by'ubucuruzi	**Article 266: Failure to keep proper accounts of business**	**Article 266: Défaut de tenir une comptabilité appropriée des activités commerciales**
Ingingo ya 267: Kudatanga ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi	**Article 267: Failure to submit a statement of affairs**	**Article 267: Défaut de présenter un bilan des affaires**
Ingingo ya 268: Kudatanga imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 268: Failure to give notice of trusteeship**	**Article 268: Défaut de donner un avis de mise sous séquestre**
Ingingo ya 269: Kunyereza, kurigisa cyangwa kwigarurira umutungo w'ubereyemo abandi imyenda	**Article 269: Misappropriation, concealment of or pretending to be the owner of the debtor's property**	**Article 269: Détournement, dissimulation ou fait de se faire passer pour propriétaire des biens du débiteur**
Ingingo ya 270: Gukomeza ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa gukoresha ububasha bw'ubuyobozi mu gihe cy'igihombo	**Article 270: Continuation of business or exercise of managerial power during insolvency proceedings**	**Article 270: Poursuite d'activités commerciales ou exercice des pouvoirs de gestion pendant la procédure d'insolvabilité**

UMUTWE WA XIV: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER XIV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE XIV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 271: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko	**Article 271: Law applicable to cases pending before courts**	**Article 271: Loi applicable aux affaires pendantes devant les juridictions**
Ingingo ya 272: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 272: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 272: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 273: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 273: Repealing provision**	**Article 273: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 274: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 274: Commencement**	**Article 274: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 075/2021 RYO KU WA 06/12/2021 RYEREKEYE IGIHOMBO	**LAW N° 075/2021 OF 06/12/2021 RELATING TO INSOLVENCY**	**LOI N° 075/2021 DU 06/12/2021 RELATIVE À L'INSOLVABILITÉ**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 04 Kanama 2021;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 4 August 2021;	La Chambre des Députés, en sa séance du 4 août 2021;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 121, 122 et 176;

Isubiye ku Itegeko n° 23/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye igihombo cy'isosiyete n'icy'umuntu ku giti cye;	Having reviewed Law n° 23/2018 of 29/04/2018 relating to insolvency and bankruptcy;	Revu la Loi n° 23/2018 du 29/04/2018 relative à l'insolvabilité et à la faillite;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE:**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigena uburyo bwo kurangiza ibibazo biturutse ku gihombo cy'isosiyete y'ubucuruzi, icy'ubufatanye mu bucuruzi n'icy'umuntu ku giti cye keretse iyo biteganyijwe ukundi n'andi mategeko.	This Law establishes proceedings for settling issues arising from insolvency of a company, a partnership and an individual, unless otherwise provided for by other Laws.	La présente loi détermine les procédures de règlement de problèmes découlant de l'insolvabilité d'une société commerciale, d'une société de personnes et d'un individu, à moins que d'autres lois n'en disposent autrement.
Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 2: Scope of this Law**	**Article 2 : Champ d'application de la présente loi**
Iri tegeko rireba ibi bikurikira:	This Law applies to the following:	La présente loi s'applique à ce qui suit:
1° uburyo bukoreshwa n'isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye ku bushake hagamijwe kwirinda igihombo;	1° voluntary mechanisms used by a company, a partnership or an individual to avoid insolvency;	1° mécanismes volontaires utilisés par une société commerciale, une société de personnes ou un individu pour éviter l'insolvabilité;
2° igihombo cy'isosiyete y'ubucuruzi, icy'ubufatanye mu bucuruzi n'icy'umuntu ku giti cye;	2° insolvency of a company, a partnership and that of an individual;	2° insolvabilité d'une société commerciale, d'une société de personnes et d'un individu ;

3° iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi n'uw'ubufatanye mu bucuruzi byahombye;	3° liquidation of a company and a partnership that are insolvent;	3° liquidation d'une société commerciale et d'une société de personnes qui sont insolvables;
4° iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi n' uw'ubufatanye mu bucuruzi bitahombye bikozwe ku bushake;	4° voluntary liquidation of a company and a partnership that are not insolvent;	4° liquidation volontaire d'une société commerciale et d'une société de personnes qui ne sont pas insolvables;
5° ibyerekeye ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;	5° matters relating to the insolvency practitioner;	5° matières relatives au praticien de l'insolvabilité;
6° igihombo ndengamipaka.	6° cross-border insolvency regime.	6° régime d'insolvabilité internationale.
Iri tegeko rigenga kandi ibidateganywa n'andi mategeko byerekeranye n'igihombo.	This Law also governs insolvency-related matters not provided for in other Laws.	La présente loi régit également les matières liées à l'insolvabilité non prévues par d'autres lois.
<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo	**<u>Article 3:</u> Definitions**	**<u>Article 3 :</u> Définitions**
Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:	In this Law, the following terms are defined as follows:	Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
1° ababerewemo imyenda: abantu bafitiwe imyenda iriho ubu, iyo mu gihe kizaza n'ishobora kuba yo;	**1° creditors**: present, future and contingent creditors;	**1° créanciers**: créanciers actuels, futurs et éventuels;
2° amasezerano yo gucunga umutungo w'uwahombye: amasezerano akorwa hagati y'umucungamutungo	**2° administration deed**: an arrangement between a provisional	**2° acte d'administration**: accord entre le syndic provisoire et des créanciers

w'uwahombye w'agateganyo n'abafitiwe imyenda ateganya uko ibikorwa byo gucunga umutungo bizakorwa;	trustee and creditors governing how the affairs will be dealt with;	régissant la manière dont les affaires seront traitées;
3° **icyemezo cy'igihombo**: icyemezo cy'urukiko cyemeza igihombo kandi gishyiraho umucungamutungo w'uwahombye mu gihe cy'igihombo;	3° **bankruptcy order**: a court order declaring bankruptcy and appointing a bankruptcy trustee;	3° **ordonnance de faillite**: décision judiciaire déclarant la faillite et nommant un syndic de faillite ;
4° **igice cy'isosiyete:** igice cyavutse giturutse ku isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko hagamijwe gutandukanya no kurinda umutungo wagenewe icyo gice cy'isosiyete mu buryo buteganyijwe n'amategeko;	4° **cell:** a cell created by a protected cell company for the purpose of segregating and protecting cellular assets in the manner provided by Laws;	4° **cellule:** cellule créée par une société à cellules protégées dans le but de séparer et de protéger les actifs cellulaires de la manière prévue par la loi ;
5° **igihombo**: igihe umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi ukora igikorwa cy'ubucuruzi atakibasha kwishyura imyenda arimo igeze igihe cyo kwishyurwa;	5° **insolvency**: a situation in which an individual, a company or a partnership engaged in a business activity can no longer pay their debts as they fall due;	5° **insolvabilité**: situation dans laquelle un individu, une société commerciale ou une société de personnes engagés dans une activité commerciale ne peuvent plus payer leurs dettes à leur échéance;
6° **imari shingiro y'igice cy'isosiyete:** umusaruro wavuye mu itangwa ry'imigabane y'igice cy'isosiyete;	6° **cell share capital:** the proceeds of issue of cell shares;	6° **capital social cellulaire**: produit de l'émission d'actions cellulaires;
7° **imigabane y'igice cy'isosiyete:** imigabane yashinzwe igatangwa n'isosiyete ifite ibice birinzwe mu rwego rw'amategeko irebana na kimwe mu bice	7° **cell shares:** shares created and issued by a protected cell company in respect of one of its cells, the proceeds of the issue of which are	7° **actions cellulaires**: actions créées et émises par une société à cellules protégées à l'égard de l'une de ses cellules, dont le produit de l'émission est

byayo, umusaruro uturuka mu itangwa ry'iyo migabane ukabarirwa mu mutungo ugenerwa icyo gice cy'isosiyete;	comprised in the cellular assets attributable to that cell;	compris dans les actifs cellulaires attribuables à cette cellule ;
8° **Minisitiri**: Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano;	8° **Minister**: the Minister in charge of trade;	8° **Ministre**: Ministre ayant le commerce dans ses attributions;
9° **serivisi z'ingenzi**: amashanyarazi, amazi n'itumanaho;	9° **essential services**: electricity, water and telecommunications;	9° **services essentiels**: électricité, eau et télécommunications ;
10° **serivisi z'itumanaho**: uruhererekane ruvuye mu gikoresho cy'ikoranabuhanga kimwe ku kindi hakoreshejwe umurongo w'itumanaho, umuyoboro wa radiyo, uruherekane hakoreshejwe satelite cyangwa irindi tumanaho rikoresha ibimenyetso, inyandiko, amashusho, amajwi, amabwiriza, amakuru cyangwa gutanga amakuru uko ariko kose yaba cyangwa ntabe amakuru y'umuntu ukoresha igikoresho cy'itumanaho;	10° **telecommunications services**: the conveyance from one device to another by a line, radio frequency, satellite transmission or other medium of a sign, signal, impulse, writing, image, sound, instruction, information or intelligence of any nature, whether or not for the information of a person using the device;	10° **services de télécommunications**: transport d'un appareil à l'autre par ligne, radiofréquence, transmission par satellite ou autre support, d'un signe, d'un signal, d'une impulsion, d'un écrit, d'une image, d'un son, d'une instruction, d'une information ou de renseignements de toute nature, que ce soit ou non aux fins d'informer une personne utilisant cet appareil ;
11° **uberewemo umwenda ufite ingwate**: ufitiwe umwenda cyangwa inshingano byatangiwe ingwate;	11° **secured creditor**: a creditor who holds a security in respect of a debt or obligation owing to him or her;	11° **créancier garanti**: créancier qui détient une garantie à l'égard d'une dette ou d'une obligation contractée envers lui;
12° **ubereyemo abandi imyenda:** isosiyete y'ubucuruzi, ubufatanye mu bucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye bahombye;	12° **debtor**: a company, a partnership or an individual that are insolvent;	12° **débiteur**: société commerciale, société de personnes ou individu qui sont insolvables ;

13° **uburyo bw'ibanze bw'ikurikirana ry'igihombo bwo mu mahanga**: uburyo bw'ikurikirana bwo mu mahanga bukorewe mu gihugu aho ubereyemo abandi imyenda afitemo inyungu z'ingenzi;	13° **foreign main proceeding**: a foreign proceeding taking place in the State where the debtor has the centre of its main interests;	13° **procédure étrangère principale**: procédure étrangère qui a lieu dans l'État où le débiteur a le centre de ses intérêts principaux;
14° **uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo bwo mu mahanga**: ikurikirana mu nkiko cyangwa mu butegetsi mu gihugu cy'amahanga, harimo ikurikirana ry'agateganyo bikorwa hashingiwe ku itegeko ryerekeye igihombo, ryifashishwa kugira ngo umutungo n'ibikorwa by'uwahombye bikurikiranwe cyangwa bigenzurwe n'urukiko rwo mu mahanga hagamijwe izahura ry'ubucuruzi cyangwa iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	14° **foreign proceeding**: a collective judicial or administrative proceeding in a foreign State, including an interim proceeding, pursuant to a Law relating to insolvency in which proceeding the assets and affairs of the bankrupt are subject to control or supervision by a foreign court, for the purpose of reorganization or liquidation;	14° **procédure étrangère**: procédure collective judiciaire ou administrative, y compris une procédure provisoire, régie par une loi relative à l'insolvabilité dans un État étranger, dans le cadre de laquelle les biens et affaires du failli sont soumis au contrôle ou à la surveillance d'une juridiction étrangère aux fins de redressement ou de liquidation;
15° **uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo butari ubw'ibanze bwo mu mahanga**: uburyo bw'ikurikirana bwo mu mahanga butari uburyo bw'ikurikirana bw'ibanze mu gihugu aho ubereyemo abandi imyenda afite icyicaro;	15° **foreign non-main proceeding**: a foreign proceeding, other than a foreign main proceeding in a State where the debtor has an establishment;	15° **procédure étrangère non principale**: procédure étrangère, autre qu'une procédure étrangère principale qui a lieu dans un État où le débiteur a un établissement;
16° **ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda**: amasezerano akorwa hagati ya nyir'ibikorwa by'ubucuruzi n'abo abereyemo imyenda ku buryo	16° **debt arrangement**: a composition in satisfaction of an individual's or company's debts or a scheme of	16° **arrangement de dette**: composition en satisfaction des dettes d'un individu ou d'une société ou un plan d'arrangement des affaires d'un individu;

bw'iyishyurwa ry'umwenda na gahunda y'ibikorwa by'ubucuruzi;	arrangement of an individual's affairs;	
17° **uhagarariye umunyamahanga**: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi bisanzwe cyangwa bishyirwaho ku buryo bw'agateganyo bihabwa uburenganzira bwo gukora ikurikirana ry'igihombo mu mahanga kugira ngo bicunge izahura ry'ubucuruzi cyangwa iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubereyemo abandi imyenda n'ibindi bikorwa cyangwa gukora nk'uhagarariye ibikorwa by'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga;	17° **foreign representative**: a person or body, one appointed on an interim basis, authorized in a foreign proceeding to administer the reorganization or liquidation of the debtor's assets or affairs or to act as a representative of the foreign proceeding;	17° **représentant étranger**: personne ou organe, une personne ou un organe désigné à titre provisoire, autorisé dans une procédure étrangère à administrer le redressement ou la liquidation des biens ou des affaires du débiteur ou à agir en tant que représentant de la procédure étrangère;
18° **ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo**: umuntu ku giti cye ufite ububasha bwo gukora nk'umucungamutungo w'agateganyo, umucungamutungo, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'agateganyo, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo, uwasabiwe kuba umugenzuzi w'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, umugenzuzi w'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyangwa umucungamutungo w'uwahombye;	18° **insolvency practitioner**: an individual who is qualified to act as a provisional administrator, an administrator, a provisional liquidator, a liquidator, a proposed supervisor of an arrangement of debts, a supervisor of debt arrangement or a trustee;	18° **praticien de l'insolvabilité**: individu habilité à agir en qualité d'administrateur provisoire, d'administrateur, de liquidateur provisoire, de liquidateur, de superviseur proposé d'un arrangement de dette, de superviseur d'un arrangement des dettes ou de syndic;

19° **umucungamutungo w'uwahombye**: ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ushyirwaho kugira ngo acunge cyangwa agurishe umutungo w'umuntu ku giti cye wahombye mu rwego rwo kurengera inyungu z'ababerewemo imyenda;	19° **trustee:** insolvency practitioner appointed to manage or sell assets of the bankrupt for the protection of creditors' interests;	19° **syndic**: praticien de l'insolvabilité nommé pour gérer ou vendre les biens du failli aux fins de protéger les intérêts des créanciers;
20° **umucungamutungo:** ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ushyirwaho kugira ngo acunge umutungo cyangwa azahure ubucuruzi by'uwahombye mu nyungu z'ababerewemo imyenda;	20° **administrator:** insolvency practitioner appointed to manage the assets or reorganize the business of the insolvent for the protection of creditors' interests;	20° **administrateur**: praticien de l'insolvabilité nommé pour gérer les biens et réorganiser les affaires de l'insolvable aux fins de protéger les intérêts des créanciers;
21° **umugenzuzi**: ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo washyizweho n'ababerewemo imyenda kugira ngo agenzure uko ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyangwa kuri gahunda y'ubwumvikane bwemeranyijweho bishyirwa mu bikorwa;	21° **supervisor:** an insolvency practitioner appointed by creditors to supervise the way in which an approved arrangement or compromise is put into effect;	21° **superviseur**: praticien de l'insolvabilité nommé par les créanciers pour superviser la manière dont un arrangement ou compromis approuvé est mis en œuvre;
22° **umutungo utabyara inyungu**: amasezerano atabyara inyungu cyangwa undi mutungo udashobora kugurishwa, udateganywa kugurishwa, ushobora kwishyurirwa amafaranga cyangwa gukora ikindi gikorwa cyose gikozwe ku kiguzi;	22° **onerous property**: any unprofitable contract or any other property which is unsaleable or not readily saleable or may give rise to a liability to pay money or perform any other onerous act;	22° **bien onéreux**: tout contrat déficitaire ou tout autre bien qui est invendable ou non facilement vendable ou peut donner lieu à une obligation de payer de l'argent ou effectuer tout autre acte à titre onéreux;

23° **umutungo w'igice cy'isosiyete:** umutungo w'isosiyete ufitwe n'ibice by'iyo sosiyete;	23° **cellular assets:** assets of the company attributable to the company's cells;	23° **actifs cellulaires**: actifs de la société attribuables à ses cellules ;
24° **umwenda ukomoka ku gihombo:** umwenda wose cyangwa uburyozwe uwahombye agomba kwishyura nyuma y'itangira ry'igihombo cyangwa nyuma yo kuva mu gihombo n'inyungu yose yasabwa mu gihe cy'igihombo;	24° **bankruptcy debt**: any debt or liability to which the bankrupt is subject after the commencement of the bankruptcy or after discharge from bankruptcy and any interest that may be claimed in the bankruptcy;	24° **dette du failli**: toute dette ou obligation à laquelle le failli est assujetti après l'ouverture de la faillite ou après la libération de la faillite et tout intérêt pouvant être réclamé dans la faillite ;
25° **urwego ngenzuramikorere:** Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa Urwego rufite mu nshingano isoko ry'imari n'imigabane;	25° **regulatory authority:** the National Bank of Rwanda or the organ in charge of capital market;	25° **autorité de régulation**: Banque nationale du Rwanda ou organe ayant le marché des capitaux dans ses attributions ;
26° **urwego rwo mu mahanga**: urukiko cyangwa ubundi buyobozi bubifitiye ububasha bwo kugenzura cyangwa guhagararira ikurikirana ry'igihombo mu mahanga;	26° **foreign authority**: a court or any other authority competent to control or supervise a foreign insolvency proceeding;	26° **autorité étrangère**: juridiction ou autre autorité compétente pour contrôler ou surveiller une procédure d'insolvabilité étrangère;
27° **ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo**: ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo cyangwa umusimbura we ushyirirwaho kwegeranya no kugabagabanya umutungo;	27° **liquidator**: an insolvency practitioner or any successor appointed to carry out liquidation;	27° **liquidateur**: praticien de l'insolvabilité ou son successeur nommé pour procéder à la liquidation;

28° **uwahombye utarahanagurwaho umwenda**: umuntu ku giti cye uri mu gihombo ufite umwenda uturuka ku gihombo;	28° **undischarged bankrupt**: an individual whose bankruptcy debts have not been extinguished;	28° **failli non libéré**: individu dont les dettes de faillite n'ont pas été éteintes;
29° **uwahombye**: umuntu ku giti cye icyemezo cy'urukiko cyagaragaje ko yahombye.	29° **bankrupt**: an individual in respect of whom a bankruptcy order has been made.	29° **failli**: individu à l'égard duquel une ordonnance de faillite a été rendue.
Ingingo ya 4: Inshingano z'Umwanditsi Mukuru mu kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo	**Article 4: Responsibilities of Registrar General in insolvency proceedings**	**Article 4 : Attributions du Registraire général lors de la procédure d'insolvabilité**
Umwanditsi Mukuru ni we mucungamutungo mukuru ushinzwe gukurikirana igihombo.	The Registrar General is the chief administrator responsible for insolvency proceedings.	Le Registraire général est l'administrateur principal chargé de la procédure d'insolvabilité.
By'umwihariko ashinzwe ibi bikurikira:	Particularly, he or she is in charge of the following:	Il est particulièrement chargé de ce qui suit :
1° kwakira no kubika inyandiko y'imicungire y'umutungo uri mu gihombo ku birebana n'imirimo agiye gukora yo gukurikirana igihombo;	1° to receive and keep an insolvency administration document with regard to the services he or she is going to perform in insolvency proceedings;	1° recevoir et garder un document d'administration de l'insolvabilité en rapport avec les services qu'il va effectuer dans la procédure d'insolvabilité;
2° gukora cyangwa gushyiraho, iyo bibaye ngombwa, uburyo bw'igenzura cyangwa amapereereza ku mirimo y'igihombo kimwe n'ibindi bibazo birebana n'igihombo;	2° to carry out or set up, if considered necessary, control procedures or investigations on insolvency works and all other related matters;	2° effectuer ou mettre en place, si nécessaire, des procédures de contrôle ou d'enquêtes sur les travaux d'insolvabilité et toutes les autres questions connexes;

3° gutanga ikirego cyangwa kugoboka mu manza zerekeye igihombo igihe icyo ari cyo cyose;	3° to file a claim or intervene in court at any given time in insolvency cases;	3° déposer une plainte ou intervenir à tout moment dans des affaires d'insolvabilité;
4° gushyiraho ibisabwa mu kugena ibyo buri muntu ku giti cye ubereyemo abandi imyenda agomba guhabwa kugira ngo ashobore kubaho;	4° to establish requirements in determining what the individual debtor should be given for subsistence;	4° établir des conditions servant à déterminer ce qu'un débiteur doit se voir donner pour sa subsistance;
5° kumenyesha ubushinjacyaha icyaha cyakozwe ku mutungo w'ubereyemo abandi imyenda;	5° to inform the prosecution of the offence committed against the property of the debtor;	5° informer l'organe de poursuite judiciaire de l'infraction commise contre les biens du débiteur ;
6° gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo.	6° to appoint a provisional administrator.	6° nommer un administrateur provisoire.
<u>Ingingo ya 5</u>: Imenyesha ryanditse rigenewe rubanda cyangwa iry'umuntu ku giti cye	**<u>Article 5:</u> Public or individual written notice**	**<u>Article 5 :</u> Avis écrit public ou individuel**
Umuntu usabwa gutanga imenyesha ku uberewemo umwenda, abikora ariha uberewemo umwenda ku giti cye. Iyo bigaragara ko bidashoboka kumenyesha uberewemo umwenda ku giti cye cyangwa ataboneka, imenyesha rifatwa nk'aho ryamenyeshejwe mu buryo nyabwo iyo:	A person required to give notice to a creditor does so by serving the notice on a creditor in person. Where it is not reasonably possible to serve notice on the creditor in person or the creditor cannot be reached, a notice is considered to have been duly served where it is:	Une personne tenue de donner un avis à un créancier le fait en signifiant l'avis au créancier en personne. S'il n'est pas raisonnablement possible de signifier un avis au créancier en personne ou que ce dernier est inaccessible, l'avis est réputé avoir été dûment signifié lorsqu'il est :
1° rigejejwe aho atuye cyangwa ryashyikirijwe uwo mu muryango w'uberewemo umwenda ufite nibura	1° deposited to his or her residence and given to a family member of the creditor aged at least sixteen (16) years old;	1° déposé à sa résidence ou donné à un membre de famille du créancier âgé d'au moins seize (16) ans ;

imyaka cumi n'itandatu (16) y'amavuko; 2° ryatanzwe aho uberewemo umwenda akorera; 3° ryoherejwe mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri aderesi izwi y'uberewemo umwenda; 4° imenyesha ry'ababerewemo imyenda rikozwe hakoreshejwe uburyo bw'imenyesha ryanditse rigenewe rubanda ritangazwa mu kinyamakuru gisomwa cyane imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).	2° deposited at the workplace of the creditor; 3° sent electronically to the known address of the creditor; 4° the notification to creditors is done in written form in a widely read national or international newspaper for a period of thirty (30) days.	2° déposé sur le lieu de travail du créancier ; 3° envoyé par voie électronique à l'adresse connue du créancier ; 4° la notification aux créanciers est faite par écrit dans un journal national ou international à large diffusion pendant trente (30) jours.
<u>Ingingo ya 6</u>: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda bwo gusaba no guhabwa amakuru	**<u>Article 6:</u> Creditors' right to access information**	**<u>Article 6 :</u> Droit d'accès à l'information reconnu aux créanciers**
Mu gihe cy'ikurikirana ry'igihombo, uberewemo umwenda wese afite uburenganzira bwo gusaba ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo, amakuru yose arebana n'imigendekere y'ikurikirana ry'igihombo no kuyahabwa.	During insolvency, every creditor is entitled to request the insolvency practitioner to provide him or her with any information relating to the conduct of the insolvency proceedings.	Pendant la procédure d'insolvabilité, tout créancier a le droit de demander au praticien de l'insolvabilité de lui fournir toutes informations relatives à la conduite de la procédure d'insolvabilité.

UMUTWE WA II: UBURYO BW'IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO	**CHAPTER II: INSOLVENCY PROCEEDINGS**	**CHAPITRE II : PROCÉDURE D'INSOLVABILITÉ**
Icyiciro cya mbere: Itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Section One: Commencement of insolvency proceedings**	**Section première : Ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ingingo ya 7: Impamvu z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 7: Grounds for the commencement of insolvency proceedings**	**Article 7 : Motifs d'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Ikurikirana ry'igihombo rikorwa iyo:	Insolvency proceedings commence when:	La procédure d'insolvabilité s'ouvre lorsque :
1° ubereyemo abandi imyenda atabasha kwishyura imyenda igejeje igihe cyo kwishyurwa;	1° the debtor is unable to pay its debts when they fall due in the normal course of business;	1° le débiteur n'est pas en mesure de payer ses dettes lorsqu'elles arrivent à échéance dans le cours normal de ses activités;
2° umutungo w'ubereyemo abandi imyenda uri hasi y'imyenda ugereranyije n'imyenda n'umutungo fatizo.	2° the assets of the debtor are less than its liabilities plus its stated capital.	2° la valeur des actifs du débiteur est inférieure à celle de ses passifs plus son capital déclaré.
Ingingo ya 8: Gusaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo	**Article 8: Application for commencement of insolvency proceedings**	**Article 8: Demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité**
Gusaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo bikorwa mu kirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha.	An application for commencement of insolvency proceedings for a company is done by filing the application with a competent court.	Une demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité pour une société commerciale se fait en saisissant une juridiction compétente.
Gusaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo bishobora gukorwa n'aba bakurikira:	An application for commencement of insolvency proceedings may be filed by the following persons:	Une demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité peut être déposée par les personnes suivantes :

1° ababerewemo imyenda; 2° ubereyemo abandi imyenda; 3° abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwe muri bo; 4° Umwanditsi Mukuru; 5° abanyamigabane cyangwa abafatanyabikorwa; 6° urwego ngenzuramikorere.	1° creditors; 2° the debtor; 3° the Directors or one of them; 4° the Registrar General; 5° shareholders or partners; 6° the regulatory authority.	1° les créanciers; 2° le débiteur; 3° les membres du Conseil d'administration ou l'un d'entre eux; 4° le Registraire général; 5° les actionnaires ou associés; 6° l'autorité de régulation.
Ababerewemo imyenda izigamiwe bahamagazwa mu rukiko ku busabe bwo gutangiza ikurikiranwa ry'igihombo mbere y'uko urukiko rufata icyemezo.	Secured creditors are summoned for hearing on the application for the commencement of insolvency proceedings before the court decides.	Les créanciers garantis sont convoqués à l'audience sur la demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité avant que la juridiction ne se prononce.
Ikirego cy'uberewemo umwenda cyemerwa iyo afite inyungu kandi akerekana ibyo yifuza n'impamvu ari ngombwa gutangiza ikurikirana ry'igihombo.	A creditor's application is admissible if he or she has an interest and if he or she shows his or her claim as well as the reason why insolvency proceedings should be commenced.	La demande d'un créancier n'est recevable que si ce dernier justifie d'un intérêt et qu'il démontre sa créance ainsi que la raison pour laquelle la procédure d'insolvabilité devrait être ouverte.
Urukiko ntirushyiraho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo iyo bigaragara ko umutungo w'ugomba kwishyura udahagije kugira ngo wishyure amafaranga azakoreshwa mu ikurikirana ryerekeye igihombo. Muri icyo	The court does not appoint an insolvency practitioner if it is manifestly evident that the value of the assets of the debtor is insufficient to cover the costs of the insolvency proceedings. In such a case, the court issues a declaration of debtor's	La juridiction ne nomme pas un praticien de l'insolvabilité s'il est manifestement évident que la valeur des actifs du débiteur est insuffisante pour couvrir les coûts de la procédure d'insolvabilité. Dans ce cas, la juridiction rend une déclaration d'insolvabilité du débiteur et

gihe, urukiko rutangaza igihombo cy'ubereyemo abandi imyenda rugategeka umucungamutungo mukuru kugabanya umutungo usigaye ababerewemo imyenda.	insolvency and orders the Chief Administrator to carry out the distribution of available assets to creditors.	ordonne à l'administrateur principal d'effectuer la distribution des actifs disponibles aux créanciers.
Umwanditsi Mukuru ntashobora kugirwa umucungamutungo n'urukiko iyo atabaye umuburanyi mu rubanza rwafatiwemo icyo cyemezo.	The Registrar General may not be appointed administrator by the court unless he or she was a party to the case in which such a decision was rendered.	Le Registraire général ne peut être nommé administrateur par la juridiction à moins qu'il n'ait été partie à l'affaire dans laquelle une telle décision a été rendue.
Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo	**Article 9: Appointment of insolvency practitioner**	**Article 9 : Nomination d'un praticien de l'insolvabilité**
Urukiko ni rwo rushyiraho ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.	The court is solely competent to appoint an insolvency practitioner.	La juridiction est seule compétente pour nommer un praticien de l'insolvabilité.
Icyakora, Umwanditsi Mukuru ashobora gushyiraho mu buryo bw'agateganyo ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:	However, the Registrar General may appoint an insolvency practitioner on a provisional basis in either of the following circumstances:	Toutefois, le Registraire général peut nommer un praticien de l'insolvabilité à titre provisoire dans l'une ou l'autre des circonstances suivantes :
1° iyo ari ugukiza igihombo gishobora kugera ku mutungo w'ubereyemo abandi imyenda;	1° if it is to save a loss that may happen to the debtor's assets;	1° s'il s'agit d'éviter une perte pouvant survenir aux actifs du débiteur;
2° iyo ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo washyizweho atemejwe n'inama y'ababerewemo imyenda;	2° if the appointed insolvency practitioner has not been approved by the creditors' meeting;	2° si le praticien de l'insolvabilité nommé n'a pas été approuvé par l'assemblée des créanciers;

3° iyo ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo yasezeye ku mirimo ye ashingiye ku mpamvu zitandukanye;	3° if the insolvency practitioner has resigned from his or her duties due to different reasons;	3° si le praticien de l'insolvabilité a démissionné de ses fonctions pour des raisons différentes;
4° iyo ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo washyizweho yananiwe kuzuza inshingano ze;	4° if the appointed insolvency practitioner has failed to execute his or her duties;	4° si le praticien de l'insolvabilité nommé a manqué à l'accomplissement de ses fonctions;
5° ku yindi mpamvu yose yasanga ari ngombwa.	5° any other circumstance he or she may deem necessary.	5° toute autre circonstance qu'il peut juger nécessaire.
Ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo w'agateganyo washyizweho n'Umwanditsi Mukuru avanwaho gusa n'ikindi cyemezo cy'Umwanditsi Mukuru cyangwa icyemezo cy'urukiko.	A provisional insolvency practitioner appointed by the Registrar General ceases to act in that capacity only by a further decision of the Registrar General or by court order.	Un praticien de l'insolvabilité provisoire nommé par le Registraire général ne perd cette qualité que par une autre décision du Registraire général ou par décision judiciaire.
Iyo urukiko rushyizeho ushinzwe kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo, uw'agateganyo washyizweho n'Umwanditsi Mukuru ahagarika imirimo agaha raporo umusimbuye. Umwanditsi Mukuru akagenerwa kopi.	When the court appoints an insolvency practitioner, a provisional insolvency practitioner appointed by the Registrar General ceases to perform his or her duties and submit a report to his or her successor. A copy of the report is given to the Registrar General.	Lorsque la juridiction nomme un praticien de l'insolvabilité, un praticien de l'insolvabilité provisoire nommé par le Registraire général cesse ses fonctions et soumet un rapport à son successeur. Une copie de ce rapport est réservée au Registraire général.

Ingingo ya 10: Ibikubiye mu kirego gisaba itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi, ikirego cyerekeye ikurikirana ry'igihombo kigomba kuba gikubiyemo bimwe muri ibi bikurikira: 1° urutonde rurambuye rw'imyenda n'ibyishyuzwa; 2° raporo z'imari n'ibaruramari zijyanye n'ikiregerwa; 3° ibindi utanga ikirego abona ko ari ngombwa byerekeranye n'ikirego cye.	**Article 10: Content for commencement of insolvency proceedings application** Subject to other Laws governing commercial procedures, the insolvency proceedings application must include some of the following elements: 1° a detailed list of debts and claims; 2° relevant financial and accounting reports; 3° other elements the applicant considers necessary and which are linked with his or her application.	**Article 10: Contenu d'une demande d'ouverture de la procédure d'insolvabilité** Sous réserve d'autres dispositions légales régissant les procédures commerciales, la demande de la procédure d'insolvabilité doit inclure certains des éléments suivants : 1° liste détaillée des dettes et des créances; 2° rapports financiers et comptables nécessaires; 3° autres éléments que le demandeur juge nécessaires et qui sont liés à sa demande.
Icyiciro cya 2: Ingaruka z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo **Ingingo ya 11: Ingaruka rusange z'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo** Uhereye ku itariki y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo ibi bikurikira biba bisubitswe: 1° gutangiza cyangwa gukomeza ibirego by'umuntu ubwe cyangwa uburyo bw'ikurikirana bureba ibintu	**Section 2: Effects of commencement of insolvency proceedings** **Article 11: General effects of commencement of insolvency proceedings** Upon the date of commencement of the insolvency proceedings, the following is stayed: 1° the commencement or continuation of individual actions or proceedings	**Section 2: Effets de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité** **Article 11: Effets généraux de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité** Dès la date de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, il est suspendu ce qui suit : 1° l'ouverture ou la poursuite des actions ou des procédures individuelles ou des

by'ubereyemo abandi imyenda hamwe n'uburenganzira, inshingano cyangwa uburyozwe by'ubereyemo abandi imyenda;	concerning the debtor's assets, rights, obligations or liabilities;	procédures visant les biens, les droits, les obligations ou les dettes du débiteur;
2° kurangiza imanza zirebana n'umutungo w'ubereyemo abandi imyenda;	2° the execution of judgments related to the assets of the debtor's property;	2° l'exécution des jugements sur les biens du débiteur;
3° uburenganzira bwo guhagarika amasezerano n'ubereyemo abandi imyenda;	3° the right of counterparty to terminate any contract with the debtor;	3° le droit du cocontractant de mettre fin à tout contrat avec le débiteur ;
4° uburenganzira bwo guhererekanya, gutangaho ingwate cyangwa bwo gukoresha umutungo w'ubereyemo abandi imyenda.	4° the right to transfer, mortgage or otherwise dispose of any assets of the debtor.	4° le droit de transférer les biens du débiteur, de les hypothéquer ou d'en disposer autrement.
Ibivugwa muri iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bwo gutanga ibirego cyangwa ikurikirana ry'abantu ku giti cyabo hagamijwe kurengera umwenda ufitwe n'ubereyemo abandi imyenda. Urukiko kandi rushobora gufata ikindi cyemezo kigamije koroshya ibyemezo byafashwe mu itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo.	The provisions of this Article do not prejudice the right to institute actions or initiate proceedings against individuals in order to protect a debt owed by the debtor. The Court may also take an additional decision aimed at easing the measures taken during the commencement of insolvency proceedings.	Les dispositions du présent article n'affectent pas le droit d'intenter des actions ou d'engager des procédures contre les individus dans le but de protéger la dette due par le débiteur. La juridiction peut également prendre une décision supplémentaire visant à atténuer les mesures prises lors de l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.

<u>Ingingo ya 12:</u> Isubika ryo gukurikirana umwenda ufite ingwate	**<u>Article 12</u>: Stay on secured claim**	**<u>Article 12:</u> Suspension des poursuites à l'égard d'une créance garantie**
Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda bishingiwe kimwe n'abafite uburenganzira bw'ifatira ntibusubikwa n'itangiza ry'urubanza rw'ikurikirana n'irangiza ry'imanza ziturutse ku gihombo.	The rights of secured creditors and holders of the right of retention are not stayed by the commencement of insolvency proceedings.	Les droits des créanciers garantis et des détenteurs du droit de rétention ne sont pas suspendus par l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.
Ariko iyo urimo umwenda agaragaje ko afite ubushake bwo gutanga gahunda y'izahura hamwe n'ikirego cye, imyenda yose harimo n'imyenda ifite ingwate hamwe n'uburenganzira bw'ifatira birasubikwa uhereye ku munsi w'ubusabe.	However, where the debtor shows the intention to submit a reorganisation plan along with the application, all claims including secured claims and rights of retention are stayed effective from the date of application.	Toutefois, lorsque le débiteur manifeste l'intention de présenter un plan de redressement en même temps que la demande, toutes les créances, y compris les créances garanties et les droits de rétention, sont suspendus à compter de la date de la demande.
Urimo umwenda agomba gutanga gahunda y'izahura mu rukiko mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye ku itariki yo gutangiza urubanza.	The debtor must submit to the court a reorganization plan within a period not exceeding three (3) months from the date of instituting the court case.	Le débiteur doit soumettre à la juridiction un plan de redressement dans les trois (3) mois suivant la date de la saisine de la juridiction.
Igihe cy'isubika gitangwa ntigishobora kurenza amezi atandatu (6) harimo n'amezi atatu (3) yo gutanga gahunda y'izahura.	The period of stay does not exceed six (6) months including the three (3) months of submitting the reorganization plan.	La durée de suspension ne peut dépasser six (6) mois dont les trois (3) mois de soumission du plan de redressement.
Iyo igihe kivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo kirangiye urukiko rutarafata icyemezo ku busabe, uberewemo umwenda wishingiwe ahita agira uburenganzira ku ngwate hakurikijwe amategeko abigenga.	If the period referred to in Paragraph 4 of this Article lapses without a court decision on the application, the secured creditor is automatically entitled to enforce the security in accordance with relevant Laws.	Si le délai visé à l'alinéa 4 du présent article expire sans décision judiciaire sur la demande, le créancier garanti a automatiquement le droit de réaliser la garantie conformément aux dispositions légales en la matière.

Uberewemo umwenda ashobora gusaba ko yakurirwaho isubikwa mu gihe agaragaje impamvu yumvikana.	The creditor may petition the court to lift the stay where there is a justifiable cause.	Le créancier peut demander à la juridiction de lever la suspension lorsqu'il présente une raison valable.
<u>Ingingo ya 13</u>: Gutanga serivisi z'ingenzi	**<u>Article 13</u>: Supply of essential services**	**<u>Article 13 :</u> Fourniture de services essentiels**
Utanga serivisi z'ingenzi ntashobora:	A supplier of essential services shall not:	Un fournisseur de services essentiels ne peut pas :
1° kwanga guha serivisi z'ingenzi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa ubereyemo abandi imyenda ku mpamvu z'uko atashoboye kwishyura serivisi z'ingenzi yahawe mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo;	1° refuse to supply essential services to a liquidator, or to the debtor, by reason of the debtor's default in paying charges due for the essential services in relation to a period before the commencement of the insolvency proceedings;	1° refuser de fournir des services essentiels à un liquidateur, ou au débiteur, en raison du défaut par le débiteur de payer les sommes dues pour les services essentiels par rapport à une période antérieure au début de la procédure d'insolvabilité;
2° gutegeka ko kugira ngo serivisi z'ingenzi zihabwe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa ubereyemo abandi imyenda agomba kubanza kwishyurwa serivisi z'ingenzi zatanzwe mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo.	2° make it a condition of the supply of essential services to a liquidator, or to the debtor, that payment be made of outstanding charges due for the essential services in relation to a period before the commencement of the insolvency proceedings.	2° faire condition à la fourniture de services essentiels à un liquidateur, ou au débiteur, le paiement des frais impayés dus au titre de la prestation de services essentiels par rapport à une période antérieure à l'ouverture de la procédure d'insolvabilité.
Ibyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo atanga mu guhabwa serivisi z'ingenzi ni byo umucungamutungo atanga hashingiwe ku ngingo ya 212 y'iri tegeko.	The charges incurred by a liquidator for the supply of an essential service are an expense incurred by the administrator for the purposes of Article 212 of this Law.	Les frais encourus par un liquidateur pour la fourniture de services essentiels constituent une dépense engagée par l'administrateur aux fins de l'article 212 de la présente loi.

Ingingo ya 14: Gukomeza inshingano zakorwaga	**Article 14: Continuity of current obligations**	**Article 14 : Continuité des obligations en cours**
Amasezerano yakozwe n'ubereyemo abandi imyenda yerekeranye n'ikodeshagurisha n'ikodesha ry'amazu cyangwa indi mitungo agomba gukorerwa ubereyemo abandi imyenda akomeza gukorwa ariko bibarwa mu bintu byashyizwe mu ikurikirana ry'igihombo.	Contracts concluded by the debtor for the lease and tenancy of houses or other assets to be performed for the debtor continue to exist but to the credit of the assets involved in the insolvency proceedings.	Les contrats conclus par le débiteur pour le bail et la location de maisons ou d'autres actifs à exécuter pour le débiteur continuent d'exister mais au crédit des actifs concernés par la procédure d'insolvabilité.
Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikurikizwa ku birebana n'amasezerano y'ubukode n'ikodeshagurisha yakozwe n'ubereyemo abandi imyenda ariko akaba ari we nyir'ikintu gikodeshwa cyangwa nyir'ibindi bintu byatanzwe nk'ingwate ku wundi muntu watanze amafaranga yo kubigura cyangwa kubikora.	The provisions of Paragraph One of this Article also apply in respect of rental and lease contracts concluded by the debtor as landlord or lessor relating to other effects assigned as a security to a third party who had financed their acquisition or production.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article sont également d'application à l'égard des contrats de location et de bail conclus par le débiteur en tant que propriétaire ou bailleur en rapport avec d'autres effets offerts en garantie à un tiers ayant financé leur acquisition ou production.
Ibiteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ntibireba imitungo n'ibindi bigomba kwishyurwa byashyikirijwe uwo bigomba guhabwa mu buryo bwemewe n'amategeko hakurikijwe ibyemeranyijweho mu kwishyura mu rwego rw'amasezerano y'ivugururwa ry'inguzanyo.	The provisions of Paragraphs One and 2 of this Article do not apply to assets and receivables that have been legally transferred under re-financing arrangement.	Les dispositions des alinéas premier et 2 du présent article ne s'appliquent pas aux actifs et créances recouvrables ayant été légalement transférés en vertu d'un accord de refinancement.
Kwishyuza imyenda yavutse mbere y'itangizwa ry'ikurikirana ry'igihombo bishobora gutangwa n'urundi ruhande	Claims that arise before the commencement of insolvency proceedings may be brought by the other party as a creditor in the	Les créances nées avant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité peuvent être introduites par l'autre partie à titre de créancier

nk'uruberewemo umwenda n'ikurikirana ry'igihombo rikozwe n'urukiko.	insolvency proceedings conducted by a court.	prenant part à la procédure d'insolvabilité menée par une juridiction.
Amasezerano yose y'itangwa ry'akazi cyangwa amategeko agenga umurimo agomba kubahirizwa igihe cyose cy'ikurikirana ry'igihombo.	All contracts of employment or labour legislation must be observed during the insolvency proceedings.	Tous les contrats de travail ou la législation du travail doivent être observés pendant la procédure d'insolvabilité.
Umucungamutungo ukurikirana igihombo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora gusesa amasezerano atarashyizwe mu bikorwa yose uko yakabaye n'impande zombi.	Insolvency administrator or liquidator may terminate a contract which has not been fully performed by both parties.	L'administrateur de l'insolvabilité ou le liquidateur peut résilier un contrat qui n'a pas été entièrement exécuté par les deux parties.
Nyuma yo gusesa amasezerano, urundi ruhande rushobora guhinduka uruberewemo umwenda utaratangiwe ingwate rufite ibyo rwishyuza bingana n'umubare w'amafaranga yemeranyijweho n'umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	Upon termination, the counterparty may become an unsecured creditor with a claim equal to the amount agreed on by an administrator or liquidator.	En cas de résiliation, le cocontractant peut devenir un créancier chirographaire dont la créance est égale au montant convenu par un administrateur ou liquidateur.
Iyo umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo batumvikanye n'ababerewemo imyenda ku mwenda watewe n'iseswa ry'amasezerano, urukiko rubifitiye ububasha rufata icyemezo kuri icyo kibazo.	In case an administrator or liquidator do not agree with the creditor on the claim caused by termination of a contract, a competent court decides on the matter.	Dans le cas où l'administrateur ou le liquidateur ne s'accordent pas avec le créancier sur la créance découlant de la résiliation d'un contrat, une juridiction compétente statue sur la question.

Icyiciro cya 3: Ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda w'umuntu ku giti cye	**Section 3: Debt arrangement by an individual**	**Section 3 : Arrangement de dette par un individu**
Ingingo ya 15: Gusaba ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda w'umuntu ku giti cye	**Article 15: Proposal for debt arrangement by an individual**	**Article 15 : Proposition d'arrangement par un individu**
Ubereyemo abandi imyenda ashobora gusaba kumvikana n'umwe cyangwa benshi mu bo abereyemo imyenda ku birebana no kwishyura cyangwa guhindura uburyo bw'imyishyurire y'imyenda ye. Ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwemezwa n'urukiko bisabwe n'ubereyemo abandi imyenda cyangwa umucungamutungo w'uwahombye.	A debtor may make a proposal for an arrangement with one or more of his or her creditors in respect of the payment or restructuring of his or her debts. The arrangement is approved by the court on application made by a debtor or trustee.	Un débiteur peut faire une proposition d'arrangement avec un ou plusieurs de ses créanciers en ce qui concerne le paiement ou la restructuration de ses dettes. L'arrangement est approuvé par la juridiction sur demande faite par un débiteur ou un syndic.
Ingingo ya 16: Ibikubiye mu nyandiko isaba ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda n'ababerewemo imyenda	**Article 16: Contents of proposal for arrangement with creditors**	**Article 16 : Contenu de la proposition d'arrangement avec les créanciers**
Inyandiko isaba ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda n'ababerewemo imyenda igomba gusobanura impamvu, hakurikijwe uko ubereyemo abandi imyenda abibona, ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda n'ababerewemo imyenda bukenewe kandi igomba kugaragaza ibi bikurikira:	A debtor's proposal for arrangement with creditors must state why, in the debtor's opinion, an arrangement with creditors is desirable and must specify the following:	La proposition par un débiteur d'arrangement par les créanciers doit indiquer pourquoi, de l'avis du débiteur, un arrangement avec les créanciers est souhaitable et doit préciser ce qui suit:

1° imitungo yose y'ubereyemo abandi imyenda n'ikigereranyo cy'agaciro kayo;	1° all the debtor's assets with an indication of those that have a security interest on them and an estimate of the respective values of such assets;	1° tous les actifs du débiteur avec mention de ceux donnés en garantie ainsi qu'une estimation des valeurs respectives de ces actifs ;
2° ibiranga umutungo w'ubereyemo abandi imyenda uteganyijwe gushyirwa mu bwumvikane, inkomoko yawo n'amabwiriza akurikizwa kugira ngo ushyirwe muri ubwo bwumvikane;	2° particulars of debtor's property which is proposed to be included in the arrangement, the source of the property, and the terms on which it is to be made available for inclusion;	2° caractéristiques des biens du débiteur qui sont proposés d'être inclus dans l'arrangement, leur source et les modalités selon lesquelles ils doivent être mis à disposition pour inclusion;
3° imiterere n'ingano y'imyenda umuntu abereyemo abandi ndetse n'uburyo iteganyijwe kwishyurwa cyangwa ubundi buryo byakorwamo hifashishijwe ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;	3° the nature and amount of the debtor's liabilities and the manner in which they are proposed to be met or otherwise dealt with by means of the arrangement;	3° nature et montant du passif du débiteur et la manière dont il est proposé d'être réglé ou autrement traité au moyen de l'arrangement;
4° uwasabiwe kuba umugenzuzi, ingano y'amafaranga ateganyijwe kwishyurwa mu buryo bw'igihembo, ay'ibyakoreshejwe n'inshingano ze;	4° a proposed supervisor, the amount to be paid to him or her by way of remuneration and expenses and his or her functions;	4° le superviseur proposé et le montant proposé à lui être payé à titre de rémunération, de dépenses et ses fonctions;
5° uburyo amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu rwego rw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda agomba gushyirwa mu kigo cy'imari, agashorwa mu bikorwa cyangwa agakoreshwa mu bundi buryo mu gihe hategerejwe ko	5° the manner in which funds held for the purposes of the arrangement must be banked, invested or otherwise dealt with pending distribution to creditors;	5° manière dont les fonds détenus aux fins de l'arrangement doivent être mis en banque, investis ou autrement traités en attendant leur distribution aux créanciers;

agabanywa hagati y'ababerewemo imyenda;		
6° amakuru arambuye ku birebana n'ubundi buryo ashobora kubonamo inguzanyo ziteganyijwe kumvikanwaho n'ubereyemo abandi imyenda n'uburyo imyenda yavuka nyuma igomba kwishyuwa.	6° the details of any further credit facilities proposed to be arranged for the debtor and how the debts arising must be paid.	6° détails de toutes les autres facilités de crédit proposées à être accordées au débiteur et la façon dont les dettes qui en résultent doivent être payées.
Ingingo ya 17: Icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane	**Article 17: Interim order of arrangement**	**Article 17 : Ordonnance provisoire d'arrangement**
Urukiko rushobora gufata icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane iyo:	The court may make an interim order of arrangement if:	La juridiction peut rendre une ordonnance provisoire d'arrangement si :
1° ubereyemo abandi imyenda ari uwahombye utarahanagurwaho umwenda cyangwa ashobora kurega asaba ko hemezwa ko yahombye;	1° the debtor is an undischarged bankrupt or is able to apply for his or her own bankruptcy;	1° le débiteur est un failli non libéré ou peut demander sa propre faillite;
2° uwahombye utarahanagurwaho umwenda yamenyesheje uwasabiwe kuba umugenzuzi ubushake bwo kumvikana;	2° an undischarged bankrupt has given notice of such intention to the proposed supervisor;	2° un failli non libéré a notifié une telle intention au superviseur proposé;
3° ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo watoranyijwe yemera gukora nk'umugenzuzi w'ubwumvikane bwasabwe, yaba ari bubikore nk'umucungamutungo	3° a named insolvency practitioner is willing to act as supervisor of the proposed arrangement, either as trustee or otherwise for the purpose of supervising its implementation;	3° un praticien de l'insolvabilité désigné désire agir en tant que superviseur d'arrangement proposé, soit en tant que syndic, soit autrement pour superviser sa mise en œuvre;

w'uwahombye cyangwa ukundi agamije kugenzura iyubahirizwa ryabwo;		
4° nta kirego kibanziriza icyo cyigeze gutangwa n'ubereyemo abandi imyenda cyangwa uwasabiwe kuba umugenzuzi gisaba icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) arangirana n'uwo munsi;	4° no previous application has been made by a debtor or proposed supervisor of his or her estate for an interim order of the arrangement within twelve (12) months ending with that day;	4° aucune demande d'ordonnance provisoire d'arrangement n'a été faite préalablement par le débiteur ou le superviseur proposé de ses actifs dans les douze (12) mois se terminant par ce jour;
5° gufata icyo cyemezo ari byo bikwiye hagamijwe gufasha iyemezwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwasabwe n'ubereyemo abandi imyenda.	5° making the order is appropriate for the purpose of facilitating the consideration and implementation of the debtor's proposed arrangement.	5° rendre cette ordonnance est approprié pour faciliter l'examen et la mise en œuvre de l'arrangement proposé par le débiteur.
Iyo ikirego kigamije gufata icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane kikiburanishwa, ikirego icyo ari cyo cyose, irangizwa cyangwa izindi nzira zose zemewe n'amategeko zifite ingaruka ku mutungo cyangwa k'ubereyemo abandi imyenda birahagarara.	When an application for an interim order of arrangement is pending in court, any action, execution or other legal process against the property or person of the debtor is suspended.	Lorsque la demande d'ordonnance provisoire d'arrangement est pendante devant la juridiction, toute action, exécution ou autre procédure judiciaire contre les biens ou la personne du débiteur est suspendue.
Icyakora, ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate bwo gufatira no kubyaza umusaruro	However, the provisions of Paragraph 2 of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realise any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.	Toutefois, les dispositions de l'alinéa 2 du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser des biens formant la masse de la faillite à l'égard desquels ce créancier est garanti.

umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.		
<u>Ingingo ya 18</u>: Inkurikizi z'icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**<u>Article 18</u>: Effects of interim order of debt arrangement**	**<u>Article 18 :</u> Effets d'une ordonnance provisoire d'arrangement de dette**
Mu gihe icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda cy'urukiko kigifite agaciro:	During the period for which the court's interim order of arrangement is in force:	Pendant la période d'application de l'ordonnance d'arrangement provisoire de la juridiction est en vigueur :
1° nta kirego gisaba ikurikirana ry'igihombo cyerekeye umuntu ku giti cye gishobora gutangwa cyangwa gukomeza gukurikiranwa;	1° no application for bankruptcy relating to the individual can be made or proceeded with;	1° aucune demande de faillite relative à l'individu ne peut être faite ou poursuivie ;
2° uretse igihe urukiko rufashe icyemezo, nta bindi byemezo bishobora gufatwa ku mutungo w'umuntu ku giti cye kugira ngo hasabwe ubwishyu kandi nta rubanza, irangizarubanza cyangwa indi nzira iteganywa n'amategeko bishobora gutangizwa cyangwa gukomeza.	2° except with the order of the court, no other steps can be taken to enforce any charge over any of the individual's property and no other proceedings, execution or other legal process may be commenced or continued against the individual or his or her property.	2° sauf avec ordonnance judiciaire, aucune autre mesure ne peut être prise en vue de l'exécution d'une garantie sur les biens de l'individu et aucune autre procédure, exécution ou autre procédure judiciaire peut être intentée ou poursuivie contre l'individu ou ses biens.
Iyo umuntu ku giti cye ari uwahombye utarahanagurwaho umwenda, icyemezo cy'agateganyo gishobora kuba gikubiyemo ingingo yerekeye uko igihombo kigomba gukurikiranwa n'uko imicungire y'umutungo w'uwahombye igomba	Where the individual is an undischarged bankrupt, an interim order may contain provision as to the conduct of the bankruptcy and the administration of the bankrupt's estate, during the period for which the order	Lorsque l'individu est un failli non libéré, une ordonnance provisoire peut contenir une disposition relative à la conduite de la faillite et à l'administration de la masse de la faillite, pendant la période de validité de l'ordonnance, y

gukorwa mu gihe cyose icyo cyemezo kizaba kigifite agaciro, harimo n'ingingo isubika imanza z'ikurikirana ry'igihombo.	is in force, including provision suspending proceedings in the bankruptcy.	compris une disposition suspendant la procédure de faillite.
Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate bwo gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.	However, the provisions of Paragraph One of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.	Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser des biens formant la masse de la faillite à l'égard desquels ce créancier est garanti.
Ingingo ya 19: Inshingano z'ubereyemo abandi imyenda mu gihe cy'icyemezo cy'agateganyo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 19: Duties of a debtor during interim order of arrangement**	**Article 19: Devoirs d'un débiteur lors d'une ordonnance provisoire d'arrangement**
Iyo icyemezo cy'agateganyo kikimara gufatwa, ubereyemo abandi imyenda ashyikiriza uwasabiwe kuba umugenzuzi inyandiko isobanura ibikubiye mu bwumvikane ubereyemo abandi imyenda yifuza n'inyandiko igaragaza uko ahagaze ikubiyemo amakuru yerekeye abo uwo muntu ku giti cye abereyemo imyenda, imyenda afite, imitungo n'andi makuru ashobora gusabwa.	Upon the making of an interim order, the debtor submits to the proposed supervisor a document setting out the terms of the arrangement which the debtor is proposing and a statement of his or her affairs containing particulars of the individual's creditors, debts, assets and other information as may be prescribed.	Dès la prise d'une ordonnance provisoire, le débiteur soumet au superviseur proposé un document énonçant les modalités de l'arrangement que le débiteur propose et l'état de ses affaires contenant des détails sur ses créanciers, dettes, actifs et autres informations qui peuvent être prescrites.
Ingingo ya 20: Raporo igenerwa urukiko ikorwa n'umugenzuzi	**Article 20: Report to the court made by the supervisor**	**Article 20 : Rapport à la juridiction fait par le superviseur**
Uwasabiwe kuba umugenzuzi aha urukiko raporo mu nyandiko igaragaza niba inama	The proposed supervisor gives the court a report in writing stating whether a creditors'	Le superviseur proposé remet à la juridiction un rapport écrit indiquant si une assemblée des

y'ababerewemo imyenda igomba gusuzuma ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa n'ubereyemo abandi imyenda.	meeting should consider the debtor's proposed arrangement.	créanciers devrait examiner l'arrangement proposé par le débiteur.
Iyo uwasabiwe kuba umugenzuzi abisabye, urukiko rushobora kongera igihe icyemezo cy'agateganyo kimara kugira ngo rumuhe igihe cy'inyongera cyo gutegura raporo.	On the application made by the proposed supervisor, the court may extend the period of the interim order so as to give him or her more time to prepare the report.	Sur demande du superviseur proposé, la juridiction peut prolonger la durée de l'ordonnance provisoire pour lui donner plus de temps pour préparer le rapport.
Urukiko rushobora kandi gusesa icyemezo cy'agateganyo iyo umuntu ku giti cye ananiwe kubahiriza inshingano ze nk'ubereyemo abandi imyenda cyangwa iyo, ku yindi mpamvu iyo ariyo yose, urukiko rubona bidakwiriye gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo basuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwifuzwa n'ubereyemo abandi imyenda.	The court may also nullify the interim order if the individual has failed to comply with his or her duties as a debtor or if, for any other reason, it considers inappropriate to call a creditors' meeting to consider the debtor's proposed arrangement.	La juridiction peut également annuler l'ordonnance provisoire si l'individu a manqué à ses devoirs en tant que débiteur ou si, pour toute autre raison, il juge inopportun de convoquer une assemblée des créanciers pour examiner l'arrangement proposé par le débiteur.
Urukiko rushobora, iyo rubisabwe n'ubereyemo abandi imyenda bitewe n'uko uwasabiwe kuba umugenzuzi yananiwe gutanga raporo, gutegeka ko uwasabiwe kuba umugenzuzi asimburwa n'undi usabiwe kuba umugenzuzi kandi rukaba rwategeka ko icyemezo cy'agateganyo gikomeza cyangwa cyongererwa igihe.	The court may, on an application made by a debtor in a case where the proposed supervisor has failed to submit the report, order that the proposed supervisor be replaced by another proposed supervisor and that the interim order continues or if it has ceased to have effect, be renewed for further period.	La juridiction peut, à la demande du débiteur dans le cas où le superviseur proposé n'a pas soumis le rapport, ordonner que le remplacement du superviseur proposé par un autre superviseur proposé et que l'ordonnance provisoire continue ou, si elle a cessé d'avoir effet, soit renouvelée pour une période ultérieure.

Ingingo ya 21: Inama y'ababerewemo imyenda igamije gusuzuma ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa	**Article 21: Creditors' meeting to consider proposed arrangement**	**Article 21: Assemblée des créanciers pour examen de l'arrangement proposé**
Iyo urukiko rumaze gusuzuma raporo, rushobora gutegeka uwasabiwe kuba umugenzuzi gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo basuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa, bityo rukongera igihe icyemezo cy'agateganyo kigomba kumara gifite agaciro.	Having considered the report, the court may order the proposed supervisor to convene a creditors' meeting to consider the proposed arrangement, and for that purpose, extend the period for which the interim order has effect.	Après avoir examiné le rapport, la juridiction peut ordonner au superviseur proposé de convoquer une assemblée des créanciers pour examiner l'arrangement proposé et, à cette fin, prolonger la période pour laquelle l'ordonnance provisoire a effet.
Uwasabiwe kuba umugenzuzi agomba gutumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo isuzume ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyafashwe.	The proposed supervisor must convene a creditor's meeting to consider the proposed arrangement within thirty (30) working days from the day following the day on which the interim order for arrangement was made.	Le superviseur proposé doit convoquer une assemblée des créanciers pour examiner l'arrangement proposé dans les trente (30) jours ouvrables suivant le jour de prise de l'ordonnance provisoire d'arrangement.
Umugenzuzi wateganyijwe yohereza ababerewemo imyenda ubutumire bw'inama hamwe na kopi y'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa nibura mu minsi icumi (10) y'akazi mbere y'uko inama iterana.	The proposed supervisor sends a notice of the meeting to creditors with a copy of the proposal of arrangement at least ten (10) working days before the meeting.	Le superviseur proposé envoie aux créanciers un avis de convocation accompagné d'une copie de la proposition d'arrangement au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de l'assemblée.

<u>Ingingo ya 22</u>: Umwanzuro ufatirwa mu nama y'ababerewemo imyenda werekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa	**<u>Article 22</u>: Resolution in creditor's meeting on proposed arrangement**	**<u>Article 22</u>: Résolution prise lors de l'assemblée des créanciers concernant l'arrangement proposé**
Ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa bwemezwa n'ababerewemo imyenda iyo butowe ku majwi atari munsi ya mirongo irindwi n'atanu ku ijana (75%) by'amajwi y'ababerewemo imyenda batoye.	A proposed arrangement is approved by creditors if voted by at least seventy-five percent (75%) of votes of all the creditors having taken part in the vote.	Un arrangement proposé est approuvé par les créanciers s'il est voté à concurrence d'au moins soixante-quinze pourcent (75%) des voix de tous les créanciers ayant participé au vote.
Inama y'ababerewemo imyenda ntishobora kwemeza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda buteganywa hatabanje kubaho ukwemera k'uberewemo umwenda wishyurwa mbere y'abandi bireba, iyo:	The creditors' meeting may not approve any proposed arrangement before the consent of the preferential creditor concerned, if:	L'assemblée des créanciers ne peut approuver aucun arrangement proposé avant le consentement du créancier privilégié concerné, si:
1° umwenda wishyurwa mbere, ugomba kwishyurwa mu buryo butari ububanziriza indi myenda kubera ko itari mu myenda yishyurwa mbere y'iyindi;	1° any preferential debt of the individual is to be paid otherwise than in priority to such of the debts as are not preferential debts;	1° une quelconque dette privilégiée de l'individu doit être payée autrement qu'en priorité par rapport aux dettes qui ne sont pas des dettes privilégiées;
2° uberewemo umwenda wishyurwa mbere y'indi agomba kwishyurwa n'umubereyemo umwenda amafaranga runaka kuri uwo mwenda wishyurwa mbere y'indi, utwara ikigereranyo gito cyane kuri uwo mwenda, ugereranyije n'igice cyakwishyurwa ku wundi mwenda wishyurwa mbere, ku ngano	2° a preferential creditor of the debtor is to be paid an amount in respect of a preferential debt that bears to that debt a smaller proportion than is borne to another preferential debt by the amount that is to be paid in respect of that other debt.	2° le créancier privilégié doit être payé par le débiteur une somme donnée de cette créance privilégiée représentant une proportion faible de cette créance comparativement à une partie qui, pour une autre créance privilégiée, peut être payée sur la somme totale devant être payé pour cette autre créance;

y'umubare ugomba kwishyurwa ku bireba uwo mwenda wundi.		
<u>Ingingo ya 23</u>: Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**<u>Article 23</u>: Arrangement order**	**<u>Article 23</u>: Ordonnance d'arrangement**
Uwasabiwe kuba umugenzuzi ashyikiriza urukiko raporo y'ibyemezo by'inama y'ababerewemo imyenda ku busabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda.	The proposed supervisor submits to the court a report on the resolutions of the creditor's meeting on proposed arrangement.	Le superviseur proposé soumet à la juridiction un rapport sur les résolutions de l'assemblée des créanciers sur l'arrangement proposé.
Iyo inama yanze kwemeza ubusabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, urukiko rukuraho icyemezo cy'agateganyo ku bwumvikane cyari cyarafashwe kirebana n'ubereyemo abandi imyenda.	If the meeting has declined to approve a proposed arrangement, the court discharges any interim order which is in force in relation to the debtor.	Si la réunion a refusé d'approuver une proposition d'arrangement, la juridiction annule l'ordonnance provisoire d'arrangement en vigueur à l'égard du débiteur.
Iyo inama yemeje ubusabe bw'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, yaba yabwemeje uko buri cyangwa yasabye ko habamo impinduka, urukiko rushobora:	If the meeting has approved a proposed arrangement, with or without modification, the court may:	Si la réunion a approuvé un arrangement proposé, avec ou sans modification, la juridiction peut :
1° gufata icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;	1° make an arrangement order;	1° rendre une ordonnance d'arrangement;
2° gufata ikindi cyemezo cy'inyongera rubona ko ari ngombwa.	2° make such an additional order as it considers appropriate.	2° rendre toute ordonnance supplémentaire qu'elle estime appropriée.

Iyo umuntu ku giti cye ari uwahombye utarahanagurwaho umwenda, urukiko rufata icyemezo kivugwa mu gace ka 2° ku birebana n'uburyo bugomba gukurikizwa mu mikurikiranire y'igihombo n'uko umutungo w'uwahombye ugomba gucungwa rukurikije uko rubona igikwiriye mu rwego rwo koroshya ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo bwumvikane.	If the individual is an undischarged bankrupt, the court issues instructions referred to in item 2° with respect to the conduct of the bankruptcy and the administration of the bankrupt's estate as it considers appropriate for facilitating the implementation of the arrangement.	Si l'individu est un failli non libéré, la juridiction donne les instructions visées au point 2 concernant la conduite de la faillite et l'administration des biens formant la masse de la faillite de la manière qu'elle juge appropriée pour faciliter la mise en œuvre de l'arrangement.
Iyo urukiko rumaze gutanga icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, umugenzuzi yohereza buri wese uzwi ko aberewemo umwenda, inyandiko imenyesha ko ubwumvikane bwatangiye kugira agaciro ndetse na rubanda.	After the arrangement order is granted by the court, the supervisor sends to each known creditor an individual written notice and give public notice that an arrangement has taken effect.	Après que l'ordonnance d'arrangement est accordée par la juridiction, le superviseur envoie à chaque créancier connu un avis écrit individuel et donne avis public qu'un arrangement a pris effet.
<u>Ingingo ya 24</u>: Inkurikizi z'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**<u>Article 24</u>: Effects of arrangement order**	**<u>Article 24</u>: Effets d'une ordonnance d'arrangement**
Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda kigomba kubahirizwa n'ubereyemo abandi imyenda icyo cyemezo cyafatiwe, umugenzuzi w'ubwo bwumvikane n'ababerewemo imyenda bose ku birebana n'ibyo yishyuzwa bigaragara ku munsi cyangwa mbere y'umunsi uvugwa mu bwumvikane.	An arrangement order binds the debtor in respect of whom the arrangement order is made, the supervisor of the arrangement and all the debtor's creditors in relation to claims arising on or before the day specified in the arrangement.	Une ordonnance d'arrangement lie le débiteur à l'égard duquel l'ordonnance d'arrangement est rendue, le superviseur de l'arrangement et tous les créanciers du débiteur relativement aux réclamations nées au plus tard le jour précisé dans l'arrangement.

Umuntu urebwa n'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda ntagomba:	A person bound by an arrangement order must not:	Une personne liée par une ordonnance d'arrangement ne doit pas :
1° gutanga ikirego cyemeza igihombo cyangwa gukomeza gukurikirana ikirego cyemeza igihombo cyatanzwe mbere y'uko ategekwa kubahiriza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;	1° make an application for a bankruptcy order or proceed with such an application made before the arrangement became binding on the person;	1° introduire une demande de faillite ou poursuivre une telle demande introduite avant qu'elle ne soit liée par l'arrangement;
2° gukora ibindi bikorwa ibyo ari byo byose bigamije gufatira cyangwa kugurisha umutungo wari waratanzweho ingwate w'ubereyemo abandi imyenda;	2° take any other steps to enforce any charge over any of the debtor's property;	2° prendre toutes autres mesures visant l'exécution de toute garantie sur l'un des biens du débiteur ;
3° gutangiza cyangwa gukomeza ibindi birego, irangiza ry'ibyemezo cyangwa izindi nzira z'amategeko zireba ubereyemo abandi imyenda cyangwa umutungo we, keretse abanje kubiherwa uburenganzira n'urukiko.	3° commence or continue other proceedings, execution or other legal process against the debtor or his or her property except with the order of the court.	3° engager ou poursuivre d'autres procédures, exécution ou autre procédure judiciaire contre le débiteur ou ses biens, sauf sur ordonnance judiciaire.
Icyakora, ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate bwo gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.	However, the provisions of Paragraph 2 of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.	Toutefois, les dispositions de l'alinéa 2 du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser des biens formant la masse de la faillite à l'égard desquels ce créancier est garanti.

<u>Ingingo ya 25</u>: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda Umugenzuzi ashobora gutumiza inama y'ababerewemo imyenda igihe cyose abona ko ari ngombwa cyangwa iyo byasabwe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda ifite agaciro katari munsi y'icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'imyenda yose ubereyemo abandi imyenda afite. Inama y'ababerewemo imyenda ifite ububasha bwo gusaba umugenzuzi raporo zirebana n'imigendekere y'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda.	**<u>Article 25:</u> Creditors' meeting during the arrangement** The supervisor may convene a creditors' meeting whenever he or she deems it necessary or if so requested in writing by creditors whose claims against the debtor is not less than ten percent (10%) of the value of all claims against the debtor. A creditors' meeting has the power to request reports from the supervisor on the progress of the arrangement.	**<u>Article 25 :</u> Assemblée des créanciers lors de l'arrangement** Le superviseur peut convoquer une assemblée des créanciers chaque fois qu'il le juge nécessaire ou sur demande écrite des créanciers dont les créances à l'encontre du débiteur représentent au moins dix pour cent (10%) de la valeur de toutes les créances à l'encontre du débiteur. L'assemblée des créanciers a le pouvoir de demander au superviseur des rapports sur l'état d'avancement de l'arrangement.
<u>Ingingo ya 26:</u> Ihinduka ry'icyemezo cyerekeye ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda cyose uko cyakabaye cyangwa igice cyacyo gishobora guhindurwa n'urukiko iyo bisabwe n'umuntu uwo ari we wese ugomba kucyubahiriza iyo habaye impinduka ikomeye mu miterere y'imari y'ubereyemo abandi imyenda.	**<u>Article 26:</u> Variation of arrangement order** An arrangement order may be modified by the court either in whole or in part on the application of any person who is bound by it when there is a material change in the financial position of the debtor.	**<u>Article 26 :</u> Modification d'une ordonnance d'arrangement** Une ordonnance d'arrangement peut être modifiée par la juridiction, en tout ou en partie, à la demande de toute personne qui est liée par elle lorsqu'il y a un changement important dans la situation financière du débiteur.

Ingingo ya 27: Irangira ry'icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 27: Termination of arrangement order**	**Article 27: Cessation d'une ordonnance d'arrangement**
Icyemezo cy'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda kirangizwa n'impamvu zikivugwamo cyangwa icyemezo cy'urukiko.	An arrangement order is terminated upon the court order or on the circumstances specified in the arrangement order.	Une ordonnance d'arrangement cesse sur ordonnance judiciaire ou dans les circonstances spécifiées dans l'ordonnance d'arrangement.
Ikirego gisaba irangizwa ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda gishobora gutangwa n'uwahombye utarahanagurwaho umwenda, umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu uwo ari we wese ugomba kucyubahiriza.	An application for the termination of an arrangement may be made to the court by the individual who is an undischarged bankrupt, the trustee of his or her estate or any person who is bound by it.	Une demande de cessation d'un arrangement peut être présentée à la juridiction par un individu qui est un failli non libéré, le syndic ou toute personne liée par cet arrangement.
Urukiko rufata icyemezo kirangiza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda iyo:	The court makes an order for termination of an arrangement if:	La juridiction rend une ordonnance de cessation d' un arrangement si :
1° umugenzuzi cyangwa ababerewemo imyenda bahawe amakuru atari ukuri cyangwa ayobya ku birebana n'umutungo w'ubereyemo abandi imyenda, cyangwa nta yo bigeze bahabwa, kandi yari kubafasha guhitamo niba batora bemera ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda;	1° the supervisor or creditors were given information about the debtor's property, affairs or financial circumstances that was false or misleading, or information was not given to them, and which can reasonably be expected to have been material to creditors in deciding whether to vote in favour of the arrangement;	1° le superviseur ou les créanciers ont reçu des informations sur les biens du débiteur, ses affaires ou sa situation financière qui étaient fausses ou trompeuses, ou n'ont pas reçu d'informations alors que l'on peut raisonnablement penser que de telles informations les auraient poussés à décider de voter en faveur de l'arrangement;

2° raporo yashyikirijwe urukiko irimo amakuru atari yo cyangwa ayobya cyangwa hari ibyirengagijwe gushyirwamo;	2° the report submitted to the court contained false or misleading information or omissions;	2° le rapport soumis à la juridiction contenait des informations fausses ou trompeuses ou des omissions;
3° umuntu ugomba kubahiriza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda yananiwe kuzuza inshingano ze;	3° a person bound by the arrangement has failed to comply with his or her obligations under it;	3° une personne liée par l'arrangement n'a pas respecté ses obligations qui en découlent;
4° ubereyemo abandi imyenda yarananiwe kubahiriza izindi nshingano zifitanye isano n'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda yasabwe n'umugenzuzi;	4° the debtor has failed to comply with other obligations related to the arrangement reasonably required of him or her by the supervisor;	4° le débiteur n'a pas réussi à respecter les autres obligations raisonnablement exigées de lui par le superviseur;
5° bigaragara ko ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda budashobora kurangira hatabayemo akarengane cyangwa ubukererwe butari ngombwa;	5° the arrangement cannot be completed without injustice or undue delay;	5° l'arrangement ne peut être réalisé sans injustice ou retard injustifié;
6° ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bwategetswe ku gitugu, burenganya cyangwa buvangura umwe cyangwa benshi mu baberewemo imyenda cyangwa bubangamiye inyungu z'ababerewemo imyenda bose;	6° the arrangement is unfairly prejudicial or discriminatory against one or more creditors or contrary to the interests of creditors as a whole;	6° l'arrangement est injustement préjudiciable ou discriminatoire à l'égard d'un ou plusieurs créanciers ou contraire aux intérêts de l'ensemble des créanciers;

7° ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda bushobora kurangizwa n'indi mpamvu yose yakwemezwa n'urukiko.	7° the arrangement may be terminated for any other reason approved by the court.	7° l'arrangement peut cesser pour tout autre motif approuvé par la juridiction.
Uretse mu gihe urukiko rubitegetse ukundi, kopi y'ikirego gisaba kurangiza ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda igomba gushyikirizwa umugenzuzi mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'iburanisha ry'ikirego kandi umugenzuzi ashobora kwitaba no kumvwa mu iburanisha.	Except where the court orders otherwise, a copy of any application to terminate the arrangement must be served on the supervisor not less than five (5) working days before the hearing of the application, and the supervisor may appear and be heard at the hearing.	Sauf ordonnance contraire de la juridiction, une copie de toute demande de cessation de l'arrangement doit être signifié au superviseur au moins cinq (5) jours ouvrables avant l'audition de la demande, et le superviseur peut comparaître et être entendu à l'audience.
Ingingo ya 28: Inyandiko imenyekanisha irangira ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda	**Article 28: Notice of termination of arrangement**	**Article 28: Avis de la cessation d'arrangement**
Iyo ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda burangiye, umugenzuzi amenyesha mu nyandiko uberewemo umwenda uzwi, irangira ry'ubwumvikane kandi akanatanga imenyesha rigenewe rubanda.	Where an arrangement is terminated, the supervisor sends written notice of termination to each known creditor and gives public notice of such termination.	Lorsqu'il est mis fin à l'arrangement, le superviseur envoie un avis écrit de cessation de l'arrangement à chaque créancier connu et donne un avis public de cette cessation.
Ingingo ya 29: Kutubahiriza inshingano z'umugenzuzi	**Article 29: Supervisor's failure to discharge his or her duties**	**Article 29 : Manquement par le superviseur à l'accomplissement de ses fonctions**
Iyo umugenzuzi ananiwe kubahiriza inshingano ze zikomoka ku bwumvikane ku myishyurire y'imyenda cyangwa ku	If the supervisor fails to comply with his or her duties arising from the arrangement or order of the court, on the application by any interested party, the court may:	Si le superviseur ne parvient pas à se conformer à ses obligations découlant de l'arrangement ou de l'ordonnance judiciaire, la juridiction peut, à la demande de toute partie intéressée :

cyemezo cy'urukiko, bisabwe n'uruhande rubifitemo inyungu, urukiko rushobora:		
1° kumukuriraho inshingano yubahirizaga zose cyangwa igice cyazo;	1° relieve him or her of the duty to comply, in whole or in part;	1° le libérer de son devoir de se mettre en conformité, en tout ou en partie;
2° kumutegeka kubahiriza ibyasabwe mu cyemezo;	2° order him or her to comply with what is specified in the order;	2° lui ordonner de se conformer à ce qui est énoncé dans l'ordonnance;
3° kumuvana mu mwanya hagashyirwamo undi muntu ukora nk'umugenzuzi.	3° remove him or her from office and appoint someone else as supervisor.	3° le révoquer et nommer quelqu'un d'autre comme superviseur.
Mu gihe hafashwe icyemezo ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agace ka 3°, urukiko rushobora gufata icyemezo hagamijwe kubungabunga umutungo w'urimo umwenda, harimo icyemezo gisaba umugenzuzi wakuweho kugaragaza ibaruramari, inyandiko cyangwa andi makuru akenewe kubera izo mpamvu.	Where an order is made under Paragraph One, item 3° of this Article, the court may make such order as is appropriate for the preservation of the debtor's property, including an order requiring the removed supervisor to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.	Lorsqu'une ordonnance est rendue en vertu de l'alinéa premier, point 3°, du présent article la juridiction peut rendre toute ordonnance appropriée pour la préservation des biens du débiteur, y compris une ordonnance enjoignant le superviseur révoqué de mettre à disposition tous comptes, documents et autres informations nécessaires à cet effet.
Imiburanishirize yose yerekeye ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba gishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, nawe akabika kopi y'icyo kirego. muri dosiye ifite ibimenyetsoshakiro bihura n'amazina y'umugenzuzi bireba.	All proceedings relating to any application for an order under this article must be served on the Registrar General who, in turn, keeps a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the supervisor concerned.	Toutes les procédures relatives à une demande d'ordonnance en vertu du présent article doivent être signifiées au Registraire général qui, à son tour, conserve une copie de la procédure d'un dossier ouvert au public indexé par référence au nom du superviseur concerné.

<u>Ingingo ya 30:</u> Umwanya w'ubugenzuzi udafite uwurimo	**<u>Article 30</u>: Vacancy in the office of supervisor**	**<u>Article 30:</u> Vacance du poste de superviseur**
Umwanya w'umugenzuzi uba nta muntu uwurimo iyo umuntu wari uwurimo: 1° akuwe mu mwanya n'urwego rwamushyizeho; 2° yeguye; 3° atacyujuje ibisabwa ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo; 4° abibujijwe n'icyemezo cy'urukiko; 5° apfuye.	The office of supervisor becomes vacant if the person holding office: 1° is removed from office by the appointing authority; 2° resigns; 3° becomes disqualified as an insolvency practitioner; 4° is the subject of a prohibition order; 5° dies.	Le poste de superviseur devient vacant si la personne occupant ce poste : 1° est révoquée par l'autorité de nomination; 2° démissionne; 3° ne remplit plus les conditions requises pour être praticien de l'insolvabilité; 4° en est interdit par une ordonnance judiciaire; 5° décède.
Umugenzuzi ashobora kwegura ku mwanya w'umugenzuzi atanze integuza y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi. Muri icyo gihe atumiza inama y'ababerewemo imyenda bakagena umusimbura.	A supervisor may resign from the office of supervisor by providing a notice of fifteen (15) working days. In that period, the supervisor convenes a meeting of creditors that appoints his or her successor.	Un superviseur peut démissionner de son poste de superviseur en donnant un préavis de quinze (15) jours ouvrables. Pendant cette période, il convoque une assemblée des créanciers qui nomme son successeur.
Urukiko, rubisabwe n'uwo ari we wese uberewemo umwenda, rushobora gusuzuma ishyirwaho ry'umusimbura w'umugenzuzi kandi mu gihe bibaye ngombwa, rushobora gushyiraho undi mugenzuzi.	The court, on the application of any creditor, may review any appointment of a successor to a supervisor and may, where necessary, appoint another supervisor.	La juridiction, sur la demande de tout créancier, peut examiner toute nomination d'un successeur à un superviseur et peut, le cas échéant, nommer un autre superviseur.

Iyo nta muntu n'umwe urimo gukora nk'umugenzuzi biturutse ku kuba umugenzuzi yaravuye mu mwanya agasiga nta muntu uwurimo, umucungamutungo w'uwahombye akora nk'umugenzuzi w'agateganyo kandi agashyiraho uwo gusimbura umugenzuzi wagiye, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi.	Where no person is acting as supervisor as a result of vacation of office, the trustee acts as a provisional supervisor and appoints as soon as possible the outgoing supervisor's successor within seven (7) working days.	Si personne n'agit à titre de superviseur suite à la vacance de poste, le syndic agit comme le superviseur provisoire et nomme le plutôt possible le successeur du superviseur sortant dans les sept (7) jours ouvrables.
Umugenzuzi wavuye mu mwanya agasiga nta muntu uwurimo agomba gutanga amakuru n'ubufasha ku migendekere y'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda nk'uko umusimbura w'uwo muntu yabisaba ku mpamvu zumvikana.	A person vacating the office of supervisor gives such information and assistance in the conduct of the arrangement as that person's successor may reasonably requires.	Une personne qui quitte son poste de superviseur donne, lors de la réalisation d'un arrangement, toute information et assistance que son successeur peut raisonnablement exiger de lui.
<u>Icyiciro cya 4</u>: Ubwumvikane bw'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa bw'ubufatanye mu bucuruzi n'ababerewemo imyenda	**<u>Section 4</u>: Compromise with creditors**	**<u>Section 4</u>: Compromis avec les créanciers**
<u>Ingingo ya 31:</u> Ububasha bwo gusaba ubwumvikane	**<u>Article 31:</u> Power to propose compromise**	**<u>Article 31 :</u> Pouvoir de proposer un compromis**
Abantu bakurikira bashobora gusaba gahunda y'ubwumvikane: 1° ubereyemo abandi imyenda; 2° ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;	The following persons may propose a compromise plan: 1° a debtor; 2° insolvency practitioner;	Les personnes suivantes peuvent proposer un plan de compromis : 1° un débiteur; 2° un praticien de l'insolvabilité;

3° uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi.	3° a company's or partnership's creditor.	3° un créancier d'une société commerciale ou d'une société de personnes.
<u>Ingingo ya 32:</u> Gahunda y'ubwumvikane	**<u>Article 32:</u> Compromise plan**	**<u>Article 32:</u> Plan de compromis**
Gahunda y'ubwumvikane igomba kuba ikubiyemo amakuru yose arebana n'impamvu n'inkurikizi zayo kugira ngo ababerewemo imyenda babisuzume igihe barebera hamwe iyo gahunda no kugira ngo bayemeze.	The plan must contain all information relating to the basis and its effects which must be considered by the creditors during examination and for its confirmation.	Le plan de compromis doit contenir toutes les informations sur le fondement et les effets devant être examinés par les créanciers lors de l'examen et de l'approbation du plan.
Iyo gahunda igomba kugaragaza:	The plan must indicate:	Le plan doit indiquer ce qui suit :
1° urutonde rw'imitungo yose y'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi rugaragaza neza imitungo yatanzweho ingwate mbere ya gahunda y'ubwumvikane;	1° a list of all the assets of the company or partnership as well as an indication of the assets held as security by creditors before the compromise plan;	1° liste reprenant tous les actifs d'une société commerciale ou d'une société de personnes ainsi qu'une mention des actifs détenus à titre de garantie par les créanciers avant le plan de compromis ;
2° raporo ya vuba y'imiterere y'imari yakozwe n'umubaruramari w'umwuga;	2° current financial statement made by certified public accountant;	2° état financier actuel établi par un expert-comptable agréé;
3° urutonde n'ibyiciro by'ababerewemo imyenda;	3° list and classes of creditors;	3° liste et catégories de créanciers;
4° imyenda ya buri cyiciro n'uburenganzira bujyana na cyo;	4° claims of each class and related rights;	4° créances de chaque catégorie et droits y relatifs;

5° uburyo bw'iyishyura rya buri cyiciro cy'imyenda n'uburenganzira bujyana na cyo;	5° mode of payment of each class of claims and related rights;	5° mode de paiement de chaque catégorie de créances et droits y relatifs;
6° amafaranga buri cyiciro cy'ababerewemo imyenda cyabona haramutse habaye iseswa.	6° the probable payment each class of creditors would get if the company were to be placed in liquidation.	6° paiement éventuel que recevrait chaque catégorie de créanciers en cas de liquidation de la société.
Gahunda y'ubwumvikane igomba kugaragaza uburyo buhagije buzatuma ishyirwa mu bikorwa, nko:	The compromise plan must provide adequate means for its implementation, such as:	Le plan de compromis doit prévoir les moyens suffisants pour sa mise en œuvre, tels que :
1° kuba ubereyemo abandi imyenda agumana umutungo wose cyangwa igice cyawo;	1° retentions by the debtor of all or any part of the property;	1° la rétention par le débiteur de tout ou partie des biens;
2° guhererekanya umutungo wabo wose cyangwa igice cyawo;	2° transfer of a part or the whole of their property;	2° le transfert de tout ou partie de leurs biens;
3° kubahiriza cyangwa guhindura uburenganzira bwo kwishyurwa mbere;	3° satisfaction or modification of the right to preference;	3° le respect ou la modification du droit de privilège;
4° gutesha agaciro cyangwa guhindura amasezerano;	4° invalidation or modification of contract;	4° l'annulation ou la modification du contrat;
5° iyishyurwa ry'umwenda wari wararengeje igihe cyangwa gusonerwa kutubahiriza bimwe mu byari byarumvikanweho;	5° curing or waiving of any default;	5° la réparation ou exemption en cas de manquement ;

6° uburyo abakozi n'abayobozi bashyirwaho n'uko basimburana mu nyungu z'ababerewemo imyenda.	6° the procedures through which workers and directors are appointed and the mode of subsequent replacement on the interests of the creditors.	6° les procédures par lesquelles le personnel et les directeurs sont nommés et le mode de leur remplacement ultérieur aux fins des intérêts des créanciers.
Gahunda y'ubwumvikane ishobora kandi guteganya uburyo bukwiye bwo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo harimo gukora ku buryo imyenda yemewe n'imyenda yavutse mu gihe cy'ubwumvikane yishyurwa.	The compromise plan may also provide the appropriate means to implement it, including ensuring that accepted claims and claims that occurred during the period of compromise are settled.	Le plan de compromis peut également prévoir des moyens appropriés pour sa mise en œuvre, y compris ceux consistant à veiller à ce que les créances acceptées et les créances nées pendant la période de compromis soient réglées.
Gahunda y'ubwumvikane ishobora kandi kugaragaza andi makuru yose ya ngombwa mu ikurikirana ry'igihombo.	The compromise plan may also indicate all other information necessary during insolvency proceedings.	Le plan de compromis peut également indiquer toutes les autres informations nécessaires lors de la procédure d'insolvabilité.
Ingingo ya 33: Imenyesha ry'ubwumvikane bwasabwe	**Article 33: Notice of proposed compromise**	**Article 33 : Avis de compromis proposé**
Mu gihe cy'iminsi itari munsi y'icumi (10) y'akazi mbere y'uko inama iterana, usaba ubwumvikane atanga imenyesha rigenewe rubanda n'imenyesha ry'umuntu ku giti cye kuri buri muntu uberewemo umwenda uzwi, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi, umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agaragaza icyifuzo cyo gukora inama y'ababerewemo imyenda cyangwa ikindi cyiciro icyo ari cyo cyose	The proposer gives in not less than ten (10) working days before the meeting is held, a public notice and individual notice to each known creditor, company or partnership, administrator or liquidator indicating the intention to hold a meeting of creditors or any class of creditors for the purpose of voting on the draft resolution.	Le proposant donne dans un délai d'au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de l'assemblée, un avis public et un avis individuel à chaque créancier connu, à la société commerciale ou société de personnes, à l'administrateur ou au liquidateur indiquant son intention de tenir une assemblée des créanciers ou d'une quelconque catégorie de créanciers aux fins du vote sur le projet de résolution.

cy'ababerewemo imyenda igamije gutora umushinga w'icyemezo.		
Usaba ubwumvikane aha buri wese uberewemo umwenda uzwi, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi, umucungamutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ndetse n'Umwanditsi Mukuru imenyesha ryanditse ry'ibyavuye mu itora.	The proposer gives to each known creditor, the company or partnership, administrator or liquidator and to the Registrar General a written notice of the result of the voting.	Le proposant donne à chaque créancier connu, à la société commerciale ou société de personnes, à l'administrateur ou au liquidateur et au Registraire général un avis écrit du résultat du vote.
Iyo imenyesha ritumira inama ritanzwe, ikurikirana ry'uburyo ubwo ari bwo bwose ku mutungo w'ubereyemo abandi imyenda cyangwa gukomeza gukurikirana inzira ziteganywa n'amategeko mu kwishyuza zirahagarara keretse urukiko rubigennye ukundi.	When the notice for convening a meeting is issued, all proceedings against the property of the debtor or the continuation of legal proceedings to recover claims are stayed unless a court decides otherwise.	Lorsque l'avis de convocation de l'assemblée est donné, toutes les procédures contre les biens du débiteur ou la poursuite des procédures judiciaires pour recouvrer les créances sont suspendues à moins que la juridiction n'en décide autrement.
Ibiteganywa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.	The provisions of Paragraph 3 of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the insolvent estate over which that creditor has a charge.	Les dispositions de l'alinéa 3 du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser des biens formant la masse de l'insolvable à l'égard desquels ce créancier est garanti.
<u>Ingingo ya 34</u>: Ibikubiye mu nyandiko imenyesha rubanda n'abantu ku giti cyabo ubwumvikane	**<u>Article 34:</u> Content of public and individual notices of proposed compromise**	**<u>Article 34 :</u> Contenu des avis publics et individuels de compromis proposé**
Usaba ubwumvikane akora urutonde rw'ababerewemo imyenda bazwi n'ababerewemo imyenda ba buri cyiciro	The proposer compiles a list of known creditors and creditors in each class of creditors of the company or partnership who	Le proposant établit une liste des créanciers connus et des créanciers dans chaque catégorie de créanciers de la société commerciale ou de la

cy'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi bazagerwaho n'ingaruka z'ubwumvikane bwasabwe, hakagaragazwa umwenda ugomba kwishyurwa buri wese uberewemo umwenda n'umubare w'amajwi buri wese yemerewe mu gihe cyo gutora icyemezo cyemera ubwumvikane.	would be affected by the proposed compromise, setting out the amount owing to each and the number of votes which each is entitled to cast on a resolution approving the compromise.	société de personnes qui seraient affectés par le compromis proposé, en précisant le montant dû à chacun et le nombre de voix que chacun a le droit d'exprimer à l'égard d'une résolution approuvant le compromis.
Imenyesha rigenewe rubanda n'abantu ku giti cyabo ry'ubwumvikane rikubiyemo:	The public and individual notices of proposed compromise contain:	Les avis publics et individuels de compromis proposé contiennent :
1° amazina n'aderesi by'usaba n'ububasha afite;	1° the name and address of the proposer and the capacity in which he or she is acting;	1° le nom et l'adresse du proposant et la qualité en vertu de laquelle il agit;
2° agasanduka k'iposita, aho abarizwa na nomero ya telefoni yanyuzwaho ibibazo byohererezwa usaba;	2° the postal and physical address and telephone number to which inquiries may be directed to the proposer;	2° l'adresse postale et physique et le numéro de téléphone auxquels les demandes de renseignements peuvent être adressées au proposant;
3° inyandiko igaragaza mu buryo nyabwo impamvu z'ubwumvikane bwasabwe n'ingaruka zose bigaragara ko zishobora kubaho ku baberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi igihe umwanzuro wemera ubwumvikane waba watowe, harimo no kugaragaza inyungu ugize inama y'ubutegetsi wese yaba afite mu bwumvikane bwasabwe;	3° a statement fairly setting out reasons for the proposed compromise and all reasonably foreseeable consequences, for creditors and for the company or partnership if the resolution is approved, including the extent to which any director is interested in the proposed compromise;	3° une déclaration exposant clairement les motifs du compromis proposé et toutes les conséquences raisonnablement prévisibles, pour les créanciers et pour la société commerciale ou la société de personnes en cas d'approbation de la résolution, y compris la mesure dans laquelle tout membre du Conseil d'administration est intéressé par le compromis proposé ;

4° kopi y'urutonde rw'ababerewemo imyenda.	4° a copy of a list of creditors.	4° une copie d'une liste des créanciers.
<u>Ingingo ya 35</u>: Kwemeza ubwumvikane	**<u>Article 35</u>: Approval of compromise**	**<u>Article 35</u>: Approbation du compromis**
Ubwumvikane bwemezwa n'ababerewemo imyenda cyangwa buri cyiciro cy'ababerewemo imyenda iyo bitowe ku majwi atari munsi ya mirongo irindwi n'atanu ku ijana (75%) by'amajwi y'ababerewemo imyenda batoye.	A compromise is approved by creditors or any class of creditors if voted by at least seventy-five percent (75%) of votes of all creditors having taken part in the vote.	Un compromis est approuvé par les créanciers ou toute catégorie de créanciers si elle est votée à concurrence d'au moins soixante-quinze pourcent (75%) des voix de tous les créanciers ayant participé au vote.
Iyo icyemezo cy'ubwumvikane cyasabiwe gutorwa n'icyiciro kirenze kimwe cy'ababerewemo imyenda, bifatwa ko ukwemererwa ubwumvikane bwasabwe n'icyo cyiciro bushingira k'ukwemera kwa buri cyiciro cyemerewe gutora mu gihe cyo gufata icyemezo cy'ubwumvikane keretse icyo cyemezo kibaye kibigaragaza ukundi.	Where a resolution proposing a compromise is put to a vote of more than one class of creditors, it is presumed that the approval of the compromise by that class is conditional on the approval of the compromise by every other class voting on the resolution unless the contrary is expressly stated in the resolution.	Lorsqu'une résolution proposant un compromis est mise aux voix de plus d'une catégorie de créanciers, il est présumé que l'approbation du compromis par cette catégorie est subordonnée à l'approbation du compromis par toute autre catégorie de créanciers votant sur la résolution, sauf disposition expresse contraire de la résolution.
<u>Ingingo ya 36</u>: Amafaranga atangwa ku itegura n'iterana ry'inama y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 36:</u> Costs associated with the preparation and conducting of creditors' meeting**	**<u>Article 36 :</u> Coûts liés à la préparation et à la tenue de l'assemblée des créanciers**
Amafaranga akoreshwa mu itegura n'iterana ry'inama y'ababerewemo imyenda hagamijwe gutora ubwumvikane bwasabwe yishyurwa n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi biri mu ikurikirana ry'igihombo, uretse igihe urukiko rwaba rubitegetse ukundi.	Costs incurred in organizing and conducting a meeting of creditors for the purpose of voting on a proposed compromise are met by a company or partnership under insolvency proceedings, unless the court decides otherwise.	Sauf ordonnance judiciaire contraire, les frais engagés dans l'organisation et la tenue de l'assemblée des créanciers pour voter sur un compromis proposé sont à la charge de la société commerciale ou de la société de personnes faisant l'objet de la procédure d'insolvabilité.

Ingingo ya 37: Ububasha bw'urukiko mu kugenzura ubwumvikane	**Article 37: Powers of the court in supervising the compromise**	**Article 37 : Pouvoirs de la juridiction lors de la supervision du compromis**
Hashingiwe ku busabe butanzwe n'usaba ubwumvikane, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi, urukiko rushobora gufata icyemezo gikubiyemo ibigomba gukurikizwa, kureka cyangwa guhindura ibyasabwe iyo rubona ko ari byo bikwiye.	On the application made by the proposer, by the company or partnership, the court may make an order setting out, among other things, any procedural requirement, waive or vary such requirement if satisfied that it is appropriate action to take.	Sur demande présentée par le proposant, par la société commerciale ou par la société de personnes, la juridiction peut rendre une ordonnance précisant, entre autres, toute exigence procédurale, ne pas appliquer cette exigence ou la modifier si elle est convaincue qu'il s'agit d'une mesure appropriée à prendre.
Urukiko rushobora gutegeka ko, mu gihe kivugwa mu cyemezo kidashobora gutangira kubarwa mbere y'umunsi imenyesha ry'ubwumvikane ryatangiwe, ibirego byose bijyanye n'umwenda isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi bifite bihagarikwa cyangwa ko uberewemo umwenda ahagarika gukomeza gufata ibindi byemezo bituma isosiyete y'ubucuruzi yishyura umwenda irimo.	The court may order that during any period specified in the order, beginning not earlier than the date on which notice of the proposed compromise was given, any proceedings in relation to a debt owing by the company or partnership be suspended or any creditor refrain from taking any other measure to enforce payment of any debt owed by the company.	La juridiction peut ordonner que, pendant une quelconque période qui y est spécifiée et qui commence au plus tôt à la date à laquelle l'avis de compromis proposé a été donné, toute procédure en rapport avec une dette due par la société commerciale ou société de personnes soit suspendue ou que tout créancier s'abstienne de prendre toute autre mesure d'exiger le paiement de toute dette due par la société commerciale.
Icyakora, ibiteganywa mu gika kibanziriza iki ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate bwo gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.	However, the provisions of the preceding Paragraph do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the insolvent estate over which that creditor has a charge.	Toutefois, les dispositions de l'alinéa précédent n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser les biens formant la masse de l'insolvable à l'égard desquels ce créancier est garanti.

Ingingo ya 38: Ishyirwaho ry'umugenzuzi mu bwumvikane Usaba ubwumvikane agaragaza umwirondoro w'uwo asabira kuba umugenzuzi akemezwa n'inama y'ababerewemo imyenda.	**Article 38: Appointing a supervisor of compromise** The proposer discloses the identity of his or her proposed supervisor who is approved by the creditors' meeting.	**Article 38 : Nomination d'un superviseur du compromis** Le proposant communique l'identité du superviseur qu'il propose qui est approuvé par l'assemblée des créanciers.
Ingingo ya 39: Inkurikizi y'ubwumvikane Ubwumvikane bwemewe n'ababerewemo imyenda cyangwa icyiciro cy'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi bugira agaciro ku isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi n'ababerewemo imyenda bose cyangwa icyiciro cy'ababerewemo imyenda bahawe imenyesha ryo gusaba ubwumvikane.	**Article 39: Effect of compromise** A compromise approved by creditors or any class of creditors of a company or partnership is binding on the company or partnership and on all creditors or class of creditors to whom notice of the proposal is given.	**Article 39 : Effet du compromis** Un compromis approuvé par les créanciers ou par une catégorie de créanciers d'une société commerciale ou d'une société de personnes a force obligatoire à l'égard de cette société commerciale ou société de personnes et pour tous les créanciers ou une catégorie de créanciers auxquels l'avis de proposition a été donné.
Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'agaciro k'ubwumvikane Mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) y'akazi ibarwa uhereye nyuma y'imenyesha rivuga ko ubwumvikane bwemewe, uberewemo umwenda wari ufite uburenganzira bwo gutora icyo cyemezo ashobora kuregera urukiko asaba ko rufata icyemezo cy'uko atarebwa n'ubwumvikane ashingiye ku mpamvu zikurikira:	**Article 40: Cancellation of the binding force of compromise** Within twenty (20) working days of the date of notice that a compromise was approved, a creditor who was entitled to take part in the vote may apply to the court for an order that he or she is not bound by the compromise on the following grounds:	**Article 40 : Annulation de la force obligatoire du compromis** Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant la date de l'avis annonçant qu'un compromis a été approuvé, un créancier qui avait le droit de prendre part au vote peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance aux termes de laquelle il n'est pas lié par le compromis aux motifs suivants :

1° imenyesha ridahagije ry'inama cyangwa ririmo amakuru atuzuye asabwa kumenyeshwa uberewemo umwenda;	1° insufficient notice of the meeting or of the matters required to be notified was given to that creditor;	1° avis insuffisant des questions devant être notifiées a été donné à ce créancier;
2° hari indi nenge ikomeye mu kwemera ubwumvikane;	2° there was some other material irregularity in obtaining approval of the compromise;	2° existence d'une autre irrégularité importante dans l'obtention de l'approbation du compromis;
3° ubwumvikane burimo akarengane k'uberewemo umwenda cyangwa k'icyiciro cy'ababerewemo imyenda uberewemo umwenda abarizwamo, mu gihe uberewemo umwenda yatoye atemera ubwumvikane.	3° the compromise is unfairly prejudicial to that creditor or to the class of creditors to which that creditor belongs in the case of a creditor who voted against the compromise.	3° compromis qui est injustement préjudiciable à ce créancier ou à la catégorie de créanciers auquel appartient ce créancier dans le cas d'un créancier ayant voté contre le compromis.
UMUTWE WA III: GUCUNGA UMUTUNGO	**CHAPTER III: ADMINISTRATION**	**CHAPITRE III : ADMINISTRATION**
Icyiciro cya mbere: Gucunga umutungo by'agateganyo	**Section One: Provisional administration**	**Section première : Administration provisoire**
Ingingo ya 41: Gusaba gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo	**Article 41: Request for appointment of provisional administrator**	**Article 41 : Demande de nomination d'un administrateur provisoire**
Abantu bakurikira bashobora gusaba Umwanditsi Mukuru ko hashyirwaho umucungamutungo w'agateganyo:	The following persons may request the Registrar General to appoint a provisional administrator:	Les personnes suivantes peuvent demander au Registraire général de nommer un administrateur provisoire :
1° ubereyemo abandi imyenda;	1° a debtor;	1° débiteur;

2° abagize Inama y'Ubutegetsi; 3° ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo; 4° uberewemo umwenda; 5° ba nyir'imigabane cyangwa abafatanyabikorwa; 6° urwego ngenzuramikorere.	2° directors; 3° an insolvency practitioner; 4° a creditor; 5° shareholders or partners; 6° the regulatory authority.	2° membres du Conseil d'administration ; 3° praticien d'insolvabilité; 4° créancier; 5° actionnaires ou associés; 6° autorité de régulation.
<u>Ingingo ya 42:</u> Uburyo bwo gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo Umwanditsi Mukuru, abisabwe n'umwe mu bavugwa mu ngingo ya 41 y'iri tegeko cyangwa abyibwirije, ashyiraho umucungamutungo w'agateganyo w'isosiyete y'ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yakiriye ubusabe bw'ishyirwaho. Iyo Umwanditsi Mukuru adashyizeho umucungamutungo w'agateganyo mu gihe cyagenwe, uwasabye ashobora kuregera urukiko arusaba gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo.	**<u>Article 42:</u> Modalities for appointment of provisional administrator** The Registrar General upon request by one of person referred to under Article 41 of this Law or at his or her initiative appoints a provisional administrator of a company within five (5) working days from the date of receipt of request for appointment. When the Registrar General does not appoint the provisional administrator within the prescribed time limit, the applicant may file the case to court requesting it to appoint the provisional administrator.	**<u>Article 42 :</u> Modalités de nomination d'un administrateur provisoire** Le Registraire général, à la demande de l'une des personnes visées à l'article 41 de la présente loi ou de sa propre initiative, nomme un administrateur provisoire d'une société commerciale dans les cinq (5) jours ouvrables suivant la date de réception de la demande de nomination. Lorsque le Registraire général ne nomme pas l'administrateur provisoire dans le délai prescrit, le demandeur peut saisir la juridiction pour demander la nomination de cet administrateur provisoire.

Itangazo rishyiraho umucungamutungo w'agateganyo rigomba kugaragaza ko, mu kumushyiraho, hari impamvu ituma bizera ko isosiyete y'ubucuruzi ishobora cyangwa itazashobora kwishyura imyenda yayo.	The notice appointing the provisional administrator must include a proof certifying that, at the time of the appointment, there is reason to believe that the company is or will be unable to pay its debts.	L'avis de nomination de l'administrateur provisoire doit comprendre une preuve attestant que, au moment de la nomination, il existe des raisons de croire que la société commerciale est ou sera incapable de payer ses dettes.
Iyo umuntu uvugwa mu ngingo ya 41 y'iri tegeko atemeye ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo, ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo. Umucungamutugo w'agateganyo ushyizweho akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe urukiko rubitegetse ukundi.	In case a person referred to in Article 41 of this Law disagrees on appointment of a provisional administrator, he or she may make a petition to a competent Court for appointment of a provisional administrator. The appointed provisional administrator continues to carry out his or her activities until the Court decides otherwise.	Lorsque la personne visée à l'article 41 de la présente loi exprime son désaccord quant à la nomination d'un administrateur provisoire, elle peut saisir la juridiction compétente pour demander la nomination d'un administrateur provisoire. L'administrateur provisoire nommé continue d'exercer ses activités jusqu'à ce que la juridiction en décide autrement.
Umucungamutungo w'agateganyo ntashyirwaho nyuma y'uko isosiyete y'ubucuruzi yinjiye mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wayo. Icyakora, mu gihe isosiyete y'ubucuruzi ishobora guseswa urukiko rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kugira ngo ashyire mu bikorwa ibyo kwegeranya no kugabagabanya umutungo.	A provisional administrator is not appointed after the company has gone into liquidation. However, in case a company is likely to be liquidated, a court may appoint a liquidator to carry out liquidation activities.	Un administrateur provisoire ne peut être nommé après la liquidation de la société commerciale. Toutefois, si une société commerciale est susceptible d'être liquidée, la juridiction peut nommer un liquidateur pour accomplir les activités de liquidation.

<u>Ingingo ya 43:</u> Igihe ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo ritangira kugira agaciro	**<u>Article 43:</u> Commencement of the appointment of a provisional administrator**	**<u>Article 43:</u> Prise d'effet de la nomination d'un administrateur provisoire**
Ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo ritangira kugira agaciro iyo hari inyandiko zikurikira zibikwa n'Umwanditsi Mukuru:	The appointment of a provisional administrator takes effect in case of existence of the following documents that are kept by Registrar General:	La nomination d'un administrateur provisoire prend effet lorsqu'il y a les documents suivants conservés par le Registraire général :
1° kopi y'imenyesha ry'itangazo rishyiraho umucungamutungo w'agateganyo, iyo yashyizweho n'urukiko;	1° a copy of the notice of appointing of a provisional administrator, in case the latter is court-appointed;	1° une copie de l'avis de nomination d'un administrateur provisoire, si ce dernier est nommé par la juridiction;
2° kopi y'uko umucungamutungo w'agateganyo yiyemereye gukora mu buryo bwagenwe;	2° a copy of the provisional administrator's consent to act in the prescribed form;	2° une copie du consentement de l'administrateur provisoire d'agir en la forme prescrite;
3° inyandiko igaragaza ukwemera kw'ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo ikozwe n'uberewemo umwenda ufitiwe ingwate ku mutungo wose cyangwa igice kinini cyawo no ku bikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi.	3° a document containing the consent to the appointment of the provisional administrator of any secured creditor holding a charge over the whole or substantially the whole of the property and undertaking of the company.	3° un document contenant le consentement à la nomination de l'administrateur provisoire donné par tout créancier garanti détenant une sûreté sur l'ensemble ou la quasi-totalité des biens et l'entreprise de la société commerciale.
Iyo umucungamutungo w'agateganyo yashyizweho n'Umwanditsi Mukuru, kopi y'ishyirwaho rye ibikwa mu idosiye y'umucungamutungo w'agateganyo.	Where a provisional administrator is appointed by the Registrar General, a copy of the deed of his or her appointment is placed in the provisional administrator's file.	Lorsqu'un administrateur provisoire est nommé par le Registraire général, une copie de son acte de nomination est versée au dossier de l'administrateur provisoire.

<u>Ingingo ya 44:</u> Isuzuma ry'ishyirwaho ry'umucungamutungo w'agateganyo n'iyemezwa rye	**<u>Article 44:</u> Consideration of appointment and approval of a provisional administrator**	**<u>Article 44 :</u> Examen de la nomination et approbation d'un administrateur provisoire**
Umucungamutungo w'agateganyo agomba gutumiza inama y'ababerewemo imyenda isuzuma ishyirwaho rye bitarenze iminsi itanu (5) y'akazi nyuma yo gutangira gucunga umutungo by'agateganyo.	The provisional administrator must convene a creditors' meeting to consider his or her appointment not later than five (5) working days after the commencement of the provisional administration.	L'administrateur provisoire doit convoquer une assemblée des créanciers pour examen de sa nomination au plus tard cinq (5) jours ouvrables après l'ouverture de l'administration provisoire.
Mu gihe kitari munsi y'iminsi ibiri (2) y'akazi mbere y'uko inama iterana, umucungamutungo w'agateganyo atanga imenyesha ry'inama ryanditse rigenewe rubanda n'imenyesha ry'umuntu ku giti cye akariha uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi wese uzwi, rikubiyemo itariki yo gutangira gucunga umutungo by'agateganyo, amazina yose y'umucungamutungo w'agateganyo n'aderesi yuzuye.	In not less than two (2) working days before the meeting is held, the provisional administrator gives a public notice and individual written notice of the meeting to each known creditor of the company, including the date of the commencement of the provisional administration, the provisional administrator's full name and address.	Au moins deux (2) jours ouvrables avant la tenue de la réunion, l'administrateur provisoire donne un avis public et un avis individuel de convocation écrit de la réunion à chaque créancier connu de la société commerciale, y compris la date d'ouverture de l'administration provisoire, les noms et l'adresse complets de l'administrateur provisoire.
Muri iyo nama, ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi bashobora, bakoresheje umwanzuro uyifatiwemo, kuvana mu mirimo ye umucungamutungo w'agateganyo no gushyiraho undi mucungamutungo w'agateganyo w'iyo sosiyete y'ubucuruzi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Iyo nta mucungamutungo ushyizweho muri icyo	At the meeting, the company's creditors may by resolution, remove the provisional administrator from office and appoint another provisional administrator of the company in the period not exceeding fifteen (15) days. In case no administrator appointed in the prescribed period, the Registrar General appoints for them provisional administrator.	Lors de cette réunion, les créanciers de la société commerciale peuvent, par voie de résolution, révoquer l'administrateur provisoire et nommer un autre administrateur provisoire de la société commerciale dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours. Au cas où aucun administrateur n'est nommé dans le délai prescrit, le Registraire général nomme pour eux un administrateur provisoire.

gihe, Umwanditsi Mukuru abashyiriraho umucungamutungo w'agateganyo.		
Ababerewemo imyenda ntibashobora kuvana mu mirimo ye umucungamutungo w'agateganyo washyizweho n'urukiko inshuro zirenze ebyiri (2), ku kibazo kimwe.	Creditors cannot remove a court-appointed provisional administrator more than two (2) times for the same reason.	Les créanciers ne peuvent révoquer un administrateur provisoire nommé par la juridiction plus de deux (2) fois pour une même raison.
<u>Ingingo ya 45:</u> Imenyesha ryo gucunga umutungo by'agateganyo	**<u>Article 45:</u> Notice of provisional administration**	**<u>Article 45:</u> Déclaration d'administration provisoire**
Umucungamutungo w'agateganyo agomba gutanga imenyesha ry'imicungire y'umutungo by'agateganyo:	A provisional administrator must give notice of provisional administration:	Un administrateur provisoire doit donner notification d'administration provisoire :
1° kuri buri fagitire, urwandiko rutumiza ibicuruzwa cyangwa inyandiko y'akazi bitanzwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu izina ryayo bigaragaraho izina ry'isosiyete y'ubucuruzi, agenzura ko hagaragajwe nyuma y'izina ry'isosiyete y'ubucuruzi amagambo "iri mu icunga ry'umutungo ry'agateganyo";	1° on every invoice, order for goods or business letter issued by or on behalf of the company on which the company's name appears, by ensuring there is stated after the company's name "in provisional administration";	1° sur chaque facture, bon de commande ou lettre d'affaires émis par la société commerciale ou en son nom sur lesquels figure le nom de la société commerciale, en s'assurant qu'il soit indiqué après le nom de la société commerciale « en administration provisoire »;
2° ahandi hose, mu gihe cyo gukora amasezerano y'ubwumvikane ayo ari yo yose cyangwa gutanga inyandiko iyo ari yo yose itanzwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu izina ryayo.	2° in every other case, in entering into any transaction or issuing any document by or on behalf of the company.	2° dans tous les autres cas, en concluant une transaction ou en délivrant un quelconque document délivré par la société commerciale ou en son nom.

Ingingo ya 46: Inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 46: Duties of a provisional administrator**	**Article 46 : Fonctions d'un administrateur provisoire**
Umucungamutungo w'agateganyo afite inshingano zikurikira:	The provisional administrator has the following duties:	Un administrateur provisoire a les fonctions suivantes :
1° gutumira inama ya komite y'ababerewemo imyenda no kuba umwanditsi wayo;	1° to convene the creditors' committee meeting and serve as rapporteur thereof;	1° convoquer la réunion du comité des créanciers et en être le rapporteur ;
2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo;	2° to monitor the execution of the administration deed;	2° faire le suivi de l'exécution de l'acte d'administration ;
3° gukurikirana ko isosiyete y'ubucuruzi ikomeza kubaho no kugena ko ibikorwa byayo bikomeza kubaho, byaba byose cyangwa igice cyabyo;	3° to ensure the survival of the company, the whole or any part of its activities are the things that must be maintained in a continuous manner;	3° assurer la survie de la société commerciale et de l'entretien de manière continue de la totalité ou d'une partie de ses activités ;
4° kurinda no kugenzura umutungo wose w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa uwo bigaragara ko awufiteho uburenganzira;	4° to take custody and control of all the property to which the company is or appears to be entitled;	4° prendre sous sa garde et son contrôle tous les biens auxquels la société commerciale a droit ou semble avoir droit;
5° kugenzura ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, umutungo n'uko imari ihagaze;	5° to inspect the company's business, property and financial circumstances;	5° inspecter les activités, les biens et la situation financière de la société commerciale;
6° gukora imirimo iyo ari yo yose y'uwatanze ingwate iyo uwayitanze ari umuntu ku giti cye;	6° to carry on any business of the grantor if the grantor is an individual;	6° exercer toute activité du constituant si ce dernier est un individu;

7° kubika amafaranga y'isosiyete y'ubucuruzi agatandukanywa n'andi mafaranga afite cyangwa agenzura;	7° to keep company money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control;	7° garder l'argent de la société commerciale, séparé des autres fonds qu'il détient ou a sous son contrôle;
8° gukora imirimo y'isosiyete y'ubucuruzi no gucunga umutungo n'ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;	8° to carry on the company's business and manage the company's property and affairs;	8° mener les activités de la société commerciale et gérer les biens et les affaires de la société commerciale;
9° gushyira mu bikorwa inshingano iyo ari yo yose isosiyete y'ubucuruzi, abagize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamabanga bashoboraga gushyira mu bikorwa, iyo isosiyete y'ubucuruzi itaza kuba iri mu icungamutungo ry'agateganyo cyangwa mu icungamutungo;	9° to perform any function and exercise any power that the company or any of its directors or secretary could perform or exercise if the company was not in provisional administration or administration;	9° effectuer toute fonction et exercer tout pouvoir que la société commerciale ou ses membres du Conseil d'administration ou secrétaire pourraient accomplir ou exercer si la société commerciale n'était pas mise sous administration provisoire ou sous administration;
10° kubika, hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange mu ibaruraramari, inyandiko zose z'ibaruramari n'izindi nyandiko z'inyemezabwishyu, iz'ibyakoreshejwe n'iz'ibindi bikorwa bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi kandi akagumana izo nyandiko z'ibaruramari n'ibindi bitabo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangira ry'icungamutungo.	10° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full accounts and other records of all receipts, expenditure and other transactions relating to the company and retain the accounts and records for not less than ten (10) years after the administration ends.	10° conserver, conformément aux pratiques et aux normes comptables généralement reconnues, les comptes complets et autres documents de tous les reçus, dépenses et autres transactions relatives à la société commerciale et conserver les comptes et registres pendant au moins dix (10) ans après la fin de l'administration.

<u>Ingingo ya 47:</u> Ububasha bw'umucungamutungo w'agateganyo	**<u>Article 47:</u> Powers of the provisional administrator**	**<u>Article 47 :</u> Pouvoirs de l'administrateur provisoire**
Umucungamutungo w'agateganyo afite ububasha bukurikira:	The provisional administrator has the following powers:	L'administrateur provisoire a les pouvoirs suivants :
1° guhindura icyicaro gikuru cyangwa aderesi yuzuye byanditse by'isosiyete y'ubucuruzi;	1° to change the company's registered office or full address;	1° changer le siège social ou l'adresse complète de la société commerciale ;
2° kuvana mu mirimo ye ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi;	2° to remove a director of the company;	2° révoquer un membre du Conseil d'administration de la société commerciale ;
3° gushyiraho umuntu ukora nk'ugize inama y'ubutegetsi yaba ajya mu mwanya udafite uwurimo cyangwa undi mwanya;	3° to appoint a person as director, whether to fill a vacancy or not;	3° nommer une personne en tant que membre du Conseil d'administration, que ce soit pour combler une vacance ou non;
4° gutumiza inama y'abanyamigabane cyangwa y'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi;	4° to convene any meeting of the shareholders or creditors of the company;	4° convoquer une assemblée des actionnaires ou des créanciers d'une société commerciale ;
5° guhagararira isosiyete y'ubucuruzi mu rukiko;	5° to represent a company in a court;	5° représenter une société commerciale devant la juridiction ;
6° kugurisha umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi iyo ari byo bifite inyungu kuruta ko wabangamirwa biramutse bikozwe mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi;	6° to carry out a more advantageous realization of the company's assets than would be effected on a winding-up;	6° assurer une réalisation plus avantageuse des actifs de la société commerciale que celle qui serait réalisée en cas de liquidation;

7° kubyaza inyungu umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi kugira ngo akore igabanya kuri umwe cyangwa benshi baberewemo imyenda iherekejwe n'ingwate cyangwa abagomba kwishyurwa mbere y'abandi;	7° to realize the property of the company in order to make a distribution to one or more secured or preferential creditors;	7° réaliser les biens de la société commerciale afin de faire une distribution à un ou plusieurs créanciers garantis ou privilégiés ;
8° gukoresha ububasha bwe mu buryo abona ko hari impamvu zumvikana ko bushobora kugera ku bigamijwe kandi bikaba biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi.	8° to exercise his or her powers in a manner which he or she believes on reasonable grounds to be likely to achieve outcome in the best interests of the company's creditors.	8° exercer ses pouvoirs d'une manière qu'il estime, pour des motifs raisonnables, susceptibles de produire des résultats et être dans les meilleurs intérêts des créanciers de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 48:</u> Inshingano y'ubereyemo abandi imyenda yo gutanga amakuru no gufatanya n'umucungamutungo w'agateganyo	**<u>Article 48:</u> Obligation of the debtor to provide information and to collaborate with the provisional administrator**	**<u>Article 48:</u> Obligation du débiteur de fournir des informations et de coopérer avec l'administrateur provisoire**
Ubereyemo abandi imyenda asabwa gutanga amakuru arebana n'ikurikirana ry'igihombo, haba mu rukiko, ku mucungamutungo w'agateganyo no kuri komite y'ababerewemo imyenda kandi niba ariko bitegetswe n'urukiko, atanga amakuru mu nama y'ababerewemo imyenda.	The debtor is required to provide information relating to insolvency proceedings, whether in court, to a provisional administrator as well as to the creditors' committee and in case decided by the court, provides the information to the creditors' meeting.	Le débiteur est tenu de fournir des informations relatives à la procédure d'insolvabilité, que ce soit devant la juridiction, à l'administrateur provisoire ainsi qu'au comité des créanciers et s'il en est ainsi ordonné par la juridiction, fournit des informations à l'assemblée des créanciers.
Ubereyemo abandi imyenda agomba gufatanya n'umucungamutungo w'agateganyo mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano ze.	The debtor is required to collaborate with the provisional administrator in the execution of his or her duties.	Le débiteur est tenu de coopérer avec l'administrateur provisoire dans l'exécution de ses fonctions.

<u>Ingingo ya 49:</u> Ishyirwaho rya komite y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 49:</u> Establishment of the creditors' committee**	**<u>Article 49:</u> Mise en place du comité des créanciers**
Inama rusange ya mbere y'ababerewemo imyenda ishyiraho komite y'ababerewemo imyenda igizwe n'umubare w'igiharwe w'abantu nibura batatu (3).	The first general creditors' meeting establishes a creditors' committee with an odd number of at least three (3) members.	La première assemblée générale des créanciers met en place un comité des créanciers composé d'un nombre impair d'au moins trois (3) membres.
Icyakora, iyo ababerewemo imyenda batarenze batatu (3), inshingano n'ububasha bya komite y'ababerewemo imyenda bigirwa n'ababerewemo imyenda bose.	However, where there are no more than three (3) creditors, duties and powers of the creditors' committee are vested in all creditors.	Toutefois, lorsque le nombre de créanciers est de trois (3) au maximum, les fonctions et pouvoirs du comité des créanciers sont dévolus à tous les créanciers.
Iyo Inama rusange ya mbere y'ababerewemo imyenda idashyizeho komite y'ababerewemo imyenda, urukiko rubifitiye ububasha rushobora kuyishyiraho.	In case the first general creditors' meeting fails to establish a creditors' committee, the competent court may establish the committee.	Lorsque la première assemblée générale des créanciers ne parvient pas à créer un comité des créanciers, la juridiction compétente peut mettre en place le comité.
Komite y'ababerewemo imyenda ihagararira ababerewemo imyenda bose.	The creditors' committee represents all creditors.	Le comité des créanciers représente tous les créanciers.
Aho bishoboka, komite y'ababerewemo imyenda igomba kuba irimo uhagarariye abakozi b'ubereyemo abandi imyenda.	Where applicable, the creditors' committee must include a representative of the debtor's employees.	Le cas échéant, le comité des créanciers doit comprendre un représentant des employés du débiteur.
Abantu batari ababerewemo imyenda bashobora na bo gushyirwaho nk'abagize komite y'ababerewemo imyenda.	Persons not holding the status of creditors may also be appointed as members of the creditors' committee.	Les personnes n'ayant pas le statut de créanciers peuvent également être nommées membres du comité des créanciers.
Inama y'ababerewemo imyenda ishobora gufata icyemezo cyo kwirukana umuntu washyizweho n'urukiko cyangwa kongera	The creditors' meeting may decide on the dismissal of the person appointed by the	La réunion des créanciers peut statuer sur la révocation de la personne nommée par la

umubare w'abagize komite y'ababerewemo imyenda.	court or to increase the number of members of the creditors' committee.	juridiction ou décider d'augmenter le nombre de membres du comité des créanciers.
Urukiko rushobora kwirukana umwe mu bagize komite y'ababerewemo imyenda ku mpamvu ikomeye.	The court may dismiss a member of the creditors' committee due to a serious reason.	La juridiction peut révoquer un membre du comité des créanciers pour motif grave.
Komite y'ababerewemo imyenda igena amafaranga yo gukoreshwa n'abakora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo igihe bashyizweho.	The creditors' committee determines the operating funds of insolvency practitioners when they are appointed.	Le comité des créanciers détermine les fonds de fonctionnement des praticiens de l'insolvabilité quand ils sont nommés.
<u>Ingingo ya 50:</u> Inshingano n'uburenganzira bya komite y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 50:</u> Duties and rights of creditors' committee**	**<u>Article 50:</u> Attributions et droits du comité des créanciers**
Abagize komite y'ababerewemo imyenda bagomba:	Members of the creditors' committee must:	Les membres du comité des créanciers doivent :
1° gufasha no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo;	1° support and monitor the execution of the provisional administrator's duties;	1° appuyer et suivre l'accomplissement des fonctions de l'administrateur provisoire;
2° kugira uburenganzira bwo guhabwa amakuru yose ku migendekere y'ibikorwa bigamije inyungu z'umutungo rusange, babisabye umucungamutungo w'agateganyo;	2° have the right to obtain any information on the progress of activities of the general assets if they request it from the provisional administrator;	2° avoir le droit d'obtenir toute information sur le progrès des activités des actifs généraux, s'ils en font la demande auprès de l'administrateur provisoire;
3° kugira uruhare mu gutegura gahunda y'icungwa ry'umutungo, iyo bishoboka.	3° participate in the development of the administration plan, if applicable.	3° participer à l'élaboration du plan d'administration, le cas échéant.

Icyemezo cya komite y'ababerewemo imyenda kigira agaciro iyo gitowe ku bwiganze bw'amajwi y'abayigize.	A decision of the creditors' committee is valid if the majority vote of the members is obtained.	La décision du comité des créanciers est valable si la majorité de votes des membres est obtenue.
Abagize komite y'ababerewemo imyenda bafite uburenganzira ku gihembo hakurikijwe imirimo yakozwe.	Members of the creditors' committee are entitled to compensation on the basis of duties performed.	Les membres du comité de créanciers ont droit à une rémunération sur base des fonctions accomplies.
Abagize komite y'ababerewemo imyenda baryozwa ibyo bangirije ababerewemo imyenda mu gihe bari mu mirimo yabo.	Members of the creditors' committee are held liable for any of their actions that inflict damages to creditors while they were on their duties.	Les membres du comité des créanciers sont tenus responsables de leurs actes accomplis dans l'exercice de leurs fonctions qui causent des dommages aux créanciers.
<u>Ingingo ya 51:</u> Impamvu zo kuva muri komite y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 51:</u> Grounds for loss of membership of the creditors' committee**	**<u>Article 51:</u> Motifs de perte de la qualité de membre du comité des créanciers**
Ugize komite y'ababerewemo imyenda ava muri uwo mwanya iyo:	A member of the creditors' committee loses membership in the event of :	Un membre du comité des créanciers perd sa qualité de membre en cas de :
1° asezeye ku bushake;	1° voluntary resignation;	1° démission volontaire ;
2° ahombye;	2° bankruptcy;	2° faillite ;
3° asibye inama eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu;	3° unjustified absence from three (3) consecutive meetings;	3° absence non justifiée à trois (3) réunions consécutives ;
4° hari igongana ry'inyungu ze bwite n'iz'abo ahagarariye;	4° conflict between his or her personal interests and the interests of those he or she represents;	4° conflit entre ses intérêts personnels et les intérêts de ceux qu'il représente ;
5° yirukanywe;	5° exclusion;	5° expulsion ;

6° apfuye; 7° hari indi mpamvu yakwemezwa n'abo ahagarariye.	6° death; 7° such other ground as may be confirmed by those he or she represents.	6° décès ; 7° un autre motif qui pourrait être confirmé par ceux qu'il représente.
<u>Ingingo ya 52:</u> Isimburwa ry'ugize komite y'ababerewemo imyenda Iyo komite y'ababerewemo imyenda idashobora gukora kuko hari umwanya w'uyigize udafite uwurimo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo atumiza inama rusange y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane kugira ngo buzuze komite y'ababerewemo imyenda.	**<u>Article 52:</u> Replacement of a member of the creditors' committee** Where the creditors' committee is unable to act by reason of vacancy in the committee, the provisional administrator or the administrator convenes a general creditors' or shareholders' meeting to fill the vacancy on the creditors' committee.	**<u>Article 52 :</u> Remplacement d'un membre du comité des créanciers** Lorsque le comité des créanciers est incapable d'agir en raison de vacance de poste en son sein, l'administrateur provisoire ou l'administrateur convoque l'assemblée générale de créanciers ou des actionnaires pour pourvoir à cette vacance au sein du comité des créanciers.
<u>Ingingo ya 53:</u> Inkurikizi zo gucunga umutungo by'agateganyo Guhera igihe hasabwe gucunga umutungo by'agateganyo kugeza igihe birangirira: 1° nta busabe bw'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi bikozwe n'urukiko bushobora gutangizwa; 2° nta cyemezo cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 53:</u> Effects of provisional administration** From the application of a provisional administration to the end of the provisional administration: 1° no application for the liquidation of the company by the court may be commenced; 2° no order for the liquidation of the company may be made if the court is	**<u>Article 53 :</u> Effets d'une administration provisoire** À partir de la demande d'une administration provisoire jusqu' à la fin de l'administration provisoire: 1° aucune demande de mise en liquidation de la société commerciale ne peut être introduite ; 2° aucune ordonnance de liquidation judiciaire de la société commerciale ne

w'isosiyete y'ubucuruzi gishobora gufatwa iyo urukiko ruzi neza ko biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi kugira ngo isosiyete y'ubucuruzi ikomeze gucungirwa umutungo by'agateganyo;	satisfied that it is in the interests of the company's creditors for the company to continue under provisional administration;	peut être rendue si la juridiction est convaincue que le maintien de la société commerciale sous administration provisoire est dans l' intérêt de ses créanciers ;
3° inshingano n'ububasha by'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo birahagarikwa;	3° the functions and powers of any liquidator are suspended;	3° les fonctions et pouvoirs du liquidateur sont suspendus ;
4° nta mwanzuro w'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi ushobora gufatwa;	4° no resolution for the liquidation of the company may be made;	4° aucune résolution de liquidation judiciaire de la société commerciale ne peut être prise ;
5° nta zindi ngamba zishobora gufatwa kugira ngo hagire ibyishyuzwa ku mutungo uwo ariwo wose w'isosiyete y'ubucuruzi ndetse nta n'ikurikirana rindi, irangizwa cyangwa ubundi buryo bwemewe n'amategeko bushobora gutangizwa cyangwa gukomeza kuri iyo sosiyete y'ubucuruzi cyangwa ku mutungo wayo keretse umucungamutungo w'agateganyo abyemeye mu nyandiko cyangwa hakurikijwe icyemezo cy'urukiko.	5° no other steps may be taken to enforce any charge over any of the company's property and no other proceedings, execution or other legal process may be commenced or continued against the company or its property except with the provisional administrator's written consent or with the court's order.	5° aucune autre mesure ne peut être prise pour l'exécution d'un quelconque droit de sûreté sur les biens de la société commerciale et aucune autre procédure, exécution ou autre procédure légale ne peut être ouverte ou poursuivie contre la société commerciale ou ses biens sauf en cas de consentement écrit de l'administrateur provisoire ou d'une ordonnance judiciaire.

Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate bwo gufata umutungo runaka mu mutungo w'uwahombye afiteho uburenganzira.	However, the provisions of Paragraph One of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the insolvent estate over which that creditor has a charge.	Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser tout bien formant la masse de l'insolvable à l'égard duquel il est garanti.
Ingingo ya 54: Ibyifuzo by'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 54: Provisional administrator's proposals**	**Article 54: Propositions de l'administrateur provisoire**
Mu minsi itarenze makumyabiri (20) y'akazi nyuma y'itangira ryo gucunga umutungo by'agateganyo, umucungamutungo w'agateganyo atumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo basuzume ibyifuzo bye.	Within not more than twenty (20) working days after the commencement of the provisional administration, a provisional administrator convenes a creditors' meeting to consider his or her proposals.	Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de l'administration provisoire, un administrateur provisoire convoque une assemblée des créanciers pour qu'elle examine ses propositions.
Mu minsi itari munsi y'itanu (5) y'akazi mbere yo gutumiza inama, umucungamutungo w'agateganyo atanga imenyesha kuri rubanda n'imenyesha ry'inama ryanditse kuri buri wese uberewemo umwenda uzwi.	In not less than five (5) working days before convening the meeting, a provisional administrator gives public notice and individual written notice of meeting to each known creditor.	L'administrateur provisoire émet, au moins cinq (5) jours ouvrables avant la convocation de l'assemblée, un avis au public et un avis écrit de convocation de ladite assemblée à chaque créancier connu.
Imenyesha riherekezwa na kopi ya raporo ikorwa n'umucungamutungo w'agateganyo yerekeye ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, umutungo n'uko imari y'isosiyete y'ubucuruzi bihagaze.	The notice is accompanied by a copy of a report by the provisional administrator about the company's business, property and financial circumstances.	L'avis est accompagné d'une copie du rapport de l'administrateur provisoire sur les activités, les biens et la situation financière de la société commerciale.
Imenyesha riherekezwa kandi n'inyandiko isobanura uko umucungamutungo	The notice is also accompanied by a statement setting out the provisional	L'avis est également accompagné d'une déclaration énonçant l'opinion de

w'agateganyo abona ibintu biteye kuri buri ngingo muri izi zikurikira: 1° kumenya niba biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi kugira ngo isosiyete y'ubucuruzi yemeze ibyifuzo; 2° kumenya niba biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda kugira ngo gucunga umutungo by'agateganyo birangire; 3° kumenya niba biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda ko isosiyete y'ubucuruzi iseswa; 4° ikindi kintu cyose yabona gikwiye.	administrator's opinion about each of the following elements: 1° whether it is in the interests of the company's creditors for the company to approve the proposals; 2° whether it is in the creditor's interests for the provisional administration to end; 3° whether it is in the creditor's interests for the company to be wound up; 4° any other element that he or she may consider appropriate.	l'administrateur provisoire sur chacun des points suivants: 1° si l'approbation des propositions par la société commerciale est dans l'intérêt de ses créanciers; 2° si la fin de l'administration provisoire est dans l'intérêt des créanciers; 3° si la liquidation de la société commerciale est dans l'intérêt des créanciers; 4° tout autre point que l'administrateur peut juger nécessaire.
<u>Ingingo ya 55:</u> Gusuzuma icyifuzo cy'icungamutungo ry'agateganyo Icyifuzo cy'icungamutungo ry'agateganyo gisuzumirwa mu nama y'ababerewemo imyenda. Nyuma yo kucyemeza, gihinduka inyandiko y'imicungire y'umutungo. Inama y'ababerewemo imyenda iyoborwa n'umucungamutungo w'agateganyo.	**<u>Article 55:</u> Consideration of provisional administration's proposal** A provisional administration's proposal is considered in a creditors' meeting and after its approval, a provisional administration's proposal becomes an administration deed. The creditors' meeting is chaired by the provisional administrator.	**<u>Article 55:</u> Examen d'une proposition d'administration provisoire** Une proposition d'administration provisoire est examinée lors d'une réunion des créanciers et après son approbation, la proposition devient un acte d'administration. L'administrateur provisoire préside l'assemblée des créanciers.

Ababerewemo imyenda bashobora kwemeza ko: 1° isosiyete y'ubucuruzi ishyira mu bikorwa inyandiko y'imicungire y'umutungo ivugwa muri uwo mwanzuro; 2° gucunga umutungo by'agateganyo bihita birangira; 3° isosiyete y'ubucuruzi iseswa. Inama y'ababerewemo imyenda ishobora kwimurirwa undi munsi ariko ntishobora kurenza iminsi mirongo itatu (30) idateranye ibarwa guhera ku munsi yimuriweho kabone n'iyo nta cyemezo cyaba cyafashwe. **<u>Ingingo ya 56:</u> Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda batemeye** Mu gihe isosiyete y'ubucuruzi yafatiwe ingamba zo gucungirwa umutungo kandi bamwe mu baberewemo imyenda batemera igice cyangwa inyandiko y'icungwa ry'umutungo, bashobora kuregera urukiko. Mu gufata icyemezo, urukiko rushobora kwita kuri ibi bikurikira:	Creditors may resolve that: 1° the company executes an administration deed specified in the resolution; 2° the provisional administration comes to an end; 3° the company be wound up. A creditors' meeting may be postponed, but the new meeting cannot exceed thirty (30) days counted from the date of the meeting which postponed it, even if no resolution was passed. **<u>Article 56:</u> Rights of dissenting creditors** When a company has gone into administration and some creditors contest in whole or in part the administration deed, they may have recourse to the court. In making decision, the court may consider the following:	Les créanciers peuvent décider que : 1° la société commerciale exécute un acte d'administration spécifiée dans la résolution ; 2° l'administration provisoire prenne fin ; 3° la société fasse l'objet de dissolution. Une assemblée des créanciers peut être ajournée, mais l'assemblée suivante se tient au plus tard trente (30) jours à partir du jour de l'assemblée ayant proposé l'ajournement même si aucune résolution n'a été adoptée. **<u>Article 56:</u> Droits des créanciers dissidents** Lorsqu'une société commerciale est placée sous administration et que quelques créanciers s'opposent à l'acte d'administration, en tout ou en partie, ces créanciers peuvent saisir la juridiction. En rendant sa décision, la juridiction peut tenir compte de ce qui suit :

1° iyo bigaragara ko isosiyete y'ubucuruzi ishobora kuzishyura imyenda yayo mu gihe kiri imbere uko igenda igeza igihe cyo kwishyurwa;	1° where it is clear that the company is likely to meet its future financial obligations as they become due and payable;	1° lorsqu'il est clair que la société commerciale est susceptible de s'acquitter de ses obligations financières futures lorsqu'elles deviennent exigibles et payables ;
2° iyo bigaragara ko ababerewemo imyenda batemeye bazabona byinshi muri gahunda y'icungwa ry'umutungo kuruta ibyo babona iyo habaho iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi.	2° where it is clear that dissenting creditors will receive as much under the administration as they would in the company's liquidation.	2° lorsqu'il est clair que les créanciers dissidents recevront autant dans le cadre de l'administration que ce qu' ils auraient reçu en cas de liquidation de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 57:</u> Ibisabwa mu nyandiko y'imicungire y'umutungo	**<u>Article 57:</u> Requirements of an administration deed**	**<u>Article 57:</u> Exigences d'un acte d'administration**
Inyandiko y'imicungire y'umutungo igomba kugaragaza ibikurikira:	An administration deed must specify the following:	Un acte d'administration doit spécifier ce qui suit :
1° umwirondoro w'uwasabiwe kuba umucungamutungo w'agateganyo w'inyandiko y'imicungire y'umutungo;	1° the identity of the proposed provisional administrator of the administration deed;	1° l'identité de l'administrateur provisoire proposé de l'acte d'administration;
2° umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi uhari wo kwishyura ababerewemo imyenda;	2° the property of the company available to pay creditors' claims;	2° les biens de la société commerciale disponibles pour désintéresser les créanciers;
3° igipimo cy'uburyo isosiyete y'ubucuruzi igomba kwivana mu myenda ifite;	3° the extent to which the company is to be released from its debts;	3° la mesure dans laquelle la société commerciale doit être libérée de ses dettes;

4° ibisabwa kugira ngo inyandiko y'imicungire y'umutungo itangire kandi ikomeze gushyirwa mu bikorwa, iyo bihari;	4° the conditions, if any, for the administration deed to come into operation and continue in operation;	4° les conditions requises, le cas échéant, pour que l'acte d'administration soit en vigueur et continue d'être en vigueur ;
5° impamvu zituma inyandiko y'imicungire y'umutungo ihagarikwa;	5° the circumstances in which the administration deed terminates;	5° les circonstances dans lesquelles l'acte d'administration prend fin;
6° uko ababerewemo imyenda bategetswe kubahiriza inyandiko y'imicungire y'umutungo bakurikirana mu gusaranganywa umusaruro uvuye mu mutungo ugurishijwe uvugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo;	6° the order in which proceeds of realizing the property referred to in item 2° of this Article are to be distributed amongst creditors bound by the administration deed;	6° l'ordre dans lequel le produit de la réalisation des biens visés au point 2° du présent article doit être réparti entre les créanciers liés par l'acte d'administration;
7° imyenda igomba kuba yaragaragaye ku munsi utari nyuma y'umunsi gucunga umutungo byatangiriyeho cyangwa kuri uwo munsi cyangwa mbere yaho mu gihe iyo myenda igomba kwemerwa hakurikijwe inyandiko y'imicungire y'umutungo.	7° the day, not later than the day when the administration began, on or before which claims must have arisen if they are to be admissible under the administration deed.	7° le jour, au plus tard le jour où l'administration a commencé, auquel ou avant lequel les créances doivent être nées pour être recevables dans le cadre de l'acte d'administration.
<u>Ingingo ya 58:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**<u>Article 58:</u> Execution of an administration deed**	**<u>Article 58:</u> Exécution d'un acte d'administration**
Kugira ngo inyandiko y'imicungire y'umutungo itangire kugira agaciro igomba gushyirwa mu bikorwa n'isosiyete	An administration deed to be effective must be executed by the company and the appointed provisional administrator.	Pour être exécutoire, un acte d'administration doit être exécuté par la société commerciale et l'administrateur provisoire nommé.

y'ubucuruzi n'umucungamutungo w'agateganyo wemejwe.		
Mbere y'uko inyandiko y'imicungire y'umutungo ishyirwa mu bikorwa, abagize inama y'ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi, umunyamabanga w'isosiyete y'ubucuruzi, abanyamigabane, umucungamutungo n'ababerewemo imyenda bose n'isosiyete y'ubucuruzi barebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo nk'aho yari yarashyizwe mu bikorwa, mu gihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21) yakurikiye inama y'ababerewemo imyenda cyangwa mu kindi gihe cyisumbuye cyagenwa n'urukiko, rubisabwe mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa.	Before the execution of an administration deed, the company's directors, secretary, shareholders, administrator and all the company's creditors are bound by the administration deed as if it had already been executed, for a period of twenty-one (21) days after the meeting of creditors or such further period as the court allows on application made within the execution period.	Avant l'exécution d'un acte d'administration, les membres du Conseil d'administration de la société commerciale, le secrétaire, les actionnaires, l'administrateur et tous les créanciers de la société commerciale sont liés par l'acte d'administration comme si ce dernier avait déjà été exécuté, pour une période de vingt-et-un (21) jours après l'assemblée des créanciers ou dans un délai supplémentaire accordé par la juridiction sur demande faite dans le délai d'exécution.
<u>Ingingo ya 59</u>: Irangira ryo gucunga umutungo by'agateganyo	**<u>Article 59:</u> Termination of provisional administration**	**<u>Article 59:</u> Cessation de l'administration provisoire**
Gucunga umutungo by'agateganyo birangira iyo: 1° inyandiko y'imicungire y'umutungo yemejwe ngo ishyirwe mu bikorwa; 2° ababerewemo imyenda bemeje ko gucunga umutungo by'agateganyo birangira.	A provisional administration terminates when: 1° an administration deed is approved for execution; 2° creditors resolve that the provisional administration comes to an end.	L'administration provisoire prend fin lorsque : 1° un acte d'administration est approuvé pour exécution; 2° les créanciers prennent la résolution mettant fin à l'administration provisoire.
Umucungamutungo w'agateganyo atumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo	A provisional administrator convenes a creditors' meeting to end the provisional	Un administrateur provisoire convoque une assemblée des créanciers pour mettre fin à

banzure ko gucunga umutungo by'agateganyo birangira mu minsi itarenze makumyabiri (20) y'akazi nyuma y'uko umutungo utangiye gucungwa by'agateganyo.	administration not more than twenty (20) working days after the commencement of the provisional administration.	l'administration provisoire au plus tard vingt (20) jours suivant l'ouverture de l'administration provisoire.
Igihe kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo gishobora kongerwa n'urukiko bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo.	The period referred to in Paragraph 2 of this Article may be extended by the court on application made by the provisional administrator.	Le délai visé à l'alinéa 2 du présent article peut être prolongé par la juridiction sur demande de l'administrateur provisoire.
Icyiciro cya 2: Gucunga umutungo	**Section 2: Administration**	**Section 2 : Administration**
Ingingo ya 60: Gutangira gucunga umutungo	**Article 60: Commencement of administration**	**Article 60: Ouverture de l'administration**
Gucunga umutungo bitangira gushyirwa mu bikorwa mu gihe giteganywa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo.	An administration commences to be executed within the period provided for by the administration deed.	L'administration commence à être exécutée dans le délai prévu par l'acte d'administration.
Ishyirwaho ry'umucungamutungo ritangira kugira agaciro mu gihe inyandiko y'imicungire y'umutungo ishyizwe mu bikorwa.	The appointment of the administrator takes effect on the execution of the administration deed.	La nomination de l'administrateur prend effet à compter de l'exécution de l'acte d'administration.
Ingingo ya 61: Ukugira agaciro kw'imicungire y'umutungo	**Article 61: Effective administration**	**Article 61: Prise d'effet de l'administration**
Ukugira agaciro kw'imicungire y'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi gutangira hakimara kwemezwa inyandiko y'icungwa	An effective administration of a company commences upon approval of administration deed and it must be executed within the prescribed period.	L'administration d'une société commerciale commence à sortir ses effets dès l'approbation de l'acte d'administration et doit être mise en œuvre dans le délai prescrit.

ry'umutungo kandi igomba gushyirwa mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe. Ishyirwaho ry'umucungamutungo rigira agaciro iyo atangiye gushyira mu bikorwa inyandiko y'icungwa ry'umutungo.	The appointment of an administrator takes effect when he or she starts execution of the administration deed.	La nomination d'un administrateur sort ses effets lorsque ledit administrateur commence l'exécution de l'acte d'administration.
<u>Ingingo ya 62:</u> Abantu barebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo Inyandiko y'imicungire y'umutungo ireba abantu bakurikira: 1° isosiyete y'ubucuruzi; 2° abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga b'isosiyete y'ubucuruzi; 3° abanyamigabane b'isosiyete y'ubucuruzi; 4° umucungamutungo; 5° ababerewemo imyenda bose n'isosiyete y'ubucuruzi ku birebana n'imyenda yavutse ku munsi cyangwa mbere y'umunsi ugaragara mu nyandiko y'imicungire y'umutungo bemeye gahunda y'icungwa ry'umutungo.	**<u>Article 62:</u> Persons bound by an administration deed** An administration deed binds the following persons: 1° the company; 2° the company's directors and secretary; 3° the company's shareholders; 4° the administrator; 5° all the company's creditors in relation to claims arising on or before the day specified in the administration deed who voted in approval of the administration deed.	**<u>Article 62:</u> Personnes liées par un acte d'administration** Un acte d'administration lie les personnes suivantes : 1° la société commerciale; 2° les membres du Conseil d'administration et le secrétaire de la société commerciale; 3° les actionnaires de la société commerciale; 4° l'administrateur; 5° tous les créanciers de la société commerciale en relation avec les créances nées au plus tard le jour spécifié dans l'acte d'administration qui ont voté dans l'approbation de l'administration.

<u>Ingingo ya 63:</u> Imenyesha ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**<u>Article 63:</u> Notice of administration deed**	**<u>Article 63:</u> Avis d'acte d'administration**
Nyuma yo gutangira gucunga umutungo, umucungamutungo:	After the commencement of an administration, the administrator:	Après l'ouverture d'une administration, l'administrateur :
1° yohereza buri wese uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi uzwi imenyesha ryanditse ry'ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo;	1° sends to each known creditor of the company a written notice of the execution of the administration deed;	1° envoie à chaque créancier connu de la société commerciale un avis écrit de l'exécution de l'acte d'administration;
2° amenyesha rubanda iryo shyirwa mu bikorwa;	2° gives public notice of such execution;	2° donne un avis public de cette exécution;
3° ashyikiriza Umwanditsi Mukuru imenyesha ryanditse ry'iryo shyirwa mu bikorwa.	3° delivers a written notice of such execution to the Registrar General.	3° délivre au Registraire général un avis écrit de cette exécution.
<u>Ingingo ya 64:</u> Ibibujijwe n'urebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo	**<u>Article 64:</u> Prohibitions for person bound by administration deed**	**<u>Article 64 :</u> Interdictions pour une personne liée par un acte d'administration**
Urebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo abujijwe gukora ibi bikurikira:	A person bound by an administration deed is prohibited from doing the following:	Il est interdit à une personne liée par un acte d'administration de faire ce qui suit :
1° gutanga ikirego gisaba iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa gukomeza ikirego yatanze mbere y'uko inyandiko y'imicungire	1° make an application for the liquidation of the company or proceed with such an application made before the administration deed became binding on the person;	1° introduire une demande de liquidation de la société commerciale ou poursuivre une telle demande une fois introduite avant qu'elle ne soit liée par l'acte d'administration;

y'umutungo itangira kuba itegeko kuri we;		
2° gufata ingamba zo kugira icyo yishyuza ku byishyuzwa ku mutungo uwo ariwo wose w'isosiyete y'ubucuruzi;	2° take steps to enforce any charge over any of the company's property;	2° prendre des mesures visant l'exécution de toute garantie sur un quelconque bien de la société commerciale;
3° gutangiza cyangwa gukomeza irindi kurikirana, ishyirwa mu bikorwa cyangwa ubundi buryo bwemewe n'amategeko kuri iyo sosiyete y'ubucuruzi cyangwa ku mutungo wayo, keretse hakurikijwe icyemezo cy'urukiko.	3° commence or continue other proceedings, execution or other legal process against the company or its property except with the order of the court.	3° engager ou poursuivre d'autres procédures, l'exécution ou autre procédure judiciaire contre la société commerciale ou ses biens sauf sur ordonnance judiciaire.
<u>Ingingo ya 65:</u> Inshingano z'umucungamutungo	**<u>Article 65:</u> Duties of an administrator**	**<u>Article 65 :</u> Attributions d'un administrateur**
Umucungamutungo afite inshingano zikurikira:	The administrator has the following duties:	Un administrateur a les attributions suivantes :
1° gutumira inama ya komite y'ababerewemo imyenda no kuba umwanditsi wayo;	1° to convene the creditors' committee meeting and serve as rapporteur thereof;	1° convoquer la réunion du comité des créanciers et en être le rapporteur ;
2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo;	2° to monitor the execution of the administration deed;	2° faire le suivi de la mise en œuvre de l'acte d'administration ;
3° kurinda no kugenzura umutungo wose w'isosiyete y'ubucuruzi	3° to take custody and control of all the property to which the company has or appears to be entitled;	3° prendre sous sa garde et son contrôle tous les biens auxquels la société

cyangwa uwo bigaragara ko iwufiteho uburenganzira;		commerciale a droit ou semble avoir droit;
4° kugenzura ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, umutungo n'uko imari ihagaze;	4° to inspect the company's business, property and financial circumstances;	4° inspecter les activités, les biens et la situation financière de la société commerciale;
5° gukora imirimo iyo ariyo yose y'uwatanze ingwate iyo uwayitanze ari umuntu ku giti cye;	5° to carry on any business of the grantor if the grantor is an individual;	5° exercer toute activité du constituant si ce dernier est un individu;
6° kubika amafaranga y'isosiyete y'ubucuruzi agatandukanywa n'andi mafaranga afite cyangwa agenzura;	6° to keep company money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control;	6° garder l'argent de la société commerciale, séparé des autres fonds qu'il détient ou a sous son contrôle;
7° gukora imirimo y'isosiyete y'ubucuruzi no gucunga umutungo n'ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;	7° to carry on the company's business and manage the company's property and affairs;	7° mener les activités de la société commerciale et gérer les biens et les affaires de la société commerciale;
8° gushyira mu bikorwa inshingano iyo ari yo yose isosiyete y'ubucuruzi, abagize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamabanga bashoboraga gushyira mu bikorwa, iyo isosiyete y'ubucuruzi itaza kuba iri mu icungamutungo ry'agateganyo cyangwa mu icungamutungo;	8° to perform any function and exercise any power that the company or any of its directors or secretary could perform or exercise if the company were not in provisional administration or administration;	8° effectuer toute fonction et exercer tout pouvoir que la société commerciale ou ses membres du Conseil d'administration ou secrétaire pourraient accomplir ou exercer si la société commerciale n'était pas mise sous administration provisoire ou sous administration;
9° kubika, hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange mu ibaruraramari, inyandiko zose z'ibaruramari	9° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full accounts and other records of all receipts, expenditure	9° tenir, conformément aux principes et aux normes comptables généralement reconnus, les comptes complets et autres registres de toutes les reçus, dépenses et

n'izindi nyandiko z'inyemezabwishyu, iz'ibyakoreshejwe n'iz'ibindi bikorwa bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi kandi akagumana izo nyandiko z'ibaruramari n'ibindi bitabo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangira ry'icungamutungo.	and other transactions relating to the company and retain the accounts and records for not less than ten (10) years after the administration ends.	autres transactions relatives à la société commerciale et conserver les comptes et registres pendant au moins dix (10) ans après la fin de l'administration.
<u>Ingingo ya 66:</u> Ububasha bw'umucungamutungo	**<u>Article 66:</u> Powers of the administrator**	**<u>Article 66:</u> Pouvoirs de l'administrateur**
Umucungamutungo afite ububasha bukurikira:	The administrator has the following powers:	L'administrateur a les pouvoirs suivants :
1° guhindura icyicaro gikuru cyangwa aderesi yuzuye byanditse by'isosiyete y'ubucuruzi;	1° to change the company's registered office or full address;	1° changer le siège social ou l'adresse complète de la société commerciale ;
2° kuvana mu mirimo ye ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi;	2° to remove a director of the company;	2° révoquer un membre du Conseil d'administration de la société commerciale ;
3° gushyiraho umuntu ukora nk'ugize inama y'ubutegetsi yaba ajya mu mwanya udafite uwurimo cyangwa undi mwanya;	3° to appoint a person as director, whether to fill a vacancy or not;	3° nommer une personne en tant que membre du Conseil d'administration, que ce soit pour combler une vacance ou non;
4° gutumiza inama y'abanyamigabane cyangwa y'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi;	4° to convene any meeting of the shareholders or creditors of the company;	4° convoquer une assemblée des actionnaires ou des créanciers d'une société commerciale ;

5° guhagararira isosiyete y'ubucuruzi mu rukiko; 6° kugurisha umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi iyo ari byo bifite inyungu kuruta ko wabangamirwa biramutse bikozwe mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi; 7° kubyaza inyungu umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi kugira ngo akore igabanya kuri umwe cyangwa benshi baberewemo imyenda iherekejwe n'ingwate cyangwa abagomba kwishyurwa mbere y'abandi. Umucungamutungo akoresha ububasha bwe mu buryo abona ko hari impamvu zumvikana ko bushobora kugera ku bigamijwe kandi bikaba biri mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi.	5° to represent a company in a court; 6° to carry out a more advantageous realization of the company's assets than would be effected on a winding-up; 7° to realize the property of the company in order to make a distribution to one or more secured or preferential creditors. The administrator exercises his or her powers in a manner which he or she believes on reasonable grounds to be likely to achieve outcome in the best interests of the company's creditors.	5° représenter une société commerciale devant la juridiction ; 6° assurer une réalisation plus avantageuse des actifs de la société commerciale que celle qui serait réalisée en cas de dissolution; 7° réaliser les biens de la société commerciale afin de faire une distribution à un ou plusieurs créanciers garantis ou privilégiés. L'administrateur exerce ses pouvoirs d'une manière qu'il estime, pour des motifs raisonnables, susceptibles de produire des résultats et être dans les meilleurs intérêts des créanciers de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 67:</u> Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cyo gucunga umutungo Umucungamutungo ashobora gutumiza inama y'ababerewemo imyenda igihe cyose bibaye ngombwa cyangwa igihe bisabwe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda bishyuza nibura icumi ku ijana (10%) by'agaciro	**<u>Article 67:</u> Creditors' meeting during administration** The administrator may convene a creditors' meeting whenever necessary or if so requested in writing by creditors whose claims are at least ten per cent (10%) of the value of all claims against the company.	**<u>Article 67:</u> Assemblée des créanciers pendant l'administration** L'administrateur peut convoquer une assemblée des créanciers chaque fois que nécessaire ou sur demande écrite des créanciers dont les créances représentent au moins dix pourcent (10%) de la

k'imyenda yose yishyuzwa isosiyete y'ubucuruzi.		valeur de toutes les créances à l'encontre de la société commerciale.
Umucungamutungo amenyesha ko hari inama mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'uko iyo nama iterana.	An administrator gives notice of the meeting in not less than five (5) working days before the meeting is held.	Un administrateur donne un avis de la réunion dans un délai d'au moins cinq (5) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.
Inama y'ababerewemo imyenda ifite ububasha bwo gusaba raporo ziturutse ku mucungamutungo zirebana n'aho gucunga umutungo bigeze.	A creditors' meeting has the power to call for reports from the administrator on the progress of the administration.	L'assemblée des créanciers a le pouvoir de demander à l'administrateur sur l'état d'avancement de l'administration.
Ingingo ya 68: Ihindurwa ry'inyandiko y'imicungire y'umutungo rikozwe n'ababerewemo imyenda	**Article 68: Variation of administration deed by creditors**	**Article 68: Modification par les créanciers de l'acte d'administration**
Inyandiko y'imicungire y'umutungo ishobora guhindurwa cyangwa gukurwaho n'umwanzuro ufatiwe mu nama y'ababerewemo imyenda.	An administration deed may be varied or terminated by resolution passed at a creditors' meeting.	Un acte d'administration peut être modifié ou révoqué par une résolution adoptée à l'assemblée des créanciers.
Iyo inyandiko y'imicungire y'umutungo ihinduwe hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo, urukiko rushobora, rubisabwe n'uberewemo umwenda, gutesha agaciro cyangwa gushimangira ibyahindutse, cyaba igice cyabyo cyangwa byose cyangwa urukiko rugafata ikindi cyemezo rubona gikwiye.	Where an administration deed is modified under Paragraph One of this Article, the court may, on application of a creditor, cancel or confirm the modification, either in whole or in part, or make such other order as it considers appropriate.	Lorsqu'un acte d'administration est modifié en vertu de l'alinéa premier du présent article, la juridiction peut, à la demande d'un créancier, annuler ou confirmer, en totalité ou en partie, la modification ou rendre toute autre ordonnance qu'elle juge appropriée.

<u>Icyiciro cya 3:</u> Ingingo ku birebana n'imigendekere y'imicungire y'umutungo	**<u>Section 3:</u> Provisions in relation to the conduct of administration**	**<u>Section 3 :</u> Dispositions en rapport avec l'exercice de l'administration**
<u>Ingingo ya 69:</u> Imikoranire y'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo n'abandi bantu	**<u>Article 69</u>: Provisional administrator's or administrator's relationship with third parties**	**<u>Article 69:</u> Relation entre l'administrateur provisoire ou l'administrateur et des tiers**
Umuntu wishyura amafaranga cyangwa uhaye indi ngurane umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo ntasabwa kumenya niba uwo mucungamutungo yarashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko kandi asonerwa uburyozwe bwose.	A person paying money or giving other consideration of the company under administration to a provisional administrator or an administrator of a company is not required to determine whether such an administrator was validly appointed and is discharged of all responsibility.	Une personne qui paie une somme d'argent ou verse une autre contrepartie à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur d'une société commerciale aux frais de la société commerciale mise sous administration n'est pas tenue de déterminer si ledit administrateur a été valablement nommé et se voit dégagée de toute responsabilité.
<u>Ingingo ya 70:</u> Uruhare rw'abayobozi b'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**<u>Article 70:</u> Role of company's officers during provisional administration or administration**	**<u>Article 70:</u> Rôle des dirigeants de la société commerciale pendant l'administration provisoire ou l'administration**
Mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo, abagize inama y'ubutegetsi n'umunyamabanga ntibashobora gukora imirimo yabo, gukoresha ububasha bwabo cyangwa gukora inshingano zabo zifitanye isano n'icungamutungo ry'isosiyete y'ubucuruzi keretse umucungamutungo yemeje ubwo bubasha.	During provisional administration or administration of the company, its directors and secretary may not exercise their functions, powers or duties relating to administration of a company unless the administrator approves such powers.	Lors de l'administration provisoire ou de l'administration de la société commerciale, ses membres du Conseil d'administration et son secrétaire ne peuvent exercer leurs attributions, pouvoirs ou fonctions relatifs à l'administration d'une société commerciale que si l'administrateur approuve de tels pouvoirs.

Ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamabanga w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo ry'agateganyo cyangwa mu icungamutungo agomba guha umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo inyandiko zose n'amakuru bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi.	A director or a secretary of a company which is under provisional administration or administration must provide all documents and information to the provisional administrator or administrator relating to the company.	Un membre du Conseil d'administration ou un secrétaire d'une société commerciale mise sous administration provisoire ou sous administration doit fournir à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur tous les documents et informations en rapport avec la société commerciale.
Iyo bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga bemeza mu nyandiko ko ibikoresho n'amakuru bigaragajwe byuzuye kandi ari ukuri.	If required by the provisional administrator or the administrator, the directors and secretary make a statutory declaration that the material and information made available are complete and correct.	Si l'administrateur provisoire ou l'administrateur l'exige, les membres du Conseil d'administration et le secrétaire font une déclaration solennelle indiquant que le matériel et les renseignements mis à disposition sont complets et corrects.
Iyo inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi iteganya ko ifite ikirango na kashe, abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga bagomba kubigaragaza kugira ngo bikoreshwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.	If the company's incorporation document provides that the company has a seal and stamp, the directors and secretary must make the seal and stamp available for use by the provisional administrator or administrator.	Si le document constitutif de la société commerciale prévoit que cette dernière dispose d'un sceau et d'un cachet, les membres du Conseil d'administration et le secrétaire doivent mettre ce sceau et ce cachet à la disposition de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur pour leur utilisation.
<u>Ingingo ya 71:</u> Icyemezo cyo kubahirizwa mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**<u>Article 71:</u> Compliance order during provisional administration or administration of a company**	**<u>Article 71 :</u> Ordonnance de conformité pendant l'administration provisoire ou l'administration d'une société commerciale**
Iyo umuntu wese atubahirije inshingano z'umuyobozi w'isosiyete y'ubucuruzi mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu	Where a person fails to comply with the duties of company's officer during provisional administration or administration,	Lorsqu'une personne ne se conforme pas aux attributions d'un dirigeant de la société commerciale pendant l'administration provisoire

icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo, bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, urukiko rushobora kumutegeka kubyubahiriza cyangwa rugafata ikindi cyemezo gikwiye.	on the application of the provisional administrator or administrator, the court may either order that person to comply or make any other appropriate order.	ou l'administration, la juridiction peut, à la demande de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur, soit ordonner à cette personne de se conformer, soit rendre toute autre ordonnance appropriée.
<u>Ingingo ya 72:</u> Kwivanaho umutungo watanzweho ingwate mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu icungamutungo by'agateganyo cyangwa mu icungamutungo	**<u>Article 72</u>: Disposal of charged property during provisional administration or administration of a company**	**<u>Article 72 :</u> Disposition des biens grevés de sûreté pendant l'administration provisoire ou l'administration d'une société commerciale**
Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo ntiyemerewe kwivanaho umutungo watanzweho ingwate keretse:	A provisional administrator or an administrator is not allowed to dispose of property subject to a charge, unless:	Il est interdit à un administrateur provisoire ou un administrateur de disposer des biens grevés d'une sûreté, sauf :
1° uko kwivanaho umutungo ari ko bisanzwe bigenda ku bikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;	1° the disposal is in the ordinary course of the company's business;	1° si la disposition s'effectue dans le cours normal des activités de la société commerciale ;
2° umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo babyemerewe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda ifite ingwate;	2° the provisional administrator or the administrator has the written consent of the secured creditors;	2° l'administrateur provisoire ou l'administrateur obtient au préalable le consentement écrit des créanciers garantis;
3° urukiko rwizeye neza ko hafashwe ingamba zihagije zo kurengera inyungu z'ababerewemo imyenda ifite ingwate;	3° the court is satisfied that sufficient steps have been made to protect the interests of the secured creditors;	3° la juridiction est convaincue que des mesures suffisantes ont été prises pour protéger les intérêts des créanciers garantis ;

4° kwivanaho umutungo ari ukurinda igihombo cy'umutungo wangirika w'isosiyete y'ubucuruzi.	4° the disposal is to protect loss of perishable assets of the company.	4° la disposition vise à éviter la perte de biens périssables de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 73:</u> Uburyozwe bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**<u>Article 73:</u> Liabilities of a provisional administrator or administrator**	**<u>Article 73:</u> Responsabilités d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Bitabangamiye amasezerano yumvikanyweho ukundi, umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo aryozwa ku giti cye ku birebana n'ibi bikurikira:	Without prejudice to any agreement to the contrary, a provisional administrator or administrator is personally liable for the following:	Sans préjudice d'un accord contraire, un administrateur provisoire ou administrateur est tenu personnellement responsable pour ce qui suit :
1° gukoresha cyangwa kwiyitirira umutungo no kwishyura ubukode;	1° use or occupancy of property and payment of rent;	1° usage ou occupation des biens et paiement du loyer;
2° ibindi bikorwa byose bishobora gukorwa binyuranye n'inyungu z'isosiyete y'ubucuruzi.	2° any other activities that may be performed contrary to the interest of the company.	2° toutes autres activités pouvant être effectuées contrairement aux intérêts de la société commerciale.
Uburyozwe bw'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo bugarukira ku gice cy'ubukode n'ubundi bwishyu bwishyuwe mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira itangira ry'icungamutungo ry'agateganyo cyangwa icungamutungo bukarangira ku irangira ry'icungamutungo ry'agateganyo cyangwa icungamutungo cyangwa ku itariki isosiyete y'ubucuruzi yarekeye gukoresha, gutunga cyangwa gucunga umutungo utimukanwa.	A provisional administrator's or administrator's liability is limited to that portion of the rent or other payments which accrue in the period commencing seven (7) days after the commencement of the provisional administration or administration and ending on the termination of the provisional administration or administration or the date on which the company ceases to use, possess or occupy an immovable property. Whichever is the earlier, the court	La responsabilité d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur se limite à la partie du loyer ou d'autres paiements accumulés au cours de la période commençant sept (7) jours après l'ouverture de l'administration provisoire ou de l'administration et s'achevant à la fin de l'administration provisoire ou de l'administration ou à la date de cessation par la société commerciale d'utiliser, de posséder ou d'occuper un bien immeuble. Selon ce qui s'est produit en premier. La juridiction peut limiter ou

Bitewe n'icyabanjirije ikindi, urukiko rushobora kongera kugabanyiriza cyangwa kubabarira ubwo buryozwe ku mucungamutungo w'agateganyo cyangwa ku mucungamutungo.	may further limit or excuse the liability of the provisional administrator or the administrator.	exonérer la responsabilité de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur.
<u>Ingingo ya 74:</u> Gusonerwa uburyozwe ku mucugamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**<u>Article 74:</u> Relief from liability for a provisional administrator or administrator**	**<u>Article 74:</u> Exonération de responsabilité pour un administrateur provisoire ou un administrateur**
Urukiko rushobora gusonera umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo uburyozwe bwe ku giti cye bwose cyangwa igice cyabwo bwavutse mu gihe cyo gucunga umutungo iyo urukiko rwizeye neza ko ubwo buryozwe bwatewe gusa n'impamvu z'inenge zagaragaye mu ishyirwaho rye cyangwa ko yagaragaje ubwangamugayo**.**	The court may relieve a provisional administrator or administrator from all or any personal liability incurred in the course of the administration if satisfied that the liability was incurred solely by reason of a defect in his or her appointment or that he or she acted honestly.	La juridiction peut exonérer un administrateur provisoire ou un administrateur de tout ou partie de la responsabilité personnelle engagée dans le cadre de l'administration si elle est convaincue que la responsabilité a été engagée uniquement en raison d'une irrégularité dans sa nomination ou qu'elle a agi en toute honnêteté.
Mu gukoresha ububasha ruhabwa n'iyi ngingo, urukiko rushobora gufata icyemezo**,** gushyiraho ibindi bisabwa no kugena uburyozwe bujyanye na byo.	In exercising the powers conferred by this Article, the court may make orders and impose other requirements and determine the related liability.	Dans l'exercice des pouvoirs qui lui sont conférés par le présent article, la juridiction peut rendre des ordonnances, imposer des exigences et déterminer la responsabilité y relative.

Ingingo ya 75: Raporo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo agenera Umwanditsi Mukuru	**Article 75: Provisional administrator's or administrator's report to Registrar General**	**Article 75: Rapport de l'administrateur provisoire ou de l'administrateur adressé au Registraire général**
Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo akorera Umwanditsi Mukuru raporo iyo hari ikimugaragariza ko uwahoze mu nama y'ubutegetsi cyangwa uri mu nama y'ubutegetsi, umunyamabanga cyangwa umunyamigabane bashobora kuba baragaragaweho icyaha ku birebana n'isosiyete y'ubucuruzi hakurikijwe iri tegeko.	A provisional administrator or an administrator makes a report to the Registrar General if it appears to him or her that a former or present director, secretary or shareholder may have committed an offence in relation to the company under this Law.	L'administrateur provisoire ou l'administrateur fait un rapport au Registraire général s'il lui paraît qu'un administrateur, ancien ou actuel, un secrétaire ou un actionnaire, aurait commis une infraction à l'égard de la société commerciale en vertu de la présente loi.
Iyo bimeze bityo, umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo borohereza Umwanditsi Mukuru kugenzura no gufata kopi z'inyandiko akeneye.	In such a case, the provisional administrator or administrator facilitates the Registrar General to inspect and take copies of documents he or she requires.	Dans ce cas, l'administrateur provisoire ou l'administrateur facilite le Registraire général à examiner et à prendre des copies des documents dont il a besoin.
Ingingo ya 76: Umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa w'umucungamutungo udafite uwurimo	**Article 76: Vacancy in the office of a provisional administrator or administrator**	**Article 76: Vacance de poste d'administrateur provisoire ou d'administrateur**
Umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa w'umucungamutungo ufatwa ko udafite uwurimo iyo uwari uwurimo:	The office of a provisional administrator or administrator becomes vacant if the person holding office:	Le poste d'administrateur provisoire ou d'administrateur devient vacant si la personne occupant ce poste :
1° awukuwemo n'urwego rwamushyizeho;	1° is removed from office by the appointing authority;	1° est démise de ses fonctions par l'autorité de nomination;

2° yeguye;	2° resigns;	2° démissionne;
3° atacyujuje ibisabwa ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;	3° no longer fulfils requirements for serving as insolvency practitioner;	3° ne remplit plus les conditions requises pour être praticien de l'insolvabilité ;
4° yabibujijwe n'icyemezo cy'urukiko;	4° is subject to a court prohibition order;	4° en est interdit par une ordonnance judiciaire;
5° apfuye.	5° dies.	5° décède.
Igihe umwanya w'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa w'umucungamutungo udafite uwurimo, Umwanditsi Mukuru agomba guhita ashyiraho umucungamutungo w'agateganyo.	In the case of a vacancy in the office of a provisional administrator or administrator, the Registrar General must forthwith appoint a provisional administrator.	En cas de vacance de poste d'administrateur provisoire ou d'administrateur, le Registraire général doit nommer immédiatement un administrateur provisoire.
Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi ashyizweho, uwasimbuye umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo atumiza inama y'ababerewemo imyenda atanga imenyesha ryanditse kuri rubanda n'umuntu ku giti cye ku baberewemo imyenda mu gihe kitari munsi y'iminsi ibiri (2) y'akazi.	Within five (5) working days of appointment, a successor of a provisional administrator or administrator convenes a creditors' meeting by giving not less than two (2) working days public and individual written notice to creditors.	Dans les cinq (5) jours suivant la sa nomination, le successeur d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur convoque une assemblée des créanciers en donnant à ces derniers un avis écrit public et individuel d'au moins deux (2) jours ouvrables.
Umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo wivanye mu mirimo ye nk'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo agomba guha	A provisional administrator or administrator vacating his or her office must give such information and assistance in the conduct of	Un administrateur provisoire ou un administrateur qui quitte son poste doit fournir, dans la conduite de l'administration, des

amakuru ndetse n'ubufasha mu migendekere y'icungamutungo nk'uko umusimbura we yabisaba ku mpamvu zumvikana.	the administration as that person's successor may reasonably requires.	informations et l'assistance que son successeur peut raisonnablement exiger.
<u>Ingingo ya 77:</u> Ubugenzuzi bw'urukiko ku mucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**<u>Article 77:</u> Court supervision of a provisional administrator or administrator**	**<u>Article 77 :</u> Supervision judiciaire d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, urukiko rushobora gufata icyemezo ku birebana n'ikibazo cyavuka gifitanye isano no gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.	On the application of a provisional administrator or administrator, the court may make an order in relation to any matter arising in connection with the performance of functions of a provisional administrator or administrator.	À la demande d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur, la juridiction peut rendre une ordonnance en rapport avec toute question découlant de l'exercice des fonctions d'administrateur provisoire ou d'administrateur.
Bisabwe n'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo, uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa undi wese ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora, mu gihe cyangwa nyuma y'igihe cy'icungamutungo, gukoresha bumwe mu bubasha bukurikira:	On the application of a provisional administrator or administrator, a creditor of the company or any liquidator of the company, the court may, during or after administration, exercise any of the following powers:	À la demande d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur, d'un créancier d'une société commerciale ou d'un liquidateur d'une société commerciale, la juridiction peut, pendant ou après l'administration, exercer l'un des pouvoirs suivants :
1° kugena igihembo cy'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo hakurikijwe iteka rya Minisitiri ryerekeye igihembo kigenerwa abakora umwuga wo kuzahura	1° to fix the remuneration of a provisional administrator or administrator in accordance with Ministerial Order on the remuneration of insolvency practitioners;	1° fixer la rémunération d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur conformément à l'arrêté ministériel relatif à la rémunération des praticiens de l'insolvabilité;

ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;		
2° gutegeka umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo gusubiza amafaranga yafatiriye iyo bigaragaye ko yabikoze nta mpamvu zumvikana;	2° to order the provisional administrator or administrator to refund the amount retained if it is found to be unreasonable;	2° ordonner à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur de rembourser le montant faisant l'objet de conservation si cette dernière est jugée déraisonnable;
3° gutangaza niba umucungamutungo yarashyizweho mu buryo bwemewe cyangwa ko yacunze umutungo uko bikwiye.	3° to declare whether or not the administrator was validly appointed or validly assumed custody or control of the property.	3° déclarer si l'administrateur a été ou non valablement nommé ou a valablement assumé la garde ou le contrôle des biens.
<u>Ingingo ya 78</u>: Gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo	**<u>Article 78</u>: Enforcement of a provisional administrator's or administrator's duties**	**<u>Article 78 :</u> Faire exécuter les attributions d'un administrateur provisoire ou d'un administrateur**
Iyo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo atubahirije inshingano ze, uberewemo umwenda cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi bashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gisaba ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo.	If a provisional administrator or administrator fails to comply with his or her duties, a creditor or a liquidator of the company may apply for a court's order seeking the enforcement of a provisional administrator's or administrator's duties.	Si un administrateur provisoire ou un administrateur n'exécute pas ses fonctions, un créancier ou un liquidateur de la société commerciale peut demander une ordonnance judiciaire exigeant l'exécution par cet administrateur provisoire ou administrateur de ses attributions.
Bitewe n'ibyo batubahirije, urukiko rushobora:	In light of the duties they fail to comply with, the court may:	Compte tenu des attributions qu'ils n'ont pas exécutées, la juridiction peut :

1° kuvaniraho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo inshingano yo kubahiriza inshingano zose cyangwa zimwe muri zo;	1° relieve a provisional administrator or administrator of the duty to comply, wholly or in part;	1° dégager l'administrateur provisoire ou l'administrateur de l'obligation de se conformer, en totalité ou en partie;
2° gutegeka umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo kubahiriza inshingano ze kugeza ku gipimo kigaragazwa mu cyemezo cy'urukiko;	2° order the provisional administrator or the administrator to comply with his or her duties to the extent specified in the order;	2° ordonner à l'administrateur provisoire ou à l'administrateur d'exécuter ses attributions dans les limites prévues dans l'ordonnance;
3° kuvana ku mirimo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo no gushyiraho undi.	3° remove the provisional administrator or the administrator from office and appoint another provisional administrator or administrator.	3° révoquer l'administrateur provisoire ou l'administrateur et nommer un autre administrateur provisoire ou administrateur.
Iyo umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo avanywe mu mirimo, urukiko rushobora gufata icyemezo gikwiriye mu rwego rwo kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi, harimo gufata icyemezo gitegeka umucungamutungo wavanywe mu mirimo gutanga inyandiko zose z'ibaruramari, ibitabo cyangwa andi makuru ya ngombwa bikenewe.	Where a provisional administrator or an administrator is removed from office, the court may make an appropriate order for the preservation of the company's property, including an order requiring the removed administrator to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.	Lorsqu'un administrateur provisoire ou un administrateur est révoqué, la juridiction peut rendre une ordonnance appropriée pour préserver les biens de la société commerciale, y compris une ordonnance exigeant que l'administrateur révoqué mette à dispositions tous comptes, documents ou autres informations nécessaires à cet effet.

<u>Ingingo ya 79:</u> Igihe kiganisha ku iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kidategetswe n'urukiko	**<u>Article 79</u>: Transition to liquidation not initiated by the court**	**<u>Article 79:</u> Transition vers la liquidation non initiée par la juridiction**
Abanyamigabane bafatwa nk'aho bafashe umwanzuro wihariye wo gusesa isosiyete y'ubucuruzi, iyo: 1° ababerewemo imyenda bafashe icyemezo mu nama y'ababerewemo imyenda ko isosiyete y'ubucuruzi iseswa; 2° inyandiko y'imicungire y'umutungo itashyizwe mu bikorwa mu gihe cyo kuyishyira mu bikorwa. Ku byerekeye umwanzuro w'ababerewemo imyenda uvugwa mu gace ka mbere k'igika cya mbere cy'iyi ngingo, abanyamigabane bafatwa nk'aho bashyizeho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umucungamutungo nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	Shareholders are considered to have passed a special resolution for the winding up of the company, if: 1° the creditors resolve that the company be wound up at a creditors' meeting; 2° an administration deed is not executed within the execution period. In the case of the resolution of creditors that is referred to in item One of Paragraph One of this Article, shareholders are considered to have appointed the provisional administrator or administrator as liquidator.	Les actionnaires sont réputés avoir adopté une résolution spéciale pour la dissolution de la société commerciale, si : 1° les créanciers décident de la dissolution de la société commerciale lors de l'assemblée des créanciers ; 2° l'acte d'administration n'est pas exécuté dans le délai d'exécution ; Dans le cas de la résolution des créanciers visée au point premier de l'alinéa premier du présent article, les actionnaires sont réputés avoir nommé l'administrateur provisoire ou l'administrateur en tant que liquidateur.

Icyiciro cya 4: Irangira ry'icungamutungo	**Section 4: Termination of administration**	**Section 4 : Cessation d'une administration**
Ingingo ya 80: Irangira ry'icungamutungo	**Article 80: Termination of administration**	**Article 80: Cessation d'une administration**
Gucunga umutungo bihagarikwa hashingiwe ku cyemezo gifashwe n'urukiko cyangwa ku mpamvu zateganyijwe mu inyandiko y'imicungire y'umutungo.	An administration is terminated upon the court's order or circumstances specified in the administration deed.	Une administration cesse suite à l'ordonnance judiciaire ou à des circonstances spécifiées dans l'acte d'administration.
Ingingo ya 81: Irangira ry'icungamutungo bitegetswe n'urukiko	**Article 81: Termination of administration by court order**	**Article 81: Cessation d'une administration par ordonnance judiciaire**
Urukiko rushobora gufata icyemezo ku birebana n'icungamutungo ko umucungamutungo agomba guhagarika gukora uhereye ku itariki rugennye no kubuza ishyirwaho ry'undi mucungamutungo.	The court may make an order with respect to an administration that the administrator must cease to act as such as from a specified date and prohibit the appointment of another administrator.	La juridiction peut rendre une ordonnance à l'égard d'une administration selon laquelle l'administrateur doit cesser d'agir à compter d'une date spécifiée et interdire la nomination d'un autre administrateur.
Aba bakurikira bashobora gushyikiriza urukiko ikirego gisaba irangira ry'icungamutungo:	The following persons may apply to the court for the termination of an administration:	Les personnes suivantes peuvent demander à la juridiction d'ordonner la cessation de l'administration :
1° umucungamutungo ubwe;	1° an administrator himself or herself;	1° un administrateur lui-même;
2° uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi;	2° a creditor of the company;	2° un créancier de la société commerciale;

3° ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi;	3° a liquidator of the company;	3° un liquidateur de la société commerciale;
4° Umwanditsi Mukuru.	4° Registrar General.	4° le Registraire général.
<u>Ingingo ya 82</u>: Impamvu zituma habaho irangira ry'icungamutungo bikozwe n'urukiko	**<u>Article 82:</u> Reasons for termination of an administration by court**	**<u>Article 82:</u> Motifs de cessation d'une administration par ordonnance judiciaire**
Urukiko rushobora gufata icyemezo cy'irangira ry'icungamutungo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:	The court may make an order to terminate the administration for any of the following reasons:	La juridiction peut rendre une ordonnance pour mettre fin à l'administration pour l'un des motifs suivants :
1° umucungamutungo cyangwa ababerewemo imyenda bahawe amakuru yerekeye ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, umutungo, imirimo cyangwa ibihe imari y'isosiyete y'ubucuruzi igezemo y'ibinyoma cyangwa ayobya, cyangwa nta makuru bahawe, kandi ashobora kuba yari ategerejweho ko yagirira ababerewemo imyenda akamaro ku mpamvu zumvikana mu gihe bagomba gufata icyemezo niba batora bashyigikira icungamutungo;	1° the administrator or creditors were given information about the company's business, property, affairs or financial circumstances that was false or misleading, or information was not given to them and which can reasonably be expected to have been material to creditors in deciding whether to vote in favour of the administration;	1° l'administrateur ou les créanciers ont reçu des informations sur les activités commerciales, les biens, les affaires ou la situation financière de la société commerciale qui étaient fausses ou trompeuses, ou les informations ne leur ont pas été transmises alors que ces informations auraient raisonnablement eu de l'influence sur les créanciers pour décider s'il convient de voter en faveur de l'administration;
2° raporo cyangwa inyandiko y'ibyifuzo by'umucungamutungo w'agateganyo byarimo amakuru	2° the report or a statement on provisional administrator's proposals contained false or misleading information or omission;	2° le rapport ou une déclaration figurant dans les propositions de l'administrateur provisoire contenait des informations fausses ou trompeuses ou une omission;

y'ikinyoma cyangwa ayobya cyangwa hari ibyavanywemo;		
3° umuntu urebwa n'inyandiko y'imicungire y'umutungo utubahirije iyo nyandiko cyangwa inshingano ze;	3° a person bound by the administration deed has failed to comply with the deed or with his or her obligations;	3° une personne liée par l'acte d'administration n'a pas respecté l'acte ou ses obligations;
4° isosiyete y'ubucuruzi yananiwe gukora ibyo yasabwe n'umucungamutungo ku mpamvu zumvikana;	4° the company has failed to do what it has been reasonably required of by the administrator;	4° la société commerciale n'a pas fait ce que l'administrateur a raisonnablement demandé;
5° icungamutungo ridashobora gusohozwa kubera akarengane gashobora kubamo cyangwa gutinda bitari ngombwa;	5° the administration cannot be completed without injustice or undue delay;	5° l'administration ne peut être complétée sans injustice ou retard injustifié;
6° icungamutungo rikandamiza, ribangamye cyangwa rivangura umwe cyangwa benshi mu baberewemo imyenda cyangwa iyo byari binyuranyije n'inyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi muri rusange;	6° the administration is oppressive, unfairly prejudicial or discriminatory against one or more creditors or contrary to the interests of the creditors of the company as a whole;	6° l'administration est oppressive, injustement préjudiciable ou discriminatoire à l'égard d'un ou de plusieurs créanciers ou contraire aux intérêts des créanciers de la société commerciale dans leur ensemble;
7° iyo uruhushya rwe rwo kuba umucungamutungo rwateshejwe agaciro n'urugaga rw'umwuga abarizwamo;	7° when his or her license to be an administrator was revoked by his or her professional body;	7° lorsque son agrément d'administrateur a été révoqué par son organisation professionnelle;

8° indi mpamvu yakwemezwa n'Urukiko.	8° other reason approved by the court.	8° autre motif approuvé par la juridiction.
Ingingo ya 83: Imenyesha ry'irangira ry'icungamutungo	**Article 83: Notice of termination of an administration**	**Article 83: Avis de cessation d'une administration**
Iyo icungamutungo rirangiye, umucungamutungo agomba, mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi w'irangira:	Where the administration is terminated, the administrator must, within five (5) working days from the date of termination:	Lorsque l'administration cesse, l'administrateur doit, dans les cinq (5) jours ouvrables suivant la date de cessation:
1° kumenyesha rubanda iby'iryo rangira;	1° give public notice of such termination;	1° donner un avis public de cette cessation;
2° kohereza imenyesha ryanditse ry'irangira kuri buri muntu uzwi ko aberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi;	2° send a written notice of termination to each of the company's known creditors;	2° envoyer un avis écrit de cessation à chacun des créanciers connus de la société commerciale;
3° gushyikiriza Umwanditsi Mukuru imenyesha ry'irangira.	3° deliver such notice of termination to the Registrar General.	3° remettre au Registraire général un tel avis de cessation.
UMUTWE WA IV: IZAHURA RY'UBUCURUZI BW'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI	**CHAPTER IV: REORGANIZATION OF COMPANY**	**CHAPITRE IV: REDRESSEMENT D'UNE SOCIÉTÉ COMMERCIALE**
Ingingo ya 84: Gusaba gutangiza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 84: Application for reorganization of a company**	**Article 84: Demande de redressement d'une société commerciale**
Abantu bakurikira bashobora kuregera urukiko basaba gutangiza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi:	The following persons may apply to the court for an order to commence company reorganization proceedings:	Les personnes suivantes peuvent demander à la juridiction d'ordonner l'ouverture d'une

		procédure de redressement d'une société commerciale:
1° ubereyemo abandi imyenda; 2° abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete y'ubucuruzi; 3° uberewemo umwenda; 4° Umwanditsi Mukuru; 5° Urwego ngenzuramikorere.	1° a debtor; 2° directors of a company; 3° a creditor; 4° the Registrar General; 5° the regulatory authority.	1° un débiteur; 2° les membres du Conseil d'administration d'une société commerciale; 3° un créancier; 4° le Registraire général ; 5° l'autorité de régulation.
Ikirego gisaba izahurwa ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi kigomba kugaragaza icyemezo gisinyweho n'uwatanze ikirego cyemeza ko hari impamvu zumvikana zerekana ko hari icyizere cy'uko ubucuruzi bwazahuka.	The application for reorganization of a company must include a certificate signed by the applicant certifying that there is a reason to believe that there is a prospect for rescuing the business.	La demande de redressement d'une société commerciale doit inclure un certificat signé par le demandeur certifiant qu'il y a des raisons de croire qu'il existe une chance de sauver l'entreprise.
Umuntu uwo ari we wese wagirwaho ingaruka n'ikirego gisaba kuzahura ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi amenyeshwa ko hatanzwe icyo kirego.	Any person who is likely to be affected by the application for reorganization of a company is notified of such an application.	Toute personne qui pourrait être affectée par la demande de redressement d'une société commerciale se voit notifier cette demande.
Ingingo ya 85: Icyemezo cy'urukiko cyo gutangiza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 85: Court order commencing reorganization of a company**	**Article 85 : Ordonnance de la juridiction ouvrant le redressement d'une société commerciale**
Nyuma yo gusuzuma ikirego gisaba izahura, urukiko rushobora gutegeka ko izahura	After considering an application of reorganization, the court may make an order	Après avoir examiné la demande de redressement, la juridiction peut rendre une

ritangizwa kandi rugashyiraho umucungamutungo w'agateganyo mu gihe rusanze:	commencing reorganization proceedings and appoint a provisional administrator if the court is satisfied that:	ordonnance d'ouverture d'une procédure de redressement et nommer un administrateur provisoire si elle est convaincue que :
hari impamvu zumvikana zo kuzahura ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi kandi bigaragara ko mu gihe kizaza isosiyete y'ubucuruzi izubahiriza inshingano zo kwishyura imyenda igejeje igihe;	1° there is a reasonable prospect for rescuing the company and it is clear that the company will likely meet its future financial obligations as they become due and payable;	1° il existe une possibilité raisonnable de sauver la société commerciale et qu'il est évident que la société commerciale pourra probablement satisfaire à ses futures obligations financières lorsqu'elles deviennent exigibles et payables;
1° bigaragara ko ababerewemo imyenda batemeye izahura, mu izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi bazabona ubwishyu nk'ubwo bari kubona mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi.	2° it is clear that dissenting creditors will receive as much under the company reorganization plan as they would in the company's liquidation.	2° il est évident que les créanciers dissidents recevront autant dans le cadre du plan de redressement d'une société commerciale que ce qu'ils recevraient en cas de liquidation de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 86:</u> Umwanya w'umucungamutungo cyangwa umucungamutungo w'agateganyo udafite uwurimo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 86</u>: Vacancy in the office of administrator or provisional administrator during company reorganization**	**<u>Article 86:</u> Vacance de poste d'administrateur ou d' administrateur provisoire pendant le redressement d'une société commerciale**
Iyo, mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi, umwanya w'umucungamutungo cyangwa umucungamutungo w'agateganyo udafite uwurimo biturutse kuri imwe mu mpamvu zivugwa mu ngingo ya 76 y'iri tegeko,	If, during the reorganization of a company, the office of the administrator or provisional administrator is vacant on one of the grounds provided in Article 76 of this Law, the court appoints another administrator or provisional administrator.	Lorsque, au cours du redressement d'une société commerciale, le poste d'administrateur ou d'administrateur provisoire est vacant pour l'un des motifs prévus à l'article 76 de la présente loi, la juridiction nomme un autre administrateur ou administrateur provisoire.

urukiko rushyiraho undi mucungamutungo cyangwa umucungamutungo w'agateganyo.		
<u>Ingingo ya 87:</u> Inkurikizi z'itangira ry'izahurwa ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 87:</u> Effects of commencement of company reorganization**	**<u>Article 87:</u> Effets de l'ouverture du redressement d'une société commerciale**
Guhera igihe hatangijwe ikurikirana ry'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi, nta kirego, harimo n'ikirego gisaba gushyira mu bikorwa, kireba isosiyete y'ubucuruzi cyangwa cyerekeranye n'umutungo uwo ariwo wose w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ufitwe mu buryo bwemewe n'isosiyete y'ubucuruzi gishobora gutangizwa cyangwa gukomeza gukurikiranwa.	From the commencement of reorganization company proceedings, no legal proceeding, including enforcement action, against the company, or in relation to any property belonging to the company, or lawfully in its possession, may be commenced or continued.	Dès l'ouverture de la procédure de redressement d'une société commerciale, aucune procédure judiciaire, y compris une action coercitive, contre la société commerciale ou en rapport avec un quelconque bien de la société commerciale ou les biens qui sont légalement en sa possession, ne peut être engagée ou poursuivie.
Icyakora, ku birebana n'ababerewemo imyenda ifite ingwate, igihe gitegerezwa ngo habe hatangwa ikirego kimara amezi atandatu (6) abarwa uhereye ku munsi ikirego gisaba itangira ry'ikurikirana ry'igihombo cyatangiwe. Icyo gihe gishobora kongerwa inshuro zitarenze eshatu (3).	However, in relation to secured creditors, the stay for application lasts for six (6) months from the date of application for commencement of reorganization. This period may be renewed three (3) times at most.	Toutefois, en ce qui concerne les créanciers garantis, la suspension de la demande dure six (6) mois à compter de la date de demande d'ouverture du redressement. Cette période peut être renouvelée trois (3) fois au maximum.
Kongera igihe gitegerezwa ngo habe hatangwa ikirego cyo kwishyuza imyenda yishingiwe byemezwa n'urukiko rushingiye ku bipimo byagenwe kandi bikanagenzurwa	The extension of the stay on secured claims is decided on by a court basing on established indicators which are strictly evaluated in relation to modalities contemplated for the	La prolongation de la suspension des poursuites des créances garanties est décidée par la juridiction sur la base des indicateurs établis et strictement évalués par rapport aux modalités de

ku byerekeranye n'uko isosiyete y'ubucuruzi izazahurwa, iyo:	reorganization of the company, under the following conditions:	redressement d'une société commerciale envisagées, dans les conditions suivantes :
1° byemejwe mu nyandiko n'umucungamutungo w'isosiyete y'ubucuruzi;	1° with the written consent of the administrator of a company;	1° avec le consentement écrit de l'administrateur de la société commerciale;
2° byemejwe n'urukiko mu buryo rubona ko bukwiye.	2° with the leave of the court and in accordance with any terms the court considers suitable.	2° sur autorisation de la juridiction et conformément aux conditions que celle-ci peut juger appropriées.
<u>Ingingo ya 88:</u> Gusaba icyemezo gikuraho isubika ryo gukurikirana umwenda ufite ingwate	**<u>Article 88:</u> Application for relief from stay on secured claim**	**<u>Article 88:</u> Demande de libération de suspension de poursuites d'une créance garantie**
Uberewemo umwenda ufite ingwate ashobora gusaba urukiko gukuraho isubika ryo gukurikirana umwenda mu bihe bikurikira:	A secured creditor may apply to court for relief from stay on secured claim under the following conditions:	Un créancier garanti peut demander à la juridiction de le libérer d'une suspension de poursuites d'une créance garantie dans les conditions suivantes :
1° iyo umutungo ushobora guta agaciro, kwangirika cyangwa udakenewe mu bikorwa by'ubucuruzi;	1° the secured asset may lose value, deteriorate or be destroyed or unnecessary in business activities;	1° lorsque le bien donné en garantie peut perdre de la valeur, se détériorer ou n'est pas nécessaire dans les activités commerciales;
2° mu gihe uberewemo umwenda ufite ingwate nta buryo afite bwo kubuza igabanuka mu gaciro ry'umutungo watanzweho ingwate;	2° the secured creditor does not receive compensation for the decrease in the value of the secured asset;	2° lorsque le créancier garanti ne reçoit aucune indemnisation pour la diminution de la valeur du bien donné en garantie;
3° mu gihe gucunga umutungo watanzweho ingwate bidashoboka	3° the provision of protection of the secured asset may not be feasible or	3° lorsque la protection du bien donné en garantie peut être impossible ou

cyangwa byaba umuzigo ukomeye ku mutungo;	would be overly burdensome to the estate;	constituerait une lourde charge pour la masse;
4° mu gihe umutungo watanzweho ingwate udakenewe mu kuzahura cyangwa kugurisha ibikorwa by'ubucuruzi mu birebana n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	4° the secured asset is not needed for the reorganization or sale of the business as a going concern in liquidation;	4° lorsque le bien donné en garantie n'est pas nécessaire au redressement ou à la cession de l'entreprise en vue de la poursuite de l'activité au cours de la liquidation ;
5° gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi itemewe mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).	5° the company reorganization plan is not approved within thirty (30) days.	5° le plan de redressement de la société commerciale n'est pas approuvé dans les trente (30) jours.
<u>Ingingo ya 89:</u> Gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 89:</u> Company reorganization plan**	**<u>Article 89:</u> Plan de réorganisation d'une société commerciale**
Mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye igihe icyemezo cy'izahura cyafatiwe, umucungamutungo, amaze kugisha inama ababerewemo imyenda n'abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete y'ubucuruzi, ategura gahunda y'izahura ry'ubucuruzi kugira ngo isuzumwe kandi yemezwe n'ababerewemo imyenda.	Within forty-five (45) days from the reorganization order, the administrator, after consultation with the creditors and directors of the company, prepares a reorganization plan to be considered and approved by the creditors.	Dans les quarante-cinq (45) jours suivant l'ordonnance de redressement, l'administrateur, après consultation avec les créanciers et les membres du Conseil d'administration de la société commerciale, prépare un plan de redressement qui doit être examiné et approuvé par les créanciers.

<u>Ingingo ya 90:</u> Imenyesha ry'inama y'ababerewemo imyenda yo kwemeza gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 90:</u> Notice of the meeting of creditors to approve company reorganization plan**	**<u>Article 90:</u> Avis de convocation de l'assemblée des créanciers pour approuver le plan de redressement d'une société commerciale**
Mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi imaze gukorwa, umucungamutungo atumiza inama y'ababerewemo imyenda yo kwemeza gahunda y'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi.	Within fifteen (15) working days from the completion of the company reorganization plan, the administrator convenes a meeting of creditors to approve the company reorganization plan.	Dans les quinze (15) jours ouvrables suivant l'achèvement du plan de réorganisation d'une société commerciale, l'administrateur convoque l'assemblée des créanciers pour approuver le plan de redressement d'une société commerciale.
Umucungamutungo mu gihe kitari munsi y'iminsi icumi (10) y'akazi mbere y'uko inama iterana, aha imenyesha ry'inama buri wese uberewemo umwenda uzwi agatanga n'imenyesha rigenewe rubanda, agaragaza ko agamije gutumiza inama y'ababerewemo imyenda cyangwa icyiciro cy'ababerewemo imyenda yo kwemeza gahunda y'izahura ry'ubucuruzi ryasabwe.	The administrator gives in not less than ten (10) working days before the meeting is held, a notice of meeting to each known creditor and a public notice, indicating the intention to convene a meeting of creditors or any class of creditors for the purpose of approving the proposed reorganization plan.	L'administrateur envoie, dans un délai d'au moins dix (10) jours ouvrables avant la tenue de la réunion, un avis de convocation à chaque créancier connu et un avis public indiquant son intention de tenir une assemblée des créanciers ou toute catégorie de créanciers aux fins d'approuver le plan de redressement proposé.
<u>Ingingo ya 91:</u> Kwemeza izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 91:</u> Approval of company reorganization**	**<u>Article 91:</u> Approbation du redressement d'une société commerciale**
Izahura ry'ubucuruzi ryemezwa n'ababerewemo imyenda cyangwa icyiciro icyo ari cyo cyose cy'ababerewemo imyenda bashobora kugirwaho ingaruka n'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi ryasabwe iyo bitowe n'ababerewemo	A reorganization is approved by creditors or any class of creditors who may be affected by the proposed company reorganization if voted by not less than seventy-five per cent (75%) of creditors or class of creditors having taken part in the vote.	Le redressement est approuvé par les créanciers ou toute catégorie de créanciers qui risquent d'être affectés par le redressement proposé d'une société commerciale s'il est voté par au moins soixante-quinze pour cent (75%) des créanciers

imyenda cyangwa n'icyo cyiciro cy'ababerewemo imyenda ku majwi atari munsi ya mirongo irindwi n'atanu ku ijana (75%) y'abatoye.		ou d'une catégorie de créanciers ayant participé au vote.
Mu gihe icyemezo cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi cyasabiwe gutorwa n'icyiciro kirenze kimwe cy'ababerewemo imyenda, bifatwa ko ukwemererwa kuzahura ubucuruzi kwasabwe n'icyo cyiciro bishingira ku kwemera kwa buri cyiciro kindi cyemerewe gutora hafatwa icyemezo cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi, uretse igihe byaba biteganyijwe ukundi muri icyo cyemezo mu buryo bweruye.	Where a resolution proposing company reorganization is put to a vote of more than one class of creditors, it is presumed that the approval of the reorganization by that class is conditional on the approval of the reorganization by every other class voting on the resolution unless the contrary is expressly stated in the resolution.	Lorsqu'une résolution proposant le redressement d'une société commerciale est mise aux voix de plus d'une catégorie de créanciers, il est présumé que l'approbation du redressement par cette catégorie est subordonnée à l'approbation du redressement par toute autre catégorie votant sur la résolution, sauf disposition expresse contraire de la résolution.
<u>Ingingo ya 92</u>: Gufatwa kimwe kw'ababerewemo imyenda bari mu cyiciro kimwe	**<u>Article 92:</u> Equal treatment of creditors in the same class**	**<u>Article 92:</u> Traitement égal des créanciers relevant de la même catégorie**
Ababerewemo imyenda bari mu cyiciro kimwe bafatwa kimwe.	Creditors within the same class are offered equal treatment.	Les créanciers au sein d'une même catégorie bénéficient d'une égalité de traitement.
Gufata ku buryo butangana ababerewemo imyenda bari mu cyiciro kimwe bisaba ko ababerewemo imyenda bose bo muri icyo cyiciro babyemera. Muri icyo gihe, icyemezo cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi giherekezwa n'inyandiko yo kwemera ya buri wese uberewemo umwenda.	Any distinct treatment of the creditors of the same class requires the consent of all other creditors of that class. In such a case, the resolution of company reorganization is accompanied by each creditor's statement of consent.	Toute différence de traitement entre les créanciers relevant de la même catégorie requiert le consentement de tous les autres créanciers de cette catégorie. Dans ce cas, la résolution de redressement d'une société commerciale s'accompagne d'une déclaration de consentement de chacun des créanciers.

Ingingo ya 93: Inshingano z'umucungamutungo mu izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**Article 93: Duties of the administrator of company reorganization**	**Article 93: Attributions de l'administrateur du redressement d'une société commerciale**
Mu izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi, Umucungamutungo afite inshingano zikurikira:	During company reorganization, the administrator has the following duties:	Lors du redressement d'une société commerciale, l'administrateur assume les attributions suivantes :
1° kurinda no kugenzura ubucuruzi n'umutungo by'isosiyete y'ubucuruzi;	1° to take custody and control of the company's business and property and affairs;	1° prendre la garde et le contrôle des biens et des affaires de la société commerciale;
2° kugenzura ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi no gufata ingamba zikwiye zo kuzahura ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'iz'abanyamigabane;	2° investigate the company's business and take possible measures for rescuing the company's business in the interests of creditors and shareholders;	2° enquêter sur les affaires de la société et prendre des mesures possibles pour sauver les affaires de la société commerciale dans l'intérêt des créanciers et des actionnaires;
3° gukomeza ubucuruzi no gucunga umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi hagamijwe kuzahura ubucuruzi bwayo mu nyungu z'ababerewemo imyenda n'iz'abanyamigabane;	3° carry on the business and manage the property of the company with the objective of rescuing business in the interests of creditors and shareholders;	3° continuer les affaires et gérer les biens de la société commerciale dans le but de sauver les affaires dans l'intérêt des créanciers et des actionnaires;
4° gushyira mu bikorwa inshingano iyo ari yo yose isosiyete y'ubucuruzi cyangwa abayobozi bayo bari gukora iyo isosiyete y'ubucuruzi iza kuba itari mu izahurwa;	4° perform any function that the company or its officers could perform if the company was not in reorganization.	4° exécuter toute fonction que la société commerciale ou ses dirigeants pourraient accomplir si la société commerciale n'était pas en redressement;

5° kubika amafaranga y'isosiyete y'ubucuruzi agatandukanywa n'andi mafaranga afite cyangwa agenzura; 6° kubika, hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange mu ibaruramari, inyandiko zose z'ibaruramari n'izindi nyandiko z'inyemezabwishyu, iz'ibyakoreshejwe n'iz'ibindi bikorwa bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi kandi akagumana izo nyandiko z'ibaruramari n'ibindi bitabo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangira ry'icungamutungo.	5° to keep company money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control; 6° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full accounts and other records of all receipts, expenditure and other transactions relating to the company and retain the accounts and records for not less than ten (10) years after the administration ends.	5° garder l'argent de la société commerciale, séparés d'autre argent qu'il détient ou qu'il a sous son contrôle; 6° conserver, conformément aux pratiques et aux normes comptables généralement reconnus, les comptes complets et autres documents de tous les reçus, dépenses et autres transactions relatives à la société commerciale et conserver les comptes et registres pendant au moins dix (10) ans après la fin de l'administration.
<u>Ingingo ya 94:</u> Ububasha bw'umucungamutungo mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi Umucungamutungo afite ububasha bukwiye bwo kumufasha kuzuza inshingano ze harimo n'ububasha bwo: 1° gutangiza, gukomeza, guhagarika cyangwa kuburana imanza z'isosiyete y'ubucuruzi;	**<u>Article 94:</u> Powers of an administrator during company reorganization** An administrator has the powers necessary to carry out his or her duties, including the power to: 1° commence, continue, discontinue, and defend legal proceedings of a company;	**<u>Article 94:</u> Pouvoirs d'un administrateur pendant le redressement d'une société commerciale** L'administrateur a les pouvoirs nécessaires pour exercer ses attributions, y compris le pouvoir de : 1° commencer, continuer, interrompre et défendre une poursuite judiciaire impliquant une société commerciale;

2° gukomeza ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi hakurikijwe ibikenewe mu izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi;	2° continue, to the extent necessary for the reorganization, the business of the company;	2° poursuivre, dans la mesure nécessaire au redressement, les activités de la société commerciale;
3° gushyiraho umuhagarariye mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu gihe atabonetse ngo abyikorere ubwe;	3° appoint an agent to do anything that the administrator is unable to do;	3° nommer un agent pour faire tout ce qu'il est incapable de faire;
4° gutumiza inama y'abanyamigabane cyangwa y'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi.	4° convene the meeting of the shareholders or creditors of the company.	4° convoquer l'assemblée des actionnaires ou créanciers de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 95:</u> Ubugenzuzi bw'urukiko ku izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 95:</u> Court supervision of the company reorganization**	**<u>Article 95:</u> Supervision judiciaire du redressement d'une société commerciale**
Hashingiwe ku kirego cyatanzwe n'ubereyemo abandi imyenda, ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi, uberewemo umwenda cyangwa Umwanditsi Mukuru cyangwa urukiko rubyibwirije, urukiko rushobora gufata icyemezo rubona ko ari ngombwa iyo rusanze:	Based on an application by the debtor, director of a company, a creditor or the Registrar General or on its own motion, the court may make any order it thinks appropriate where it is satisfied that:	Sur la base d'une demande du débiteur, d'un membre du Conseil d'administration de la société commerciale, d'un créancier ou du Registraire général ou de sa propre initiative, la juridiction peut rendre toute ordonnance qu'elle juge appropriée si elle est convaincue que :
1° imicungire y'ubucuruzi cyangwa y'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi bikorwa n'umucungamutungo biri gukorwa mu buryo bubangamiye inyungu z'ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi bose	1° the administrator's management of the company business or property is prejudicial to the interests of some or all of the company's creditors or shareholders;	1° la gestion par l'administrateur des affaires ou des biens de la société commerciale est préjudiciable aux intérêts de tous les créanciers ou de certains d'entre eux ou des actionnaires de la société commerciale ;

cyangwa bamwe muri bo cyangwa abanyamigabane; 2° imyitwarire y'umucungamutungo yabangamiye cyangwa ibangamira inyungu z'ababerewemo imyenda bose cyangwa bamwe muri bo cyangwa abanyamigabane.	2° the administrator's conduct has been or is prejudicial to the interests of some or all of the company's creditors or shareholders.	2° la conduite de l'administrateur a été ou est préjudiciable aux intérêts de tous les créanciers ou de certains d'entre eux ou des actionnaires de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 96</u>: Irangira ry'izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 96:</u> Termination of company reorganization**	**<u>Article 96:</u> Cessation de redressement d'une société commerciale**
Izahura ry'ubucuruzi bw'isosiyete y'ubucuruzi rirangira iyo: 1° gahunda y'izahura ry'ubucuruzi yashyizwe mu bikorwa n'umucungamutungo; 2° ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi bemeje ko izahura ry'ubucuruzi rirangira; 3° ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi bashyizeho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ku cyemezo cyafatiwe mu nama igamije kugena icyerekezo cy'isosiyete y'ubucuruzi;	The reorganization of a company ends where: 1° the reorganization plan has been implemented by the administrator; 2° the company creditors resolve that the reorganization should end; 3° the company creditors appoint a liquidator by a resolution passed at a meeting to determine the future of the company;	Le redressement d'une société commerciale se termine lorsque : 1° le plan de redressement a été mis en œuvre par l'administrateur; 2° les créanciers de la société commerciale prennent la résolution de mettre fin au redressement; 3° les créanciers de la société commerciale nomment un liquidateur par une résolution adoptée lors d'une assemblée pour déterminer l'avenir de la société commerciale;

4° isosiyete y'ubucuruzi yananiwe kubahiriza gahunda y'izahura ry'ubucuruzi mu gihe cyemejwe n'urukiko;	4° the company fails to execute the reorganization plan within the time allowed by the court;	4° la société commerciale ne parvient pas à mettre en œuvre le plan de redressement dans le délai imparti par la juridiction;
5° urukiko rushyizeho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	5° the court appoints a liquidator.	5° la juridiction nomme un liquidateur.
UMUTWE WA V: INGUZANYO IGAMIJE KUZAHURA UBUCURUZI	**CHAPTER V: BUSINESS RESCUE FINANCE**	**CHAPITRE V: FINANCEMENT DE SAUVETAGE DES ACTIVITÉS COMMERCIALES**
Ingingo ya 97: Inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 97: Business rescue finance**	**Article 97: Financement de sauvetage des activités commerciales**
Nyuma y'itangira ry'ubwumvikane ku myishyurire y'umwenda, iry'ubwumvikane hagati y'isosiyete y'ubucuruzi n'abo ibereyemo imyenda n'iry'icungamutungo cyangwa iry'izahura ry'ubucuruzi, ubereyemo abandi imyenda ashobora gusaba inguzanyo abo abereyemo imyenda cyangwa akayisaba abandi bantu, hagamijwe kuzahura ibikorwa bye by'ubucuruzi.	After the commencement of debt arrangement, compromise between the company and its creditors and of administration or reorganization, a debtor may apply for financing from his or her existing creditors or other persons for the purposes of maintaining his or her business activities.	Après l'ouverture de l'arrangement, du compromis entre la société commerciale et ses créanciers et de l'administration ou du redressement, le débiteur peut demander un financement auprès de ses créanciers existants ou d'autres personnes aux fins de maintenir ses activités commerciales.
Ingingo ya 98: Inama y'ababerewemo imyenda yo kwemeza inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 98: Creditors' meeting to consider business rescue finance**	**Article 98: Assemblée des créanciers pour examen du financement de sauvetage des activités commerciales**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo atumiza inama	The insolvency practitioner convenes a creditor's meeting to consider the proposed	Le praticien de l'insolvabilité convoque une assemblée des créanciers pour examiner le

y'ababerewemo imyenda yo kwemeza isabwa ry'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi kandi agaha ababerewemo imyenda imenyesha ryanditse.	post commencement finance and gives written notice to creditors.	financement proposé postérieur à l'ouverture de la procédure et donne un avis écrit aux créanciers.
Imenyesha ry'inama riba rikubiyemo ibisobanuro birambuye ku nguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi n'itariki inama izabera.	The notice of the meeting must include detailed information about the proposed post commencement finance and the date on which the meeting is to be held.	L'avis de convocation doit inclure des informations détaillées sur le financement proposé postérieur à l'ouverture de la procédure et la date de tenue de l'assemblée.
Ingingo ya 99: Iyemezwa ry'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi	**Article 99: Approval of business rescue finance**	**Article 99: Approbation du financement de sauvetage des activités commerciales**
Inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi yemerwa iyo yatowe n'ababerewemo imyenda cyangwa itsinda ry'ababerewemo imyenda ku bwiganze bw'amajwi y'ababerewemo imyenda cyangwa itsinda ry'ababerewemo imyenda batoye.	Business rescue finance is approved by creditors or any class of creditors if voted by majority of the votes validly cast by the creditors or that class of creditors.	Le financement de sauvetage des activités commerciales est approuvé par les créanciers ou par une catégorie de créanciers s'il est voté à la majorité des voix valablement exprimées par les créanciers ou cette catégorie de créanciers.
Iyo inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi igomba gutorwa n'itsinda ry'ababerewemo imyenda rirenze rimwe, ifatwa ko yemewe iyo yatowe na buri tsinda ry'ababerewemo imyenda, uretse igihe byaba bigaragara ukundi mu buryo bweruye mu cyemezo cy'ababerewemo imyenda.	Where a business rescue finance is put to a vote of more than one class of creditors, it is presumed that the approval of the business rescue finance by that class is conditional on the approval of the business rescue finance by every other class voting on the resolution unless the contrary is expressly stated in the resolution.	Lorsque le financement de sauvetage des activités commerciales est mis aux voix de plus d'une catégorie de créanciers, il est présumé que l'approbation du financement de sauvetage par cette catégorie est subordonnée à l'approbation du financement de sauvetage des activités commerciales par toute autre votant sur la résolution, sauf disposition expresse contraire de la résolution.

<u>Ingingo ya 100:</u> Iyishyurwa mbere ry'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi Inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi yishyurwa mbere y'imyenda itaratangiwe ingwate.	**<u>Article 100:</u> Priority in payment of business rescue finance** A claim relating to business rescue finance is paid in priority over other unsecured debts.	**<u>Article 100:</u> Priorité de paiement du financement de sauvetage des activités commerciales** La créance liée au financement de sauvetage des activités commerciales est payée en priorité par rapport à d'autres dettes chirographaires.
<u>Ingingo ya 101:</u> Gukuraho icyemezo cyemera inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi Mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) y'akazi uhereye igihe inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi yemerejwe, uberewemo umwenda wari ufite uburenganzira bwo gutora icyo cyemezo ashobora kuregera urukiko asaba ko iyo nguzanyo idatangwa ashingiye kuri imwe mu mpamvu zikurikira: 1° kuba ataramenyeshejwe ku gihe iby'inama cyangwa amakuru asabwa yagombaga kumenyeshwa akaba atarayahawe; 2° kuba hari indi nenge ikomeye mu kwemerwa kw'inguzanyo igamije kuzahura ubucuruzi;	**<u>Article 101:</u> Cancellation of the decision authorizing business rescue finance** Not later than twenty (20) working days after the business rescue finance was approved, a creditor who was entitled to take part in the vote may apply to the court for an order that the financing be cancelled for any of the following grounds: 1° he or she was not given timely notice of the meeting or the matters required to be notified were not given to him or her; 2° there was some other material irregularity in obtaining approval of the business rescue finance;	**<u>Article 101:</u> Annulation de la décision autorisant le financement de sauvetage des activités commerciales** Au plus tard vingt (20) jours ouvrables après l'approbation du financement de sauvetage des activités commerciales, le créancier qui avait le droit de prendre part au vote peut demander à la juridiction d'ordonner l'annulation du financement pour l'un des motifs suivants: 1° il n'a pas reçu l'avis de convocation de l'assemblée dans les délais ou n'a pas été informé des questions dont la notification est requise ; 2° il y avait une autre irrégularité importante dans l'obtention de l'approbation du financement de sauvetage des activités commerciales;

3° kuba inguzanyo irimo akarengane gakabije k'uberewemo umwenda cyangwa ku cyiciro uberewemo umwenda abarizwamo, mu gihe uwo uberewemo umwenda yatoye atemera inguzanyo.	3° the financing is unfairly prejudicial to that creditor or to the class of creditors to which that creditor belongs in the case of a creditor who voted against the financing.	3° le financement est injustement préjudiciable à ce créancier ou à la catégorie de créanciers à laquelle il appartient dans le cas d'un créancier ayant voté contre le financement.
UMUTWE WA VI: IYEGERANYA N'IGABAGABANYA RY'UMUTUNGO W'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI N'UBUFATANYE MU BUCURUZI	**CHAPTER VI: LIQUIDATION OF COMPANIES AND PARTNERSHIPS**	**CHAPITRE VI : LIQUIDATION DES SOCIÉTÉS COMMERCIALES ET DES SOCIÉTÉS DE PERSONNES**
Icyiciro cya mbere: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete z'ubucuruzi	**Section One: Liquidation of companies**	**Section première : Liquidation des sociétés commerciales**
Akiciro ka mbere: Ingingo rusange	**Subsection One: General provisions**	**Sous-section première : Dispositions générales**
Ingingo ya 102: Itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 102: Commencement of liquidation**	**Article 102 : Ouverture de la liquidation**
Isosiyete y'ubucuruzi ishyirwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo iyo hashyizweho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	A company is put into liquidation by the appointment of a liquidator.	Une société commerciale est mise en liquidation par la nomination d'un liquidateur.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba kuba ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.	A liquidator must be an insolvency practitioner.	Un liquidateur doit être un praticien de l'insolvabilité.

Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ritangira ku munsi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashyiriweho.	The liquidation commences on the date of appointing a liquidator.	La liquidation commence à la date de la nomination du liquidateur.
<u>Ingingo ya 103</u>: Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 103:</u> Appointment of a liquidator**	**<u>Article 103 :</u> Nomination d'un liquidateur**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashyirwaho n'aba bakurikira: 1° abanyamigabane mu mwanzuro wihariye; 2° abagize inama y'ubutegetsi cyangwa undi muntu wese, iyo inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi ari ko ibisaba cyangwa ibitangira uruhushya; 3° urukiko.	A liquidator is appointed by the following: 1° shareholders by a special resolution; 2° the directors or any other person, if the company's incorporation document so requires or permits; 3° the court.	Un liquidateur est nommé par les suivants : 1° des actionnaires par une résolution spéciale; 2° les membres du Conseil d'administration ou toute autre personne, si le document constitutif de la société commerciale l'exige ou le permet; 3° la juridiction.
Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo nta gaciro rigira keretse iyo yiyemereye mu nyandiko iryo shyirwaho.	The appointment of a liquidator is of no effect unless that person has consented in writing to the appointment.	La nomination d'un liquidateur reste sans effet à moins que ce dernier n'ait consenti par écrit à sa nomination.
Ababerewemo imyenda bashobora gusaba urukiko guhindura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi iyo hari impamvu ifatika, bakabimenyesha urwego rwamushyizeho.	Creditors may request the Court to change the appointed liquidator within a period of fifteen (15) working days if there is a reasonable ground and notify the appointing authority.	Les créanciers peuvent demander à la juridiction de changer le liquidateur nommé dans un délai de quinze (15) jours ouvrables s'il y a un motif raisonnable et donnent notification à l'autorité de nomination.

<u>Ingingo ya 104:</u> Impamvu zituma urukiko rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 104:</u> Circumstances in which the court may appoint a liquidator**	**<u>Article 104:</u> Circonstances dans lesquelles la juridiction peut nommer un liquidateur**
Bisabwe n'isosiyete y'ubucuruzi, ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi, umunyamigabane w'iyo sosiyete y'ubucuruzi, uwo iyo sosiyete y'ubucuruzi ibereyemo umwenda cyangwa Umwanditsi Mukuru, urukiko rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	On the application made by the company, a director of the company, a shareholder of the company, a creditor of the company or by the Registrar General, the court may appoint a liquidator.	Sur demande de la société commerciale, d'un membre du Conseil d'administration de la société commerciale, d'un actionnaire de la société commerciale, d'un créancier de la société commerciale ou du Registraire général, la juridiction peut nommer un liquidateur.
Urukiko rushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo rushingiye kuri imwe mu mpamvu zikurikira:	The court appoints a liquidator for any of the following grounds:	La juridiction nomme un liquidateur pour l'un des motifs suivants :
1° iyo isosiyete y'ubucuruzi itagishoboye kwishyura imyenda yayo;	1° when the company is unable to pay its debts;	1° lorsque la société commerciale est incapable de payer ses dettes ;
2° iyo isosiyete y'ubucuruzi cyangwa abagize Inama y'ubutegetsi bakomeje kutubahiriza cyangwa bananiwe ku buryo bukabije kubahiriza itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi;	2° when the company or its directors have persistently or seriously failed to comply with the Law governing companies;	2° manquement persistant ou grave par la société commerciale ou ses membres du Conseil d'administration au respect de la loi régissant les sociétés commerciales;
3° iyo isosiyete y'ubucuruzi itubahirije imiterere ya ngombwa y'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa y'isosiyete	3° when the company does not comply with the essential features of a private company or public company;	3° lorsque la société commerciale ne respecte pas les caractéristiques essentielles d'une société privée ou publique ;

ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane; 4° iyo bikwiriye ko isosiyete y'ubucuruzi ishyirwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	4° when it is just and equitable that the company be put into liquidation.	4° lorsqu'il est juste et raisonnable de mettre la société commerciale en liquidation.
<u>Ingingo ya 105:</u> Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo	**<u>Article 105:</u> Provisional liquidator**	**<u>Article 105:</u> Liquidateur provisoire**
Bisabwe n'isosiyete y'ubucuruzi, ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete y'ubucuruzi, umunyamigabane w'iyo sosiyete y'ubucuruzi, uwo iyo sosiyete y'ubucuruzi ibereyemo umwenda cyangwa Umwanditsi Mukuru, urukiko rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo rushingiye ku mpamvu y'uko ari ngombwa cyangwa byihutirwa gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo mu rwego rwo kubungabunga agaciro k'imitungo isosiyete y'ubucuruzi itunze cyangwa icunga.	Where an application has been made by the company, a director of the company, a shareholder of the company, company's creditor or the Registrar General, the court may appoint a provisional liquidator on the ground that the appointment of a provisional liquidator is necessary or expedient for the preservation of the value of the assets owned or managed by the company.	Lorsqu'une demande a été faite par la société commerciale, un membre du Conseil d'administration de la société commerciale, un créancier de cette dernière ou le Registraire général, la juridiction peut désigner un liquidateur provisoire s'il est justifié que la nomination d'un liquidateur provisoire est nécessaire ou opportune pour la préservation de la valeur des actifs détenus ou gérés par la société commerciale.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo afite ububasha bwose, inshingano n'uburenganzira by'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo keretse urukiko rugabanyije	A provisional liquidator has all powers, duties and entitlements of a liquidator, unless the court limits the powers or places conditions on their exercise.	Un liquidateur provisoire a tous les pouvoirs, attributions et droits d'un liquidateur, à moins que la juridiction ne limite les pouvoirs ou impose des conditions concernant leur exercice.

ububasha cyangwa rushyizeho ibisabwa kugira ngo abukoreshe.		
<u>Ingingo 106:</u> Imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 106:</u> Notice of liquidation**	**<u>Article 106:</u> Avis de liquidation**
Mu gihe cy'iminsi itarenze itanu (5) y'akazi nyuma y'itangira ry'inshingano z'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo amenyesha rubanda itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akanashyikiriza Umwanditsi Mukuru kopi y'iryo menyesha.	Within five (5) working days after the commencement of the duties of liquidation, a liquidator must give out public notice of liquidation and deliver a copy of that notice to the Registrar General.	Dans les cinq (5) jours ouvrables suivant le début de l'exercice des fonctions de liquidation, le liquidateur doit donner un avis public de liquidation et délivrer une copie de cet avis au Registraire général.
Imenyesha rigenewe rubanda rigomba kugaragaza ibi bikurikira:	The public notice must indicate the following:	L'avis public doit indiquer ce qui suit :
1° itariki y'itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	1° the date of the commencement of the liquidation;	1° la date d'ouverture de la liquidation;
2° amazina yose y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	2° the liquidator's full name;	2° le nom complet du liquidateur;
3° aderesi yuzuye y'aho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akorera.	3° the full physical address of the liquidator's office.	3° l'adresse physique complète du liquidateur.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo amenyekanisha iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo:	A liquidator notifies the liquidation:	Un liquidateur notifie la liquidation :

1° kuri buri fagitire, urwandiko rutumiza ibicuruzwa cyangwa inyandiko y'akazi bitanzwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu izina ryayo bigaragaraho izina ry'isosiyete y'ubucuruzi agenzura ko hagaragajwe nyuma y'izina ry'isosiyete y'ubucuruzi amagambo "isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo";	1° on every invoice, order for goods or business letter issued by or on behalf of the company on which the company's name appears by ensuring there is stated after the company's name the words "in liquidation";	1° sur chaque facture, bon de commande ou lettre commerciale émise par la société commerciale ou en son nom sur laquelle figure le nom de la société commerciale en s'assurant qu'il est indiqué après le nom de la société commerciale les mots « en liquidation »;
2° iyo akora ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa atanga inyandiko mu izina ry'isosiyete y'ubucuruzi.	2° when entering into any transaction or issuing any document on behalf of the company.	2° lors d'une transaction ou émission d'un document au nom de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 107:</u> Inkurikizi z'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 107:</u> Effects of liquidation**	**<u>Article 107:</u> Effets de la liquidation**
Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bigira inkurikizi zikurikira:	The liquidation has the following effects:	La liquidation a les effets suivants :
1° ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo acunga kandi akagenzura umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi;	1° the liquidator takes custody and control of the company's property;	1° le liquidateur prend la garde et le contrôle des biens de la société commerciale;
2° abayobozi b'isosiyete y'ubucuruzi baguma mu mirimo yabo ariko bakareka kugira ububasha ubwo ari bwo bwose, imirimo cyangwa inshingano keretse ibisabwa	2° the company's officers remain in office but cease to have any powers, functions or duties other than those required or permitted to be exercised by this Law;	2° les dirigeants de la société commerciale restent en fonction mais cessent d'exercer des pouvoirs, fonctions ou attributions autres que ceux requis ou autorisés par la présente loi;

cyangwa ibyemewe gukorwa n'iri tegeko;		
3° nta shyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cy'urukiko cyangwa indi nzira y'amategeko bishobora gutangizwa cyangwa gukomeza kuri iyo sosiyete y'ubucuruzi cyangwa ku mitungo yayo, keretse iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo abyemeye mu nyandiko cyangwa bafite icyemezo cy'urukiko. Icyakora, ibi ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate;	3° no enforcement of court order, other legal process may be commenced or continued against the company or its property except with the liquidator's written consent or with the order of the court. However, the provisions of the preceding Paragraph do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge;	3° aucune exécution d'une décision judiciaire ou autre procédure judiciaire ne peut être ouverte ou poursuivie contre la société commerciale ou ses biens sauf avec le consentement écrit du liquidateur ou avec une ordonnance judiciaire. Toutefois, les dispositions de l'alinéa précédent n'affectent pas le droit d'un créancier garanti de prendre possession et de réaliser les biens formant la masse de la faillite sur lesquels ce créancier détient une garantie ;
4° nta mugabane w'isosiyete y'ubucuruzi ushobora kwegurirwa undi muntu cyangwa indi mpinduka ishobora gukorwa ku burenganzira cyangwa ku buryozwe bw'umunyamigabane;	4° no share of the company may be transferred or other alteration made in the rights or liabilities of any shareholder;	4° aucune action de la société commerciale ne peut être cédée ou toute autre modification apportée aux droits ou responsabilités d'un actionnaire ;
5° nta munyamigabane wemererwa gukoresha ububasha ubwo ari bwo bwose hakurikijwe inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi;	5° no shareholder may be allowed to exercise any power under the company's incorporation document or the Law governing companies;	5° aucun actionnaire ne peut être autorisé à exercer un quelconque pouvoir en vertu du document constitutif de la société commerciale ou de la loi régissant les sociétés commerciales;

6° inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi ntishobora guhindurwa, uretse ko ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora guhindura icyicaro gikuru cyangwa aderesi yuzuye.	6° the incorporation document of the company may not be altered, except that the liquidator may change the company's registered office or full address.	6° le document constitutif de la société commerciale ne peut être modifié, sauf que le liquidateur peut changer le siège social ou l'adresse complète de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 108:</u> Umuyobozi wihariye w'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Article 108:</u> Special manager of the company**	**<u>Article 108:</u> Gestionnaire spécial de la société commerciale**
Bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora gushyiraho umuntu uwo ari we wese akaba umuyobozi wihariye w'isosiyete y'ubucuruzi iyo bigaragara ko imiterere y'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa inyungu z'ababerewemo imyenda muri rusange, bisaba ko hashyirwaho undi muntu kugira ngo abe umuyobozi wihariye w'isosiyete y'ubucuruzi.	On application made by a liquidator, a court may appoint any person to be the special manager of the company where it appears that the nature of the company's business or the interests of the creditors in general, require the appointment of another person to serve as special manager of the company.	Sur demande d'un liquidateur, la juridiction peut nommer une personne pour être gestionnaire spécial de la société commerciale lorsque la nature des activités de la société commerciale ou les intérêts des créanciers en général, exigent la nomination d'une autre personne pour servir de gestionnaire spécial de cette société commerciale.
Umuyobozi wihariye washyizweho agira ububasha n'inshingano nk'uko yabihabwa n'urukiko.	An appointed special manager has powers and duties as if they were given by the court.	Un gestionnaire spécial nommé a les pouvoirs et les attributions comme s'ils lui étaient conférés par la juridiction.
<u>Ingingo ya 109:</u> Isozwa ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 109:</u> Completion of liquidation**	**<u>Article 109:</u> Clôture de la liquidation**
Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bisozwa iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashyikirije Umwanditsi Mukuru raporo ya nyuma	The liquidation of a company is complete when the liquidator delivers to the Registrar General a final report and final accounts of the liquidation and a statement that indicates:	La liquidation d'une société commerciale est clôturée lorsque le liquidateur remet au Registraire général un rapport final et les

n'imibare ya nyuma by'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo n'inyandiko igaragaza ko:		comptes définitifs de la liquidation et une déclaration indiquant que :
1° abantu biyambuye uburenganzira ku mitungo yose izwi, iyagurishijwe cyangwa iyagabagabanywe bitabaye ngombwa ko igurishwa;	1° all known assets have been disclaimed, realized or distributed without realization;	1° tous les actifs connus ayant fait l'objet de renonciation, ceux réalisés ou distribués sans réalisation;
2° ibyavuye byose mu mitungo yagurishijwe byasaranganyijwe;	2° all proceeds of realization have been distributed;	2° tout le produit de la réalisation a été distribué;
3° isosiyete y'ubucuruzi yiteguye kwandukurwa mu gitabo cy'amasosiyete y'ubucuruzi.	3° the company is ready to be removed from the register.	3° la société commerciale est prête à être radiée du registre.
Bitabangamiye ubugenzuzi bukorwa n'urukiko bw'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ahagarika imirimo ye akimara gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Without prejudice to the court supervision of liquidation and enforcement of a liquidator's duties, the liquidator ceases to hold office on delivering to the Registrar General the documents referred to in Paragraph One of this Article.	Sans préjudice de la supervision judiciaire de la liquidation et de l'exécution des attributions du liquidateur, le liquidateur cesse d'exercer ses fonctions en remettant au Registraire général les documents visés à l'alinéa premier du présent article.
Ingingo ya 110: Raporo y'ibanze y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 110: Liquidator's preliminary report**	**Article 110: Rapport préliminaire du liquidateur**
Mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) y'akazi ikurikira itangira ry'iyegeranya	Within twenty (20) working days after the commencement of the liquidation, a	Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de la liquidation, le liquidateur

n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ategura kandi akohereza buri wese uberewemo umwenda uzwi na buri munyamigabane akanashyikiriza umugenzuzi kopi y'inyandiko zikurikira:	liquidator prepares and sends to every known creditor and every shareholder and deliver to the supervisor a copy of the following documents:	prépare et envoie à chaque créancier connu et à chaque actionnaire et délivre au superviseur une copie des documents suivants :
1° raporo yerekeye uko ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi bihagaze, ibyifuzo byatanzwe by'uko iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo byakorwa n'itariki iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo riteganyije kurangirira;	1° a report on the state of the company's affairs, proposals for conducting the liquidation and the estimated date of its completion;	1° un rapport sur la situation des affaires de la société commerciale, les propositions pour mener la liquidation et la date estimative de sa clôture;
2° imenyesha rigaragaza uburenganzira bw'uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane bwo gusaba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gutumiza inama y'ababerewemo imyenda.	2° a notice stating the right of any creditor or shareholder to require the liquidator to convene a creditors' meeting.	2° un avis indiquant le droit de tout créancier ou actionnaire d'exiger du liquidateur de convoquer une assemblée des créanciers.
<u>Ingingo ya 111:</u> Raporo y'agateganyo y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 111:</u> Liquidator's interim report**	**<u>Article 111 :</u> Rapport intérimaire du liquidateur**
Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi ikurikira irangira ry'amezi atandatu (6) akurikira itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	Within twenty (20) working days after the end of each period of six (6) months following the commencement of the liquidation, a liquidator prepares and sends to every known creditor, every shareholder	Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant la fin de chaque période de six (6) mois suivant l'ouverture de la liquidation, le liquidateur prépare et envoie à chaque créancier connu, chaque actionnaire et au Registraire général un

ategura akanohereereza buri wese uberewemo umwenda uzwi, buri munyamigabane n'Umwanditsi Mukuru raporo y'imigendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu mezi atandatu (6) ashize n'ibindi byifuzo by'ushinzwe iyegeranya.	and deliver to the Registrar General, a report on the conduct of the liquidation during the preceding six (6) months and the liquidator's further proposals.	rapport sur le déroulement de la liquidation au cours des six (6) mois précédents et d'autres propositions du liquidateur.
<u>Ingingo ya 112:</u> Raporo isoza iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 112:</u> Liquidator's final report**	**<u>Article 112 :</u> Rapport final du liquidateur**
Mbere yo gusoza iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ategura kandi akohereereza buri wese uberewemo umwenda uzwi na buri munyamigabane raporo isoza ikubiyemo ibi bikurikira:	Before the completion of liquidation, a liquidator prepares and sends to every known creditor and every shareholder completion report, including the following:	Avant la clôture de la liquidation, le liquidateur prépare et envoie à chaque créancier connu et à chaque actionnaire le rapport de clôture contenant ce qui suit :
1° raporo ya nyuma, imibare ya nyuma n'inyandiko bivugwa mu ngingo ya 109 y'iri tegeko;	1° final report, final accounts and documents referred to in Article 109 of this Law;	1° le rapport final, les comptes définitifs et les documents visés à l'article 109 de la présente loi;
2° incamake y'impamvu uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane bashobora gushingiraho banga ko isosiyete y'ubucuruzi ivanwa mu gitabo cy'amasosiyete y'ubucuruzi.	2° a summary of the grounds on which a creditor or shareholder may object to the removal of the company from the register of companies.	2° un résumé des motifs pour lesquels un créancier ou un actionnaire peut s'opposer à la radiation de la société commerciale du registre des sociétés commerciales.

<u>kiciro ka 2:</u> Imigendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi	**<u>Subsection 2:</u> Conduct of liquidation of company**	**<u>Sous-section 2 :</u> Déroulement de la liquidation d'une société commerciale**
<u>Ingingo ya 113:</u> Inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 113:</u> Duties of a liquidator**	**<u>Article 113 :</u> Attributions d'un liquidateur**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afite inshingano zikurikira:	A liquidator has the following duties:	Le liquidateur a les attributions suivantes :
1° gukusanya, gukoresha no gusaranganya imitungo cyangwa ibikomoka ku mutungo w'isosiyete y'ubucuruzi;	1° to collect, realize and distribute assets or the proceeds of the assets of the company;	1° collecter, réaliser et distribuer des actifs ou le produit des actifs de la société commerciale;
2° kurinda no kugenzura imitungo yose y'isosiyete y'ubucuruzi;	2° to take custody and control of all the company's assets;	2° prendre la garde et le contrôle de tous les actifs de la société commerciale;
3° kubika amafaranga y'isosiyete y'ubucuruzi kandi atayavanze n'andi mafaranga yose afite cyangwa ashinzwe kugenzura;	3° to keep the company's money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control;	3° garder l'argent de la société commerciale, séparé d'autre argent qu'il détient ou contrôle;
4° kubika, hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho byemewe muri rusange mu ibaruramari, inyandiko zose z'ibaruramari n'izindi nyandiko z'inyemezabwishyu, iz'ibyakoreshejwe n'iz'ibindi bikorwa bifitanye isano n'isosiyete y'ubucuruzi kandi akagumana izo	4° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full accounts and other records of all receipts, expenditure and other transactions relating to the company and retain the accounts and records of the liquidation of the company for not less than ten (10) years after the liquidation ends;	4° conserver, conformément aux pratiques et aux normes comptables généralement reconnus, les comptes complets et autres documents de tous les reçus, dépenses et autres transactions relatives à la société commerciale et conserver les comptes et documents de liquidation pendant au moins dix (10) ans après la fin de la liquidation.

nyandiko z'ibaruramari n'ibindi bitabo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'isozwa ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;		
5° kwemera ko inyandiko n'ibitabo by'umutungo bigenzurwa na komite y'igenzura, uretse igihe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afite impamvu zumvikana zituma akeka ko iryo genzura ryabangamira iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa kwemera ko izo nyandiko zigenzurwa n'uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane iyo urukiko rubitegetse.	5° to permit the accounts and records of the company to be inspected by any committee of inspection, unless the liquidator believes on reasonable grounds that inspection would be prejudicial to the liquidation or to be inspected by any creditor or shareholder if the court so orders.	5° permettre que les comptes et documents de la société commerciale soient inspectés par un comité d'inspection, à moins que le liquidateur ait des motifs raisonnables de croire que l'inspection serait préjudiciable à la liquidation ou être inspectés par un créancier ou un actionnaire si la juridiction l'ordonne.
Inshingano zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntizibangamira ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo gushyiraho umucungamutungo w'agateganyo igihe abona ko byatuma umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi urushaho kubyazwa inyungu kurusha ibyakorwa mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	The duties in Paragraph One of this Article are without prejudice to the liquidator's power to appoint a provisional administrator where he or she is of the view that such appointment is likely to result in a more advantageous realization of the company's assets than would be effected in a liquidation.	Les attributions visées à l'alinéa premier du présent article ne portent pas préjudice au pouvoir du liquidateur de nommer un administrateur provisoire lorsqu'il est d'avis que cette nomination est susceptible d'aboutir à une gestion plus avantageuse des actifs de la société commerciale que dans la liquidation.

<u>Ingingo ya 114:</u> Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo guhabwa inyandiko	**<u>Article 114:</u> Liquidator's power to obtain documents**	**<u>Article 114 :</u> Pouvoir d'un liquidateur d'obtenir des documents**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora gusaba ugize inama y'ubutegetsi, umunyamabanga cyangwa umunyamigabane w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa undi muntu wese ucunga ibitabo n'izindi nyandiko z'isosiyete y'ubucuruzi kubimushyikiriza.	The liquidator may request a director, secretary or shareholder of the company or any person having possession of books or documents of the company to submit them to the liquidator.	Le liquidateur peut demander à un membre du Conseil d'administration, au secrétaire ou à un actionnaire de la société commerciale ou à toute personne en possession de livres ou de documents de la société commerciale de les lui soumettre.
Nta muntu wemerewe kwima ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo inyandiko z'isosiyete y'ubucuruzi yitwaje ko kuba afite iyo nyandiko bimuha uburenganzira ku ngwate y'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi.	A person shall not withhold a document of the company from the liquidator on the ground that possession of the document creates a charge over property of the company.	Personne ne peut pas refuser de mettre à la disposition du liquidateur un document de la société commerciale au motif que la possession de ce document crée une sûreté sur les biens de la société commerciale.
Guha iyo nyandiko ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ntibibuza kubaho cyangwa kugumana uburenganzira kuri iyo ngwate.	The submission of a document to the liquidator does not prejudice the existence or priority of the charge.	La soumission d'un document au liquidateur ne porte pas préjudice à l'existence ou au rang de priorité de cette sûreté.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba gushyira ahagaragara inyandiko kugira ngo ikoreshwe n'umuntu wese uyifiteho uburenganzira hagamijwe kugira igikorwa ku mutungo uri mu ngwate.	The liquidator must make the document available to any person entitled to it for the purpose of dealing with the secured property.	Le liquidateur doit rendre le document disponible à toute personne qui y a droit pour que cette dernière effectue une transaction sur les biens reçus en garantie.
Nta muntu ufite uburenganzira bwo gufatira inyandiko z'isosiyete y'ubucuruzi kubera	A person shall not enforce a lien over any document of the company as a result of a debt	Personne ne peut faire valoir de privilège sur un document de la société commerciale en raison

umwenda imubereyemo ku bw'imirimo yayikoreye mbere y'uko iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bitangira. Icyakora, uwo mwenda ukomeza kubarwa ku isosiyete y'ubucuruzi nk'umwenda ugomba kwishyurwa mbere y'iyindi.	for services rendered to the company before the commencement of the liquidation. However, that debt is a preferential claim against the company.	d'une dette pour les services rendus à la société commerciale avant l'ouverture de la liquidation. Toutefois, cette dette est une créance privilégiée à l'égard de la société commerciale.
<u>Ingingo ya 115:</u> Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo gusesengura	**<u>Article 115:</u> Powers of a liquidator to examine**	**<u>Article 115 :</u> Pouvoirs d'un liquidateur en matière d'examen**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora gusaba umuntu wese ufite icyo azi ku byerekeranye n'imari y'isosiyete y'ubucuruzi:	A liquidator may require any person having knowledge of the financial affairs of the company to:	Un liquidateur peut enjoindre à toute personne ayant connaissance de la situation financière de la société commerciale de :
1° kumufasha mu gihe cyose bibaye ngombwa;	1° assist him or her whenever necessary;	1° l'assister chaque fois que de besoin ;
2° kumuha amakuru yerekeranye n'ibikorwa by'ubucuruzi by'isosiyete y'ubucuruzi, inyandiko z'ibaruramari n'ibindi bijyanye n'ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi igihe cyose abisabye, kandi amakuru atanze akayemeza mu nyandiko;	2° provide him or her with such information concerning the business, accounts or other affairs of the company as the liquidator requests, and such a person confirms such information in writing;	2° lui fournir les informations concernant les activités commerciales, les comptes ou autres affaires de la société commerciale que le liquidateur demande, et cette personne confirme ces informations par écrit ;
3° kumwunganira mu buryo bwose bushoboka bujyanye n'ubushobozi bwe.	3° assist him or her to the utmost of the person's ability.	3° l'aider au mieux de sa capacité.

<u>Ingingo ya 116:</u> Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo kwanga umutungo utabyara inyungu	**<u>Article 116:</u> Liquidator's power to disclaim onerous property**	**<u>Article 116:</u> Pouvoir du liquidateur de renoncer à des biens onéreux**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora kwanga umutungo uwo ari wo wose utabyara inyungu, n'ubwo yaba yaramaze kuwubona, yarageragеje kuwugurisha cyangwa yarakoresheje uburenganzira bwe kuri uwo mutungo nka nyirawo.	The liquidator may disclaim any onerous property, even if the liquidator has taken possession of it, tried to sell it or otherwise exercised rights of ownership.	Le liquidateur peut renoncer à tout bien onéreux, même si le liquidateur en a pris possession, a tenté de la vendre ou a exercé autrement ses droits de propriété.
Ukwanga umutungo bihagarika uburenganzira, inyungu n'imyenda by'isosiyete y'ubucuruzi ku bijyanye n'uwo mutungo ariko ntibigira ingaruka ku burenganzira n'imyenda by'undi muntu uwo ari we wese, keretse iyo ari byo bituma uburyozwe bw'isosiyete y'ubucuruzi burangira.	A disclaimer ends the rights, interest and liabilities of the company in respect of the property disclaimed but does not affect the rights or liabilities of any other person, except so far as necessary to release the company from any liability.	Une renonciation met fin aux droits, intérêts et obligations de la société commerciale à l'égard du bien concerné par la renonciation mais n'affecte pas les droits ou les obligations d'une autre personne, sauf dans la mesure où cela est nécessaire pour libérer la société commerciale de toute responsabilité.
Umuntu wagize igihombo cyangwa ibyo atakaza nk'ingaruka zikomoka ku kwanga umutungo bivugwa muri iyi ngingo ashobora gusaba nk'uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi amafaranga y'igihombo yagize cyangwa y'ibyo yatakaje cyangwa agatanga ikirego mu rukiko asaba ko yashyikirizwa cyangwa yashyirwa mu maboko uwo mutungo wanzwe.	A person suffering loss or damage as a result of a disclaimer under this Article may claim as a creditor of the company for the amount of the loss or damage or apply to the court for an order that the disclaimed property be delivered to or vested in that person.	Une personne ayant subi une perte ou un dommage par la suite d'une renonciation en vertu du présent article peut réclamer à titre de créancier de la société commerciale pour le montant de la perte ou du dommage ou demander à la juridiction d'ordonner que ce bien lui soit livré ou confié.

<u>Ingingo ya 117:</u> Inshingano z'abagize inama y'ubutegetsi, umunyamabanga n'abakozi b'isosiyete y'ubucuruzi Kuva iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi ritangiye, uwahoze ari cyangwa ukiri mu nama y'ubutegetsi, umunyamabanga n'umukozi b'isosiyete y'ubucuruzi bafite inshingano zikurikira: 1° kugaragariza ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu buryo bwuzuye kandi mu kuri umutungo wose w'isosiyete y'ubucuruzi n'uburyo umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi watanzwemo bunyuranye n'ibikorwa bisanzwe by'ubucuruzi; 2° gushyikiriza ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, umutungo wose w'isosiyete y'ubucuruzi acunga cyangwa agenzura hakurikijwe amabwiriza y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	**<u>Article 117:</u> Duties of directors, secretary and employees of a company** Upon the commencement of the liquidation of a company, every present or former director, company secretary and employee of the company have the duties to: 1° discover fully and truly to the liquidator all the property of the company and details of the disposal of any property by the company other than in the ordinary course of business; 2° deliver to the liquidator in accordance with the liquidator's directions all property of the company in or under his or her custody or control.	**<u>Article 117 :</u> Attributions des membres du Conseil d'administration, du secrétaire et des employés d'une société commerciale** Dès l'ouverture de la liquidation d'une société commerciale, chaque membre du Conseil d'administration actuel ou ancien, secrétaire de la société et employé de la société commerciale ont les attributions de: 1° révéler, de manière complète et fidèle, au liquidateur tous les biens de la société commerciale et les détails de la disposition de tout bien par la société commerciale autrement que dans le cours normal des activités ; 2° remettre, conformément aux instructions du liquidateur, au liquidateur tous les biens de la société commerciale dont il assure la garde ou le contrôle.

<u>Ingingo ya 118:</u> Imenyesha ryerekeye iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga bibereye aho yashingiwe	**<u>Article 118:</u> Notice with regard to liquidation or dissolution at a foreign company's place of incorporation**	**<u>Article 118 :</u> Avis de liquidation ou de dissolution sur le lieu de constitution de la société commerciale étrangère**
Iyo iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga bibereye aho yashingiwe cyangwa ikomoka:	Where a foreign company goes into liquidation or is dissolved in its place of incorporation or origin:	Lorsqu'une société commerciale étrangère entre en liquidation ou est dissoute dans son lieu de constitution ou d'origine :
1° umukozi wabiherewe ububasha mu Rwanda abimenyesha Umwanditsi Mukuru, kuva iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ritangiye;	1° an authorized agent in Rwanda, upon commencement of the liquidation, files with the Registrar General a notice to that effect;	1° dès l'ouverture de la liquidation, un agent autorisé au Rwanda dépose auprès du Registraire général un avis à cet effet;
2° ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi yasheshwe aba afite ububasha mu Rwanda.	2° the liquidator of a dissolved company has the powers of a liquidator for Rwanda.	2° le liquidateur d'une société commerciale dissoute a les pouvoirs de liquidateur au Rwanda.
<u>Ingingo ya 119:</u> Uburyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akurikiza	**<u>Article 119:</u> Procedure to be applied by a liquidator**	**<u>Article 119:</u> Procédure à suivre par un liquidateur**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga washyizweho n'urukiko cyangwa umuntu ufite ububasha n'inshingano by'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba:	A liquidator of a foreign company appointed by the court or a person exercising the powers and duties of such a liquidator must:	Le liquidateur d'une société commerciale étrangère nommé par la juridiction ou une personne exerçant les pouvoirs et les attributions d'un tel liquidateur doit:

1° gutumira ababerewemo imyenda kuza kugaragaza imyenda isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga ibabereyemo mbere yo kwegeranya no kugabagabanya imitungo y'isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga, akoresheje itangazo mu kinyamakuru gisomwa na benshi muri buri gihugu aho iyo sosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga yakoreraga ibikorwa by'ubucuruzi kandi ntawe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo washyizweho;	1° before any distribution of the foreign company's assets is made, by advertisement in a widely read newspaper in each country where the foreign company had been carrying on business and where no liquidator has been appointed, invite all creditors to make their claims against the foreign company;	1° avant la distribution des actifs de la société commerciale étrangère, par la publicité dans un journal à grande diffusion dans chaque pays où la société commerciale étrangère a exercé ses activités commerciales et où aucun liquidateur n'a été nommé, inviter tous les créanciers à présenter leurs réclamations contre la société commerciale étrangère ;
2° kwirinda kwishyura ababerewemo imyenda bamwe ngo asige abandi, usibye igihe abiherewe uburenganzira n'urukiko.	2° not, without leave of the court, pay out any creditor to the exclusion of any other creditor.	2° ne pas, sans autorisation de la juridiction, rembourser un créancier à l'exclusion de tout autre créancier.
<u>Ingingo ya 120:</u> Gusaba urukiko gufata icyemezo cyo gutanga amafaranga yose yagarujwe	**<u>Article 120:</u> Application to the court for an order to dispose of the net amount recovered**	**<u>Article 120 :</u> Demande à la juridiction une ordonnance de disposition du montant net recouvré**
Iyo isosiyete y'ubucuruzi y'inyamahanga imaze guseswa ku birebana n'imitungo yayo iri mu Rwanda kandi ntawe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uri aho isosiyete yanditse cyangwa ikomoka, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora gusaba urukiko ko	Where a foreign company has been wound up so far as its assets in Rwanda are concerned and there is no liquidator for the place of its incorporation or origin, the liquidator may apply to the court for an order to dispose of the net amount recovered.	Lorsqu'une société commerciale étrangère a été liquidée en ce qui concerne ses actifs au Rwanda et qu'il n'y a pas de liquidateur du lieu de sa constitution ou de son origine, le liquidateur peut demander à la juridiction une ordonnance de disposition du montant net recouvré.

rutegeka ko amafaranga yose yagarujwe atangwa.		
Ingingo ya 121: Kubahiriza ibisabwa n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 121: Compliance with requirements of a liquidator**	**Article 121 : Conformité aux exigences d'un liquidateur**
Iyo umuntu atubahirije ibyo asabwa n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora kumutegeka kubyubahiriza cyangwa rugafata ikindi cyemezo gikwiye.	Where a person fails to comply with requirements of the liquidator during liquidation, on the application of the liquidator, the court may order that person to comply with them or make any other appropriate order.	Lorsqu'une personne ne se conforme pas aux exigences du liquidateur au cours de la liquidation, la juridiction peut, à la demande du liquidateur, ordonner à cette personne de s'y conformer ou rendre toute autre ordonnance appropriée.
Ingingo ya 122: Kubazwa n'urukiko	**Article 122: Examination by the court**	**Article 122 : Audition par la juridiction**
Bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora gutegeka umuntu wese ufite icyo azi ku bijyanye n'imari y'isosiyete y'ubucuruzi kurwitaba kugira ngo abazwe, amaze kubirahirira, ku kibazo icyo ari cyo cyose kirebana n'imari y'isosiyete y'ubucuruzi.	On the application of the liquidator, the court may order any person having knowledge of the financial affairs of the company to attend before the court and be examined on oath by the court on any matter relating to the company.	Sur demande du liquidateur, la juridiction peut ordonner à toute personne ayant connaissance de la situation financière de la société commerciale de comparaître devant la juridiction et être auditionnée sous serment par la juridiction sur toute question relative à la société commerciale.
Ubuhamya bw'umuntu wabajijwe ntibwemerwa nk'ikimenyetso mu rubanza nshinjabyaha urwo ari rwo rwose aregwamo, keretse ku cyaha cyo kubeshya muri ubwo buhamya.	The testimony of any person examined is not admissible as evidence in any criminal proceedings against that person, except on a charge of perjury in respect of the testimony.	Le témoignage d'une personne auditionnée ne peut être admissible comme preuve dans une procédure pénale contre cette personne, sauf pour une accusation de parjure concernant le témoignage.

Umuntu wabajijwe ashobora gusaba urukiko kugirwa umwere ku birego ashinjwa kandi mu gihe cyo kuburanisha ibyo birego, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agaragariza urukiko ikintu cyose cyagira icyo kirwungura.	A person examined may apply to the court to be exculpated from any allegation made or suggested against him or her and on the hearing of such an application, the liquidator must appear and call the attention of the court to any matter which appears to be relevant.	Une personne auditionnée peut demander à la juridiction d'être disculpée de toute allégation portée ou avancée contre elle et lors de l'audition d'une telle demande, le liquidateur doit comparaître et attirer l'attention de la juridiction sur toute question qui semble être pertinente.
<u>Ingingo ya 123:</u> Ibibujijwe mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 123:</u> Prohibitions during liquidation**	**<u>Article 123 :</u> Interdictions pendant la liquidation**
Iyo isosiyete y'ubucuruzi iri mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iyo ikirego gisaba urukiko gushyira isosiyete y'ubucuruzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo nta muntu bireba wemerewe gukora ibi bikurikira:	Where a company is in liquidation or an application has been made to the court for an order that a company be put into liquidation, any person concerned is not allowed to do the following:	Lorsqu'une société commerciale est en liquidation ou une demande de liquidation d'une société commerciale a été introduite devant la juridiction, aucune personne concernée n'est autorisée à faire ce qui suit :
1° kuva cyangwa kugerageza kuva mu Rwanda kugira ngo atishyura amafaranga abereyemo isosiyete y'ubucuruzi, kugira ngo ahunge ibazwa ku bijyanye n'ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi, cyangwa kugira ngo atubahiriza icyemezo cy'urukiko cyangwa izindi nshingano ziteganyijwe muri iri tegeko ku byerekeye ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi;	1° leave or attempt to leave Rwanda with the intention of avoiding payment of money due to the company, avoiding examination with respect to the affairs of the company or avoiding compliance with an order of the court or some other obligation under this Law with respect to the affairs of the company;	1° quitter ou tenter de quitter le Rwanda avec l'intention d'éviter le paiement des sommes dues à la société commerciale, d'éviter l'audition concernant les activités de la société commerciale ou d'éviter de se conformer à une décision judiciaire ou à une autre obligation en vertu de la présente loi en rapport avec les activités de la société commerciale;

2° guhisha cyangwa kwimura umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi hagamijwe kuburizamo, gutinza, gucunga cyangwa kugenzura umutungo bikozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	2° conceal or remove property of the company with the intention of preventing or delaying the assumption of custody or control of the property by the liquidator;	2° dissimuler ou enlever des biens de la société commerciale afin d'empêcher ou de retarder la prise en charge de la garde ou du contrôle des biens par le liquidateur;
3° kwangiza, guhisha cyangwa kurigisa raporo cyangwa izindi nyandiko z'isosiyete y'ubucuruzi.	3° destroy, conceal or remove records or other documents of the company.	3° détruire, cacher ou emporter des dossiers ou autres documents de la société commerciale.
Ingingo ya 124: Ububasha bwo gusaka no gufatira mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 124: Powers of search and seizure during liquidation**	**Article 124 : Pouvoirs de perquisition et de saisie pendant la liquidation**
Iyo isosiyete y'ubucuruzi iri mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa iyo urukiko rwasabwe gutegeka ko isosiyete y'ubucuruzi ishyirwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kandi hakaba hari impamvu zumvikana zituma hakekwa ko hari umugambi wo gukora icyaha giteganywa n'iri tegeko, urukiko rushobora gutanga urwandiko ruha umuntu uvugwa muri urwo rwandiko uburenganzira bwo gusaka no gufatira umutungo, ibitabo, inyandiko cyangwa raporo z'isosiyete y'ubucuruzi no kubishyikiriza ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	Where a company is in liquidation or an application has been made to the court for an order that a company be put into liquidation and that there are reasonable grounds for believing that there is a likelihood of committing an offense under this Law, the court may issue a warrant authorizing the person named in the warrant to search for and seize property, books, documents or reports of the company and deliver them to the liquidator.	Lorsqu'une société commerciale est en liquidation ou qu'une demande de liquidation d'une société commerciale a été introduite devant la juridiction et qu'il y a des motifs raisonnables de croire à la probabilité de commission d'une infraction prévue par la présente loi, la juridiction peut délivrer un mandat autorisant la personne nommée dans le mandat à perquisitionner et saisir des biens, des livres, des documents ou des rapports de la société commerciale et de les remettre au liquidateur.

Mu gutanga urwandiko rwo gusaka ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urukiko rushobora kugaragaza izo mpamvu zumvikana muri icyo cyemezo.	In issuing a search warrant under Paragraph One of this Article, the court may specify in the warrant such reasonable conditions.	En délivrant un mandat de perquisition en vertu de l'alinéa premier du présent article, la juridiction peut spécifier dans le mandat de telles conditions raisonnables.
Haseguriwe ibiteganyijwe muri urwo rwandiko, umuntu uvugwa muri urwo rwandiko ashobora:	Subject to any conditions specified in the warrant, the person named in the warrant may:	Sous réserve des conditions spécifiées dans le mandat, la personne nommée dans ce mandat peut :
1° kwinjira no gusaka ahantu cyangwa ikintu igihe cyose bibaye ngombwa ariko ntibirenze incuro imwe mu minsi cumi n'ine (14) ibarwa uhereye igihe urwandiko rwatangiwe;	1° enter the place and search for the thing at any time which is reasonable in the circumstances on one occasion within fourteen (14) days from the date of issue of the warrant;	1° pénétrer dans un lieu et perquisitionner pour trouver l'objet à tout moment raisonnable au vu des circonstances une fois dans les quatorze (14) jours suivant la date d'émission du mandat;
2° gukoresha ubwo bubasha nk'uko bikwiye muri icyo gihe;	2° use such powers as is reasonable in the circumstances;	2° utiliser ces pouvoirs dans les limites de ce qui est raisonnable au vu des circonstances;
3° gukoresha imbaraga mu kwinjira no gufungura ikintu kirimo cyangwa kihaboneka muri icyo gihe.	3° use force, both for gaining entry and for breaking open anything in or on the place.	3° recourir, au vu des circonstances, à la force pour pénétrer dans ce lieu ou ouvrir tout ce qui se trouve dans ou sur ce lieu.
<u>Ingingo ya 125:</u> Guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano	**<u>Article 125:</u> Pooling of assets of related companies**	**<u>Article 125 :</u> Mise en commun d'actifs des sociétés commerciales liées**
Bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane, urukiko rushobora gutegeka ko:	On application of the liquidator, creditor or shareholder, the court may order that:	Sur demande du liquidateur, d'un créancier ou d'un actionnaire, la juridiction peut ordonner que :

1° isosiyete y'ubucuruzi yose ikorana cyangwa yigeze gukorana n'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo igomba kwishyura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo umwenda wose cyangwa igice cy'umwenda wagaragajwe mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	1° any company that is or has been a related company of the company in liquidation should pay to the liquidator the whole or part of the claim made in liquidation;	1° toute société commerciale qui est ou a été une société commerciale liée de la société commerciale en liquidation doit payer une partie ou la totalité de la créance déclarée lors de la liquidation;
2° iyo isosiyete z'ubucuruzi ebyiri (2) cyangwa nyinshi zifitanye isano ziri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo rireba buri sosiyete y'ubucuruzi rigomba gukorerwa hamwe, nk'aho ari isosiyete y'ubucuruzi imwe iyo bitegetswe n'urukiko.	2° where two (2) or more related companies are in liquidation, the liquidations in respect of each company must proceed together, as if they were one company, to the extent the court so orders and subject to such terms and conditions as the court may impose.	2° lorsque deux (2) ou plusieurs sociétés commerciales liées sont en liquidation, les liquidations à l'égard de chaque société commerciale doivent se dérouler ensemble, comme s'il s'agissait d'une seule société commerciale, dans une mesure ordonnée par la juridiction.
<u>Ingingo ya 126:</u> Impamvu zo guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano	**<u>Article 126:</u> Reasons for pooling of assets of related companies**	**<u>Article 126 :</u> Raisons de mise en commun des actifs de sociétés commerciale liées**
Mu gihe cyo gufata icyemezo cyo guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano, urukiko rugomba kwita kuri ibi bikurikira:	In deciding whether or not to make an order of pooling of assets of related companies, the court must have regard to the following matters:	Lors de prise de décision de mise en commun des actifs des sociétés commerciales liées, la juridiction doit tenir compte des éléments suivants :
1° uruhare isosiyete y'ubucuruzi bifitanye isano yagize mu micungire	1° the extent to which a related company took part in the management of the	1° la mesure dans laquelle une société commerciale liée a pris part à la gestion

y'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa indi sosiyete y'ubucuruzi iyo ari yo yose;	company in liquidation or any other company;	d'une société commerciale en liquidation ou toute autre société commerciale;
2° imyitwarire y'isosiyete y'ubucuruzi bifitanye isano ku baberewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa y'indi sosiyete y'ubucuruzi iyo ari yo yose;	2° the conduct of a related company towards the creditors of the company in liquidation or any other company;	2° le comportement d'une société commerciale liée envers les créanciers d'une société commerciale en liquidation ou de toute autre société commerciale;
3° uruhare ibikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi bifitanye isano byagize mu gutuma habaho ko isosiyete y'ubucuruzi ijya mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	3° the extent to which the circumstances that gave rise to the liquidation of a company are attributable to the actions of the related company;	3° la mesure dans laquelle les circonstances qui ont donné lieu à la liquidation d'une société commerciale sont imputables aux actions d'une société commerciale liée;
4° ibikorwa by'ubucuruzi by'izo sosiyete byashyizwe hamwe;	4° the extent to which the businesses of the companies have been combined;	4° la mesure dans laquelle les activités commerciales de ces sociétés commerciales ont été combinées;
5° ibindi bintu byose urukiko rushobora gusanga ari ngombwa.	5° such other matters as the court may consider appropriate.	5° les autres questions que la juridiction peut juger appropriées.
Impamvu y'uko ababerewemo imyenda n'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bashingiraho bavuga ko indi isosiyete y'ubucuruzi bifitanye isano cyangwa yari ifitanye isano na yo, ntabwo ari impamvu ishingirwaho n'urukiko mu ifatwa ry'icyemezo cyo	The fact that creditors of a company in liquidation relied on the fact that another company is or was related to it does not constitute a ground for the court to make an order of pooling of assets of related companies.	Le fait que les créanciers d'une société commerciale en liquidation s'appuient sur la situation dans laquelle une autre société commerciale est ou était liée à celle-ci ne constitue pas un motif pour la juridiction de rendre une ordonnance de mise en commun des actifs de sociétés commerciales liées.

guhuriza hamwe imitungo y'amasosiyete y'ubucuruzi afitanye isano.		
<u>Ingingo ya 127:</u> Umwanya w'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo udafite uwurimo	**<u>Article 127:</u> Vacancy in the office of liquidator**	**<u>Article 127 :</u> Vacance de poste de liquidateur**
Umwanya w'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uba udafite uwurimo iyo:	The office of liquidator becomes vacant if the person holding office:	Le poste de liquidateur devient vacant si la personne qui l'occupe:
1° akuwe mu mwanya n'urwego rwamushyizeho;	1° is removed from office by appointing authority;	1° est révoquée par l'autorité de nomination;
2° yeguye;	2° resigns;	2° démissionne;
3° atacyujuje ibisabwa ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;	3° no longer fulfils requirements for serving as insolvency practitioner;	3° ne remplit plus les conditions requises pour être praticien de l'insolvabilité;
4° abibujijwe n'icyemezo cy'urukiko;	4° is subject to a prohibition order rendered by the court;	4° en est interdite par une ordonnance judiciaire;
5° apfuye.	5° dies.	5° décède.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ushaka kwegura ku mirimo ye, abimenyesha Umwanditsi Mukuru mbere y'iminsi mirongo itatu (30) ibanziriza ubwegure bwe.	A liquidator who intends to resign from office notifies the Registrar General thereof thirty (30) days prior to his or her intended date of resignation.	Un liquidateur qui entend démissionner en avise le Registraire général trente (30) jours avant la date prévue pour sa démission.

Urukiko, rubisabwe n'isosiyete y'ubucuruzi, umunyamigabane, ugize Inama y'ubutegetsi cyangwa uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi, rushobora gusubira ku cyemezo cyo gushyiraho usimbura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo no gushyiraho undi ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo iyo bibaye ngombwa.	The court, on the application of the company, any shareholder, director or creditor of the company, may review any appointment of a successor to a liquidator and appoint any other insolvency practitioner if considered necessary.	La juridiction, à la demande de la société commerciale, d'un actionnaire, d'un membre du Conseil d'administration ou d'un créancier de la société commerciale, peut revoir une quelconque nomination d'un successeur d'un liquidateur et nommer un autre praticien de l'insolvabilité si cela est jugé nécessaire.
Iyo nta muntu urimo gukora nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bitewe n'uko ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo atakiri muri uwo mwanya, Umwanditsi Mukuru agomba gukora nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kugeza igihe umusimbura ashyiriweho.	Where, as a result of vacation of office by a liquidator, no person is acting as liquidator, the Registrar General must act as liquidator until a successor is appointed.	Lorsque, à la suite de la vacance de poste de liquidateur, personne n'agit comme liquidateur, le Registraire général doit agir à titre de liquidateur jusqu'à ce qu'un successeur soit nommé.
Umuntu uvuye mu mwanya w'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba gutanga amakuru n'ubufasha ku migendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo nk'uko umusimbura we yabisaba ku mpamvu zumvikana.	A person vacating the office of liquidator must give such information and assistance in the conduct of the liquidation as that successor may reasonably require.	Une personne qui quitte le poste de liquidateur doit fournir des informations et l'assistance dont son successeur peut avoir raisonnablement besoin.

Akiciro ka 3: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda n'abanyamigabane mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Subsection 3: Rights of creditors and shareholders during liquidation**	**Sous-section 3 : Droits des créanciers et des actionnaires pendant la liquidation**
Ingingo ya 128: Inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**Article 128: Meeting of creditors or shareholders during liquidation**	**Article 128 : Assemblée des créanciers ou des actionnaires pendant la liquidation**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo atumiza inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane bisabwe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane babiri (2) cyangwa barenze kugira ngo isuzume ikibazo icyo ari cyo cyose harimo no gutora icyifuzo cyo gushyiraho komite ishinzwe ubugenzuzi kugira ngo ikorane n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	A liquidator convenes a creditors' or shareholders' meeting if so requested in writing by two (2) or more creditors or shareholders, for any matter including voting on a proposal that a committee of inspection be appointed to act with the liquidator.	Un liquidateur convoque une assemblée des créanciers ou des actionnaires, sur demande écrite de deux (2) ou plusieurs créanciers ou actionnaires, pour toute question, y compris le vote sur une proposition qu'un comité d'inspection soit nommé pour travailler avec le liquidateur.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba gutumiza inama mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi, iyo nama ikaba igomba guterana hakurikijwe uburyo inama z'abanyamigabane cyangwa ababerewemo imyenda zikorwa.	The liquidator must give notice of the meeting in not less than five (5) working days, which must be conducted in accordance with proceedings of shareholders' or creditors' meeting.	Le liquidateur doit donner un avis de convocation de l'assemblée au moins cinq (5) jours ouvrables, et cette assemblée doit se dérouler conformément à la procédure de l'assemblée des actionnaires ou des créanciers.
Abagize komite ishinzwe ubugenzuzi bashyizweho n'inama y'abanyamigabane	Members of a committee of inspection chosen by creditors' or shareholders' meeting take office immediately.	Les membres d'un comité d'inspection choisis par une assemblée des créanciers ou des

cyangwa ababerewemo imyenda bahita batangira imirimo yabo.		actionnaires prennent leurs fonctions immédiatement.
Icyakora, iyo habaye kutumvikana ku byemezo by'inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane ku kibazo cyo gushyiraho komite ishinzwe ubugenzuzi cyangwa abayigize, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashyikiriza icyo kibazo urukiko rukagifataho umwanzuro.	However, if there is a difference between the decisions of meetings of creditors or shareholders on the question of appointing a committee of inspection or the membership of a committee of inspection, the liquidator refers the matter to the court which decides thereon.	Toutefois, s'il y a une différence entre les décisions des réunions des créanciers ou des actionnaires sur la question de nomination d'un comité d'inspection ou de ses membres, le liquidateur renvoie l'affaire à la juridiction qui prend la décision.
Umunyamigabane umwe w'isosiyete y'ubucuruzi ashobora kugeza k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo icyo atekereza ku kibazo icyo ari cyo cyose cyafashweho icyemezo mu nama y'abanyamigabane ivugwa muri iyi ngingo kandi icyo gitekerezo gifatwa nk'icyemezo cyafatiwe mu nama y'abanyamigabane.	The sole shareholder of a company may present to the liquidator a view on any matter which could have been decided at a meeting of shareholders under this Article and that view is treated as if it were a decision taken at a meeting of shareholders.	L'unique actionnaire d'une société commerciale peut présenter au liquidateur un point de vue sur toute question qui pourrait avoir été décidée lors d'une réunion des actionnaires en vertu du présent article et ce point de vue est considéré comme s'il s'agissait d'une décision prise lors d'une réunion des actionnaires.
Ingingo ya 129: Impamvu zo kwanga ubusabe bw'abanyamigabane cyangwa ababerewemo imyenda bwo gutumiza inama	**Article 129: Grounds for refusal to grant shareholders' or creditors' request to convene a meeting**	**Article 129 : Motifs de rejet de la demande des actionnaires ou des créanciers de convoquer une assemblée**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora kwanga ubusabe bw'abanyamigabane cyangwa ababerewemo imyenda bwo gutumiza inama kubera impamvu zikurikira:	A liquidator may refuse to grant shareholders' or creditors' request to convene a meeting on the following grounds:	Un liquidateur peut rejeter la demande des actionnaires ou des créanciers de convoquer une assemblée pour les motifs suivants :

1° ubusabe budafite ireme cyangwa bugamije gutesha umwanya; 2° ubusabe bushingiye ku buriganya; 3° ikiguzi cyo gutumiza inama kirengeje agaciro k'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi.	1° the request is frivolous or vexatious; 2° the request is made in bad faith; 3° the costs of convening a meeting would be out of proportion to the value of the company's assets.	1° la demande est frivole ou vexatoire; 2° la demande est entachée de mauvaise foi; 3° les coûts liés à la convocation d'une assemblée seraient hors de proportion par rapport à la valeur des actifs de la société commerciale.
Icyemezo cy'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyo kwanga ubusabe bw'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane bwo gutumiza inama gishobora gusubirwaho n'urukiko, bisabwe n'umwe cyangwa benshi mu baberewemo imyenda cyangwa abanyamigabane.	A decision by a liquidator to decline a request to convene a creditors' or shareholders' meeting may be reviewed by the court on the application of one or more creditors or shareholders.	La décision d'un liquidateur de rejeter une demande de convocation d'une assemblée des créanciers ou des actionnaires peut être revue par la juridiction à la demande d'un ou de plusieurs créanciers ou actionnaires.
<u>Akiciro ka 4:</u> Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Subsection 4:</u> Committee of inspection during liquidation**	**<u>Sous-section 4 :</u> Comité d'inspection pendant la liquidation**
<u>Ingingo ya 130:</u> Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 130:</u> Committee of inspection during liquidation**	**<u>Article 130 :</u> Comité d'inspection pendant la liquidation**
Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo igizwe n'abantu batari munsi ya batatu (3) baturutse mu byiciro bikurikira:	A committee of inspection during liquidation consists of not less than three (3) persons from the following categories:	Un comité d'inspection pendant la liquidation comprend au moins trois (3) personnes provenant des catégories suivantes :

1° ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane; 2° abantu bahawe uburenganzira bwo guhagararira abandi baturutse mu baberewemo imyenda cyangwa mu banyamigabane; 3° abagize inama y'ubutegetsi b'amasosiyete y'ubucuruzi babyemerewe baberewemo imyenda cyangwa abanyamigabane b'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	1° creditors or shareholders; 2° persons holding general powers of attorney from creditors or shareholders; 3° authorized directors of companies which are creditors or shareholders of the company in liquidation.	1° créanciers ou actionnaires; 2° personnes munies de procurations générales des créanciers ou des actionnaires; 3° les membres du Conseil d'administration autorisés des sociétés commerciales qui sont des créanciers ou des actionnaires de la société commerciale en liquidation.
<u>Ingingo ya 131:</u> Ububasha bwa komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 131:</u> Powers of the committee of inspection during liquidation**	**<u>Article 131 :</u> Pouvoirs du comité d'inspection pendant la liquidation**
Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ifite ububasha bukurikira: 1° gusaba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo raporo ku migendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	A committee of inspection during liquidation has the following powers: 1° to request reports from the liquidator on the progress of the liquidation;	Un comité d'inspection pendant la liquidation a les pouvoirs suivants : 1° demander au liquidateur des rapports sur l'avancement de la liquidation;

2° gusaba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gutumiza inama y'ababerewemo imyenda cyangwa abanyamigabane;	2° to ask the liquidator to convene a creditors' or shareholders' meeting;	2° demander au liquidateur de convoquer une assemblée des créanciers ou des actionnaires;
3° gusaba urukiko kugenzura iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo n'ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	3° to apply to the court for supervision of liquidation and enforcement of a liquidator's duties;	3° demander à la juridiction de superviser la liquidation et faire exécuter les attributions du liquidateur;
4° gufasha uko bikwiye ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo mu migendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	4° assist the liquidator as appropriate in the conduct of the liquidation.	4° assister le liquidateur en tant que de besoin dans la conduite de la liquidation.
<u>Ingingo ya 132:</u> Ikiguzi cy'ibyakoreshejwe na komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 132:</u> Costs incurred by the committee of inspection during liquidation**	**<u>Article 132 :</u> Coûts engagés par le comité d'inspection pendant la liquidation**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba kwishyura ikiguzi cy'ibyakoreshejwe na komite ishinzwe ubugenzuzi mu kurangiza inshingano zayo kandi icyo kiguzi cy'ibyakoreshejwe kiba ari ibyishyuwe gusa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, keretse iyo urukiko rubigennye ukundi.	The liquidator must pay costs incurred by the committee of inspection in carrying out its duties and those costs are expenses properly incurred in the liquidation, unless otherwise ordered by the court.	Le liquidateur doit payer les coûts engagés par le comité d'inspection dans l'exercice de ses fonctions et ces coûts sont des dépenses engagées à juste titre dans la liquidation sauf ordonnance contraire de la juridiction.

<u>Ingingo ya 133:</u> Umwanya w'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi udafite uwurimo mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 133</u>: Vacancy in the committee of inspection during liquidation**	**<u>Article 133 :</u> Vacance d'un siège au sein du comité d'inspection pendant la liquidation**
Umwanya w'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi uba udafite uwurimo iyo umuntu wari uwurimo: 1° asezeye ku bushake; 2° ahombye; 3° asibye inama eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu; 4° hari igongana ry'inyungu ze bwite n'iz'abo ahagarariye; 5° apfuye; 6° hari indi mpamvu yakwemezwa n'abo ahagarariye.	There is a vacancy in the committee of inspection in the event of : 1° voluntary resignation; 2° bankruptcy; 3° unjustified absence from three (3) consecutive meetings; 4° conflict between his or her personal interests and the interests of those he or she represents; 5° death; 6° existence of such other ground as may be confirmed by those he or she represents.	Un siège au sein du comité d'inspection devient vacant en cas de : 1° démission volontaire ; 2° faillite ; 3° absence non justifiée à trois (3) réunions consécutives ; 4° conflit entre ses intérêts personnels et les intérêts de ceux qu'il représente ; 5° décès ; 6° existence d'un autre motif qui pourrait être confirmé par ceux qu'il représente.
Iyo komite ishinzwe ubugenzuzi idashobora gukora kubera umwanya w'uyigize udafite uwurimo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo atumiza inama y'ababerewemo imyenda cyangwa	Where the committee of inspection is unable to act by reason of vacancy in the committee, the liquidator convenes a creditors' or shareholders' meeting to fill up the vacancy in order to form the committee of inspection.	Lorsque le comité d'inspection est incapable d'agir en raison de vacance de poste en son sein, le liquidateur convoque l'assemblée des créanciers ou des actionnaires pour pourvoir cette vacance afin de constituer le comité d'inspection.

abanyamigabane kugira ngo buzuze komite ishinzwe ubugenzuzi.		
<u>Akiciro ka 5:</u> Ububasha bw'urukiko mu bijyanye n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Subsection 5:</u> Powers of the court in relation to liquidation**	**<u>Sous-section 5 :</u> Pouvoirs de la juridiction en matière de liquidation**
<u>Ingingo ya 134:</u> Igenzura ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo rikozwe n'urukiko	**<u>Article 134:</u> Supervision by the court of liquidation**	**<u>Article 134 :</u> Supervision de la liquidation par la juridiction**
Bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, komite ishinzwe ubugenzuzi, Umwanditsi Mukuru, uberewemo umwenda, umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsi mu isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, urukiko rushobora:	On the application of the liquidator, the committee of inspection, the Registrar General, a creditor, a shareholder or a director of a company in liquidation, the court may:	À la demande du liquidateur, du comité d'inspection, du Registraire général, du créancier, de l'actionnaire ou du membre du Conseil d'administration d'une société commerciale en liquidation, la juridiction peut:
1° gutanga amabwiriza yerekeye ikibazo cyavuka gifite aho gihuriye n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	1° give orders in relation to any matter arising in connection with the liquidation;	1° donner des instructions en rapport avec toute question survenue en rapport avec la liquidation;
2° kwemeza, kuvanaho cyangwa guhindura igikorwa cyangwa icyemezo cy'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	2° confirm, reverse or modify any act or decision of the liquidator;	2° confirmer, infirmer ou modifier tout acte ou décision du liquidateur;
3° gutegeka ko hakorwa igenzura ry'inyandiko z'ibaruramari zijyanye	3° order an audit of the accounts of the liquidation;	3° ordonner un audit des comptes de la liquidation;

n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;		
4° gutegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gutanga inyandiko n'ibitabo by'ibaruramari ku iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kugira ngo bigenzurwe no guha umugenzuzi amakuru yerekeye imigendekere y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo igihe abimusabye;	4° order the liquidator to produce the accounts and records of the liquidation for audit and provide the auditor with such information concerning the conduct of the liquidation as the auditor requests;	4° ordonner au liquidateur de rendre disponibles les comptes et les dossiers de la liquidation aux fins de vérification et fournir à l'auditeur les informations concernant la conduite de la liquidation qu'il demande;
5° kugena umushahara w'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri rigena umushahara w'abacunga cyangwa abazahura igihombo;	5° fix the remuneration of the liquidator in accordance with the provisions of the Ministerial Order on the remuneration of insolvency practitioners;	5° fixer la rémunération du liquidateur conformément aux dispositions de l'arrêté ministériel sur la rémunération des praticiens de l'insolvabilité;
6° gutegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gusubiza amafaranga iyo bigaragaye ko hari amafaranga yafatiriye adakwiriye;	6° order the liquidator to refund the amount if it is found that an amount retained by him or her is unreasonable;	6° ordonner au liquidateur de rembourser le montant si elle juge que le montant qu'il a retenu n'est pas raisonnable;
7° gutangaza niba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo yarashyizweho mu buryo bwemewe, yaracunze cyangwa yaragenzuye neza umutungo;	7° declare whether or not the liquidator was validly appointed or validly assumed custody or control of the property;	7° déclarer ou non si le liquidateur a été valablement nommé ou valablement gardé ou contrôlé les biens;

8° gutegeka ibikwa cyangwa itangwa ry'amakonti n'inyandiko z'ibaruramari zijyanye n'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa z'isosiyete y'ubucuruzi.	8° make an order concerning the retention or the disposition of the accounts and records of the liquidation or of the company.	8° rendre une ordonnance concernant la rétention ou la disposition des comptes et dossiers de la liquidation ou de la société commerciale.
Urukiko rushobora gukoresha ubundi bubasha ku birebana n'ibibazo byagaragaye mbere cyangwa nyuma y'itangira ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, iyandukurwa ry'isosiyete y'ubucuruzi mu gitabo cyangwa niba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora cyangwa atagikora nk' ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	The court may exercise any other powers in relation to matters occurring either before or after the commencement of the liquidation, the removal of the company from the register and whether or not the liquidator has ceased to act as liquidator.	La juridiction peut exercer tous les autres pouvoirs en rapport avec les faits survenus avant ou après l'ouverture de la liquidation, la radiation de la société commerciale du registre et si le liquidateur a cessé d'agir en qualité de liquidateur ou non.
<u>Ingingo ya 135:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 135:</u> Enforcement of liquidator's duties**	**<u>Article 135 :</u> Faire exécuter les fonctions du liquidateur**
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ananiwe kubahiriza inshingano ze, komite ishinzwe ubugenzuzi, uberewemo umwenda, umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsi w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo washyizweho ashobora gusaba urukiko ko rutegeka ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano.	If a liquidator fails to comply with his or her duties, the committee of inspection, a creditor, a shareholder or a director of a company in liquidation or an appointed administrator may apply to the court for an enforcement order.	Si un liquidateur n'exécute pas ses fonctions, le comité d'inspection, un créancier, un actionnaire ou un membre du Conseil d'administration d'une société commerciale en liquidation ou un administrateur nommé peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance d'exécution.

Urukiko rushobora gukuriraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubahiriza inshingano zimwe cyangwa zose, gutegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubahiriza inshingano ze nk'uko zagaragajwe mu cyemezo bitabangamiye izindi nzira zishobora gukoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza inshingano cyangwa kumukura ku mirimo ye.	The court may relieve the liquidator of the duty to comply in whole or in part, order the liquidator to comply with his or her duties to the extent specified in the order without prejudice to any other remedy which may be available in respect of any breach of duty or remove him or her from office.	La juridiction peut dispenser le liquidateur de l'obligation d'exécuter ses fonctions en tout ou en partie, ordonner au liquidateur de s'acquitter de ses fonctions dans la mesure prévue dans l'ordonnance, sans préjudice de tout autre recours qui peut être ouvert dans le cas de non-exécution d'une fonction quelconque ou le démettre de ses fonctions.
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akuwe ku mirimo ye, urukiko rushobora gufata icyemezo gikwiye mu kubungabunga umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi, hakubiyemo icyemezo gitegeka ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo wakuwe ku mirimo, kugaragaza amakonti, inyandiko z'ibaruramari cyangwa andi makuru akenewe kubera iyo mpamvu.	Where a liquidator is removed from office, the court may make an appropriate order for the preservation of the company's property, including an order requiring the removed liquidator to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.	Lorsqu'un liquidateur est démis de ses fonctions, la juridiction peut rendre une ordonnance appropriée pour la préservation des biens de la société commerciale, y compris une ordonnance exigeant que le liquidateur révoqué rende disponibles tous comptes, dossiers ou autres informations nécessaires à cet effet.
Imiburanishirize yose y'ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru, na we akabika kopi y'icyo kirego muri dosiye ifite ikimenyetsoshakiro gihura n'amazina y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bireba.	All proceedings relating to any application for an order under this Article must be served on the Registrar General who keeps a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the liquidator concerned.	Toutes procédures relatives à une demande d'ordonnance en vertu du présent article doivent être signifiées au Registraire général qui en garde une copie dans un dossier public indexé par référence au nom du liquidateur concerné.

Icyiciro cya 2: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Section 2: Liquidation of partnerships**	**Section 2 : Liquidation des sociétés de personnes**
Akiciro ka mbere: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Subsection One: Provisional liquidator of a partnership**	**Sous-section première : Liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Ingingo ya 136: Ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo n'inshingano ze	**Article 136: Appointment and duties of a provisional liquidator of a partnership**	**Article 136 : Nomination et attributions d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Urukiko rubisabwe n'ababerewemo imyenda, ubufatanye mu bucuruzi, umufatanyabikorwa, Umwanditsi Mukuru cyangwa Urwego ngenzuramikorere, rushobora gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo.	The court may, at the request of creditors, a partnership, a partner, the Registrar General or the regulatory authority, appoint a provisional liquidator of a partnership.	La juridiction peut, à la demande de créanciers, d'une société de personnes, d'un associé, du Registraire général ou de l'autorité de régulation, nommer un liquidateur provisoire d'une société de personnes.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo agomba kubungabunga umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi n'umutungo ucungwa.	A provisional liquidator of a partnership must secure the preservation of partnership property and trust property.	Un liquidateur provisoire d'une société de personnes doit garantir la préservation des biens de la société de personnes et des biens en fiducie.
Mu kurangiza inshingano ze, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo akorana ubwangamugayo mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	In performing his or her duties, the provisional liquidator of a partnership acts in good faith in the liquidation.	Dans l'exercice de ses fonctions, le liquidateur provisoire d'une société de personnes agit de bonne foi dans la liquidation.

Ingingo ya 137: Inkurikizi zo gushyiraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Article 137: Effects of appointment of a provisional liquidator of a partnership**	**Article 137 : Effets de la nomination d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Kuva hashyizweho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo, ububasha bwose bw'abafatanyabikorwa burahagarara, keretse iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo yemeye ko ubwo bubasha bukomeza.	On the appointment of a provisional liquidator of a partnership, all the powers of the partners are suspended, except so far as the provisional liquidator of the partnership sanctions their continuance.	Dès la nomination d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes, tous les pouvoirs des associés sont suspendus, sauf dans la mesure où le liquidateur provisoire de la société de personnes sanctionne leur continuité.
Buri wese mu bafatanyabikorwa na buri muntu ufite inyungu mu iseswa afite inshingano yo korohereza ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo mu kurangiza inshingano ze.	Each partner and each person interested in the winding up have the duty to cooperate with the provisional liquidator in relation to the performance of his or her functions.	Chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation a le devoir de coopérer avec le liquidateur provisoire dans l'exercice de ses fonctions.
Ingingo ya 138: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**Article 138: Contracts entered into by a provisional liquidator of a partnership**	**Article 138 : Contrats conclus par un liquidateur provisoire de la société de personnes**
Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo, mu gihe ashyira mu bikorwa inshingano ze, afatwa nk'ayakozwe n'umufatanyabikorwa mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi, keretse	A contract entered into by a provisional liquidator of a partnership in the performance of his or her functions is taken to be entered into by the partner on behalf of the partnership, unless the contract provides that he or she should be personally liable on it.	Un contrat conclu par un liquidateur provisoire d'une société de personnes dans l'exercice de ses fonctions est réputé conclu par l'associé pour le compte de la société de personnes, à moins que le contrat ne prévoie qu'il en devrait être personnellement responsable.

iyo ayo masezerano ateganya ko agomba kureba uyakoze ku giti cye.		
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yirengereye ku giti cye uburyozwe bw'ayo masezerano, agira uburenganzira ku ndishyi ziturutse ku mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi kubera ubwo buryozwe.	If the provisional liquidator assumes personal liability under the contract, he or she is entitled to an indemnity out of partnership property in respect of that liability.	Si le liquidateur provisoire assume la responsabilité personnelle en vertu du contrat, il a droit à une indemnité sur les biens de la société de personnes au titre de cette responsabilité.
Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibigomba:	The provisions of Paragraph 2 of this Article must not:	Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne doivent pas :
1° kugabanya uburenganzira ubwo ari bwo bwose ku ndishyi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yakagize;	1° limit any right to indemnity which the provisional liquidator would have;	1° limiter tout droit à l'indemnité que le liquidateur provisoire aurait;
2° kugabanya uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo ku masezerano yakoze hatubahirijwe inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko;	2° limit the liability of the provisional liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court;	2° limiter la responsabilité du liquidateur provisoire à l'égard des contrats conclus en violation de sa fonction ou d'une ordonnance judiciaire;
3° gutanga uburenganzira ku ndishyi kubera uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo ku masezerano yakoze hatubahirijwe	3° confer a right to indemnity in respect of any liability of the provisional liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court.	3° conférer un droit à une indemnité pour toute responsabilité du liquidateur provisoire à l'égard des contrats conclus en violation de sa fonction ou d'une ordonnance judiciaire.

inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko.		
<u>Ingingo ya 139:</u> Kwegura k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo	**<u>Article 139:</u> Resignation of a provisional liquidator of partnership**	**<u>Article 139 :</u> Démission d'un liquidateur provisoire d'une société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo ashobora kwegura, igihe icyo ari cyo cyose, atanga inyandiko ibimenyesha. Inyandiko ibimenyesha igomba gutanga ibisobanuro byuzuye kandi by'ukuri ku byo yakoze nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo kandi igomba gushyikirizwa:	The provisional liquidator of a partnership may, at any time, resign by giving notice of intention to do so. The notice must include a full and true statement of his or her acts and dealings as provisional liquidator, and must be given to:	Le liquidateur provisoire d'une société de personnes peut, à tout moment, démissionner en donnant un avis d'intention de le faire. L'avis doit inclure une déclaration complète et véridique de ses actes et transactions en tant que liquidateur provisoire, et doit être remis à :
1° urukiko;	1° the court;	1° la juridiction;
2° buri mufatanyabikorwa;	2° each partner;	2° chaque associé;
3° buri muntu ufite inyungu mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	3° each person interested in the liquidation;	3° chaque personne intéressée par la liquidation;
4° uberewemo umwenda, niba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yarashyizweho bisabwe n'uberewemo umwenda n'ubufatanye mu bucuruzi.	4° the creditor, if the provisional liquidator was appointed on the application of a creditor of the partnership.	4° le créancier, si le liquidateur provisoire a été nommé sur demande d'un créancier de la société de personnes.

Imenyekanisha ry'ubwegure rigira agaciro nyuma y'amezi abiri (2) atangira kubarwa ku munsi ubwegure bwatangiweho cyangwa ku munsi uvugwa mu cyemezo iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'agateganyo yabisabwe n'urukiko.	The resignation notice takes effect at the end of two (2) months starting with the day on which it is given or at the day specified in the order if the resignation of provisional liquidator has been ordered by the court.	L'avis de démission prend effet à la fin de deux (2) mois commençant le jour où il est donné ou à la date précisée dans l'ordonnance si la démission du liquidateur provisoire a été ordonnée par la juridiction.
Ingingo ya 140: Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo rikozwe n'urukiko	**Article 140: Appointment or removal of a partnership provisional liquidator by court**	**Article 140 : Nomination ou destitution par une juridiction d'un liquidateur provisoire de la société de personnes**
Iyo ntawe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo uri gukora, urukiko rushobora kumushyiraho.	If there is no provisional liquidator of a partnership acting, the court may appoint him or her.	Si aucun liquidateur provisoire d'une société de personnes n'agit, la juridiction peut le nommer.
Urukiko rushobora, kubera impamvu zagaragajwe, gukuraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo rugashyiraho umusimbura.	The court may, on cause being shown, remove a provisional liquidator of a partnership and appoint his or her successor.	La juridiction peut, sur présentation de motifs, révoquer un liquidateur provisoire d'une société de personnes et nommer son successeur.
Ingingo ya 141: Kwambura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo inshingano ze	**Article 141: Release of a partnership provisional liquidator from his or her obligations**	**Article 141 : Libération d'un liquidateur provisoire de la société de personnes de ses obligations**
Urukiko rubisabwe n'ubufatanye mu bucuruzi, umufatanyabikorwa, uberewemo umwenda n'ubufatanye mu bucuruzi	The court may, on application by a partnership, a partner, a creditor of a partnership or the Registrar General, order	La juridiction peut, sur demande d'une société de personnes, d'un associé, d'un créancier d'une société de personnes ou du Registraire général,

cyangwa Umwanditsi Mukuru, rushobora gutegeka ko ushinzwe iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo yamburwa inshingano bikagira inkurikizi guhera ku itariki iri mu cyemezo cy'urukiko.	that a provisional liquidator of a partnership be released with effect from a time specified in the court order.	ordonner que le liquidateur provisoire de la société de personnes soit libéré à compter d'un moment spécifié dans l'ordonnance judiciaire.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo wambuwe inshingano asonerwa uburyozwe bwose yagira imbere y'abafatanyabikorwa, abahoze ari abafatanyabikorwa no ku bufatanye mu bucuruzi ku byo yakoze cyangwa yananiwe gukora mu nshingano ze cyangwa imyitwarire yagaragaje akiri muri uwo mwanya.	A provisional liquidator of a partnership who is released is discharged from all liability to partners, former partners and the partnership in respect of any acts or omissions in the performance of the functions of partnership provisional liquidator and otherwise in relation to his or her conduct as partnership provisional liquidator.	Un liquidateur provisoire de la société de personnes libéré est dégagé de toute responsabilité vis-à-vis des associés, des anciens associés et de la société de personnes pour tout acte ou omission dans l'exercice des fonctions de liquidateur provisoire de la société de personnes et autrement dans le cadre de sa conduite en tant que liquidateur provisoire de la société de personnes.
Akiciro ka 2: Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Subsection 2: Partnership liquidator**	**Sous-section 2 : Liquidateur de la société de personnes**
Ingingo ya 142: Inshingano z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 142: Duties of a liquidator of partnership**	**Article 142 : Fonctions d'un liquidateur de la société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi afite inshingano zikurikira:	The liquidator of a partnership has the following duties:	Le liquidateur de la société de personnes a les fonctions suivantes :
1° kugurisha umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi;	1° to realize the partnership property;	1° réaliser les biens de la société de personnes;

2° kwishyura imyenda y'ubufatanye mu bucuruzi, n'ubwo amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi yaba abiteganya ukundi; 3° kugabagabanya ibyasagutse; 4° kumenya ko umutungo ucunzwe n'abandi washyikirijwe umuntu uwufiteho uburenganzira cyangwa umucungamutungo w'uwahombye.	2° to pay the debts and discharge the liabilities of the partnership whether or not the partnership agreement provides otherwise; 3° to distribute the surplus; 4° to ensure that all trust property is transferred to the person entitled to the property or a trustee for that person.	2° payer les dettes et s'acquitter des obligations de la société de personnes, même si le contrat de société de personnes en dispose autrement; 3° distribuer l'excédent; 4° s'assurer que tous les biens de la fiducie sont transférés à la personne ayant droit à ces biens ou un syndic de cette personne.
<u>Ingingo ya 143:</u> Inkurikizi z'ishyirwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 143:</u> Effects of partnership liquidator's appointment**	**<u>Article 143 :</u> Effets de la nomination du liquidateur d'une société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi akimara gushyirwaho, ububasha bwose bw'abafatanyabikorwa burahagarara, keretse iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi yemeye ko bukomeza.	On the appointment of a partnership liquidator, all the powers of partners cease, except so far as the partnership liquidator sanctions their continuance.	Dès la nomination d'un liquidateur de la société de personnes, tous les pouvoirs des associés cessent, sauf dans la mesure où le liquidateur de la société de personnes sanctionne leur continuité.
Buri mufatanyabikorwa na buri muntu ufite inyungu mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi afite inshingano yo gukorana n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ku birebana n'igikorwa cy'iseswa.	Each partner and each person interested in the partnership liquidation has a duty to cooperate with the partnership liquidator in relation to the winding up.	Chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation de la société de personnes a le devoir de coopérer avec le liquidateur de la société de personnes en relation avec la dissolution.

Ingingo ya 144: Kugurisha cyangwa guhererekanya umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 144: Sale or transfer of partnership property**	**Article 144: Vente ou transfert des biens d'une société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ashobora kugurisha cyangwa guhererekanya umutungo uri mu bufatanye mu bucuruzi hakurikijwe agaciro ngereranyo kawo ku mufatanyabikorwa cyangwa ku wundi muntu ufite inyungu mu iseswa ry'umutungo uwo ari wo wose w'ubufatanye mu bucuruzi, hakurikijwe uko umeze muri icyo gihe, iyo biteganywa mu masezerano y'ubufatanye mu bucuruzi, byemejwe na buri mufatanyabikorwa cyangwa n'icyemezo cy'urukiko.	The partnership liquidator may sell or transfer, according to its estimated value, to a partner or to a person interested in the winding up any particular partnership property in its existing form, if so permitted by the partnership agreement, with the approval of each of the partners or with the sanction of the court.	Le liquidateur de la société de personnes peut vendre ou transférer, selon sa valeur estimée, à un associé ou à une personne intéressée dans la liquidation des biens de la société de personnes sous sa forme existante, s'il est ainsi prévu par le contrat de société, avec l'approbation de chacun des associés ou avec l'autorisation de la juridiction.
Icyakora, ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba imitungo yatanzweho ingwate.	However, the provisions of this Article do not apply to properties with a charge on them.	Toutefois, les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux biens grevés.
Ingingo ya 145: Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**Article 145: Contracts entered into by partnership liquidator**	**Article 145: Contrats conclus par un liquidateur d'une société de personnes**
Amasezerano akozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi mu kuzuza inshingano ze afatwa nk'ayakozwe n'umufatanyabikorwa mu izina	A contract entered into by the liquidator in the performance of his or her functions is taken to be entered into by the partner on behalf of the partnership, unless the contract provides that he or she should be personally liable on it.	Un contrat conclu par le liquidateur dans l'exercice de ses fonctions est considéré comme étant conclu par l'associé pour le compte de la société de personnes, à moins que le contrat ne prévoie qu'il en serait personnellement responsable.

ry'ubufatanye mu bucuruzi, keretse iyo ayo masezerano ateganya ko ayakoze ku giti cye.		
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi yirengereye uburyozwe buri mu masezerano, agira uburenganzira ku ndishyi iturutse ku mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bitewe n'ubwo buryozwe.	If the partnership liquidator assumes personal liability under the contract, he or she is entitled to a compensation out of partnership property in respect of that liability.	Si le liquidateur de la société de personnes assume la responsabilité personnelle en vertu du contrat, il a droit à un dédommagement sur les biens de la société de personnes au titre de cette responsabilité.
Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ntibigomba:	The provisions of Paragraph 2 of this Article must not:	Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne doivent pas:
1° kugabanya uburenganzira ubwo ari bwo bwose ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo afite;	1° limit any right to indemnity which the liquidator would have;	1° limiter tout droit à l'indemnité que le liquidateur aurait;
2° kugabanya uburyozwe bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubera amasezerano yakoze hatubahirijwe inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko;	2° limit the liability of the liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or an order of the court;	2° limiter la responsabilité du liquidateur à l'égard des contrats conclus en violation de sa fonction ou d'une ordonnance judiciaire;
3° gutanga uburenganzira ku ndishyi zerekeye uburyozwe ubwo ari bwo bwose bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo kubera amasezerano yakoze atubahirije inshingano ze cyangwa icyemezo cy'urukiko.	3° confer a right to compensation in respect of any liability of the liquidator on contracts entered into in breach of his or her duty or of a court order.	3° conférer un droit au dédommagement en rapport avec toute responsabilité du liquidateur à l'égard des contrats conclus en violation de sa fonction ou d'une ordonnance judiciaire.

<u>Ingingo ya 146:</u> Ububasha bw'urukiko bwo gushyira umutungo mu maboko y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 146:</u> Court's power to vest property in a partnership liquidator**	**<u>Article 146:</u> Pouvoir de la juridiction de conférer un bien à un liquidateur de la société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi abisabye, Urukiko rushobora gutegeka ko umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi wose cyangwa igice cyawo utarashyizwe mu ngwate ushyirwa mu maboko y'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ku izina rye bwite. Iyo urukiko rufashe icyo cyemezo, umutungo urebwa na cyo ushyikirizwa uwawuhawe.	On the application of the liquidator, the court may, by order, direct that all or any part of the partnership uncharged property is to be vested in the partnership liquidator by the partnership liquidator's official name. If the court makes such an order, the property to which the order relates vests accordingly.	À la demande du liquidateur, la juridiction peut, par ordonnance, ordonner que tout ou partie des biens de la société de personnes non-grevés soit dévolu au liquidateur de la société de personnes par le nom officiel du liquidateur de la société de personnes. Si la juridiction rend une telle ordonnance, les biens auxquels l'ordonnance se rapporte sont dévolus en conséquence.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora, amaze gutanga ingwate yamwanditsweho bitegetswe n'urukiko, kurega cyangwa kwiregura mu izina rye ku birebana n'uwo mutungo, cyangwa se ku bindi bintu byaba ngombwa kuregera cyangwa kwireguraho mu rwego rwo kurengera ko ubwo bufatanye mu bucuruzi buseswa mu buryo buboneye no kugaruza umutungo wabwo.	The liquidator may, after giving guaranty for assets vested in him or her, as the court may direct, bring or defend in his or her official name any legal proceeding that relates to that property or that it is necessary to bring or defend for the purpose of effectively winding up the partnership and recovering partnership property.	Le liquidateur peut, après avoir donné une garantie pour les biens qui lui sont dévolus, selon que la juridiction ordonne, apporter ou défendre en son nom officiel toute procédure judiciaire se rapportant à ces biens ou qu'il est nécessaire d'apporter ou de défendre en vue de la liquidation effective de la société de personnes et récupérer les biens de la société de personnes.

Ingingo ya 147: Ububasha bw'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bwo kwanga umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi utabyara inyungu	**Article 147: Liquidator's power of disclaimer of onerous property of partnership**	**Article 147 : Pouvoir du liquidateur de renoncer aux biens onéreux d'une société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo ashobora kwanga umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi utabyara inyungu n'ubwo yaba yaramaze kuwubona, yarageragеje kuwugurisha cyangwa yarakoresheje uburenganzira bwe kuri uwo mutungo nka nyirawo.	The liquidator may disclaim any onerous property of a partnership, even if the liquidator has taken possession of it, tried to sell it or otherwise exercised rights of ownership.	Le liquidateur peut renoncer aux biens onéreux d'une société de personnes, même si le liquidateur en a pris possession, a tenté de les vendre ou a exercé autrement ses droits de propriété.
Ukwanga umutungo bihagarika uburenganzira, inyungu n'imyenda by'ubufatanye mu bucuruzi ku bijyanye n'uwo mutungo ariko ntibigira ingaruka ku burenganzira n'imyenda by'undi muntu uwo ari we wese, keretse iyo ari byo bituma uburyozwe bw'ubufatanye mu bucuruzi burangira.	A disclaimer ends the rights, interest and liabilities of the partnership in respect of the property disclaimed but does not affect the rights and liabilities of any other person, except so far as necessary to release the partnership from any liability.	La renonciation met fin aux droits, intérêts et dettes de la société de personnes à l'égard des biens mais n'affecte pas les droits ou les obligations de toute autre personne, sauf si ces biens libèrent la société de personnes de toute responsabilité.
Umuntu wagize igihombo cyangwa ibyo atakaza nk'ingaruka zikomoka ku kwanga umutungo bivugwa muri iyi ngingo ashobora gusaba nk'uberewemo umwenda n'ubufatanye mu bucuruzi amafaranga y'igihombo yagize cyangwa y'ibyo yatakaje cyangwa agatanga ikirego mu rukiko asaba ko yashyikirizwa cyangwa yashyirwa mu maboko uwo mutungo wanzwe.	A person suffering loss or damage as a result of a disclaimer under this Article may claim as a creditor of the partnership for the amount of the loss or damage or apply to the court for an order that the disclaimed property be delivered to or vested in that person.	Une personne ayant subi la perte ou le dommage suite à une renonciation visée au présent article peut réclamer comme créancier d'une société de personnes pour le montant de la perte ou du dommage ou saisir la juridiction d'une demande de remise ou de possession des biens pour lesquels il y a eu renonciation.

<u>Ingingo ya 148</u>: Ingaruka zo kutabasha kwishyura imyenda k'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 148:</u> Effects of insolvency of partnership**	**<u>Article 148:</u> Effets de l'insolvabilité d'une société de personnes**
Ubufatanye mu bucuruzi bufatwa ko butabashije kwishyura imyenda yabwo iyo:	The partnership is insolvent when:	La société de personnes est insolvable lorsque :
1° nta bushobozi bufite bwo kuyishyura kandi nta kimenyetso gifatika ko buzabubona kugira ngo bubashe kwishyura imyenda yabwo;	1° it is unable to pay its debts and there is no reasonable prospect of its becoming able to pay its debts;	1° elle est incapable de payer ses dettes et qu'il n'est pas raisonnablement envisageable de devenir capable de payer ses dettes ;
2° budafite ubushobozi bwo kuyishyura igihe cyo kuyishyura kigeze cyangwa agaciro k'umutungo wabwo kakaba kari munsi y'ingano y'iyo myenda, harebwa imyenda iriho n'ishobora kugaragara.	2° it is unable to pay its debts as they fall due or the value of its assets is less than the amount of its liabilities, taking into account its contingent and prospective liabilities.	2° elle n'est pas en mesure de payer ses dettes échues ou si la valeur de ses actifs est inférieure au montant de ses passifs, compte tenu de ses passifs éventuels et potentiels.
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi abona ko ubufatanye mu bucuruzi budafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yabwo ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo cyo kubusesa hakurikijwe amategeko abigenga.	If satisfied that the partnership is unable to pay its debts, the partnership liquidator may apply to the court for a winding-up order to be made against the partnership in accordance with relevant Laws.	S'il est convaincu que la société de personnes n'est pas en mesure de payer ses dettes, le liquidateur de la société de personnes peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance de liquidation contre la société de personnes conformément aux dispositions légales en la matière.
Inyandiko isaba urukiko gufata icyemezo cyo gusesa ubufatanye igomba kuba irimo ibisobanuro ku bikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye mu bucuruzi bikurikira:	The application to the court for an order winding up a partnership must contain the following explanations relating to the partnership business and affairs:	La demande adressée à la juridiction doit contenir les explications relatives aux activités commerciales et affaires de la société de personnes suivantes :

1° ibiranga imitungo, imyenda n'uburyozwe by'ubufatanye mu bucuruzi;	1° particulars of the partnership's assets, debts and liabilities;	1° les détails des actifs, des dettes et des passifs de la société de personnes;
2° incamake y'inyemezabwishyu n'ubwishyu by'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi;	2° a summary of the partnership liquidator's receipts and payments;	2° un résumé des reçus et des paiements du liquidateur de la société de personnes;
3° amazina n'aderesi yuzuye by'ababerewemo imyenda n'ubufatanye mu bucuruzi n'ingwate buri wese yatanze;	3° the names and full address of the partnership's creditors and securities held by them respectively;	3° les noms et adresse complète des créanciers de la société de personnes et des titres qu'ils détiennent respectivement;
4° amatariki ingwate zatangiweho.	4° the dates on which the securities were respectively given.	4° les dates auxquelles les titres ont été respectivement donnés.
<u>Ingingo ya 149:</u> Inyandiko y'ibaruramari ry'umwaka	**<u>Article 149:</u> Annual statement of accounts**	**<u>Article 149 :</u> Relevé annuel des comptes**
Iyo iseswa rikozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi rikomeje mu gihe kirenze amezi atandatu (6) ategura inyandiko y'ibaruramari yuzuye kandi irimo ukuri, igaragaza ibikorwa n'amasezerano yakoze n'uko iseswa ryagenze mu gihe cy'umwaka.	If the winding up by the partnership liquidator continues for more than six (6) months, he or she prepares a full and true statement of accounts, specifying the partnership liquidator's acts and dealings, and the conduct of the winding up, during the year.	Si la liquidation par le liquidateur de la société de personnes se poursuit pendant plus de six (6) mois, il prépare un relevé complet et exact des comptes, en précisant les actes du liquidateur de la société de personnes et les relations d'affaires et la conduite de la liquidation, au cours de l'année.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo agomba gutumiza inama y'ubufatanye mu bucuruzi kugira ngo ayimurikire inyandiko y'ibaruramari kandi	The liquidator must convene a partnership meeting for the purpose of laying the statement of accounts before the meeting and giving an explanation of it. The persons	Le liquidateur doit convoquer une réunion de la société de personnes dans le but de lui présenter le relevé des comptes devant la réunion, et de donner une explication de celui-ci. Les

anayitangeho ibisobanuro. Abitabira inama ni ababerewemo imyenda, buri mufatanyabikorwa na buri muntu ufite inyungu mu iseswa.	entitled to attend the meeting are creditors, each partner and each person interested in the winding up.	personnes habilitées à participer à la réunion sont des créanciers, chaque associé et chaque personne intéressée par la liquidation.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora ibishoboka kugira ngo inama iterane mu mpera z'umwaka wa mbere uhereye igihe yashyiriweho na buri mwaka ukurikiyeho cyangwa ku itariki bihitiyemo mu gihe cy'amezi atandatu (6) nyuma ya buri mwaka.	The liquidator must ensure that the meeting convened is held at the end of the first year from the date of the appointment of the liquidator and of each succeeding year or at the convenient date within six months (6) months from the end of the year.	Le liquidateur doit s'assurer que la réunion convoquée est tenue à la fin de la première année suivant la date de sa nomination et de chaque année suivante ou à la date convenue endéans six (6) mois suivant la fin de l'année.
<u>Ingingo ya 150:</u> Ibaruramari rya nyuma	**<u>Article 150:</u> Final accounts**	**<u>Article 150 :</u> Comptes définitifs**
Mbere yo gutumira inama y'ubufatanye mu bucuruzi, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ategura ibaruramari ryuzuye kandi ry'ukuri ku migendekere y'iseswa, by'umwihariko incamake y'inyemezabwishyu n'impapuro yishyuriyeho z'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo n'uburyo umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi n'ucungwa n'abatari ba nyirawo watanzwe.	Before convening the partnership meeting, the liquidator prepares a full and true account of the conduct of the winding up showing, in particular a summary of receipts, payments and how the partnership property and trust property has been disposed of.	Avant de convoquer la réunion d'une société de personnes, le liquidateur prépare un compte complet et fidèle du déroulement de la liquidation, notamment un récapitulatif de reçus et paiements et la façon dont les biens de la société de personnes et les biens en fiducie ont été disposés.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi agomba gutumiza inama y'ubufatanye mu bucuruzi kugira ngo ayigezeho ibaruramari kandi anayitangeho ibisobanuro.	The partnership liquidator must convene a partnership meeting for the purpose of laying the accounts before the meeting and giving an explanation of it.	Le liquidateur de la société de personnes doit convoquer une réunion de la société de personnes afin de présenter les comptes avant la réunion et d'en donner une explication.

Iyo nama yitabirwa na buri mufatanyabikorwa n'abantu bose bafite inyungu mu iseswa.	Those who attend the meeting are each partner and the persons interested in the winding up.	Prennent part à cette réunion, chaque associé et les personnes intéressées par la liquidation.
Abitabiriye inama bashobora gutora banga gusezerera ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi. Icyemezo cyo gusezerera ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo gifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama.	The persons attending the meeting may vote against the release of the partnership liquidator. A resolution against the liquidator's release is decided upon by a majority of the persons attending the meeting.	Les personnes présentes à la réunion peuvent voter contre la libération du liquidateur de la société de personnes. C'est une règle par défaut qu'une résolution contre la libération du liquidateur est décidée par la majorité des personnes participant à la réunion.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi ahagarika akazi ke nyuma y'inama cyangwa iyo nta muntu witabiriye inama, guhera igihe inama yari iteganyirije kurangiraho.	The partnership liquidator ceases to hold office at the end of the meeting or if no one attends the meeting, at the time it was due to end.	Le liquidateur de la société de personnes cesse d'exercer ses fonctions à la fin de la réunion ou si personne ne participe à la réunion, au moment où elle devait prendre fin.
Ingingo ya 151: Ububasha bw'urukiko bwo gutegeka ko hakorwa igenzurwa ry'ibikorwa	**Article 151: Power of the court to order the supervision of activities**	**Article 151: Pouvoir de la juridiction d'ordonner la supervision des activités**
Umufatanyabikorwa cyangwa umuntu ufite inyungu mu iseswa, iyo atishimiye uburyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora iseswa, ashobora gusaba urukiko gutegeka ko hakorwa igenzura ry'ibikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye mu bucuruzi.	A partner or a person interested in the winding up may, if not satisfied with the way in which the liquidator is conducting the winding up of the partnership, apply to the court to order an audit to be taken of the partnership business and affairs.	Un associé ou une personne intéressée par la liquidation peut, si elle n'est pas satisfaite de la manière dont le liquidateur procède à la liquidation de la société de personnes, demander à la juridiction d'ordonner un audit des activités commerciales et des affaires de la société de personnes.

<u>Ingingo ya 152:</u> Gushyikiriza ibibazo urukiko	**<u>Article 152:</u> Referral of questions to court**	**<u>Article 152:</u> Renvoi de questions à la juridiction**
Urukiko rushobora gusabwa gukemura ikibazo icyo aricyo cyose kigaragaye mu iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi.	An application may be made to the court to determine any question arising in the winding up of the partnership.	Une demande peut être faite à la juridiction pour trancher toute question découlant de la liquidation de la société de personnes.
Ubusabe bukorwa n'umwe cyangwa benshi muri aba bakurikira:	The application may be made by any of the following persons:	La demande peut être faite par l'une des personnes suivantes :
1° ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo;	1° the liquidator;	1° liquidateur ;
2° umufatanyabikorwa;	2° a partner;	2° associé ;
3° umuntu ufite inyungu mu iseswa;	3° a person interested in the winding up;	3° personne intéressée par la liquidation ;
4° uberewemo umwenda;	4° a creditor;	4° créancier ;
5° uwahoze ari umufatanyabikorwa.	5° a former partner.	5° ancien associé.
Iyo urukiko rusanze gukemura ikibazo bifite ishingiro kandi bifite akamaro, rushobora gufata icyemezo rubona ko gikwiye.	If the court is satisfied that the determination of the question will be just and beneficial, it may make an order it thinks appropriate.	Si la juridiction est convaincue que le règlement de la question sera juste et bénéfique, elle peut rendre une ordonnance qu'elle juge appropriée.
<u>Ingingo ya 153:</u> Iyegura ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 153:</u> Resignation of a partnership liquidator**	**<u>Article 153:</u> Démission d'un liquidateur d'une société de personnes**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	A partnership liquidator may, at any time, resign as a partnership liquidator by giving notice of intention to do so.	Un liquidateur de la société de personnes peut, à tout moment, démissionner de son poste de

ashobora kwegura igihe cyose amenyesheje ko ashaka kwegura.		liquidateur de la société de personnes en donnant un avis d'intention de le faire.
Imenyesha rigomba kuba riherekejwe n'ibaruramari ryerekana imigendekere y'iseswa, by'umwihariko inyemezabwishyu n'impapuro zishyuriweho n'uburyo umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi n'udacungwa na ba nyirawo watanzwe.	The notice must include an account of the conduct of the winding up showing, in particular a summary of receipts and payments and how any partnership property or trust property has been disposed of.	L'avis doit inclure un compte du déroulement de la liquidation, notamment un résumé des reçus et des paiements et la façon dont les biens de la société de personnes ou les biens en fiducie ont été disposés.
Imenyesha rigomba guhabwa: 1° urukiko; 2° buri mufatanyabikorwa; 3° buri muntu wese ufite inyungu mu iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi; 4° uberewemo umwenda, iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi yashyizweho bisabwe n'uberewemo umwenda n'ubufatanye mu bucuruzi.	The notice must be given to: 1° a court; 2° each partner; 3° each person interested in the winding up of the partnership; 4° the creditor, if the partnership liquidator was appointed on the application of a creditor of the partnership.	L'avis doit être donné à : 1° une juridiction; 2° chaque associé; 3° chaque personne intéressée par la liquidation de la société de personnes; 4° le créancier, si le liquidateur de la société a été nommé à la demande d'un créancier de la société de personnes.
Imenyesha ry'iyegura rigira agaciro nyuma y'amezi abiri (2) uhereye umunsi ryatangiweho cyangwa guhera ku munsi wavuzwe mu cyemezo, iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo yakuweho n'urukiko.	The resignation notice takes effect at the end of two (2) months starting with the day on which it is given or the day specified in the order if the liquidator has been removed by the court.	L'avis de démission prend effet au bout de deux (2) mois à compter de la date à laquelle il a été donné ou du jour spécifié dans l'ordonnance si le liquidateur a été révoqué par la juridiction.

<u>Ingingo ya 154:</u> Ishyirwaho cyangwa ikurwaho ry'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bikozwe n'urukiko	**<u>Article 154:</u> Appointment or removal by the court of a partnership liquidator**	**<u>Article 154:</u> Nomination ou révocation par la juridiction d'un liquidateur d'une société de personnes**
Iyo ntawe ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi uri gukora, ku mpamvu iyo ari yo yose, urukiko rushobora kumushyiraho.	If no partnership liquidator is acting for any reason, the court may appoint a partnership liquidator.	Lorsque, pour une raison quelconque, aucun liquidateur de la société de personnes n'est en fonction, la juridiction peut nommer un liquidateur de la société de personnes.
Urukiko rushobora kandi, ku mpamvu yagaragajwe, gukuraho ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi no gushyiraho undi.	Also, the court may, on cause being shown, remove a partnership liquidator and appoint another.	La juridiction peut également, sur présentation de motifs, révoquer un liquidateur de la société de personnes et nommer un autre.
<u>Ingingo ya 155:</u> Kwambura inshingano ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 155:</u> Release of a partnership liquidator from his or her obligations**	**<u>Article 155:</u> Libération d'un liquidateur de la société de personnes de ses obligations**
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi yakoze inshingano ze kandi nta muntu n'umwe witabiriye inama yatumije cyangwa abantu bayitabiriye ntibashobore gukemura ikibazo cy'isezererwa rye cyangwa nta tora ryabaye, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi arasezererwa guhera igihe ahagarikiye gukora izo nshingano.	If the liquidator carries out his or her obligations and either no one attends the meeting convened or persons attending the meeting do not resolve against his or her release or no vote against his or her release takes place, the liquidator is released with effect from the time at which the liquidator ceases to hold office.	Si le liquidateur s'acquitte de ses obligations et que personne ne participe à la réunion convoquée ou si les personnes participant à la réunion ne se prononcent pas contre sa libération ou si aucun vote contre sa libération n'a lieu, sa libération prend effet à compter du moment où il cesse d'exercer ses fonctions.

Kwamburwa inshingano k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa ku muntu waretse kuba ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi rishobora kandi gukorwa n'urukiko rikagira agaciro guhera igihe cyavuzwe mu cyemezo cyarwo. Bene ubwo busabe bushobora gutangwa n'umuntu ubifitemo inyungu cyangwa yaba yarapfuye bugatangwa n'umuhagarariye.	The release of a partnership liquidator or a person who has ceased to be the partnership liquidator may also be ordered by the court with effect from a time specified in its order. Such an application may be made by the interested party or if that person has died, that person's personal representative.	La libération d'un liquidateur de la société de personnes qui a cessé d'être le liquidateur de la société de personnes peut également être ordonnée par la juridiction et prend effet à compter d'une date spécifiée dans son ordonnance. Une telle demande peut être faite par la personne intéressée ou si cette dernière est décédée, par son représentant personnel.
Kwamburwa inshingano k'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi bibarwa guhera ku gihe kivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, akanakurwaho uburyozwe bwe bwose ku bafatanyabikorwa, ku bigeze kuba bo no ku bufatanye mu bucuruzi, ku byo yakoze cyangwa atabashije gukora mu gihe cy'iseswa cyangwa mu buryo yitwaye nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo.	A partnership liquidator who is released is, with effect from the time specified under Paragraphs One and 2 of this Article, discharged from all liability to partners, former partners and the partnership in respect of any acts or omissions of the liquidator in the winding up and otherwise in relation to his or her conduct as liquidator.	Un liquidateur de la société de personnes qui est libéré est, à compter du moment prévu aux alinéas premier et 2 du présent article, dégagé de toute responsabilité vis-à-vis des associés, des anciens associés et de la société de personnes en ce qui a trait à ses actes ou omissions lors de la liquidation et à sa conduite en tant que liquidateur.
<u>Ingingo ya 156:</u> Amafaranga akoreshwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi	**<u>Article 156:</u> Expenses of winding up of partnership**	**<u>Article 156:</u> Dépenses de la liquidation d'une société de personnes**
Amafaranga yose yakoreshejwe mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi harimo n'umushahara w'ushinzwe iyegeranya	All expenses incurred in the winding up, including the remuneration of the partnership liquidator or any provisional partnership liquidator, are payable out of the	Toutes les dépenses engagées au cours de la liquidation, y compris la rémunération du liquidateur ou du liquidateur provisoire de la société de personnes, sont payables sur les actifs

n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi w'agateganyo yishyurwa avuye mu mutungo w'ubufatanye mu bucuruzi kandi mbere y'indi myenda yose.	partnership's assets in priority to all other claims.	de la société de personnes en priorité par rapport à toutes les autres créances.
<u>Ingingo ya 157:</u> Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi akoresha bimaze kwemezwa	**<u>Article 157:</u> Powers of partnership liquidator exercisable with approval**	**<u>Article 157:</u> Pouvoirs d'un liquidateur de la société de personnes exerçables avec approbation**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi afite ububasha bukurikira ashobora gukoresha abanje kubyemererwa n'abafatanyabikorwa:	A liquidator has the following powers which are exercisable with approval of partners:	Un liquidateur a les pouvoirs suivants qui sont exerçables avec approbation des associés :
1° kugirana ubwumvikane n'ababerewemo imyenda ku buryo bwo kwishyura imyenda cyangwa abavuga ko baberewemo imyenda cyangwa abasaba indishyi ubufatanye mu bucuruzi cyangwa iyo ubufatanye mu bucuruzi bushobora kubiryozwa;	1° to enter into an arrangement with creditors or persons claiming to be creditors or claim damages against the partnership or whereby the partnership may be rendered liable;	1° conclure un arrangement avec des créanciers ou des personnes qui prétendent être créanciers, en dommages-intérêts contre la société de personnes ou dans le cas où société de personnes peut être tenue responsable;
2° kumvikana ku myenda no ku bundi buryozwe bushobora kuba bukiriho, hagati y'ubufatanye mu bucuruzi n'undi muntu uwo ari we wese n'ibibazo byose birebana	2° to compromise, on such terms as may be agreed all debts and other liabilities which may subsist, between the partnership and any other person and all issues relating to	2° conclure, selon les modalités convenues, un compromis sur toutes les dettes et autres obligations qui peuvent subsister entre la société de personnes et toute autre personne et sur toutes les questions

n'umutungo cyangwa byerekeranye n'iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi;	the assets or the winding up of the partnership;	relatives aux actifs ou à la liquidation de la société de personnes;
3° gufata ingwate ku mwenda uwo ari wo wose, uburyozwe cyangwa ikindi cyishyuzwa no gutanga ubwishyu bwose kuri byo;	3° to take any security for the discharge of any such debt, liability or claim and to give a complete discharge in respect of it;	3° prendre toute garantie pour l'acquittement d'une dette, responsabilité ou réclamation et donner une décharge complète à l'égard de celle-ci;
4° gukora ibikorwa by'ubucuruzi by'ubufatanye mu bucuruzi igihe bibaye ngombwa kugira ngo iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi ribe mu nyungu zayo.	4° to carry on the partnership business so far as may be necessary for the beneficial winding up of the partnership.	4° exercer les activités commerciales de la société de personnes dans la mesure nécessaire à la liquidation avantageuse de la société de personnes.
<u>Ingingo ya 158:</u> Ububasha ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akoresha atabanje kubyemererwa	**<u>Article 158:</u> Powers of a liquidator exercisable without approval**	**<u>Article 158:</u> Pouvoirs d'un liquidateur exerçables sans approbation**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi afite ububasha bukurikira ashobora gukoresha atabanje kubyemererwa n'abafatanyabikorwa:	A partnership liquidator has the following powers which may be exercised without approval of partners:	Un liquidateur d'une société de personnes a les pouvoirs suivants qui peuvent être exercés sans approbation des associés :
1° kurega cyangwa kuburana mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi;	1° to bring or defend any action or other legal proceeding in the name and on behalf of the partnership;	1° intenter ou défendre une action ou une autre procédure judiciaire au nom et pour le compte de la société de personnes;
2° kugurisha mu cyamunara umutungo uwo ari wo wose w'ubufatanye mu bucuruzi cyangwa binyujijwe mu	2° to sell any partnership property by public auction or private contract with power to transfer the whole of it	2° vendre tous biens de la société de personnes aux enchère publique ou par contrat privé avec pouvoir de transférer

masezerano n'abikorera no kuwugurisha wose uko wakabaye cyangwa kugurisha mu bice, uretse igihe iri tegeko ribiteganya ukundi;	or to sell it in parcels, unless this Law provides otherwise;	la totalité de ces biens ou de les vendre par lots, sauf disposition contraire de la présente loi;
3° gukora ibikorwa no gushyira mu bikorwa, mu izina ry'ubufatanye mu bucuruzi, impapurompamo, inyemezabwishyu n'izindi nyandiko;	3° to do all acts and to execute, in the name and on behalf of the partnership, deeds, receipts and other documents;	3° faire tous les actes et exécuter, au nom et pour le compte de la société de personnes, les actes, reçus et autres documents;
4° kwishyuza mu gihe cy'igihombo, cyangwa ifatirwa ry'umufatanyabikorwa uwo ari we wese, uwigeze kuba umufatanyabikorwa cyangwa undi uberewemo umwenda n'ubufatanye mu bucuruzi amafaranga yasigaye ku mutungo we no kwakira inyungu kuri ayo mafaranga yasigaye nk'umwenda wihariye ugeze igihe cyo kwishyurwa uturutse ku gihombo cyangwa ku mufatanyabikorwa wahombye;	4° to claim in the bankruptcy, insolvency or sequestration of any partner, former partner or other debtor of the partnership for any balance against his or her estate and to receive dividends in respect of that balance, as a separate debt due from the bankrupt or insolvent partner;	4° faire une réclamation en cas de faillite, d'insolvabilité ou de mise sous séquestre d'un quelconque associé, ancien associé ou autre débiteur de la société de personnes pour tout solde contre la masse de ses biens et recevoir des dividendes à l'égard de ce solde, à titre de dette distincte due par le failli ou l'associé insolvable;
5° kuguza amafaranga akenewe mu kubungabunga umutungo w'ubufatanye mu bucuruzi;	5° to borrow any money required on the security of the partnership's assets;	5° emprunter de l'argent nécessaire à la sécurité des biens de la société de personnes;
6° gushyiraho umukozi wo gukora akazi ako ari ko kose bidakwiye ko ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	6° to appoint an agent to do any business which it would be unreasonable for the partnership liquidator to do;	6° nommer un agent pour faire des activités qu'il serait déraisonnable de la part du liquidateur de la société de personnes de faire;

w'ubufatanye mu bucuruzi yakwikorera we ubwe; 7° gukora ibindi bintu byose bya ngombwa mu iseswa ry'ubufatanye mu bucuruzi.	7° to do all other things necessary for winding up the partnership.	7° accomplir toutes autres actes nécessaires à la liquidation de la société de personnes.
UMUTWE WA VII: IKURIKIRANA RY'IGIHOMBO CY'ISOSIYETE IBUMBYE IBICE BIRINZWE	**CHAPTER VII: INSOLVENCY PROCEEDINGS OF A PROTECTED CELL COMPANY**	**CHAPITRE VII : PROCÉDURE D'INSOLVABILITÉ D'UNE SOCIÉTÉ À CELLULES PROTÉGÉES**
Ingingo ya 159: Gusaba itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 159: Application for commencement of provisional administration of protected cell company**	**Article 159: Demande d'ouverture d'une administration provisoire d'une société à cellules protégées**
Gusaba itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bikorwa mu kirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha. Bikorwa n'aba bakurikira: 1° isosiyete ibumbye ibice birinzwe; 2° abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete ibumbye ibice birinzwe; 3° ba nyir'imigabane cyangwa icyiciro icyo ari cyo cyose cy'abanyamigabane b'isosiyete ibumbye ibice birinzwe;	An application for commencement of administration of a protected cell company is done by applying to the competent court therefor. The application is submitted by the following persons: 1° a protected cell company; 2° directors of a protected cell company; 3° shareholders or any class of shareholders of the protected cell company;	Une demande d'ouverture d'une administration d'une société à cellules protégées se fait par une demande introduite auprès d'une juridiction compétente. Cette demande est introduite par les personnes suivantes : 1° société à cellules protégées ; 2° membres du Conseil d'administration d'une société à cellules protégées; 3° actionnaires ou toute catégorie d'actionnaires d'une société à cellules protégées;

4° uberewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe iyo ubusabe bureba igice cy'isosiyete;	4° a creditor of the protected cell company, where the application is submitted in respect of a relevant cell;	4° créancier d'une société à cellules protégées, lorsque l'ordonnance est demandée à l'égard d'une cellule concernée ;
5° urwego ngenzuramikorere rubishinzwe;	5° the relevant regulatory authority;	5° autorité de régulation compétente;
6° Umwanditsi Mukuru.	6° the Registrar General.	6° Registraire général.
Ingingo ya 160: Imenyesha ry'ubusabe bw'itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 160: Notice of application for provisional administration of protected cell company**	**Article 160: Notification d'une demande d'administration provisoire d'une société à cellules protégées**
Imenyesha ry'ubusabe bw'itangizwa ry'icungamutungo ry'agateganyo mu rukiko ku bireba isosiyete ibumbye ibice birinzwe rihabwa:	Notice of an application for provisional administration of a protected cell company is served upon:	La notification d'une demande d'administration provisoire d'une société à cellules protégées est signifiée à:
1° isosiyete ibumbye ibice birinzwe;	1° the protected cell company;	1° la société à cellules protégées;
2° urwego ngenzuramikorere rubishinzwe;	2° the relevant regulatory authority;	2° le régulateur compétent;
3° Umwanditsi Mukuru;	3° the Registrar General;	3° le Registraire général;
4° undi muntu uwo ari we wese, iyo hari uhari, urukiko rwategeka, uhabwa amahirwe yo kugira icyo abivugaho mbere y'uko urukiko rufata icyemezo.	4° any other person, if any, as the Court may direct, who is given the opportunity of making representations to the court before the order is made.	4° toute autre personne, s'il y en a, que la juridiction peut ordonner, qui a la possibilité de présenter des observations à la juridiction avant que l'ordonnance ne soit rendue.

<u>Ingingo ya 161</u>: Icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo ku bireba isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 161</u>: Provisional administration order in relation to protected cell company**	**<u>Article 161:</u> Ordonnance d'administration provisoire concernant une société à cellules protégées**
Urukiko rushobora gufata icyemezo cy'agateganyo ku bireba isosiyete ibumbye ibice birinzwe iyo rwemeje ko:	The court may make a provisional order in relation to a protected cell company, if the court is satisfied that:	La juridiction peut rendre une ordonnance provisoire en ce qui concerne une société à cellules protégées, lorsqu'elle est convaincue que :
1° umutungo w'igice cy'isosiyete ubarirwa ku gice runaka cy'isosiyete yagize amasezerano y'ubwumvikane ku mutungo ufite uburyozwe muri ayo masezerano udahagije kugira ngo ibirego by'ababerewemo imyenda byishyurwe ku bireba icyo gice cy'isosiyete;	1° the cellular assets attributed to a particular cell of the company, where the company has entered into a recourse agreement, the assets liable under that agreement, are insufficient to discharge the claims of creditors in respect of that cell;	1° les actifs cellulaires attribués à une cellule particulière d'une société commerciale, au cas où la société commerciale a conclu un accord de recours, les actifs concernés par cet accord, sont insuffisants pour désintéresser les créanciers de cette cellule;
2° umutungo w'igice cy'isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko n'utari uw'igice cy'isosiyete kirinzwe udahagije mu kwishyura imyenda yose y'isosiyete.	2° the company's cellular assets and non-cellular assets are insufficient to discharge the liabilities of the company;	2° les actifs cellulaires et non cellulaires de la société sont insuffisants pour satisfaire aux obligations de la société commerciale ;
Icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo gishobora gufatwa ku bireba igice kimwe cy'isosiyete cyangwa ibirenzeho cyangwa isosiyete nyir'izina.	A provisional administration order may be made in respect of one or more cells or the core.	Une ordonnance d'administration provisoire peut être rendue pour une ou plusieurs cellules ou le noyau.

Ingingo zireba icungamutungo ry'agateganyo zikurikizwa no ku gice cy'igice cy'isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko nk'uko bikurikizwa ku yindi sosiyete.	The provisions on provisional administration under this Law also apply in relation to a cell of a protected cell company as it applies to any other company.	Les dispositions relatives à l'administration provisoire en vertu de la présente loi s'appliquent également à l'égard d'une cellule d'une société à cellules protégées comme elles s'appliquent à toute autre société.
<u>Ingingo ya 162</u>: Gukuraho no guhindura icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo	**<u>Article 162:</u> Discharge and variation of provisional administration order**	**<u>Article 162:</u> Annulation et modification d'une ordonnance d'administration provisoire**
Nyuma yo gukuraho icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo, urukiko rushobora gutegeka:	Upon discharging a provisional administration order, the Court may direct:	Après avoir annulé une ordonnance d'administration provisoire, la juridiction peut ordonner :
1° iyo icyemezo cy'icungamutungo cyafatiwe isosiyete ibumbye ibice birinzwe, ko ubwishyu ubwo ari bwo bwose bwakozwe n'umucungamutungo w'agateganyo k'uberewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bufatwa nk'ubwubahirije imyenda y'isosiyete y'ubucuruzi kuri uwo uberewemo umwenda kandi ibirego by'uberewemo umwenda ku isosiyete y'ubucuruzi bifatwa nk'ibizimye.	1° where the provisional administration order was made in respect of a protected cell company, that any payment made by the provisional administrator to any creditor of the company is considered full satisfaction of the liabilities of the company to that creditor and the creditor's claims against the company are considered extinguished;	1° lorsque l'ordonnance d'administration provisoire a été rendue à l'égard d'une société à cellules protégées, que tout paiement effectué par l'administrateur provisoire à un créancier de la société est réputé plein règlement des obligations de la société envers ce créancier et des créances du créancier contre la société sont réputées éteintes;
2° iyo icyemezo cy'icungamutungo cy'agateganyo cyafatiwe igice cy'isosiyete, ko ubwishyu ubwo ari bwo bwose bwakozwe	2° where the provisional administration order was made in respect of a cell, that any payment made by the administrator to any creditor of the	2° lorsque l'ordonnance d'administration provisoire a été rendue à l'égard d'une cellule, que tout paiement effectué par l'administrateur à un créancier de la

n'umucungamutungo w'agateganyo k'uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi bufatwa nk'ubwubahirije imyenda y'isosiyete y'ubucuruzi kuri uwo uberewemo umwenda kandi ibirego by'uberewemo umwenda by'isosiyete y'ubucuruzi bifatwa nk'ibizimye.	company in respect of that cell is considered full satisfaction of the liabilities of the company to that creditor in respect of that cell and the creditor's claims against the company in respect of that cell are considered extinguished.	société à l'égard de cette cellule est réputé plein règlement des obligations de la société envers ce créancier à l'égard de cette cellule et les créances du créancier contre la société au titre de cette cellule sont réputées éteintes.
Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibigomba kugira ingaruka cyangwa ngo bikureho uburenganzira cyangwa ikirego uberewemo umwenda yagira ku muntu uwo ari we wese, harimo n'uwishingiye igice cy'isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko.	Nothing in Paragraph One of this Article operates so as to affect or extinguish any right or remedy of a creditor against any other person, including any surety of the protected cell company.	Aucune disposition de l'alinéa premier du présent article ne doit avoir pour effet d'affecter ou d'éteindre tout droit ou recours d'un créancier contre toute autre personne, y compris toute caution de la société à cellules protégées.
Ingingo ya 163: Igihembo cy'umucungamutungo w'agateganyo	**Article 163: Remuneration of provisional administrator**	**Article 163: Rémunération de l'administrateur provisoire**
Igihembo cy'umucungamutungo w'agateganyo n'ikindi kiguzi cyose yakoresheje mu buryo bwemewe, byishyurwa mbere y'ibindi birego byose ku mutungo yari yarashyiriweho gucunga.	The remuneration of a provisional administrator and any expenses properly incurred by him or her, are payable in priority to all other claims from the assets in relation to which he or she has been appointed.	La rémunération d'un administrateur provisoire ainsi que toutes les dépenses régulièrement engagées par lui, sont payables en priorité par rapport à toutes les autres créances sur les actifs pour lesquels il a été nommé.

Ingingo ya 164 : Gucunga umutungo Ingingo z'iri tegeko zerekeye imicungire y'umutungo ni zo zikoreshwa kuri buri gice cy'isosiyete n'isosiyete remezo by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	**Article 164: Administration** The provisions of this Law relating to administration also apply to each cell of the protected cell company and to its core.	**Article 164: Administration** Les dispositions de la présente loi relatives à l'administration s'appliquent également à chaque cellule de la société à cellules protégées et à son noyau.
Ingingo ya 165: Iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete ibumbye ibice birinzwe Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko mu iseswa ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo: 1° agomba gukurikirana umutungo w'isosiyete ibumbye ibice birinzwe, hakurikijwe amategeko abigenga; 2° mu kwishyura ababerewemo imyenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe, akoresha umutungo wayo yishyura ababifiteho uburenganzira, hakurikijwe amategeko abigenga.	**Article 165: Liquidation of protected cell company** Subject to the provisions of other Laws relating to the liquidation of a protected cell company or a cell, the liquidator: 1° is bound to deal with the assets of a protected cell company in accordance with relevant Laws; 2° in discharge of the claims of creditors of the protected cell company or a cell, applies their assets to those entitled to have recourse thereto in conformity with relevant Laws.	**Article 165: Liquidation d'une société à cellules protégées** Sous réserve des dispositions d'autres lois relatives à la liquidation d'une société à cellules protégées ou d'une cellule, le liquidateur : 1° est tenu de traiter les actifs d'une société à cellules protégées conformément aux dispositions légales en la matière ; 2° lors du règlement des créances des créanciers d'une société à cellules protégées ou d'une cellule, affecte leurs actifs de la société aux personnes autorisées à se prévaloir d'un droit sur ces actifs conformément aux dispositions légales en la matière.
Ingingo z'iri tegeko zerekeye igabanya ry'umutungo mu iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi, ni zo zikoreshwa ku isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	The provisions of this Law relating to the distribution of property on winding up of a company applies to a protected cell company.	Les dispositions de la présente loi relatives à la distribution des biens lors de la liquidation d'une société commerciale s'appliquent à une société à cellules protégées.

UMUTWE WA VIII: IGIHOMBO CY'UMUNTU KU GITI CYE	**CHAPTER VIII: BANKRUPTCY**	**CHAPITRE VIII : FAILLITE**
Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange	**Section One: General provisions**	**Section première : Dispositions générales**
Ingingo ya 166: Igihe igihombo gitangirira kubarwa	**Article 166: Commencement of bankruptcy**	**Article 166 : Ouverture de la faillite**
Urukiko rufata icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye rushyiraho umucungamutungo w'uwahombye ugomba kuba ari ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.	The court makes a bankruptcy order in respect of an individual by the appointment of a trustee who must be an insolvency practitioner.	La juridiction rend une ordonnance de faillite à l'égard d'un individu en nommant un syndic qui doit être un praticien de l'insolvabilité.
Urukiko rushyiraho umucungamutungo w'uwahombye iyo umuntu ku giti cye adashobora kwishyura imyenda ye.	The court appoints a trustee if the individual is unable to pay his or her debts.	La juridiction nomme un syndic si l'individu est incapable de payer ses dettes.
Igihombo cy'umuntu ku giti cye gitangira kandi kikagira agaciro ku itariki uwahawe inshingano zo gucunga umutungo mu gihe cy'igihombo yemereye mu nyandiko, gukora izo nshingano.	The bankruptcy commences and takes effect on the date on which the trustee consents in writing to the appointment.	La faillite est ouverte et prend effet à la date à laquelle le syndic consent par écrit à la nomination.
Ingingo ya 167: Gusaba kwemererwa kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 167: Application for bankruptcy**	**Article 167: Demande en faillite**
Ubusabe bw'icyemezo cy'umuntu ku giti cye cyo kujya mu gihombo bushyikirizwa urukiko n'umwe mu bantu bakurikira:	An application for a bankruptcy order to be made against an individual is presented to the court by one of the following persons:	Une demande pour ordonnance de faillite introduite contre un individu est présentée à la juridiction par l'une des personnes suivantes:

1° umwe cyangwa benshi mu baberewemo imyenda; 2° umuntu ku giti cye ubwe; 3° umugenzuzi w'ubwumvikane ku buryo bwo kwishyura watanzwe n'umuntu ku giti cye.	1° one or more creditors; 2° the individual himself/herself; 3° the supervisor of an arrangement proposed by the individual.	1° un ou plusieurs créanciers; 2° l'individu lui-même; 3° le superviseur d'un arrangement proposé par l'individu.
Iyo ubusabe butanzwe n'umuntu ku giti cye ubwe bugomba guherekezwa n'inyandiko igaragaza ibikorwa by'ubereyemo abandi imyenda irimo ibiranga abo abereyemo umwenda, imyenda ye, ubundi buryozwe, umutungo we n'andi makuru ashobora kugenwa n'urukiko.	The application, if made by the individual himself or herself, must be accompanied by a statement of the debtor's affairs containing such particulars of the debtor's creditors and of his or her debts and other liabilities and of his or her assets and such other information as may be prescribed by the court.	La demande, si elle est introduite par l'individu lui-même, doit être accompagnée d'un bilan des activités du débiteur contenant les renseignements sur les créanciers du débiteur et sur ses dettes et autres obligations et sur ses actifs et autres informations pouvant être prescrites par la juridiction.
Ubusabe bwo kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye bushyikirizwa urukiko iyo:	A bankruptcy application is presented to the court only if:	Une demande en faillite n'est présentée à la juridiction que si:
1° umuntu ku giti cye asanzwe aba mu Rwanda; 2° umuntu ku giti cye ari mu Rwanda we ubwe ku munsi ubusabe butangiweho; 3° umuntu ku giti cye, ku munsi runaka uri mu gihe cy'imyaka itatu (3) kirangira ku munsi umwe nk'uwo yatangiriyeho, yakoze ibikorwa by'ubucuruzi, harimo no kuba	1° the individual is ordinarily resident in Rwanda; 2° the individual is personally present in Rwanda on the day on which the application is made; 3° the individual at any time in the period of three (3) years ending with that day has carried on business including as a member of a	1° l'individu réside habituellement au Rwanda; 2° l'individu est personnellement présent au Rwanda le jour où la demande est introduite; 3° l'individu à tout moment au cours de la période de trois (3) ans se terminant à cette date a exercé son activité commerciale, y compris en tant que membre d'une société de personnes ou

umufatanyabikorwa cyangwa binyujijwe k'umuhagarariye mu Rwanda.	partnership or through an agent in Rwanda.	par l'intermédiaire d'un agent au Rwanda.
Ubusabe bw'icyemezo cyo kujya mu gihombo cy'umuntu ku giti cye ntibusubiranwa urukiko rutabyemeye.	A bankruptcy application is not withdrawn without the leave of the court.	Une demande en faillite ne peut être retirée sans l'autorisation de la juridiction.
Urukiko rufite ububasha bwo kwanga ubusabe cyangwa guhagarika ibirimo gukorwa kuri ubwo busabe, iyo rubona ko ari ngombwa bishingiye ku kutubahiriza itegeko.	The court has the power to dismiss a bankruptcy application or to stay proceedings on such an application where, if it appears to it appropriate to do so on the grounds that there has been a violation of Law.	La juridiction a le pouvoir de rejeter une demande en faillite ou de suspendre une procédure relative à cette demande lorsqu'il lui apparaît opportun de le faire au motif qu'il y a eu violation à la loi.
<u>Ingingo ya 168:</u> Umucungamutungo w'uwahombye w'agateganyo	**<u>Article 168:</u> Interim trustee**	**<u>Article 168:</u> Syndic par intérim**
Urukiko rubisabwe n'ababerewemo imyenda, ubereyemo abandi imyenda, urwego ngenzuramikorere cyangwa Umwanditsi Mukuru rushobora gushyiraho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo nk'umucungamutungo w'uwahombye w'agateganyo w'umutungo w'umuntu cyangwa w'igice cy'uwo mutungo, bitewe n'uko kumushyiraho ari ngombwa cyangwa byihutirwa kugira ngo agaciro k'uwo mutungo gashobore kubungabungwa.	The court may, at the request of creditors, a debtor, the regulatory authority or the Registrar General, appoint an insolvency practitioner as interim trustee of the individual's property, or any part of it, on the grounds that such appointment is necessary or expedient for the preservation of the value of the individual's assets.	La juridiction peut, à la demande de créanciers, d'un débiteur, de l'autorité de régulation ou du Registraire général, nommer un praticien de l'insolvabilité à titre de syndic par intérim des biens de l'individu ou de leur partie, au motif que cette nomination est nécessaire ou opportune pour préserver la valeur des actifs de l'individu.

Umucungamutungo w'uwahombye w'agateganyo ahabwa ububasha bwose, inshingano n'uburenganzira bw'umucungamutungo w'uwahombye, keretse iyo urukiko rugabanyije ubwo bubasha cyangwa rugashyiraho ibigomba gukurikizwa mu mikoreshereze yabwo.	An interim trustee has all the powers, duties and entitlements of a trustee, unless the court limits such powers or places conditions on their exercise.	Un syndic par intérim a tous les pouvoirs, attributions et droits d'un syndic , à moins que la juridiction ne limite ces pouvoirs ou n'impose des conditions concernant leur exercice.
<u>Ingingo ya 169:</u> Imenyekanisha ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 169:</u> Notice of bankruptcy**	**<u>Article 169:</u> Avis de faillite**
Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi igihombo gitangiye, umucungamutungo w'uwahombye agomba gutanga imenyesha rigaragaza ibi bikurikira: 1° itariki igihombo cyatangiriyeho ; 2° amazina yose y'umucungamutungo w'uwahombye; 3° aho umucungamutungo w'uwahombye akorera n'aderesi ye yuzuye.	Within five (5) working days after the commencement of the bankruptcy, a trustee must give public notice indicating the following: 1° the date of commencement of the bankruptcy; 2° the trustee's full name; 3° the trustee's physical office and his or her full address.	Dans les cinq (5) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, le syndic doit donner un avis public indiquant ce qui suit: 1° la date d'ouverture de la faillite; 2° le nom complet du syndic; 3° l'adresse du bureau physique du syndic et son adresse complète.
<u>Ingingo ya 170:</u> Inkurikizi z'itangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 170:</u> Effects of commencement of bankruptcy**	**<u>Article 170:</u> Effets d'ouverture de la faillite**
Kuva ku munsi igihombo cy'umuntu ku giti cye gitangiriyeho, umutungo w'uwahombye	From the commencement of bankruptcy, the bankrupt's estate is vested in the trustee.	Dès l'ouverture de la faillite, la masse de la faillite est dévolue au syndic.

ucungwa n'umucungamutungo w'uwahombye.		
Umutungo w'uwahombye ucungwa n'umucungamutungo w'uwahombye ntuhererekanwa, ntuhabwa undi cyangwa ngo wimurwe.	The bankrupt's estate vested in the trustee cannot be subject to any conveyance, assignment or transfer.	La masse de la faillite dévolue au syndic ne peut faire l'objet de transmission, de cession ou de transfert.
Uretse iyo umucungamutungo w'uwahombye abyemeye mu nyandiko cyangwa hari icyemezo cy'urukiko nta shyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cy'urukiko cyangwa indi nzira y'amategeko bishobora kubaho, igihe umutungo w'uwahombye uri mu iyegeranya n'igabagabanywa.	Except with the trustee's written consent or with the order of the court, no execution or other legal process may take place when the bankrupt's estate is placed in liquidation.	Sauf avec le consentement écrit du syndic ou avec l'ordonnance judiciaire, aucune exécution ou autre procédure judiciaire ne peut avoir lieu lorsque la masse de la faillite est mise en liquidation.
Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira bw'uberewemo umwenda wahawe ingwate gufatira no kubyaza umusaruro umutungo w'uwahombye yahaweho ingwate.	The provisions of Paragraph One of this Article do not affect the right of a secured creditor to take possession of and realize or deal with any property in the bankrupt's estate over which that creditor has a charge.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'affectent pas le droit d'un créancier privilégié de prendre possession et de réaliser ou de traiter des biens formant la masse de la faillite sur lesquels ce créancier détient une garantie.
<u>Ingingo ya 171:</u> Imicungire yihariye y'umutungo w'uwahombye	**<u>Article 171:</u> Special management of bankrupt's estate**	**<u>Article 171:</u> Gestion spéciale de la masse de la faillite**
Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gushyiraho undi muntu wese nk'umuyobozi wihariye iyo rubona ko imiterere y'umutungo cyangwa y'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa inyungu	On application made by the trustee or interim trustee, a court may appoint any other person to be the special manager where it appears to the court that the nature of the estate, property or business, or the interests of the creditors generally, require the appointment	Sur demande du syndic ou du syndic par intérim, une juridiction peut nommer toute autre personne à titre de gestionnaire spécial lorsqu'il lui apparaît que la nature de la masse, des biens ou des activités commerciales ou les intérêts des créanciers en général, exigent la nomination

z'ababerewemo imyenda isaba ishyirwaho ry'undi muntu wo gucunga umutungo cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi.	of another person to manage the estate, property or business.	d'une autre personne pour gérer la masse, les biens ou les activités commerciales.
Umuyobozi wihariye ushyizweho n'urukiko agira ububasha n'inshingano ahabwa n'urukiko.	A special manager appointed by the court has the powers and duties given by the court.	Un gestionnaire spécial nommé par la juridiction a les pouvoirs et les attributions fixés par la juridiction.
Ingingo ya 172: Irangira ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 172: Termination of bankruptcy**	**Article 172: Cessation de la faillite**
Igihombo cy'umuntu ku giti cye kirangira iyo uwahombye ahanaguweho igihombo cyangwa iyo icyemezo cyemeza igihombo gikuweho.	The bankruptcy terminates when the bankrupt is discharged from bankruptcy or the bankruptcy order is annulled.	La faillite prend fin lorsque le failli est libéré de la faillite ou lorsque l'ordonnance de faillite est annulée.
Uwahombye ahanagurwaho igihombo abyisabiye urukiko rukakimuhanaguraho cyangwa nyuma y'igihe cy'imyaka ibiri (2) uhereye ku itariki igihombo cyatangiriyeho. Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gutegeka ko icyo gihe gikomeza kugira agaciro nyuma y'icyo gihe cyangwa kugeza igihe ibisabwa byose byubahirijwe nk'uko biteganywa n'icyemezo cy'urukiko. Icyo cyemezo cy'urukiko gishobora gufatwa gusa igihe uwahombye yananiwe kubahiriza ibyo asabwa.	A bankrupt is discharged from bankruptcy, when the court, on an application by the bankrupt makes an order discharging the bankrupt or after the expiration of a period of two (2) years beginning with the commencement of the bankruptcy. On the application of the trustee, the court may order that that such a period continues to run beyond such period or until the fulfilment of such conditions as may be specified in the order. Such an order may only be made on the ground that a bankrupt has failed to comply with any of his or her obligations.	Un failli est libéré de la faillite, lorsque la juridiction, sur demande du failli, rend une ordonnance libérant le failli ou après l'expiration d'une période de deux (2) ans qui commence à l'ouverture de la faillite. Sur demande du syndic, la juridiction peut ordonner que cette période continue de courir au-delà de cette période ou jusqu'à l'accomplissement des conditions qui peuvent être spécifiées dans l'ordonnance. Une telle ordonnance ne peut être rendue qu'au motif que le failli n'a pas respecté l'une de ses obligations.
Urukiko rugomba, mu gihe rusuzuma ubusabe bwo guhanagura igihombo	The court must, while considering a bankrupt's application for discharge, take	La juridiction doit, tout en examinant la demande de libération du failli, tenir compte du rapport du

cy'umuntu ku giti cye, kwita kuri raporo y'umucungamutungo w'uwahombye no ku myitwarire y'uwahombye mu gihe cy'imanza cyangwa ibindi bikorwa birebana no kurangiza icyo gihombo no ku zindi ngingo urukiko rwabona ko ari ngombwa.	into consideration the trustee's report on the bankruptcy and the conduct of the bankrupt during the bankruptcy proceedings and any other matters the court may consider pertinent.	syndic sur la faillite et de la conduite du failli pendant la procédure de faillite et toutes autres questions que la juridiction peut juger pertinente.
Urukiko rushobora gusaba uwahombye kwemera kugirana amasezerano n'umucungamutungo w'uwahombye kumwegurira igice cy'imyenda cyangwa imyenda yose yagaragajwe muri icyo gihombo itarishyurwa ku itariki yo kumuhanaguraho igihombo cyangwa igice cy'imyenda cyangwa imyenda yose igomba kuzishyurwa ku mafaranga azinjiza mu gihe kizaza nyuma y'igihombo cyangwa ku mutungo azagira nyuma y'igihombo bigakorwa mu buryo bwagenwa n'urukiko, nka kimwe mu bisabwa kugira ngo ahanagurweho igihombo.	The court may, as a condition for his or her discharge, require a bankrupt to consent to an agreement being entered against him or her in favour of the trustee for the balance or part of a balance of the debts provable under the bankruptcy which is not satisfied at the date of discharge, or the balance or part of any balance of the debts, to be paid out of the future earnings of the bankrupt or property acquired after the bankruptcy, in such manner and subject to such conditions as the court may direct.	La juridiction peut, à titre de condition de sa libération, exiger qu'un failli consente à ce qu'un accord soit conclu contre lui en faveur du syndic pour le solde ou une partie du solde des dettes prouvables en matière de la faillite qui n'est pas satisfait à la date de sa libération ou le solde ou une partie de tout solde des dettes, à payer sur les revenus futurs du failli ou des biens acquis après la faillite, de la manière et selon les conditions que la juridiction peut fixer.
<u>Ingingo ya 173:</u> Inkurikizi zo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 173:</u> Effects of discharge from bankruptcy**	**<u>Article 173:</u> Effets de la libération de la faillite**
Guhanaguraho igihombo cy'umuntu ku giti cye bisonera uwahombye ibihombo byose uretse ibi bikurikira: 1° umwenda uwo ari wo wose uterwa n'igihombo uwahombye yagize, uburyo yakoresheje mu kurangiza	A discharge releases a bankrupt from all bankruptcy debts except the following: 1° any bankruptcy debt which he or she incurred in respect of, or forbearance in respect of which was secured by	Une libération dégage le failli de toutes les dettes du failli sauf ce qui suit : 1° toute dette du failli contractée ou celle à l'égard de laquelle toute tolérance a été

icyo gihombo cyangwa kuba yanyuranyije n'amategeko akoresheje uburiganya agamije kuzimanganya icyo gihombo;	means of, any fraud or fraudulent breach of trust to which he or she was a party;	obtenue au moyen de fraude ou du fait d'être associé à un abus de confiance ;
2° uburyozwe bw'ihazabu yahanishijwe kubera icyaha yakoze giteganywa n'iri tegeko;	2° any liability in respect of a fine imposed for an offence provided under this Law;	2° toute responsabilité à l'égard d'une amende infligée pour une infraction prévue par la présente loi;
3° indi myenda ikomoka ku gihombo nk'uko biteganywa n'amategeko.	3° such other bankruptcy debts as are prescribed.	3° autres dettes prescrites du failli.
Guhanaguraho igihombo cy'umuntu ku giti cye bikura uburyozwe gusa k'uwahombye, ntabwo bireba uburyozwe bw'abandi bantu yaba ari umufatanyabikorwa cyangwa umwe mu bafatanyije n'umucungamutungo w'uwahombye wahanaguweho igihombo cyangwa ku bundi buryozwe nk'abishingiye uwahombye.	Discharge from bankruptcy does not release any person other than the bankrupt from any liability whether as partner or co-trustee of the bankrupt from which the bankrupt is released by discharge, or from any liability as surety for the bankrupt.	La libération du failli ne libère aucune personne autre que le failli de toute responsabilité, que ce soit en tant qu'associé ou cosyndic du failli duquel le failli est libéré par la libération, ou de toute responsabilité à titre de caution pour le failli.
Icyakora, guhanagurwaho igihombo cy'umuntu ku giti cye ntibibangamira ibi bikurikira:	However, the discharge from bankruptcy does not affect the following:	Toutefois, la libération du failli n'affecte pas ce qui suit:
1° akazi k'umucungamutungo w'uwahombye gasigaye gukorwa;	1° the functions of the trustee which remain to be carried out;	1° les fonctions du syndic qui restent à accomplir;
2° uburenganzira bw'uwo uwahombye abereyemo umwenda bwo gusaba kwishyurwa umwenda uwahombye	2° the right of any creditor of the bankrupt to claim in the bankruptcy for any debt from which the bankrupt is released;	2° le droit de tout créancier du failli de réclamer dans la procédure de faillite toute dette dont le failli est libéré;

uhanaguweho igihombo amubereyemo; 3° uburenganzira bw'uberewemo umwenda ufitiwe ingwate bwo kwiyishyura muri iyo ngwate umwenda uwahombye uhanaguweho igihombo amubereyemo.	3° the right of any secured creditor of the bankrupt to enforce his or her security for the payment of a debt from which the bankrupt is released.	3° le droit de tout créancier garanti du failli de faire valoir sa garantie pour le paiement d'une dette dont le failli est libéré.
<u>Ingingo ya 174:</u> Ibibujijwe nyuma yo guhanagura igihombo cy'umuntu ku giti cye bishyirwaho n'urukiko Bisabwe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gushyiraho ibibujijwe nyuma y'ihanagurwa ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye mu gihe ari ngombwa kandi icyo cyemezo cy'urukiko kigira agaciro mu gihe kitarenze imyaka itanu (5) uhereye ku itariki cyafatiweho.	**<u>Article 174:</u> Court's post-discharge restrictions** On the application of the Registrar General or the trustee in bankruptcy, the court may make an order imposing post-discharge restrictions where appropriate and such order is valid for a period of not more than five (5) years from the date of its making.	**<u>Article 174:</u> Restrictions post-libération de la juridiction** À la demande du Registraire général ou du syndic de faillite, la juridiction peut, le cas échéant, rendre une ordonnance imposant des restrictions postérieures à la libération et cette ordonnance est valable pour une période d'au plus cinq (5) ans à compter du jour où elle a été rendue.
<u>Ingingo ya 175:</u> Gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye Urukiko rushobora gusesa icyemezo kigena igihombo cy'umuntu ku giti cye, uwahombye yaba yarahanaguweho igihombo cyangwa ataragihanaguweho, mu gihe bigaragariye urukiko ko:	**<u>Article 175:</u> Annulment of a bankruptcy order** The court may annul a bankruptcy order, whether or not the bankrupt has been discharged from the bankruptcy, if it appears to the court that:	**<u>Article 175:</u> Annulation d'une ordonnance de faillite** La juridiction peut annuler une ordonnance de faillite, que le failli ait été ou non libéré de la faillite, si elle estime que :

1° hashingiwe ku mpamvu zariho igihe icyemezo cyafatwaga, kitagombaga gufatwa; 2° imyenda ikomoka ku gihombo n'andi mafaranga bikomoka ku gihombo byishyuwe nyuma y'aho icyemezo cy'urukiko gifatiwe cyangwa yatangiwe ingwate ku buryo binyuze urukiko.	1° on any grounds existing at the time the order was made, the order ought not to have been made; 2° the bankruptcy debts and the expenses of the bankruptcy have all, since the making of the order, been either paid or secured to the satisfaction of the court.	1° au vu des motifs existant au moment de prise de l'ordonnance, celle-ci n'aurait pas dû être rendue; 2° les dettes du failli et les dépenses liées à la faillite ont toutes été, depuis que l'ordonnance est rendue, soit payées, soit garanties à la satisfaction de la juridiction.
<u>Ingingo ya 176:</u> Inkurikizi zo gusesa icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye bikozwe n'urukiko	**<u>Article 176:</u> Effects of annulment by court of bankruptcy order**	**<u>Article 176:</u> Effet de l'annulation par la juridiction d'une ordonnance de faillite**
Iyo urukiko rusheshe icyemezo cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye: 1° umutungo w'uwahombye uragizwa umuntu ushobora gushyirwaho n'urukiko iyo adashyizweho uwo mutungo usubizwa uwahombye hakurikijwe icyemezo cy'urukiko; 2° igurishwa ryose cyangwa indi mikoreshereze y'uwo mutungo, cyangwa ubwishyu bubayeho cyangwa ikindi cyose cyakozwe n'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu yabihereye ububasha cyangwa gikozwe n'urukiko gikomeza kugira agaciro.	Where the court annuls a bankruptcy order: 1° the property of the bankrupt vests in such a person as the court may appoint or, in default of any such appointment, reverts to the bankrupt upon the court order 2° any sale or other disposition of property, payment made or other thing duly done by the trustee, or other person acting under the trustee's authority, or by the court remains valid.	Lorsque la juridiction annule une ordonnance de faillite : 1° les biens du failli sont dévolus à la personne que la juridiction peut nommer ou, à défaut d'une telle nomination, revenir au failli sur ordonnance judiciaire; 2° toute vente ou autre disposition de biens, tout paiement effectué ou tout acte autre acte dûment accompli par le syndic ou toute autre personne agissant sous son autorité ou par la juridiction demeure valable.

Ingingo ya 177: Imenyesha ry'umucungamutungo w'uwahombye ku baberewemo imyenda	**Article 177: Trustee's notice to creditors**	**Article 177: Avis du syndic aux créanciers**
Mu minsi itarenze makumyabiri (20) y'akazi igihe cy'igihombo gitangiye, cyangwa ikindi gihe cy'inyongera gishobora kugenwa n'urukiko, umucungamutungo w'uwahombye amenyesha mu nyandiko buri muntu uzwi ko aberewemo umwenda amumenyesha uburenganzira bwe bwo gusaba umucungamutungo w'uwahombye gutumiza inama y'ababerewemo imyenda.	Within twenty (20) working days of the commencement of the bankruptcy, or such further period as the court may allow, a trustee sends written notice to every known creditor explaining the right of any creditor to require the trustee to call a creditor's meeting.	Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, ou tout autre délai pouvant être autorisé par la juridiction, le syndic envoie un avis écrit à chaque créancier connu expliquant le droit de tout créancier d'exiger que le syndic convoque une assemblée des créanciers.
Mu gihe hagenwa kongera igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urukiko rwita ku byo uwahombye atubahirije mu nyandiko igaragaza imiterere y'imyenda ye.	When determining whether to permit an extension of time under Paragraph One of this Article, the court takes into account any noncompliance of the bankrupt with statement of affairs.	Lorsqu'il décide s'il y a lieu d'accorder une prolongation du délai prévu à l'alinéa premier du présent article, la juridiction tient compte de toute non-conformité du failli avec le bilan patrimonial.
Icyiciro cya 2: Umutungo w'uwahombye	**Section 2: Bankrupt's estate**	**Section 2 : Masse de la faillite**
Ingingo ya 178: Umutungo w'uwahombye	**Article 178: Bankrupt's estate**	**Article 178 : Masse de la faillite**
Umutungo w'uwahombye ugizwe n'imitungo yose y'uwahombye cyangwa iyo yeguriwe uhereye igihe igihombo cyatangiriye.	The bankrupt's estate comprises all property belonging to or vested in the bankrupt at the commencement of the bankruptcy.	La masse de la faillite comprend tous les biens appartenant ou dévolus au failli à l'ouverture de la faillite.

<u>Ingingo ya 179:</u> Ifatira ry'umutungo uwahombye yungutse cyangwa yagwatirije nyuma y'aho igihombo cyatangiriye	**<u>Article 179:</u> Seizure of property acquired or charged after the commencement of the bankruptcy**	**<u>Article 179:</u> Saisie des biens acquis ou grevés après l'ouverture de la faillite**
Binyuze mu nyandiko, umucungamutungo w'uwahombye ashobora gufatira umutungo w'uwahombye yungutse cyangwa yagwatirije undi muntu nyuma y'itangira ry'igihombo.	A trustee may, by written notice, claim for the bankrupt's estate, any property which has been acquired by, or has devolved upon the bankrupt, since the commencement of the bankruptcy.	Un syndic peut, par avis écrit, réclamer la masse de la faillite , tout bien qui a été acquis par le failli ou qui a été dévolu au failli depuis l'ouverture de la faillite.
Iyo hatabayeho imenyekanisha ry'igihombo kandi hari umuntu wungutse umutungo ku buryo bwemewe n'amategeko cyangwa banki yakoze ubucuruzi ku buryo bwemewe n'amategeko, umucungamutungo w'uwahombye nta burenganzira afite bwo gufatira umutungo w'umuntu cyangwa uwa banki cyangwa uw'undi muntu uwo ari we wese utunze umutungo ukomoka kuri uwo muntu cyangwa kuri iyo banki.	Where without notice of the bankruptcy, a person acquires property in good faith or a banker enters into a transaction in good faith, the trustee is not entitled to any remedy against that person or banker, or any person whose title to any property derives from that person or banker.	Lorsque, sans avis de la faillite, une personne acquiert un bien de bonne foi ou qu'un banquier conclut une transaction de bonne foi, le syndic ne peut faire valoir un quelconque droit contre cette personne ou ce banquier, ni contre une quelconque personne dont le titre d'une quelconque propriété découle de cette personne ou de ce banquier.
Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rushobora gufata icyemezo gifatira amafaranga akomoka ku mutungo w'uwahombye mu gihe icyo cyemezo kizamara gifite agaciro.	On the application of the trustee, the court may make an order claiming for the bankrupt's estate so much of the income of the bankrupt during the period for which the order is in force.	À la demande du syndic, la juridiction peut rendre une ordonnance réclamant la masse de la faillite à concurrence des revenus réalisés par le failli pendant la période pour laquelle l'ordonnance est en vigueur.

Ingingo ya 180: Imenyekanisha ry'umutungo cyangwa amafaranga uwahombye yungutse	**Article 180: Notice of acquired property or an increase of the bankrupt's income**	**Article 180: Avis des biens acquis ou d'augmentation du revenu du failli**
Mu minsi itarenze mirongo itatu (30) y'akazi umucungamutungo w'uwahombye amenye ko umutungo uvugwa mu ngingo ya 179 y'iri tegeko waguzwe cyangwa wahawe uwahombye, bigomba kumenyeshwa mu nyandiko, keretse iyo urukiko rubitegetse ukundi.	Except where the court orders the contrary, a written notice must be served in not more than thirty (30) working days after the day on which it first came to the knowledge of the trustee that the property under Article 179 of this Law had been acquired by or had devolved upon the bankrupt. .	À moins que la juridiction l'ordonne autrement, un avis écrit doit être signifié dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours ouvrables après le jour où le syndic a eu connaissance du fait que les biens visés à l'article 179 de la présente loi avaient été acquis par le failli ou avaient été dévolus au failli.
Iyo, nyuma y'itangira ry'igihombo na mbere y'igabanya rya nyuma, uwahombye aguze cyangwa yeguriwe umutungo cyangwa yungutse amafaranga, uwahombye asabwa kumenyesha umucungamutungo w'uwahombye uwo mutungo wiyongereyeho.	Where, after the commencement of the bankruptcy and before the final distribution, any property is acquired by or devolves upon the bankrupt or there is an increase of the bankrupt's income, the bankrupt forthwith gives the trustee notice of such property or the increase.	Lorsque, après l'ouverture de la faillite et avant la distribution finale, des biens sont acquis ou dévolus au failli ou qu'il y a une augmentation du revenu du failli, le failli donne sans délai au syndic un avis de ces biens ou de cette augmentation.
Icyiciro cya 3: Imigendekere y'igihombo	**Section 3: Conduct of bankruptcy**	**Section 3 : Déroulement de la faillite**
Ingingo ya 181: Inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 181: Duties of a trustee**	**Article 181: Attributions du syndic**
Umucungamutungo w'uwahombye afite inshingano zikurikira: 1° kugurisha no kugabagabanya umutungo w'uwahombye;	The trustee has the following duties: 1° to realize and distribute the bankrupt's estate;	Le syndic a les attributions suivantes : 1° réaliser et distribuer la masse de la faillite ;

2° gucunga no kugenzura umutungo w'uwahombye; 3° kubika amafaranga akomoka ku mutungo w'uwahombye no kuyatandukanya n'andi mafaranga atunze cyangwa acunga; 4° ashingiye ku mahame rusange yemewe y'ibaruramari, kubika inyandiko zose z'umutungo z'amafaranga yinjijwe, ayasohotse, cyangwa iz'ibindi bikorwa by'ubucuruzi n'indi mirimo birebana n'igihombo, no gucunga no kubika inyandiko zose z'igihombo mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) nyuma y'irangizwa ry'igihombo.	2° to take custody and control of the bankrupt's estate; 3° to keep the bankrupt's estate's money, separate from other money which he or she holds or is under his or her control; 4° to keep, in accordance with generally accepted accounting procedures and standards, full account and other records of all receipts, expenditures and other transactions relating to the bankruptcy, and retain the accounts and records of the bankruptcy for not less than ten (10) years after the bankruptcy ends.	2° prendre la garde et le contrôle de la masse de la faillite ; 3° garder l'argent de la masse de la faillite, séparé d'autre argent qu'il détient ou qui sont sous son contrôle; 4° tenir, conformément aux procédures et aux normes comptables généralement reconnues, le compte complet et autres registres de toutes les recettes, dépenses et autres opérations liées à la faillite, et conserver les comptes et registres de la faillite pendant au moins dix (10) ans après la fin de la faillite.
<u>Ingingo ya 182</u>: Ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi Mu minsi makumyabiri (20) y'akazi nyuma y'itangira ry'igihombo cyangwa mu gihe cy'inyongera gishobora kugenwa n'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa urukiko, uwahombye asabwa kohereza umucungamutungo w'uwahombye ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi afite ikubiyemo imyirondoro y'abantu uwahombye abereyemo imyenda,	**<u>Article 182:</u> Statement of affairs** Within twenty (20) working days of the commencement of the bankruptcy, or such further period as the trustee or the court may allow, the bankrupt submits to the trustee a statement of his or her affairs which include particulars of the bankrupt's creditors, debts and assets, and such other information as may be prescribed by Law.	**<u>Article 182:</u> Bilan des affaires** Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant l'ouverture de la faillite, ou toute autre délai supplémentaire qui peut être accordé par le syndic ou la juridiction, le failli soumet au syndic un bilan des affaires comprenant des renseignements sur les créanciers du failli, les dettes et actifs du failli et toutes autres informations pouvant être prescrites par la loi.

imyenda afite n'imitungo atunze n'andi makuru y'inyongera yasabwa n'amategeko.		
<u>Ingingo ya 183:</u> Ububasha bw'umucungamutungo w'uwahombye	**<u>Article 183:</u> Powers of trustee in bankruptcy**	**<u>Article 183:</u> Pouvoirs du syndic de faillite**
Umucungamutungo w'uwahombye afite ububasha busesuye bwo gukora imirimo ashinzwe no kuzuza inshingano ze. By'umwihariko, ashobora gusaba umuntu uwo ari we wese ubitse ibitabo cyangwa inyandiko birebana n'umutungo w'uwahombye cyangwa incamake y'imitungo n'imyenda afite kubimushyikiriza.	The trustee has all the powers necessary to carry out his or her functions and duties. In particular, he or she may require any person having possession of books or documents which relate to the bankrupt's estate or affairs to deliver them to him or her.	Le syndic jouit de tous les pouvoirs nécessaires pour exercer ses fonctions et obligations. En particulier, il peut enjoindre à toute personne ayant en sa possession des livres ou des documents relatifs à la masse de la faillite ou aux affaires du failli de les lui remettre.
Nta muntu ushobora kwima umucungamutungo w'uwahombye inyandiko z'uwahombye yitwaje ko izo nyandiko zimuhesha uburenganzira ku ngwate ku mutungo w'uwahombye.	No person may withhold a document of the bankrupt from a trustee on the ground that possession of the document creates a charge over a property of the bankrupt.	Personne ne peut refuser de mettre à la disposition du syndic un document du failli au motif que la possession du document crée une sûreté sur un bien du failli.
Guha inyandiko umucungamutungo w'uwahombye ntibikuraho uburenganzira ku mutungo w'uwahombye watanzweho ingwate, kandi umucungamutungo w'uwahombye agomba guha izo nyandiko undi muntu wese ubifitiye uburenganzira igihe ashaka kuwukoresha cyangwa kubyaza umusaruro icyatanzweho ingwate.	The submission of a document to the trustee does not prejudice the existence or priority of the charge, and the trustee must make the document available to any person entitled to it for the purpose of dealing with or realizing the charge on the secured property.	La soumission d'un document au syndic ne porte pas préjudice à l'existence ou au rang de priorité de cette sûreté, et le syndic doit mettre le document à la disposition de toute personne qui y a droit pour que cette dernière traite ou réalise la sûreté grevant les biens reçus en garantie.

Umuntu ashobora gusaba ifatirwa ry'inyandiko iyo ari yo yose y'uwahombye irebana n'umwenda ukomoka kuri serivisi zahawe uwahombye mbere y'itangira ry'igihombo ariko bene uwo mwenda ujya mu yishyurwa mbere hakurikijwe ibiteganyijwe n'iri tegeko.	A person may not enforce a lien over any document of the bankrupt in respect of a debt for services rendered to the bankrupt before the commencement of the bankruptcy but that debt is a preferential claim against the bankrupt under this Law.	Une personne ne peut faire valoir un privilège sur tout document du failli à en cas d'une dette pour services rendus au failli avant l'ouverture de la faillite, mais cette créance constitue une créance privilégiée à l'égard du failli en vertu de la présente loi.
Uwahombye agomba guha umucungamutungo w'uwahombye amakuru arebana n'incamake y'imitungo n'imyenda ye no gukora ibindi bintu umucungamutungo w'uwahombye ashobora kumusaba ku byamufasha kurangiza neza inshingano ze.	The bankrupt must give to the trustee information on his or her affairs and do all other things as the trustee may reasonably require for the purposes of carrying out his or her duties.	Le failli doit donner au syndic des renseignements sur ses affaires et accomplir tous les autres actes que le syndic peut raisonnablement exiger aux fins de l'exercice de ses fonctions.
<u>Ingingo ya 184</u>: Ububasha bw'urukiko bwo gufata ibyemezo bikurikizwa mu gihe cy'igihombo	**<u>Article 184:</u> Court's power to make a compliance orders during bankruptcy**	**<u>Article 184:</u> Pouvoir de la juridiction de rendre des ordonnances de conformité pendant la faillite**
Iyo uwahombye ananiwe cyangwa yanze kubahiriza inshingano ze cyangwa undi muntu uwo ari we wese ananiwe cyangwa yanze gutanga inyandiko zisabwa, urukiko rushobora, bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, gutegeka ko uwahombye cyangwa undi muntu uwo ari we wese kubahiriza inshingano ze cyangwa gutegeka ko uwahombye cyangwa undi muntu kubahiriza ibyemezo by'inyongera by'urukiko.	Where a bankrupt fails to comply with his or her duties or any person fails to produce documents required by the trustee, the court may, on the application of the trustee, order the bankrupt or that person to comply and make ancillary orders.	Lorsqu'un failli ne se conforme pas à ses obligations ou que toute autre personne ne produit pas les documents exigés par le syndic, la juridiction peut, à la demande du syndic, ordonner au failli ou à cette autre personne de se conformer et rendre des ordonnances accessoires.

<u>Ingingo ya 185</u>: Kubaza uwahombye mu ruhame	**<u>Article 185:</u> Public examination of a bankrupt**	**<u>Article 185:</u> Audition public d'un failli**
Bisabwe mu nyandiko n'abantu uwahombye abereyemo imyenda bazwi bafitiwe umwenda utari munsi ya kimwe cya kabiri cy'agaciro k'umutungo, umucungamutungo w'uwahombye, ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo cyo kubaza mu ruhame uwahombye utarahanagurwaho igihombo.	A trustee may, upon a written request of known creditors of the bankrupt having not less than one-half in value, apply to the court for an order of public examination of an undischarged bankrupt.	Sur demande écrite de créanciers connus du failli représentant au moins la moitié en valeur des créanciers, le syndic peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance d'audition publique d'un failli non libéré.
Urukiko rushobora gutegeka ko ibazwa ry'uwahombye mu ruhame rikorwa ku munsi wagenwe n'urukiko, kandi uwahombye asabwa kwitabira iryo bazwa kuri uwo munsi kugira ngo abarizwe mu ruhame ku birebana n'imitungo n'imyenda ye, imirimo ye y'ubucuruzi no ku mutungo we.	The court may order that public examination of the bankrupt be held on a day specified by the court, and the bankrupt is required to attend on that day and be publicly examined as to his or her affairs, dealings and property.	La juridiction peut ordonner que l'audition publique du failli soit tenu le jour précisé par la juridiction, et le failli est requis de se présenter ce jour et être auditionné publiquement sur ses affaires, ses transactions et ses biens.
Abantu bakurikira bashobora kwitabira ibazwa mu ruhame ry'uwahombye no kumubaza ibibazo birebana n'imitungo n'imyenda ye, imirimo ye y'ubucuruzi n'impamvu zateye icyo gihombo:	The following may take part in the public examination and may question the bankrupt about his or her affairs, dealings and property and the causes of his or her failure:	Peuvent prendre part à l'examen public et interroger le failli sur ses affaires, transactions et biens et les causes de sa faillite :
1° Umwanditsi Mukuru;	1° the Registrar General;	1° le Registraire général;
2° umucungamutungo w'uwahombye;	2° the trustee;	2° le syndic;
3° undi muntu wese washyizweho nk'umuyobozi wihariye w'imitungo	3° any person who has been appointed as special manager of the bankrupt's estate or business;	3° toute personne qui a été nommée gestionnaire spécial de la masse ou des activités commerciales du failli;

y'uwahombye cyangwa w'imirimo ye y'ubucuruzi;		
4° umuntu wese uberewemo umwenda ufite inyungu mu irangizwa ry'icyo gihombo;	4° any creditor of the bankrupt interested in the conduct of the bankruptcy;	4° tout créancier du failli intéressé par la conduite de la faillite ;
5° urwego ngenzuramikorere.	5° the regulatory authority.	5° l'autorité de régulation.
<u>Ingingo ya 186</u>: Ikurikirana ry'ibikorwa by'ubucuruzi no ku mutungo by'uwahombye	**<u>Article 186:</u> Inquiry into bankrupt's dealings and property**	**<u>Article 186:</u> Enquête sur les transactions et les biens du failli**
Umuntu wese ufite umutungo uwo ari wo wose ukubiye mu mitungo y'uwahombye, ufitiwe umwenda n'uwahombye cyangwa witaba urukiko kugira ngo atange amakuru ku mirimo y'ubucuruzi, ku miterere y'igihombo no ku mitungo by'uwahombye, ashobora gusabwa n'urukiko gutanga inyandiko ihamya ko ibyo avuga ari ukuri.	Any person with any property comprised in the bankrupt's estate, indebted to the bankrupt or appearing to the court to give information concerning the bankrupt's dealings, affairs or property, may be required to submit an affidavit to the court.	Toute personne ayant des biens compris dans la masse de la faillite, endettée envers le failli ou comparaissant devant la juridiction pour donner des renseignements concernant les transactions, les affaires ou les biens du failli peut être tenue de déposer un affidavit devant la juridiction.
Iyo nyandiko iba ikubiyemo imirimo y'ubucuruzi yakoranye n'uwahombye kandi uwo muntu asabwa gutanga inyandiko atunze cyangwa acunga zirebana n'imirimo y'ubucuruzi, imiterere y'umwenda aberewemo cyangwa imitungo uwahombye amufitiye.	The affidavit contains an account of his or her dealings with the bankrupt and such a person is required to produce any documents in his or her possession or under his or her control relating to the bankrupt's dealings, nature of the claim or his or her property held by the bankrupt.	L'affidavit doit rendre compte de ses transactions avec le failli et cette personne est tenue de produire tout document en sa possession ou sous son contrôle relatif aux transactions, à la nature de la créance ou ses biens tenus par le failli.

Ingingo ya 187: Gusaka no gufatira imitungo mu gihe cy'igihombo	**Article 187: Search and seizure during bankruptcy**	**Article 187: Perquisition et saisie en cas de faillite**
Iyo icyemezo cy'igihombo cyafashwe cyangwa iyo urukiko rubisabwe ariko hakaba hatari impamvu zumvikana zemeza koko ko icyaha giteganywa n'iri tegeko gishobora kuba cyarakozwe, urukiko rushobora gutanga icyemezo gitanga uburenganzira ku muntu uvugwa muri urwo ruhushya kwinjira mu nyubako, gusaka no gufatira imitungo cyangwa inyandiko ziri muri izo nyubako no kubishyikiriza umucungamutungo w'uwahombye.	Where a bankruptcy order has been made or applied for to the court and that there are reasonable grounds to believe that an offense under this Law is likely to be committed, the court may make an order authorizing the person named in the warrant to enter a place, search for and seize property or documents in that place and deliver them to the trustee.	Lorsqu'une ordonnance de faillite a été rendue ou demandée à la juridiction et qu'il existe des motifs raisonnables de croire qu'une infraction à la présente loi est susceptible d'être commise, la juridiction peut délivrer une ordonnance autorisant la personne nommée dans le mandat à entrer dans un lieu, effectuer une perquisition et saisir des biens ou des documents dans ce lieu et les remettre au syndic.
Urwo rwandiko ruha uburenganzira umuntu uruvugwamo bwo: 1° kwinjira mu nyubako no gusaka ku masaha yemewe mu minsi cumi n'ine (14) uhereye ku itariki urwo rwandiko rutangiweho; 2° gusaba ubufasha aho bigaragara ko bukenewe; 3° gukoresha imbaraga no gufungura ahantu aho ari ho hose mu gihe bigaragara ko ari ngombwa abifashijwemo n'inzego z'ubuyobozi cyangwa inzego zishinzwe umutekano.	Such a warrant authorizes the person named in it to: 1° enter and search the place at any reasonable time within fourteen (14) days from the date of issue of the warrant; 2° seek assistance where reasonably required; 3° use force to enter and open anything where reasonably required with the assistance of administrative or security authorities.	Un tel mandat autorise la personne qui y est désignée à: 1° pénétrer et effectuer une perquisition dans le lieu à tout moment raisonnable dans les quatorze (14) jours suivant la date d'émission du mandat; 2° demander de l'aide lorsque cela est raisonnablement requis; 3° utiliser la force pour pénétrer dans un lieu et ouvrir quoique ce soit lorsque cela est raisonnablement nécessaire avec l'aide des autorités administratives ou de sécurité.

Ingingo ya 188: Kwemerera uwahombye gucunga imitungo Umucungamutungo w'uwahombye, amaze kubyumvikanaho n'ababerewemo imyenda, ashobora kwemerera uwahombye gucunga imitungo ye, gukora indi mirimo y'ubucuruzi mu nyungu z'ababerewemo imyenda cyangwa gufasha mu icungwa ry'umutungo we hakurikijwe ibiteganywa n'umucungamutungo w'uwahombye.	**Article 188: Allowing a bankrupt to manage property** A trustee may, upon concertation with the creditors, allow the bankrupt to manage his or her estate, to carry on his or her business for the benefit of creditors or to assist in administering the estate in such manner as the trustee may direct.	**Article 188 : Permettre à un failli de gérer des biens** Un syndic peut, après consultation avec les créanciers, permettre au failli de gérer ses biens, d'exercer ses activités au profit des créanciers ou d'aider à administrer la masse du failli de la manière que le syndic peut ordonner.
Ingingo ya 189: Kwanga umutungo utabyara inyungu Umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwanga umutungo utabyara inyungu n'ubwo yaba yarawufatiriye, yarageragеje kuwugurisha cyangwa kuwutunga. Uko kwanga guhagarika uburenganzira, inyungu n'uburyozwe by'uwahombye n'iby'umucungamutungo w'uwahombye mu birebana n'umutungo wanzwe, ariko na none ntibihanagura uburyozwe ku muntu wahombye n'umucungamutungo w'uwahombye ku mitungo kandi ntibigira ingaruka ku burenganzira cyangwa ku buryozwe bw'undi muntu wese, keretse iyo bibaye ngombwa gusonera uwahombye.	**Article 189: Disclaimer of onerous property** The trustee may disclaim any onerous property, even if he or she has taken possession of it, tried to sell it or exercised rights of ownership. The disclaimer brings to an end the rights, interest and liabilities of the bankrupt and trustee in respect of the property disclaimed, but does not, except so far as necessary to release the bankrupt, affect the rights or liabilities of any other person.	**Article 189 : Renonciation aux biens onéreux** Le syndic peut renoncer à tout bien onéreux, même s'il en a pris possession, tenté de le vendre ou exercé des droits de propriété. Cette renonciation met fin aux droits, intérêts et responsabilités du failli et du syndic à l'égard du bien faisant l'objet de renonciation, mais ne peut, sauf dans la mesure nécessaire pour libérer le failli, affecter les droits ou responsabilités de toute autre personne.

Umuntu ugize igihombo cyangwa ingaruka bitewe n'isubizwa ry'imitungo ivugwa muri iyi ngingo, ashobora gusaba indishyi nk'umuntu uberewemo umwenda n'uwahombye ihwanye n'igihombo cyangwa uburyozwe yatewe n'iryo subizwa ry'imitungo cyangwa agasaba urukiko gufata icyemezo cyo gutegeka ko umutungo wasubijwe uhabwa cyangwa wegurirwa uwo muntu.	A person suffering loss or damage as a result of a disclaimer under this Article may claim as a creditor of the bankrupt for the amount of the loss or damage or apply to the court for an order that the disclaimed property be delivered to or vested in that person.	Une personne qui subit une perte ou un dommage à la suite d'une renonciation en vertu du présent article peut réclamer comme créancier du failli le montant de la perte ou du dommage ou demander à la juridiction d'ordonner que les biens faisant l'objet de renonciation soient remis ou dévolus à cette personne.
<u>Ingingo ya 190</u>: Umwanya w'umucungamutungo w'uwahombye udafite uwurimo	**<u>Article 190:</u> Vacancy in the office of trustee**	**<u>Article 190 :</u> Vacance de poste de syndic**
Umwanya w'umucungamutungo w'uwahombye uba udafite uwurimo iyo: 1° akuwe mu mwanya we n'urwego rwamushyizeho; 2° asezeye ku mirimo ye; 3° atacyujuje ibisabwa ku mwanya w'abakora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo; 4° abibujijwe n'icyemezo cy'urukiko; 5° apfuye.	The office of a trustee becomes vacant if the person holding office: 1° is removed from office by appointing authority; 2° resigns; 3° no longer fulfils requirements for serving as insolvency practitioner; 4° is subject to court prohibition order; 5° dies.	Le poste de syndic devient vacant lorsque celui qui l'occupe: 1° est révoqué par son autorité de nomination; 2° démissionne; 3° ne remplit plus les conditions requises pour être praticien de l'insolvabilité; 4° en est interdit par une ordonnance judiciaire; 5° décède.

Umucungamutungo w'uwahombye ushaka kwegura ku mirimo ye, amenyesha Umwanditsi Mukuru mbere y'iminsi mirongo itatu (30) ibanziriza ubwegure bwe.	A trustee who intends to resign from office notifies the Registrar General thereof within thirty (30) days preceding his or her resignation.	Un syndic qui entend démissionner en avise le Registraire général dans les trente (30) jours précédant sa démission.
Urukiko, rubisabwe n'umwe mu bantu baberewemo imyenda cyangwa uwahombye, rushobora gusuzuma ishyirwaho iryo ari ryo ryose ry'umusimbura w'umucungamutungo w'uwahombye no gushyiraho undi ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.	The court, on the application of any creditor or the bankrupt, may review any appointment of a successor to a trustee and appoint any other insolvency practitioner.	La juridiction peut, à la demande de tout créancier ou du failli, revoir une quelconque nomination d'un successeur d'un syndic et nommer un autre praticien de l'insolvabilité.
Mu gihe nta muntu urimo ushobora gukora imirimo y'umucungamutungo w'uwahombye, nyuma y'uko uwahozeho asezera cyangwa yamburwa izo nshingano, Umwanditsi Mukuru agomba gukora izo nshingano kugeza igihe hashyiriweho umusimbura.	Where, as a result of vacation of office by a trustee, no person is acting as trustee, the Registrar General must act as trustee until a successor is appointed.	Lorsque, à la suite de la suspension de ses fonctions par un syndic, personne n'agit à titre de syndic, le Registraire général doit agir à titre de syndic jusqu'à ce qu'un successeur soit nommé.
Umuntu uvuye ku mwanya w'umucungamutungo w'uwahombye agomba gutanga amakuru ku byerekeranye n'imigendekere y'igihombo nk'uko umusimbura we yabisaba ku mpamvu zumvikana.	A person vacating the office of trustee must give such information and assistance in the conduct of the bankruptcy as the person's successor may reasonably requires.	Une personne qui quitte le poste de syndic doit fournir toute information et toute assistance nécessaires à la conduite de la faillite, comme son successeur peut raisonnablement le lui exiger.

Icyiciro cya 4: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Section 4: Rights of creditors during bankruptcy**	**Section 4 : Droits des créanciers pendant la faillite**
Ingingo ya 191: Inama y'ababerewemo imyenda mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**Article 191: Creditors' meeting during bankruptcy**	**Article 191: Assemblée des créanciers pendant la faillite**
Umucungamutungo w'uwahombye atumiza inama y'ababerewemo imyenda iyo bisabwe mu nyandiko n'ababerewemo imyenda bafitiwe imyenda ingana nibura n'icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'imitungo y'uwahombye kugira ngo bafate icyemezo cyo gushyiraho komite ishinzwe ubugenzuzi ikorana n'umucungamutungo w'uwahombye.	A trustee calls a creditors' meeting if so requested in writing by creditors whose debts constitute at least ten percent (10%) of the value of the bankrupt's estate to vote on a proposal that a committee of inspection be appointed to act with the trustee.	Un syndic convoque une assemblée des créanciers si les créanciers dont les dettes représentent au moins dix pourcent (10%) de la valeur de la masse de la faillite le demandent par écrit pour voter sur une proposition visant la nomination d'un comité d'inspection pour agir avec le syndic.
Umucungamutungo w'uwahombye atumiza inama mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi mbere y'uko inama iterana kandi iyo nama iyoborwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	The trustee gives not less than five (5) working days' notice of the meeting before it takes place and the meeting is chaired in accordance with the provisions of this Law.	Le syndic donne un avis de convocation de l'assemblée au moins cinq (5) jours ouvrables avant la réunion de l'assemblée, laquelle assemblée est présidée conformément aux dispositions de la présente loi.
Abagize komite ishinzwe ubugenzuzi yashyizweho n'inama y'ababerewemo imyenda batangira imirimo yabo ako kanya.	Members of the committee of inspection chosen by creditors' meeting take office immediately.	Les membres du comité d'inspection choisis par l'assemblée des créanciers prennent leurs fonctions immédiatement.
Icyakora, umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwanga ubusabe bwo gutumiza inama iyo:	However, a trustee may decline a quest to call a meeting if:	Toutefois, un syndic peut refuser une demande de convocation d'une assemblée si :

1° kuba ubwo busabe nta shingiro bufite cyangwa bugamije gusa gutesha umwanya; 2° kuba ubwo busabe bushingiye ku buriganya; 3° gutumiza no gukoresha iyo nama bishobora gutwara ikiguzi kinini ugereranyije n'umutungo w'uwahombye. Icyemezo cy'umucungamutungo w'uwahombye cyo kwanga gutumiza inama y'ababerewemo imyenda gishobora gukurwaho n'urukiko, bisabwe n'umwe mu baberewemo imyenda. **<u>Ingingo ya 192:</u> Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye** Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye igizwe n'abantu batari munsi ya batatu (3) baturuka mu byiciro bikurikira: 1° ababerewemo imyenda; 2° abantu bafite ububasha rusange bwo guhagararira ababerewemo imyenda.	1° the request is frivolous or vexatious; 2° the request was not made in good faith; 3° the costs of convening and holding a meeting would be out of proportion to the value of the bankrupt's estate. A decision of a trustee to decline a request to call a creditors' meeting may be revoked by the court on the application of any creditor. **<u>Article 192:</u> Committee of inspection during bankruptcy** A committee of inspection during bankruptcy consists of not less than three (3) persons from the following categories: 1° creditors; 2° persons holding general powers of attorney from creditors.	1° la demande est frivole ou vexatoire; 2° la demande est entachée de mauvaise foi; 3° les coûts liés à la convocation de l'assemblée seraient hors de proportion par rapport à la valeur de la masse de la faillite. La décision d'un syndic de rejeter une demande de convocation d'une assemblée des créanciers peut être révoquée par la juridiction à la demande d'un créancier. **<u>Article 192:</u> Comité d'inspection pendant la faillite** Un comité d'inspection pendant la faillite comprend au moins trois (3) personnes provenant des catégories suivantes : 1° créanciers; 2° personnes munies de procurations générales des créanciers.

<u>Ingingo ya 193:</u> Ububasha bwa komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 193:</u> Powers of the committee of inspection during bankruptcy**	**<u>Article 193:</u> Pouvoirs du comité d'inspection pendant la faillite**
Komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye ifite ububasha bwo:	The committee of inspection during bankruptcy has the power to:	Le comité d'inspection pendant la faillite a le pouvoir de :
1° gusaba umucungamutungo w'uwahombye raporo zerekana aho itangizwa ry'igihombo rigeze;	1° call for reports from the trustee on the progress of the bankruptcy;	1° demander des rapports du syndic sur l'état d'avancement de la faillite;
2° gusaba umucungamutungo w'uwahombye gutumiza inama y'ababerewemo imyenda;	2° ask the trustee to call a creditors' meeting;	2° demander au syndic de convoquer une assemblée des créanciers;
3° gusaba urukiko kugenzura umucungamutungo w'uwahombye no kumusaba kubahiriza inshingano ze;	3° apply to the court for supervision of trustee and enforcement of his or her duties;	3° demander à la juridiction la supervision du syndic et l'exécution de ses fonctions;
4° gufasha umucungamutungo w'uwahombye aho bibaye ngombwa, mu mirimo ye yo kurangiza igihombo.	4° assist the trustee as appropriate in the conduct of the bankruptcy.	4° assister le syndic autant que de besoin dans la conduite de la faillite.

<u>Ingingo ya 194:</u> Amafaranga akoreshwa na komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'irangizwa ry'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 194:</u> Costs incurred by the committee of inspection during bankruptcy**	**<u>Article 194 :</u> Coûts engagés par le comité d'inspection pendant la faillite**
Umucungamutungo w'uwahombye yishyura amafaranga yakoreshejwe na komite ishinzwe ubugenzuzi mu gutunganya inshingano yahawe kandi ayo mafaranga afatwa nk'ayakoreshejwe muri icyo gihombo, keretse iyo urukiko rubitegetse ukundi.	The trustee pays costs incurred by the committee of inspection in exercising its powers and those costs are deemed to be expenses incurred in the bankruptcy unless otherwise ordered by the court.	Le syndic doit payer les coûts engagés par le comité d'inspection dans l'exercice de ses attributions et ces coûts sont réputés être des dépenses engagées dans la faillite, sauf ordonnance contraire de la juridiction.
<u>Ingingo ya 195:</u> Umwanya wo muri komite ishinzwe ubugenzuzi udafite uwurimo mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 195:</u> Vacancy in committee of inspection during bankruptcy**	**<u>Article 195:</u> Vacance de poste au sein du comité d'inspection pendant la faillite**
Umwanya w'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye uba udafite uwurimo iyo umuntu wari uwurimo:	There is a vacancy in the committee of inspection during bankruptcy when a member:	Un siège au sein du comité d'inspection devient vacant lorsqu'un membre :
1° asezeye ku bushake;	1° voluntarily resigns;	1° démissionne volontairement ;
2° ahombye;	2° goes bankrupt;	2° fait faillite ;
3° asibye inama eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu;	3° absents him or herself without just cause from three (3) consecutive meetings;	3° s'absente à trois (3) réunions consécutives sans motif valable ;

4° hari igongana ry'inyungu ze bwite n'iz'abo ahagarariye; 5° apfuye; 6° hari indi mpamvu yakwemezwa n'abo ahagarariye. Iyo komite ishinzwe ubugenzuzi idashoboye kubahiriza inshingano zayo bitewe n'uko umubare w'abayigize utuzuye, umucungamutungo w'uwahombye atumiza inama y'ababerewemo imyenda kugira ngo buzuze imyanya iburamo abantu. **<u>Icyiciro cya 5:</u> Igabanya ry'imitungo y'uwahombye** **<u>Ingingo ya 196:</u> Igabanya ry'ibyavuye mu mutungo binyuze mu nyungu ku migabane** Mu gihe umucungamutungo w'uwahombye afite amafaranga ahagije yo kugabanywa, yishyura ababerewemo imyenda hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	4° has personal interests that conflict with those of those he or she represents; 5° dies; 6° is the subject of such other ground as may be confirmed by those he or she represents. Where the committee of inspection is unable to act by reason of vacancies in a committee, the trustee calls creditor's meeting to fill up the vacancies in order to form the committee of inspection. **<u>Section 5:</u> Distribution of bankrupt's estate** **<u>Article 196:</u> Distribution by means of dividend** Whenever the trustee has sufficient funds for the purpose of distribution, he or she satisfies his or her creditors' claims in accordance with the provisions of this Law.	4° a des intérêts personnels qui entrent en conflit avec ceux de ceux qu'il représente ; 5° décède ; 6° est concerné par un autre motif qui pourrait être confirmé par ceux qu'il représente. Lorsque le comité d'inspection est incapable d'agir en raison de vacance de sièges en son sein, le syndic convoque l'assemblée des créanciers pour pourvoir ces sièges vacants afin de constituer le comité d'inspection. **<u>Section 5 :</u> Distribution de la masse de la faillite** **<u>Article 196:</u> Distribution par le biais de dividende** Lorsque le syndic dispose de fonds suffisants pour la distribution, il désintéresse ses créanciers conformément aux dispositions de la présente loi.

<u>Ingingo ya 197:</u> Imenyesha ry'igabanya ry'ibyavuye mu mutungo	**<u>Article 197:</u> Notice of distribution by means of dividend**	**<u>Article 197:</u> Avis de distribution par le biais de dividende**
Umucungamutungo w'uwahombye atanga imenyesha mu gihe kitari munsi y'iminsi itanu (5) y'akazi ko agiye gutangaza akanagabanya ibyavuye mu mutungo.	The trustee gives not less than five (5) working days 'notice of his or her intention to declare and distribute dividends.	Le syndic donne, au moins cinq (5) jours ouvrables, un avis de son intention de déclarer et de distribuer des dividendes.
Umucungamutungo w'uwahombye atangaza ibyavuye mu mutungo yohereza ababerewemo imyenda bose bazwi inyandiko igaragaza:	A trustee declares a dividend by sending to all known creditors a statement of:	Un syndic déclare des dividendes en envoyant à tous les créanciers connus une déclaration indiquant:
1° ibyavuye mu mutungo bigabanywa;	1° the dividends to be distributed;	1° les dividendes à distribuer;
2° uko ateganya kubigabagabanya;	2° how it is proposed to distribute them;	2° comment il propose de les répartir;
3° ikindi icyo ari cyo cyose cyaba gikenewe.	3° such other information as may be required.	3° toute autre information qui peut s'avérer nécessaire.
<u>Ingingo ya 198:</u> Kubara no kugabanya ibyavuye mu mutungo bikozwe n'umucungamutungo w'uwahombye	**<u>Article 198:</u> Calculation and distribution of dividend by a trustee**	**<u>Article 198:</u> Calcul et distribution de dividende par un syndic**
Mu kubara no kugabanya ibyavuye mu mutungo, umucungamutungo w'uwahombye agomba guteganyiriza ibi bikurikira:	In the calculation and distribution of a dividend, the trustee must make provision for:	Dans le calcul et la distribution d'un dividende, le syndic doit prévoir:
1° imyenda iyo ari yo yose ikomoka ku gihombo yishyurwa abantu, kubera ko batuye kure, badashobora kubona	1° any bankruptcy debts which appear to be due to persons who, by reason of the distance of their place of	1° toutes dettes du failli qui semblent être dues à des personnes qui, en raison de l'éloignement de leur lieu de résidence,

umwanya uhagije wo kuza mu nama no kugaragaza imyenda yabo;	residence, may not have had sufficient time to attend and establish their claims;	n'auraient pas eu suffisamment de temps pour assister et établir leurs créances ;
2° imyenda iyo ari yo yose ikomoka ku gihombo isabwa kwishyurwa ariko kugeza icyo gihe itaragaragazwa;	2° any bankruptcy debts which are the subject of claims which have not yet been determined;	2° toutes dettes du failli qui font l'objet de réclamations qui n'ont pas encore été déterminées;
3° imyenda ishidikanywaho.	3° disputed claims.	3° créances contestées.
Uberewemo umwenda wagaragaje umwenda we mbere yo gutangaza ibyavuye mu mutungo ugabanywa afite uburenganzira ku bwishyu ubwo ari bwo bwose atashoboye gufata ku mafaranga akiri mu ntoki z'umucungamutungo w'uwahombye, mbere y'uko ayo mafaranga yishyurwaho ibyavuye mu mutungo ugabanywa ariko uwo muntu uberewemo umwenda nta burenganzira afite bwo guhubanganya igabanya ry'inyungu zikomoka ku migabane izo ari zo zose zagaragajwe mbere y'uko umwenda we wemerwa bitewe n'uko uwo muntu uberewemo umwenda atari ahari.	A creditor whose debt has not been admitted before the declaration of any dividend is entitled to have any payment he or she may have failed to receive paid out of any money for the time being in the hands of the trustee, before that money is applied to the payment of any future dividend; but such a creditor is not entitled to disturb the distribution of any dividend declared before his or her debt was admitted by reason that the creditor has not participated therein.	Un créancier dont la créance n'a pas été admise avant la déclaration d'un dividende a droit à tout paiement qu'il n'a peut-être pas reçu sur tout montant d'argent qui se trouve alors entre les mains du syndic, avant que ce montant ne soit appliqué au paiement de tout dividende ultérieur; il n'a toutefois pas le droit de déranger la distribution de tout dividende déclaré avant que sa créance n'ait été admise à cause du fait qu'il n'y a pas participé.
<u>Ingingo ya 199:</u> Igabanya rya nyuma	**<u>Article 199:</u> Final distribution**	**<u>Article 199 :</u> Distribution finale**
Iyo umucungamutungo w'uwahombye amaze kumenya agaciro k'imitungo yose y'uwahombye, atanga itangazo rusange ku mugaragaro mu nyandiko n'integuza zimenyesha buri wese mu baberewemo	When the trustee has realized all the bankrupt's estate, he or she gives written public notice and individual notice to every known creditor either of his or her intention	Lorsque le syndic a réalisé toute la masse de la faillite, il donne un avis public écrit et un avis individuel écrit à chaque créancier connu, soit de son intention de déclarer un dividende final, soit de ne plus déclarer de dividende.

imyenda bazwi abamenyesha ko agiye gutangaza ibyavuye mu mutungo ugabanywa cyangwa ko nta zindi nyungu ku migabane zizongera gutangazwa.	to declare a final dividend or that no further dividend will be declared.	
Imenyekanisha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rigomba kuba rikubiyemo ingingo isaba ko imyenda uwahombye abereyemo abandi izishyurwa ku itariki ivugwa muri iryo tangazo, bigakorwa mu minsi itari munsi ya makumyabiri (20) y'akazi ikurikira iryo tangazo kandi ku birebana no kumenyesha umuntu ku giti cye, iryo tangazo rigomba guherekezwa na raporo y' umucungamutungo w'uwahombye yerekana imitungo y'uwahombye, harimo n'inyandiko za nyuma z'imicungire y'imari y'uwahombye.	The notice under Paragraph One of this Article must include a requirement that claims against the bankrupt's estate must be made by a date specified in the notice, being not less than twenty (20) working days after the giving of the notice and in the case of individual notices, must be accompanied by a report of the trustee's administration of the bankrupt's estate, including final bankruptcy accounts.	L'avis prévu à l'alinéa premier du présent article doit comprendre une exigence selon laquelle les réclamations à l'égard de la masse de la faillite doivent être faites au moins vingt (20) jours ouvrables après la remise de l'avis et doit, dans le cas des avis individuels, être accompagné d'un rapport du syndic sur l'administration de la masse de la faillite, y compris les comptes définitifs de faillite.
Urukiko rushobora, bisabwe n'umuntu wese ufite inyungu mu gihombo, gusubika itariki ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.	The court may, on the application of any interested person, postpone the date under Paragraph two of this Article.	La juridiction peut, à la demande de toute personne intéressée, reporter la date prévue à l'alinéa 2 du présent article.
Ako kanya nyuma y'itariki ya nyuma, umucungamutungo w'uwahombye akura ubwishyu bwose burebana n'igihombo mu mutungo y'uwahombye, kandi igihe umucungamutungo w'uwahombye atangaje ibyavuye mu mutungo ugabanywa, anatangaza kandi akagabanya izo nyungu ku migabane atitaye ku mwenda w'umuntu wese wagaragajwe ariko utaremerwa.	Immediately after the final date, the trustee defrays any outstanding expenses of the bankruptcy out of the bankrupt's estate; and if the trustee intends to declare a final dividend, declares and distributes that dividend without regard to the claim of any person in respect of a debt not already admitted.	Immédiatement après la date limite, le syndic défrayer les dépenses impayées de la faillite sur la masse de la faillite; et si le syndic entend déclarer un dividende final, déclarer et distribuer ce dividende sans égard à la réclamation de toute personne à l'égard d'une dette qui n'est pas encore admise.

Ingingo ya 200: Igihombo cyiyongera ku kindi	**Article 200: Subsequent bankruptcy**	**Article 200 : Faillite subséquente**
Iyo habayeho icyemezo cyemeza ikindi gihombo ku wari warahombye, imitungo yose y'uwahombye yari mu gihombo mbere y'uko hafatwa icyemezo cy'ikindi gihombo ishyirwa mu bubasha bw'umucungamutungo w'uwahombye bwo kurangiza ikindi gihombo cyangwa gucunga imitungo irebana n'icyo gihombo.	Where subsequent bankruptcy order is made against a bankrupt, any property which immediately before the subsequent order was in the bankrupt's estate, vests in the trustee in the subsequent bankruptcy or administration in bankruptcy.	Lorsqu'une ordonnance de faillite subséquente est rendue contre un failli, tout bien qui, immédiatement avant l'ordonnance ultérieure formait la masse de la faillite, est dévolu au syndic lors de la faillite ou de l'administration de la faillite subséquente.
Icyiciro cya 6: Kugenzura no gushyira mu bikorwa inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Section 6: Supervision and enforcement of duties of trustee**	**Section 6 : Superviser et faire exécuter les fonctions du syndic**
Ingingo ya 201: Ubugenzuzi bw'umucungamutungo w'uwahombye bukozwe n'urukiko	**Article 201: Supervision of trustee by the court**	**Article 201 : Supervision d'un syndic par la juridiction**
Bisabwe n'umucungamutungo w'uwahombye, komite ishinzwe ubugenzuzi, Umwanditsi Mukuru, umwe mu baberewemo imyenda cyangwa urwego ngenzuramikorere, urukiko rushobora:	On application made by a trustee, the committee of inspection, the Registrar General, any creditor or the regulatory authority, the court may:	Sur demande présentée par un syndic, le comité d'inspection, le Registraire général ou un créancier ou l'autorité de régulation, la juridiction peut :
1° gutanga amabwiriza ku ngingo iyo ari yo yose irebana n'igihombo;	1° give directions in relation to any matter arising in connection with the bankruptcy;	1° donner des instructions en rapport avec toute question relative à la faillite;
2° kwemeza, guhindura cyangwa kuvugurura icyemezo cyafashwe n'umucungamutungo w'uwahombye;	2° confirm, reverse or modify any act or decision of the trustee;	2° confirmer, infirmer ou modifier tout acte ou décision du syndic;

3° gutegeka ko hakorwa igenzurwa ry'inyandiko z'ibaruramari zirebana n'igihombo;	3° order an audit of the accounts of the bankruptcy;	3° ordonner un audit des comptes de la faillite;
4° gutegeka umucungamutungo w'uwahombye kugaragaza inyandiko z'ibaruramari n'izindi nyandiko zirebana n'igihombo z'uwahombye kugira ngo zigenzurwe kandi zihe amakuru umugenzuzi w'imari ku birebana n'uko igihombo cyacunzwe, nk'uko byasabwa n'umugenzuzi w'imari;	4° order the trustee to produce the accounts and records of the bankruptcy for audit and provide the auditor with information concerning the conduct of the bankruptcy as the auditor requests;	4° ordonner au syndic de produire les comptes et les registres de la faillite à des fins d'audit et fournir à l'auditeur des informations sur la conduite de la faillite selon les demandes de l'auditeur;
5° kugena igihembo cy'umucungamutungo w'uwahombye nk'uko biteganyijwe n'Iteka rya Minisitiri rirebana n'igihembo cy'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo;	5° fix the remuneration of the trustee in accordance with Ministerial Order on remuneration of insolvency practitioners;	5° fixer la rémunération du syndic conformément à l'arrêté ministériel sur la rémunération des praticiens de l'insolvabilité;
6° gutegeka umucungamutungo w'uwahombye gusubiza umubare w'amafaranga yafatiriwe iyo urukiko rugaragaje ko bidakwiye;	6° order the trustee to refund the amount retained if it is found by the court to be unreasonable;	6° ordonner au syndic de rembourser le montant retenu si la juridiction juge que ce montant n'est pas raisonnable;
7° kwemeza niba umucungamutungo w'uwahombye yarashyizweho ku buryo bwemewe n'amategeko cyangwa yaracunze akanagenzura imitungo ku buryo bwemewe n'amategeko;	7° declare whether or not the trustee was validly appointed or validly assumed custody or control of any property;	7° déclarer si le syndic a été valablement nommé ou valablement placé des biens sous sa garde ou son contrôle ;

8° gushyiraho icyemezo kirebana no gufatira cyangwa gutanga inyandiko z'ibaruramari n'izindi nyandiko z'uwahombye;	8° make an order concerning the retention or the disposition of the accounts and records of the bankruptcy;	8° rendre une ordonnance concernant la rétention ou la disposition des comptes et dossiers de la faillite;
9° gufata icyemezo kirebana n'iyindi ngingo iyo ari yo yose haba mbere cyangwa nyuma y'itangizwa ry'igihombo, kandi cyemeza niba umucungamutungo w'uwahombye yarahagaritse imirimo ye cyangwa niba akiyikomeza igihe hasabwaga ko hafatwa icyo cyemezo.	9° make an order relating to any other matter occurring either before or after the commencement of the bankruptcy, and whether or not the trustee has ceased to act as trustee when the application for such an order is made.	9° rendre une ordonnance relative à toute autre question survenue avant ou après l'ouverture de la faillite, et décider si le syndic a cessé ou non d'agir à titre de syndic lorsque la demande en cet ordonnance est formulée.
Ingingo ya 202: Ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'umucungamutungo w'uwahombye	**Article 202: Enforcement of duties of a trustee**	**Article 202 : Faire exécuter les fonctions du syndic**
Iyo umucungamutungo w'uwahombye ananiwe kubahiriza inshingano ze, komite ishinzwe ubugenzuzi, umwe mu baberewemo imyenda cyangwa Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urukiko gutegeka iyubahirizwa ry'inshingano z'ushinzwe kurangiza igihombo.	If a trustee fails to comply with his or her duties, a trustee, a committee of inspection, any creditor or Registrar General may apply to the court for enforcement of duties of the trustee.	Si un syndic ne remplit pas ses fonctions un syndic, un comité d'inspection, un créancier ou le Registraire général peut demander à la juridiction de faire exécuter les attributions de ce syndic.
Urukiko rushobora:	The court may:	La juridiction peut :
1° gutegeka ushinzwe kurangiza igihombo gutunganya inshingano ze zose cyangwa zimwe muri zo;	1° order the trustee to comply with his or her duties wholly or in part;	1° ordonner au syndic d'exécuter ses attributions, en tout ou en partie;

2° gutegeka ushinzwe kurangiza igihombo kubahiriza inshingano ze ku buryo buteganyijwe mu cyemezo, bitabangamiye ibindi byemezo bishobora gufatirwa umucungamutungo w'uwahombye kubera kutuzuza inshingano;	2° order the trustee to comply with his or her duties to the extent specified in the order, without prejudice to any other remedy which may be available in respect of any breach of duty by the trustee;	2° ordonner au syndic d'exécuter ses fonctions dans la mesure précisée dans l'ordonnance, sans préjudice de tout autre recours exerçable à l'égard de tout manquement au devoir par le syndic;
3° gukura umucungamutungo w'uwahombye ku mirimo ye.	3° remove the trustee from office.	3° démettre le syndic de ses fonctions.
Iyo umucungamutungo w'uwahombye akuwe ku mirimo ye, urukiko rushobora gufata icyemezo cya ngombwa kigamije kurinda imitungo y'uwahombye, harimo no gufata icyemezo rusaba umucungamutungo w'uwahombye wirukanywe ku mirimo ye gutanga inyandiko z'imicungire y'umutungo, izindi nyandiko n'andi makuru ya ngombwa yabigenewe.	Where a trustee is removed from office, the court may make an appropriate order for the preservation of the bankrupt's estate, including an order requiring the removed trustee to make available any accounts, records or other information necessary for that purpose.	Lorsqu'un syndic est démis de ses fonctions, la juridiction peut rendre une ordonnance appropriée pour la préservation de la masse de la faillite, y compris une ordonnance exigeant que le syndic révoqué rende disponibles tous les comptes, dossiers ou autres renseignements nécessaires à cet effet.
Inyandikomvugo zose zirebana n'ibyemezo bivugwa muri iyi ngingo zishyikirizwa Umwanditsi Mukuru akabika kopi y'inyandikomvugo mu bubiko rusange bufite inomero igaragaza izina ry'umucungamutungo w'uwahombye bireba.	All proceedings relating to any application for an order under this Article are served on the Registrar General who keeps a copy of the proceedings on a public file indexed by reference to the name of the trustee concerned.	Toutes procédures relatives à une demande d'ordonnance en vertu du présent article sont signifiées au Registraire général qui en garde une copie dans un dossier public indexé en fonction du nom du syndic concerné.

<u>Ingingo ya 203</u>: Ibibujijwe mu gihe cy'igihombo cy'umuntu ku giti cye	**<u>Article 203:</u> Prohibitions during bankruptcy**	**<u>Article 203 :</u> Interdictions pendant la faillite**
Mu gihe hafashwe icyemezo cyemeza igihombo cy'umuntu ku giti cye cyangwa mu gihe urukiko rwabisabwe, nta muntu wahombye ushobora:	Where a bankruptcy order has been made or applied for to the court, no bankrupt may:	Lorsqu'une ordonnance de faillite a été rendue ou demandée à la juridiction, aucun failli ne peut :
1° kuva cyangwa kugerageza kuva mu Rwanda agamije guhunga inshingano ze;	1° leave or attempt to leave Rwanda with the intention of avoiding any of his or her obligations;	1° quitter ou tenter de quitter le Rwanda avec l'intention d'éviter l'une de ses obligations;
2° guhisha cyangwa kwimura umutungo agamije kubuza cyangwa gutinza umucungamutungo w'uwahombye gutangira imirimo ye yo gucunga cyangwa kugenzura umutungo;	2° conceal or remove property with the intention of preventing or delaying the assumption of custody or control by the trustee;	2° dissimuler ou enlever des biens dans l'intention d'empêcher ou de retarder la prise en charge ou le contrôle par le syndic;
3° kwangiza, guhisha, kwimura inyandiko agamije uburiganya cyangwa guhisha imiterere y'igihombo cye n'imitungo ye.	3° destroy, conceal or remove record with the intent of defrauding or concealing the state of his or her affairs.	3° détruire, dissimuler ou enlever un document dans le but de tromper sur l'état de ses affaires ou le dissimuler.

UMUTWE WA IX: UBUSABE BW'ABABEREWEMO IMYENDA N'IBIKORWA BY'UBUCURUZI BISHOBORA GUTESHWA AGACIRO	**CHAPTER IX: CREDITORS' CLAIMS AND VOIDABLE TRANSACTIONS**	**CHAPITRE IX : RÉCLAMATIONS DES CRÉANCIERS ET TRANSACTIONS ANNULABLES**
Icyiciro cya mbere: Ubusabe bw'ababerewemo imyenda bushobora guteshwa agaciro	**Section One: Creditors' voidable claims**	**Section première : Réclamations annulables des créanciers**
Ingingo ya 204: Kwemeza agaciro k'umwenda	**Article 204: Ascertainment of amount of claim**	**Article 204 : Détermination du montant de la créance**
Agaciro k'umwenda kemezwa hashingiwe ku itariki y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo cyangwa itariki igihombo cyamenyekaniyeho.	The amount of a claim is ascertained as at the date of commencement of the liquidation or bankruptcy.	Le montant d'une créance est déterminé à la date de l'ouverture de la liquidation ou de la faillite.
Mu gihe umwenda ubyara inyungu, inyungu zisabwa nyuma y'itangira ry'iseswa cyangwa nyuma y'igaragazwa ry'igihombo ntizemewe.	Where a claim bears interest, interest payable in respect of any period after the commencement of the liquidation or bankruptcy is not admissible.	Lorsqu'une créance porte intérêt, les intérêts payables à l'égard de toute période postérieure à l'ouverture de la liquidation ou de la faillite ne sont pas admissibles.
Ingingo ya 205: Ikirego gisaba umubare w'amafaranga utazwi	**Article 205: Claim of uncertain amount**	**Article 205 : Réclamation d'un montant incertain**
Iyo umwenda ugibwaho impaka, indishyi cyangwa kubera izindi mpamvu zituma agaciro k'umwenda gashidikanywaho, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora kugena ikigereranyo cy'agaciro k'umwenda	If a claim is subject to a contingency, is for damages or for some other reason the amount of the claim is not certain, the liquidator or trustee may make an estimate of the amount or refer the matter to the court for a decision on the amount of the claim.	Si une créance est sujette à une éventualité, porte sur des dommages-intérêts ou son montant est incertain pour toute autre raison, le liquidateur ou le syndic peut faire une estimation du montant ou renvoyer l'affaire à la juridiction pour décision sur le montant de cette créance.

cyangwa kohereza ikibazo mu rukiko kugira ngo rwemeze agaciro k'umwenda.		
Bisabwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, umucungamutungo w'uwahombye cyangwa undi muntu uberewemo umwenda wumva atishimiye ikigereranyo cy'agaciro cyagenwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, urukiko rugena agaciro k'umwenda.	On the application of the liquidator, the trustee, or any claimant who is aggrieved by an estimate made by the liquidator or trustee, the court determines the amount of the claim.	À la demande du liquidateur, du syndic ou de tout réclamant qui est lésé par une estimation faite par le liquidateur ou le syndic, la juridiction détermine le montant de la créance.
<u>Ingingo ya 206:</u> Umwenda magirirane n'ihwanishamyenda	**<u>Article 206:</u> Mutual credit and set-off**	**<u>Article 206 :</u> Crédit réciproque et compensation**
Iyo habayeho umwenda magirirane, inguzanyo cyangwa ubundi bwishyu buhuriweho hagati y'umuntu n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye, ku muntu wifuza ko umwenda we wemerwa hitabwa kuri ibi bikurikira:	Where there have been mutual credits, mutual debts or other mutual dealings between a person and a company or an individual, account is taken of the following for the person who seeks to have a claim admitted:	Lorsqu'il y a eu des crédits réciproques, des dettes réciproques ou d'autres transactions réciproques entre une personne et une société commerciale ou un individu, il est tenu compte de ce qui suit pour la personne qui cherche à faire admettre une créance:
1° umwenda ugejeje igihe cyo kwishyurwa ku ruhande rumwe cyangwa ku rundi ku birebana n'imyenda cyangwa ibindi bikorwa;	1° what is due from the one party to the other in respect of those credits, debts or dealings;	1° ce qui est dû par l'une des parties à l'égard de ces crédits, dettes ou transactions;
2° amafaranga agomba kwishyurwa ku ruhande rumwe agereranywa n'ay'undi mwenda wo ku rundi ruhande;	2° an amount due from one party is set off against any amount due from the other party;	2° un montant dû par une partie est compensé par tout montant dû par l'autre partie;

3° amafaranga asigaye gusa kuri uwo mwenda ashobora kwishyuzwa mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'uwahombye cyangwa akishyurwa isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu mutungo w'uwahombye.	3° only the balance of the account may be claimed in the liquidation or in bankruptcy or is payable to the company or the bankrupt's estate.	3° seul le solde du compte peut être réclamé lors de la liquidation ou de la faillite ou est payable à la société commerciale ou à la masse de la faillite.
<u>Ingingo ya 207:</u> Imyenda y'ababerewemo imyenda idafitiwe ingwate	**<u>Article 207:</u> Claims by unsecured creditors**	**<u>Article 207 :</u> Réclamations des créanciers chirographaires**
Usibye iyo bigenwe ukundi n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, uberewemo umwenda udafitiwe ingwate ashobora kwishyuza uwo mwenda nta kindi asabwe gukora.	Unless otherwise required by the liquidator or trustee, an unsecured creditor may make a claim without formality.	Sauf exigence contraire du liquidateur ou du syndic, un créancier chirographaire peut présenter une réclamation sans formalité.
Iyo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye asabye ko umwenda wishyuzwa mu nzira zisanzweho, uwishyuza umwenda asaba kwishyurwa umwenda binyuze mu nyandiko atanga ibisobanuro birambuye by'uwo mwenda, agaragaza kandi anatanga inyandiko za ngombwa zerekana ko aberewemo umwenda.	Where the liquidator or trustee requires a claim to be made formally, the claimant shall submit a claim verified by statutory declaration setting out full particulars of the claim, identifying and providing any documents that prove or substantiate the claim.	Lorsque le liquidateur ou le syndic exige qu'une réclamation soit faite de manière formelle, le réclamant doit présenter une réclamation vérifiée par une déclaration solennelle indiquant tous les détails de la réclamation, identifiant et fournissant tous documents qui prouvent ou justifient la réclamation.
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwakira cyangwa	The liquidator or trustee may admit or reject any claim in whole or in part, and if the liquidator or trustee subsequently considers	Le liquidateur ou le syndic peut admettre ou rejeter une créance en totalité ou en partie, et si le liquidateur ou le syndic estime par la suite

kwanga umwenda wose cyangwa igice cyawo, kandi iyo yumva ko umwenda wakiriwe mu buryo butari bwo cyangwa uwo mwenda wose wanze kwakirwa cyangwa igice cyawo, ashobora gusesa cyangwa kuvugurura icyo cyemezo.	that a claim has been wrongly admitted or rejected in whole or in part, he or she may revoke or amend any such decision.	qu'une créance a été admise ou rejetée à tort en totalité ou en partie, il peut révoquer ou modifier une telle décision.
<u>Ingingo ya 208:</u> Imyenda ifite ingwate n'uburenganzira bw'ifatira	**<u>Article 208:</u> Secured claims and right of retention**	**<u>Article 208 :</u> Créances garanties et droit de rétention**
Uberewemo umwenda ufite ingwate cyangwa ufite uburenganzira bwo gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa watanzweho ingwate, afite uburenganzira bwo kwishyurwa ukwe cyangwa bwo gufatira uwo mutungo hakurikijwe amategeko abigenga.	A secured creditor or the holder of right of retention of secured movable or immovable property shall be entitled to separate satisfaction or retention of secured assets in accordance with the relevant Laws.	Un créancier garanti ou titulaire du droit de rétention sur un bien meuble ou immeuble grevé de sûreté, a le droit au désintéressement séparé ou à la rétention de ce bien conformément aux lois en la matière.
Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo gahunda y'izahura ry'ubucuruzi yatanzwe mu rukiko.	The provisions of Paragraph One of this Article do not apply when a recovery plan has been submitted to the court.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas lorsque le plan de redressement a été soumis à la juridiction.
Kwishyurwa mbere ku ngwate, ntibishingira ku itariki umwenda wabereyeho ahubwo bishingira ku itariki ingwate yandikishirijweho.	The preferential right to payment from a secured asset depends on the date of registration of the security and not on the date upon which the debt came into existence.	Le droit de se faire payer par préférence sur un bien grevé de sûreté dépend de la date d'enregistrement de cette garantie et non de la date de naissance de la dette.
Ibyavuye mu igurishwa ry'umutungo utimukanwa cyangwa wimukanwa, nyuma yo kuvanamo amafaranga yatanzwe mu ikurikirana ry'igihombo bikoreshwa	The proceeds from the sale of immovable or movable property, after deduction therefrom of the costs of insolvency proceedings, are applied in satisfying the claims secured by	Après déduction des coûts de la procédure d'insolvabilité, le produit de la vente des biens immeubles ou meubles est utilisé pour payer les créanciers garantis par ces biens selon l'ordre de

hishyurwa imyenda ifitiwe ingwate kuri uwo mutungo, hakurikijwe uko ababerewemo imyenda bakurikirana n'indi myenda ishingiye kuri uwo mutungo.	the said property, in their order of preference among creditors and other debts incumbent on the property.	préférence entre les créanciers et les autres dettes grevant ces biens.
Iyo igiciro cy'ingwate kitagejeje ku gaciro k'umwenda, uberewemo umwenda ufite ingwate ashobora gusaba kwishyurwa nk'ufitiwe umwenda utagira ingwate ku gice cy'umwenda gisigaye.	If the value of the security is less than the amount of the secured claim, the secured creditor may claim as unsecured creditor for any balance due.	Lorsque le produit de la vente des biens grevés de sûreté est inférieur au montant de la créance, le créancier garanti peut réclamer le paiement de la somme restant due comme un créancier chirographaire.
Iyo uberewemo umwenda ufite ingwate afashe umwanzuro wo kureka iyo ngwate, ashyirwa mu baberewemo imyenda idafitiwe ingwate, akajya ku rutonde rw'abagomba kwishyurwa nk'abandi.	If a secured creditor decides to surrender his or her security, he or she is included in the body of unsecured creditors and is included on the list of creditors.	Lorsqu'un créancier garanti décide de céder sa sûreté, il fait partie de la masse des créanciers non garantis et est placé sur la liste des créanciers chirographaires.
Ingingo ya 209: Kugenzura imyenda	**Article 209: Claim verification**	**Article 209 : Vérification de créances**
Iyo uberewemo umwenda yishyuje uwo mwenda, iryo yishyuza ryemezwa n'imenyekanisha rya ngombwa, atanga ibisobanuro birambuye by'uwo mwenda bikubiyemo itariki uwo mwenda watangiweho, agaragaza kandi akanatanga inyandiko zemeza uwo mwenda.	If a creditor claims, the claim is confirmed by the provision of necessary information that consists of full particulars of the claim, including the date on which it was given, in identifying and providing any documents that substantiate the claim.	Si un créancier fait une réclamation de créance, celle-ci est confirmée par la fourniture d'informations nécessaires consistant à énoncer les détails complets de la créance, y compris la date à laquelle elle a été en identifiant et en fournissant tous documents justifiant la créance.
Iyo umwenda wishyujwe n'uberewemo umwenda, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora kwanga kwishyura uwo mwenda wose	Where a claim is made by a creditor, the liquidator or trustee may reject the claim in whole or in part. He or she must explain his or her reasons in writing and forward such written explanation to the creditor.	Lorsqu'une créance est réclamée par un créancier, le liquidateur ou le syndic peut rejeter la demande en tout ou en partie. Il doit fournir au créancier des explications écrites à cet effet.

cyangwa igice cyawo. Agomba gusobanura mu nyandiko impamvu zo kwanga iryo yishyurwa kandi akazohereza uberewemo umwenda.		
Mu gihe umwenda wose cyangwa igice cyawo uhakanywe, uberewemo umwenda ashobora gusaba bushya mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi uhereye ku itariki yamenyeshejweho ko uwo mwenda wahakanywe, kandi ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye ashobora, iyo yongeye gusuzuma agasanga ubwo busabe bwose cyangwa igice cyabwo bwaranzwe nta mpamvu ifatika, gusesa cyangwa gukorera ubugororangingo icyo cyemezo.	Where a claim is rejected in whole or in part, the creditor may make a revised claim within ten (10) working days from receiving notice of the rejection; and the liquidator or trustee may, if he or she subsequently considers that a claim was wrongly rejected in whole or in part, revoke or amend any such decision.	Lorsqu'une créance est rejetée en tout ou en partie, le créancier peut former une réclamation révisée endéans dix (10) jours ouvrables suivant la réception de l'avis de rejet et, le liquidateur ou le syndic peut, s'il estime par la suite qu'une réclamation a été rejetée à tort en tout ou en partie, révoquer ou modifier une telle décision.
Iyo uberewemo umwenda atishimiye icyemezo cy'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa icy'umucungamutungo w'uwahombye cyerekeye umwenda we, ashobora kuregera urukiko asaba ko rutesha agaciro icyo cyemezo. Icyo kirego kigomba gushyikirizwa urukiko mu gihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi uhereye igihe ibisobanuro bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo byamugereyeho.	If the creditor is dissatisfied with the decision of the liquidator or the trustee regarding his or her claim, he or she may apply to the court for annulment of this decision. Such an application must be submitted to the court within twenty-one (21) working days of receipt of the explanations referred to in Paragraph 2 of this Article.	Si le créancier n'est pas satisfait de la décision du liquidateur ou le syndic concernant sa réclamation, il peut demander à la juridiction d'annuler cette décision. Cette demande doit être présentée à la juridiction dans les vingt-et-un (21) jours ouvrables suivant la réception des explications vissées à l'alinéa 2 du présent article.

Mu gihe cyo gusuzuma umwenda, uberewemo umwenda, amaze gushyikiriza ababishinzwe ibimenyetso byawo, arahezwa.	During the verification of claims, a creditor who submits the evidence of his or her claim to the concerned is asked to withdraw.	Lorsque, lors de la vérification de créances, un créancier finit de soumettre aux concernés les pièces justificatives à l'appui de sa créance, il est prié de se retirer.
Ingingo ya 210: Imyenda igaragara nyuma y'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo uri mu gihombo	**Article 210: Claims arising after liquidation**	**Article 210: Créances survenant après liquidation**
Umwenda utaragenewe agaciro mu mafaranga cyangwa undi mwenda uwo ari wo wose ufite agaciro katagaragazwa hashingiwe ku igenagaciro rizwi wandikwa hashingiwe ku kigereranyo cy'agaciro ku itariki kutabasha kwishyura byatangiriyeho.	A claim which has not been evaluated in monetary value and any other claim whose value was not indicated on a known value is registered on an estimated value on the date of commencement of the insolvency proceedings.	Une créance qui n'a pas été évaluée en valeur monétaire et toute autre créance dont la valeur n'a pas été indiquée sur une valeur connue est enregistrée sur une valeur estimée à la date d'ouverture de la procédure d'insolvabilité.
Ingingo ya 211: Kugurisha umutungo urebana no kutabasha kwishyura imyenda	**Article 211: Sale of assets involved in insolvency proceedings**	**Article 211 : Vente de biens faisant l'objet d'une procédure d'insolvabilité**
Iyo inama y'ababerewemo imyenda yemeje igurishwa ry'imitungo iri mu gihombo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye atangira igikorwa cyo gukurikirana igurishwa ry'uwo mutungo kandi akabimenyesha urukiko.	If the meeting of creditors decides to sell the property forming the assets involved in insolvency proceedings, the liquidator or trustee immediately institutes the procedures for liquidation of the property and informs the Court thereof.	Si l'assemblée des créanciers décide de vendre les biens faisant partie des actifs visés par la procédure d'insolvabilité, le liquidateur ou le syndic établit immédiatement les procédures de liquidation des biens et en informe la juridiction.
Igurisha ry'imitungo rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa hashingiye ku mategeko abigenga.	The sale of the assets referred to in Paragraph One of this Article is done in accordance with relevant Laws.	La vente des biens visés à l'alinéa premier du présent article se fait conformément aux dispositions légales en la matière.

<u>Ingingo ya 212:</u> Igabanya rikomoka ku byagurishijwe	**<u>Article 212:</u> Distribution of sale proceeds**	**<u>Article 212 :</u> Répartition du produit de la vente**
Umucungamutungo yishyura imyenda akimara kubona inyandiko igaragaza uko igabanya ry'umutungo rigomba gukorwa agakurikiza uburenganzira bwo kwishyurwa mbere ku buryo bukurikira:	The administrator settles all claims immediately after receipt of the distribution record, in the following order of preference:	L'administrateur procède au remboursement des dettes immédiatement après réception du rapport de partage selon l'ordre de préférence suivant :
1° amafaranga yakoreshejwe mu gusana, kubungabunga no kugurisha umutungo, igihembo cy'umucungamutungo n'andi mafaranga yakoreshejwe harimo n'ayo kwishyura serivisi z'ingenzi zatanzwe nyuma y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo, imishahara n'ibindi bihembo ku muntu wese wagize uruhare mu micungire y'umutungo hamwe n'ibyakoreshejwe n'urukiko cyangwa n'ibindi byakoreshejwe mu nzira z'amategeko;	1° the costs of maintaining, conserving and sale of the asset, administrator's fees and expenses incurred, including costs incurred for essential services provided after the commencement of insolvency proceedings wages and salary of any person engaged in the administration of the estate and expenses incurred by the court or through any other legal acts;	1° les coûts pour la maintenance, la conservation et la vente des biens, les frais de l'administrateur et les dépenses encourues, y compris les frais payés pour les services essentiels fournis après l'ouverture de la procédure d'insolvabilité, les salaires et autres rémunérations de toute personne impliquée dans l'administration des biens ainsi que les frais engagés par la juridiction ou ceux engagés dans le cadre des actes juridiques ;
2° ababerewemo imyenda ifitiwe ingwate hakurikijwe uko bakurikirana hiyongereyeho inyungu zibarwa mu buryo bugenwe;	2° secured creditors on the basis of their ranks with interests calculated in the prescribed manner;	2° les créanciers garantis sur base de leurs rangs avec les intérêts calculés d'une manière prescrite ;
3° ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo gufatira ikintu	3° creditors with the right to retain an item in consideration of the improvement they have to make on it;	3° les créanciers ayant le droit de rétention d'un élément en considération de l'amélioration à y apporter;

hakurikijwe icyo bagomba kugikoraho;		
4° amafaranga y'ishyingura cyangwa y'ibyakoreshejwe mu kuraga ku mutungo w'urimo umwenda wapfuye;	4° funeral and testamentary expenses made on the property of the deceased debtor;	4° les frais funéraires et testamentaires engagés sur les biens du débiteur décédé;
5° imishahara cyangwa ibindi bihembo by'abahoze ari abakozi b'uwagize igihombo mu gihe cy'amezi atandatu (6), igihembo icyo ari cyo cyose kijyanye n'ikiruhuko cy'akazi kigenerwa umukozi cyagejeje igihe cyo kwishyurwa hakurikijwe amasezerano y'akazi yahawe n'uwagize igihombo mu mwaka wabanjirije igihombo, igihembo icyo ari cyo cyose gishingiye ku kiruhuko gihemberwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) mbere y'iseswa ry'umutungo cyangwa andi mafaranga yose y'imperekeza yishyurwa umukozi bitewe n'ibiteganywa n'amategeko, amasezerano cyangwa amabwiriza yerekeye ibihembo;	5° salaries or other wages of former employees of the insolvent person for a period of six (6) months, any payment in respect of any period of leave or holiday due to the employee which has accrued as a result of his/her employment contract with the insolvent person in the year preceding insolvency; any payment due in respect of any other form of paid leave for a period not exceeding three (3) months prior to the date of the liquidation of the estate or any severance pay due to the employee in accordance with Law, agreement or regulations relating to wages;	5° salaires ou autres rémunérations d'anciens employés du failli pour une période de six (6) mois qui sont dus, tout paiement lié au congé ou vacances dû à l'employé échu suite à l'engagement de l'employé par le failli pendant l'année qui a précédé l'insolvabilité; tout paiement dû suite à toute forme d'absence payée pour une période n'excédant pas trois (3) mois avant la date de la liquidation de la masse ou toute indemnité de licenciement dû à l'employé conformément à la loi, au contrat ou aux règlements relatifs aux rémunérations ;
6° amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi;	6° social security contributions;	6° cotisations à la sécurité sociale;
7° imisoro ya Leta;	7° Government taxes;	7° impôts dus à l'État;

8° imyenda idafitiwe ingwate.	8° unsecured claims.	8° créances chirographaires.
Nyuma yo kwemezwa kwa gahunda yo kugabanya umutungo, umucungamutungo asubiza ufite umwenda amafaranga asagutse.	After confirmation of the final plan of distribution, the administrator submits the surplus to the debtor.	Après la confirmation du plan final de distribution de biens, l'administrateur remet le surplus au débiteur.
<u>Ingingo ya 213:</u> Imitungo isagutse	**<u>Article 213:</u> Surplus assets**	**<u>Article 213:</u> Actifs excédentaires**
Iyo hari imitungo isagutse nyuma yo kwishyura imyenda itihutirwa:	If there is a surplus after making the payments of non-preferential debts:	S'il y a des actifs excédentaires après avoir effectué les paiements de dettes non privilégiées :
1° iyo habayeho igihombo cy'umuntu ku giti cye, umucungamutungo w'uwahombye agomba gusubiza uwahombye amafaranga yasagutse mu irangizwa ry'igihombo;	1° in the case of bankruptcy, the trustee must pay the surplus to the bankrupt;	1° dans le cas d'une faillite, le syndic doit payer l'excédent au failli;
2° iyo habayeho igihombo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo asabwa kugabagabanya imitungo yasagutse nk'uko biteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa amasezerano y'ubufatanye mu bucuruzi kandi nk'uko biteganywa n'amategeko.	2° in the case of an insolvency, the liquidator distributes the company's or partnership's surplus assets in accordance with its incorporation documents or partnership agreement and applicable Laws.	2° en cas d'insolvabilité, le liquidateur distribue les biens excédentaires de la société commerciale ou de la société de personnes en se conformant à son acte constitutif ou au contrat de société et aux lois applicables.

Ingingo ya 214: Ibikorwa by'ubucuruzi bifite agaciro kihariye	**Article 214: Transactions of particular importance**	**Article 214 : Opérations d'une importance particulière**
Iyo umucungamutungo ateganya gukora ibikorwa bifite agaciro kihariye birebana n'ikurikirana ry'igihombo, komite y'ababerewemo imyenda ibyumvikanaho, yaba itariho, agasaba ababerewemo imyenda kubifataho umwanzuro.	In case the administrator intends to engage in transactions which are of particular importance to the insolvency proceedings, there is need for consent of the creditors' committee, and if the creditors' committee does not exist, he or she obtains the consent of the creditors.	Si l'administrateur a l'intention d'effectuer des opérations d'une importance particulière pour la procédure d'insolvabilité, le comité des créanciers y consent, et si le comité des créanciers n'existe pas, il obtient le consentement des créanciers.
Bimwe mu bikorwa by'ubucuruzi bifite agaciro kihariye biteganyijwe ni nko kugurisha isosiyete cyangwa uruganda, umutungo wose uri mu bubiko, umwe mu mitungo itimukanwa igomba kugurishwa hashingiwe ku masezerano, imigabane y'ubereyemo abandi imyenda iri mu yindi sosiyete mu gihe iyo migabane iba igamije kugira iyo sosiyete ishami ry'iyindi ku buryo buhoraho cyangwa iyihesha uburenganzira bwo kubona inyungu no kwinjiza amafaranga.	Some of the transactions of particular importance include selling the enterprise, equipment, the entire stock, a part of real property to be disposed of by agreement, the debtor's shares in another enterprise if such shares are intended to bring about a permanent affiliation to such other enterprise or the entitlement to receive recurring earnings.	Certaines des transactions d'une importance particulière comprennent la vente de l'entreprise, de l'équipement, de la totalité du stock, d'une partie de biens immobiliers à céder par convention, d'actions du débiteur dans une autre entreprise si ces actions ont pour but de créer une affiliation permanente à cette autre entreprise ou le droit de recevoir des revenus récurrents.
Icyiciro cya 2: Ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**Section 2 : Voidable transactions**	**Section 2 : Opérations annulables**
Ingingo ya 215: Imyenda yishyurwa mbere y'indi ishobora guteshwa agaciro	**Article 215 : Voidable preferences**	**Article 215 : Préférences annulables**
Uretse iyo umwenda wafashwe mu buryo busanzwe bw'imirimo y'isosiyete	Unless the debt was incurred in the ordinary course of the company's or individual's	À moins que la dette n'ait été contractée dans le cours normal des activités de la société

y'ubucuruzi cyangwa bw'ubucuruzi bw'umuntu ku giti cye bwo kwimura amafaranga mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo ine n'itanu (45) nyuma y'uko uwo mwenda ufatwa, igikorwa cy'ubucuruzi kirebana no kwimura umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa w'umuntu ku giti cye awuha undi muntu ni igikorwa gishobora guteshwa agaciro bisabwe n' ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo iyo iryo yimurwa ry'umutungo:	business and the transfer was made no later than forty-five (45) days after the debt was incurred, a transaction involving a transfer of property by a company or individual to another person is voidable on the application of the insolvency practitioner if the transfer:	commerciale ou de l'individu et que le transfert ait été effectué au plus tard quarante-cinq (45) jours après la date de la dette, une opération impliquant un transfert de propriété par cette société commerciale ou cet individu à une autre personne est annulable à la demande du praticien de l'insolvabilité si le transfert :
1° rikozwe mu rwego rwo kwishyura umwenda wa mbere y'igihombo;	1° was made on account of antecedent debt;	1° a été effectué en raison de la dette antérieure;
2° rikozwe mu gihe isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye atashoboye kwishyura imyenda:	2° was made at a time when the company or individual was unable to pay their due debts;	2° a été effectué à un moment où la société commerciale ou l'individu était incapable de payer ses dettes exigibles;
3° rikozwe mu gihe cy'umwaka umwe ubanziriza itangizwa ry'iseswa ry'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo w'uwahombye cyangwa igihombo cy'umuntu ku giti cye;	3° was made within the year preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy;	3° a été effectué dans l'année précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite;
4° yemereye umuntu guhabwa inyungu z'ikirenga mu rwego rwo kwishyurwa umwenda ugereranyije n'ibyo uwo muntu yagombaga guhabwa mu gihe cy'iseswa	4° enabled that person to receive more towards satisfaction of the debt than the person would otherwise have received or be likely to receive in the liquidation or bankruptcy.	4° pour la satisfaction de la dette, a permis à cette personne de recevoir plus qu'elle aurait autrement reçu ou serait susceptible de recevoir dans la liquidation ou la faillite.

ry'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa iyegeranya n'igabagabanya by'umutungo w'uwahombye cyangwa igihombo cy'umuntu ku giti cye.		
Uretse iyo biteganyijwe ukundi, iyimurwa ry'umutungo mu gihe cy'amezi atandatu (6) mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo cyangwa irangizwa ry'igihombo rifatwa nk'aho ryakozwe mu gihe isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye atagishoboye kwishyura imyenda ye kandi hashingiwe ku myenda atafashe mu bihe bisanzwe by'imirimo y'ubucuruzi.	Unless the contrary is proved, a transfer made within the six (6) months preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy is presumed to have been made at a time when the company or individual was unable to pay due debts and on account of a debt not incurred in the ordinary course of business.	Sauf preuve contraire, un transfert effectué dans les six (6) mois précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite est présumé avoir été effectué à un moment où la société commerciale ou l'individu n'était pas en mesure de payer ses dettes et en raison d'une dette encourue hors du cours normal des activités commerciales.
Ibikorwa by'ubucuruzi no kwimura imitungo bikozwe mu gihe bigaragara ko umuntu ubereyemo abandi imyenda agamije igikorwa cy'uburiganya ahisha imitungo abo abereyemo imyenda kandi mu gihe uwo muntu uberewemo umwenda abivumbuye, iryo simbura ry'umutungo ntirihabwa agaciro igihe cyose.	Transactions and transfers made where there is evidence of the debtor's actual intent to defraud creditors by placing assets beyond their reach and where the counterparty knew of such an intent such transactions are considered void at all the time.	Les opérations et les transferts effectués lorsqu'il existe une preuve de l'intention réelle du débiteur de frauder les créanciers en plaçant des actifs hors de leur portée et que le cocontractant était au courant d'une telle intention sont considérés comme nuls à tout moment.
<u>Ingingo ya 216:</u> Ibikorwa by'ubucuruzi byagabanyirijwe agaciro	**<u>Article 216:</u> Transactions at undervalue**	**<u>Article 216 :</u> Opérations à prix sous-évalué**
Ibikorwa by'ubucuruzi bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye bishobora kugabanyirizwa agaciro, ukora	A transaction entered into by a company or individual is undervalued on the application of the insolvency practitioner to the court, if:	Une opération conclue par une société commerciale ou un individu est sous-évaluée à la demande adressée à la juridiction par le praticien de l'insolvabilité, si :

umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo abisabye urukiko, iyo:		
1° byakozwe umwaka umwe mbere y'itangira ry'ikurikirana ry'igihombo;	1° it was entered into within the year preceding the commencement of the insolvency proceedings;	1° elle a été conclue dans l'année précédant l'ouverture de la procédure d'insolvabilité ;
2° agaciro k'ingurane yakiriwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye kari hasi y'agaciro k'ingurane yatanzwe n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye;	2° the value of the consideration received by the company or individual was significantly less than the value of the consideration provided by the company or individual;	2° la valeur de la contrepartie reçue par la société commerciale ou l'individu était significativement inférieure à la valeur de la contrepartie fournie par la société commerciale ou l'individu;
3° igihe ubucuruzi bwakorwaga, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye atabashije kwishyura imyenda, yarakoze cyangwa yari hafi gukora ubucuruzi burengeje umutungo we cyangwa yaremeye kuzuza inshingano azi ko iyo sosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye atazashobora kuzuza izo nshingano igihe abisabwe;	3° when the transaction was entered into, the company or individual was unable to pay their due debts, engaged or about to engage in transactions for which their financial resources were unreasonably small or incurred the obligation knowing that the company or individual would not be able to perform the obligation when required to do so;	3° lorsque l'opération a été conclue, la société commerciale ou l'individu n'ont pas été en mesure de payer leurs dettes dues, engagés ou sur le point de s'engager dans des opérations pour lesquelles ses ressources financières étaient déraisonnablement réduites ou ont encouru l'obligation sachant que la société commerciale ou l'individu ne serait pas en mesure d'exécuter l'obligation lorsque cela est requis;
4° isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye atabashije kwishyura umwenda ukomoka ku gikorwa cy'ubucuruzi.	4° the company or individual became unable to pay their due debts as a result of the transaction.	4° la société commerciale ou l'individu sont devenus incapables de payer leurs dettes dues à la suite de l'opération.

<u>Ingingo ya 217:</u> Ingwate zishobora guteshwa agaciro	**<u>Article 217:</u> Voidable charges**	**<u>Article 217 :</u> Sûretés annulables**
Ibikorwa by'ubucuruzi bitanga cyangwa bituma hatangwa ingwate ku mutungo cyangwa amasezerano y'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa y'umuntu ku giti cye kugira ngo hishyurwe umwenda, bishobora guhagarikwa bisabwe n'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kubera uwo umwenda uretse iyo:	A transaction providing for or creating a charge over any property or undertaking of a company or individual in respect of any debt is voidable on the application of the insolvency practitioner, unless:	Une opération prévoyant ou créant une sûreté sur un bien ou une entreprise d'une société commerciale ou d'un individu relativement à une dette est annulable à la demande du praticien de l'insolvabilité sauf si :
1° ingwate yatanzwe ishobora kwishyura ikiguzi cy'ibyagurishijwe cyangwa byagemuriwe isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye, cyangwa ikindi kintu cy'agaciro cyahawe uwahawe ingwate mbere yo kuyigurisha, cyangwa nyuma gato y'uko ingwate itanzwe, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye yarabonye ubushobozi bwo kwishyura imyenda ye;	1° the charge secures the actual price or value of property sold or supplied to the company or individual, or any other valuable consideration given by the grantee of the charge prior to the execution of the security, and, immediately after the charge was given, the company or individual was able to pay its due debts;	1° la sûreté garantit le prix ou la valeur réels des biens vendus ou fournis à la société commerciale ou à l'individu ou toute autre contrepartie de valeur donnée par le concessionnaire de la sûreté avant l'exécution de la garantie, et, immédiatement après que la sûreté a été donnée, la société commerciale ou l'individu étaient en mesure de payer leurs dettes dues;
2° ingwate yatanzwe isimbura indi yari yaratanzwe mu gihe kirenze umwaka mbere yo gutangira kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi yasheshwe cyangwa yahombye.	2° the charge is in substitution for a charge given more than one year preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy.	2° la sûreté est en lieu et place d'une sûreté donnée plus d'un an avant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite.

Uretse igihe bigaragarajwe ukundi, isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye utanze ingwate mu gihe cy'amezi atandatu (6) abanziriza itangira ry'igikorwa cyo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi yasheshwe cyangwa yahombye afatwa nk'utari ufite ubushobozi bwo kwishyura imyenda mu gihe gikurikira itangwa ry'ingwate.	Unless the contrary is proved, a company or individual giving a charge within the six (6) months preceding the commencement of the liquidation or bankruptcy is presumed to have been unable to pay its, his or her due debts immediately after giving the charge.	À moins que le contraire ne soit prouvé, une société commerciale ou un individu donnant une sûreté dans les six (6) mois précédant l'ouverture de la liquidation ou de la faillite sont présumés avoir été incapables de payer leurs dettes immédiatement après avoir donné la sûreté.
<u>Ingingo ya 218:</u> Uburyo bwo kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**<u>Article 218:</u> Procedure for setting aside voidable transactions**	**<u>Article 218 :</u> Procédure d'annulation des opérations annulables**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ushaka kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro agomba:	An insolvency practitioner who wishes to have a transaction that is voidable set aside must:	Un praticien de l'insolvabilité qui souhaite faire annuler une opération annulable doit :
1° kuregera urukiko mu nyandiko agaragaza ibikorwa by'ubucuruzi bisabirwa gufatirwa n'umutungo cyangwa agaciro k'ibyo yifuza kugaruza;	1° file in the court a written notice to that effect specifying the transaction to be set aside and the property or value thereof which he or she wishes to recover;	1° déposer auprès de la juridiction un avis écrit à cet effet précisant la transaction à annuler et les biens ou valeurs qu'il souhaite recouvrer;
2° guha kopi y'iyo nyandiko urundi ruhande rwari muri ubwo bucuruzi cyangwa undi muntu ufite umutungo ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye yifuza kugaruza.	2° serve a copy of the written notice on the person with whom the transaction was entered into, and on every other person from whom the liquidator or trustee wishes to recover the matter.	2° signifier une copie de cet avis écrit à la personne avec laquelle la transaction a été conclue, et à toute autre personne auprès de laquelle le liquidateur ou le syndic souhaite récupérer l'affaire.

Umuntu wese ushobora kubangamirwa n'ikurwaho ry'ibikorwa by'ubucuruzi rivugwa muri iyo nyandiko kandi agasanga nta mpamvu ihari yatuma ibyo bikorwa by'ubucuruzi bikurwaho aregera urukiko arusaba gufata icyemezo gitambamira ikurwaho ry'ibyo bikorwa by'ubucuruzi.	Any person who would be affected by the setting aside of the transaction specified in the notice and considers that the transaction is not voidable may apply to the court for an order that such transaction not be set aside.	Toute personne qui serait affectée par l'annulation de l'opération précisée dans l'avis écrit et qui estime que l'opération n'est pas annulable peut demander à la juridiction d'ordonner que cette opération ne soit pas annulée.
Uretse iyo uwahawe kopi y'inyandiko aregeye urukiko, ibikorwa by'ubucuruzi bikurwaho nyuma y'umunsi wa makumyabiri (20) w'akazi kuva igihe ikirego gitangiwe.	Unless a person on whom the notice was served has applied to the court, the transaction is set aside after the twentieth (20) working day after the date of service of the notice.	À moins qu'une personne à qui l'avis écrit a été signifié ait présenté une demande à la juridiction, l'opération est annulée après le vingtième (20) jour ouvrable suivant la date de signification de l'avis.
Iyo umuntu umwe cyangwa benshi mu bashyikirijwe inyandiko y'ikirego aregeye urukiko, gukuraho ibikorwa by'ubucuruzi bikorwa kuva ku munsi icyemezo cyafatiwe ku kirego cya nyuma, keretse iyo urukiko rubitegetse ukundi.	Where one or more persons on whom the notice was served have applied to the court, the transaction is set aside as from the day on which the last such application is finally determined, unless the court orders otherwise.	Lorsqu'une ou plusieurs personnes à qui l'avis écrit a été signifié ont déposé une demande auprès de la juridiction, l'opération est annulée à compter du jour de prise de décision définitive sur la dernière demande, à moins que la juridiction n'en décide autrement.
Igihe ibikorwa by'ubucuruzi bikuweho, uwo byagizeho ingaruka, amaze kureka inyungu yari abifitemo, akurikirana agaciro k'iyo nyungu mu gihe cyo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi yasheshwe cyangwa yahombye.	Where a transaction is set aside, any person affected may, after giving up the benefit of the transaction, claim for the value of the benefit as a creditor in the liquidation or bankruptcy.	Lorsqu'une transaction est annulée, toute personne affectée peut, après avoir renoncé à l'avantage de la transaction, réclamer la valeur de l'avantage en tant que créancier dans la liquidation ou la faillite.

<u>Ingingo ya 219:</u> Inkurikizi zo kuvanaho ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**<u>Article 219:</u> Effects of setting aside voidable transactions**	**<u>Article 219 :</u> Effets de l'annulation des opérations annulables**
Iyo ibikorwa by'ubucuruzi bivanweho, urukiko rushobora gufata kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bikurikira:	Where a transaction is set aside, the court may make one or more of the following orders:	Lorsqu'une opération est annulée, la juridiction peut rendre une ou plusieurs des ordonnances suivantes :
1° icyemezo gitegeka umuntu kwishyura ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye umubare w'amafaranga ajyanye n'inyungu yakuye mu bucuruzi;	1° an order requiring a person to pay to the liquidator or trustee a fair sum in respect of benefits received by that person as a result of the transaction;	1° une ordonnance obligeant une personne à verser au liquidateur ou au syndic une somme équitable à l'égard des avantages qu'elle a reçu à la suite de la transaction;
2° icyemezo gitegeka ko umutungo watanzwe nk'igicuruzwa usubizwa isosiyete y'ubucuruzi cyangwa mu mutungo w'uwahombye;	2° an order requiring property transferred as part of the transaction to be restored to the company or the bankrupt's estate;	2° une ordonnance exigeant que les biens cédés dans le cadre de la transaction soient restitués à la société commerciale ou à la masse de la faillite;
3° icyemezo gitegeka ko umutungo ushyirwa mu maboko y'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa y'umucungamutungo w'uwahombye nk'inyungu ikomoka ku igurishwa ry'uwo mutungo cyangwa amafaranga yatanzwe;	3° an order requiring property to be vested in the company or the trustee representing the proceeds of sale of property or of the money transferred;	3° une ordonnance exigeant que des biens soient dévolus à la société commerciale ou au syndic représentant le produit de la vente de biens ou de l'argent transféré;
4° icyemezo gitegeka gusubiza isosiyete y'ubucuruzi cyangwa	4° an order releasing, in whole or in part, a charge given by the company or individual;	4° une ordonnance libérant, en totalité ou en partie, une sûreté donnée par la société commerciale ou l'individu;

umuntu ku giti cye ingwate cyangwa igice cyayo;		
5° icyemezo gitegeka gutanga ingwate ho ubwishyu buteganywa n'icyemezo kivugwa muri iyi ngingo;	5° an order requiring security to be given for the discharge of an order made under this Article;	5° une ordonnance exigeant de donner la garantie pour la révocation d'une ordonnance prise en vertu du présent article;
6° icyemezo kigena uburenganzira bw'uwagizweho ingaruka no kuvanaho igikorwa cy'ubucuruzi, umwanzuro cyangwa icyemezo, bwo kuburana umwenda aberewemo mu gihe cy'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete y'ubucuruzi yasheshwe cyangwa yahombye.	6° an order specifying the extent to which a person affected by the setting aside of a transaction, a declaration or order is entitled to claim as a creditor in the liquidation or bankruptcy.	6° une ordonnance précisant la mesure dans quelle une personne affectée par l'annulation d'une transaction, une déclaration ou une ordonnance a le droit de réclamer comme créancier dans la liquidation ou la faillite.
<u>Ingingo ya 220:</u> Uburenganzira busanzweho mu gihe cy'ikurwaho ry'ibikorwa by'ubucuruzi bishobora guteshwa agaciro	**<u>Article 220:</u> Acquired rights during setting aside voidable transactions**	**<u>Article 220 :</u> Droits acquis au cours de l'annulation des transactions annulables**
Gukuraho ibikorwa by'ubucuruzi, umwanzuro cyangwa icyemezo bivugwa mu ngingo ya 219 y'iri tegeko ntibigira ingaruka ku burenganzira cyangwa ku nyungu umuntu afite ku mutungo yabonye:	The setting aside of transactions, a declaration or order made under Article 219 of this Law does not affect the title or interest of a person in the property which that person has acquired:	L'annulation de transactions, d'une déclaration ou d'une ordonnance prise en vertu de l'article 219 de la présente loi n'affecte pas le titre ou la participation d'une personne dans les biens que cette personne a acquis :
1° awukuye ku wundi muntu utari isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye;	1° from a person other than the company or individual;	1° d'une personne autre que la société commerciale ou l'individu;

2° ku gaciro k'amasezerano; 3° atazi ko undi muntu yawuguze n'isosiyete y'ubucuruzi cyangwa umuntu ku giti cye. Kugaruza umutungo cyangwa agaciro kawukomokaho bikozwe n'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye bishobora guteshwa agaciro byose cyangwa igice cyabyo iyo: 1° usabwa gusubiza umutungo yawubonye mu nzira zitarimo uburiganya akawugurisha yumva neza ko kuwutanga cyangwa ubwishyu bwawo bikurikije amategeko kandi ko bitazavanwaho; 2° mu bushishozi bw'urukiko icyemezo cyo kugaruza umutungo cyangwa igice cyawo bidakwiriye.	2° for valuable contract; 3° without knowledge of the fact that another person has acquired it from a company or an individual. Recovery by the liquidator or trustee of any property or the value thereof may be denied wholly or partially if: 1° the person from whom recovery is sought received the property in good faith and has altered his or her position in the reasonably held belief that the transfer or payment of the property to that person was validly made and would not be set aside; 2° in the opinion of the court it is inequitable to order partial or full recovery.	2° pour un contrat de valeur ; 3° sans savoir que cette autre personne les a acquis auprès d'une société commerciale ou d'un individu. Le recouvrement par le liquidateur ou le syndic de tout bien ou de sa valeur peut être refusé en tout ou en partie si : 1° la personne à laquelle le recouvrement est demandé a reçu le bien de bonne foi et a modifié sa position en ayant des motifs raisonnables de croire que le transfert ou le paiement du bien à cette personne a été valablement effectué et ne serait pas annulé; 2° de l'avis de la juridiction, il est injuste d'ordonner un recouvrement partiel ou total.

UMUTWE WA X: IMIGENDEKERE Y'INAMA Y'ABABEREWEMO IMYENDA N'IYA KOMITE ISHINZWE UBUGENZUZI	**CHAPTER X: PROCEEDINGS OF THE MEETING OF CREDITORS AND COMMITTEE OF INSPECTION**	**CHAPITRE X : DÉROULEMENT DE L'ASSEMBLÉE DES CRÉANCIERS ET DE LA RÉUNION DU COMITÉ D'INSPECTION**
Icyiciro cya mbere: Imigendekere y'inama y'ababerewemo imyenda	**Section One: Proceedings of creditors' meeting**	**Section première : Déroulement de l'assemblée des créanciers**
Ingingo ya 221: Uburyo inama ziterana	**Article 221: Modalities of holding meetings**	**Article 221 : Modalités de tenue des assemblées**
Inama y'ababerewemo imyenda ikorwa:	Creditors' meeting is held by:	Une assemblée des créanciers se tient :
1° hateranye ababerewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kuyigiramo uruhare bahisemo kuyitabira ahantu, ku itariki n'isaha izaberaho;	1° assembling together those creditors entitled to take part and who choose to attend at the place, date and time appointed for the meeting;	1° en rassemblant les créanciers ayant le droit d'y participer et qui choisissent d'y participer au lieu, à la date et à l'heure choisis pour la réunion;
2° hakoreshejwe itumanaho rikoresheje amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ababerewemo imyenda bitabiriye inama bashobora kumvikaniraho icyarimwe igihe cyose inama iteranye;	2° means of audio or audio and visual communication by which all creditors participating can simultaneously hear each other throughout the meeting;	2° par un moyen de communication audio ou audiovisuelle par lequel tous les créanciers participants peuvent s'entendre simultanément tout au long de l'assemblée;
3° hakoreshejwe itora rinyuzwa mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho ku baberewemo imyenda bafite uburenganzira bwo kuyitabira.	3° conducting a postal ballot of those creditors entitled to take part or by any other communication means.	3° par organisation d'un vote par correspondance des créanciers ayant le droit d'y participer ou par tout autre moyen de communication.

Ikigo cy'ubucuruzi kiberewemo umwenda gishobora gushyiraho ugihagararira akitabira inama y'ababerewemo imyenda mu izina ryacyo.	A body corporate which is a creditor may appoint a representative to attend creditors' meeting on its behalf.	Une personne morale qui est un créancier peut nommer un représentant pour participer en son nom à une assemblée des créanciers.
Inama y'ababerewemo imyenda ishobora gushyiraho amabwiriza agena imigendekere yayo.	A meeting of creditors may regulate its own procedure.	Une assemblée des créanciers peut arrêter sa propre procédure.
<u>Ingingo ya 222:</u> Imenyesha ry'inama	**<u>Article 222:</u> Notice of meeting**	**<u>Article 222 :</u> Avis de convocation**
Kuri buri nama, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo akora imenyesha ryanditse ku bijyanye n'igihe n'ahantu inama izabera, uburyo bw'itumanaho, igihe n'aderesi byo kugarura impapuro z'itora rihabwa uberewemo umwenda wese ufite uburenganzira bwo kwitabira inama mu gihe kitari munsi y'iminsi icumi (10) y'akazi mbere y'inama.	For every meeting, the liquidator prepares a written notice of the time and place of meeting, method of communication and the time and address for the return of voting papers, which notice is given to every creditor entitled to attend the meeting not less than ten (10) working days before the meeting.	Pour chaque assemblée, le liquidateur prépare un avis écrit spécifiant l'heure et le lieu de l'assemblée, la méthode de communication, l'heure et l'adresse pour le retour de bulletins de vote, lequel avis est donné à chaque créancier ayant le droit de participer à l'assemblée au moins dix (10) jours ouvrables avant l'assemblée.
Imenyesha rigomba gusobanura amakuru ahagije y'imiterere y'ibizigwa mu gihe cy'inama kugira ngo bifashe uberewemo umwenda kugira imitekerereze ikwiye ku birebana na yo, atunganye inyandiko ijyanye n'umwanzuro azatanga mu nama anashyiremo urupapuro rw'itora ku bijyanye na buri mwanzuro, gutora n'amabwiriza y'iyohereza.	The notice must state the nature of the business to be transacted at the meeting in sufficient detail to enable a creditor to form a reasoned judgment in relation of it, set out the text of any resolution to be submitted to the meeting and include a voting paper in respect of each such resolution and voting and mailing instructions.	L'avis doit indiquer la nature des affaires à traiter lors de l'assemblée avec suffisamment de détails pour permettre à un créancier de se faire une idée éclairée sur ces affaires, contenir le texte de toute résolution à soumettre à l'assemblée et inclure un bulletin de vote pour chaque résolution, les instructions de vote et d'envoi postal.

Inenge mu imenyesha ry'inama ntitesha agaciro ibyakozwe mu nama iyo inenge idakomeye cyangwa ababerewemo imyenda bose bafite uburenganzira bwo kwitabira inama bayitabiriye batanze iyo nenge cyangwa iyo ababerewemo imyenda bose babona iyo nenge idateye ikibazo.	Any irregularity in a notice for a meeting does not invalidate anything done by that meeting if not material or all the creditors entitled to attend and vote at the meeting attend the meeting without protest as to the irregularity or if all such creditors agree to waive the irregularity.	Toute irrégularité dans l'avis de convocation n'invalide pas un quelconque acte accompli lors de cette réunion s'il n'est pas significatif ou tous les créanciers ayant le droit de participer et de vote dans la réunion ont participé à la réunion sans contestation quant à cette irrégularité ou que tous ces créanciers conviennent de renoncer à l'irrégularité.
Iyo inama isubitswe mu gihe cy'iminsi iri munsi ya mirongo itatu (30), ntibiba ngombwa ko hatangwa imenyesha ry'ahantu n'isaha by'aho inama isubitswe izabera usibye kubitangaza muri iyo nama isubitswe.	If a meeting is adjourned for less than thirty (30) days, it is not necessary to give notice of the time and place of the adjourned meeting other than by announcement at the meeting which is adjourned.	Lorsqu'une assemblée est ajournée pour moins de trente (30) jours, il n'est pas nécessaire de donner avis de l'heure et du lieu de l'assemblée ainsi ajournée autrement que par l'annonce à la réunion qui est ajournée.
<u>Ingingo ya 223:</u> Umuyobozi w'inama y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 223:</u> Chair of meeting of creditors**	**<u>Article 223 :</u> Président de l'assemblée des créanciers**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo watumije inama y'ababerewemo imyenda ni we uyiyobora. Iyo atabonetse, ababerewemo imyenda bitabiriye inama bitoramo umwe muri bo akayobora inama.	An insolvency practitioner who convenes the meeting of creditors chairs the meeting. If the insolvency practitioner is not present, the creditors participating choose one of them to chair the meeting.	Un praticien de l'insolvabilité qui convoque l'assemblée des créanciers la préside. Si le praticien de l'insolvabilité n'est pas présent, les créanciers qui y participent choisissent l'un d'entre eux pour présider la réunion.
<u>Ingingo ya 224:</u> Itora mu nama y'ababerewemo imyenda	**<u>Article 224:</u> Voting at creditors' meeting**	**<u>Article 224 :</u> Vote à l'assemblée des créanciers**
Muri buri nama, uretse aho biteganyijwe ukundi muri iri tegeko, uberewemo umwenda aba yemerewe gutora inshuro zingana n'ijanisha ry'ingano y'umwenda	Unless this Law provides otherwise, each creditor is, at any meeting, entitled to cast a number of votes proportionate to the value which the amount of the debt owing to that	Sauf disposition contraire de la présente loi, chaque créancier a le droit d'exprimer, à chaque réunion, un nombre de voix en proportion de la valeur que le montant de la dette lui due

aberewemo ugereranyije n'igiteranyo cy'imyenda y'ababerewemo imyenda bose, iyo hari ibyiciro byinshi by'ababerewemo imyenda, harebwa igiteranyo cy'imyenda ababerewemo imyenda bose bahuje icyiciro baberewemo.	creditor bears to the aggregate of the debts owning to all creditors or, if there is more than one class of creditors, to the aggregate of the debts owning to all creditors of the class to which that creditor belongs.	représente dans l'ensemble des dettes de tous les créanciers ou, s'il y a plusieurs catégories de créanciers, dans l'ensemble des dettes appartenant à tous les créanciers de la catégorie à laquelle appartient ce créancier.
Umwanzuro ufatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abatoye, keretse ku ngingo zihariye zisaba ubwiganze burenzeho buteganywa n'iri tegeko. Ijwi ry'uberewemo umwenda uyoboye inama ntirikemura impaka.	A resolution is adopted if approved by a majority of the votes cast, unless in the particular case a greater majority is required by this Law. A creditor chairing the meeting does not have a casting vote.	Une résolution est adoptée si elle est approuvée à la majorité des voix exprimées, à moins que, dans le cas particulier, une plus grande majorité ne soit requise par la présente loi. Un créancier qui préside la réunion ne dispose pas de voix prépondérante.
<u>Ingingo ya 225:</u> Itora rinyuzwa mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho	**<u>Article 225:</u> Voting by post or through any other means of communication**	**<u>Article 225 :</u> Vote par correspondance ou par tout autre moyen de communication**
Uberewemo umwenda wemerewe gutora mu nama y'ababerewemo imyenda afite uburenganzira bwo gutora abinyujije mu iposita cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho ku kibazo gifatirwa umwanzuro mu nama.	Any creditor entitled to vote at a meeting of creditors may exercise the right to vote by casting a postal vote or by any other communication means in respect of any matter to be decided at the meeting.	Un créancier ayant le droit de voter à l'assemblée des créanciers a le droit de voter par correspondance ou par tout autre moyen de communication sur toute question devant faire l'objet de décision lors de l'assemblée.
Imenyesha ry'inama rigomba kugaragaza izina ry'umuntu wemerewe kwakira no kubara amajwi yanyujijwe mu iposita ku birebana n'iyo nama. Iyo nta muntu wemerewe kwakira no kubara amajwi yanyujijwe mu iposita ku birebana n'iyo nama, ugize inama y'ubutegetsi cyangwa mu gihe isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya	The meeting notice must state the name of the person authorized to receive and count postal votes in respect of that meeting. If no person has been authorized to receive and count postal votes in respect of a meeting or if no person is named as being so authorized, a director or, if the company is in liquidation,	L'avis de convocation de l'assemblée doit indiquer le nom de la personne autorisée à recevoir les votes par correspondance et faire leur décompte en rapport avec cette assemblée. Lorsque personne n'a pas été désigné en tant qu'autorisée à recevoir les votes par correspondance en rapport avec cette assemblée et à faire leur décompte, un membre du Conseil

n'igabagabanya ry'umutungo, ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo bafatwa nk'aho ari bo bemerewe.	the liquidator is considered to be so authorized.	d'administration ou si la société commerciale est en liquidation, le liquidateur est réputé être ainsi autorisé.
Uberewemo umwenda ashobora gutora abinyujije mu iposita ku bibazo byose cyangwa bimwe muri byo akoresheje urupapuro rw'itora yanditseho akarwohereza umuntu wemerewe kwakira no kubara amajwi anyujijwe mu iposita ku birebana n'iyo nama, kugira ngo bibe byagejewe kuri uwo muntu bitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) mbere y'itangira ry'inama cyangwa bitarenze itariki yateganyijweho kuba urwo rupapuro rw'itora rwagaruwe.	A creditor may cast a postal vote on all or any of the matters to be voted on at the meeting by sending a marked voting paper to a person authorized to receive and count postal votes in respect of that meeting, so as to reach that person not later than twenty-four (24) hours before the start of the meeting or not later than the date indicated for the return of the voting paper.	Un créancier peut exprimer un vote par correspondance sur toutes ou quelques questions devant être soumises au vote lors de l'assemblée en envoyant un bulletin de vote marqué à une personne habilitée à recevoir les votes par correspondance en rapport avec cette assemblée et à faire leur décompte afin de le faire parvenir à cette personne au plus tard vingt-quatre (24) heures avant le début de la réunion ou au plus tard à la date indiquée pour le retour du bulletin de vote.
<u>Ingingo ya 226:</u> Ikusanya n'ibara ry'amajwi anyuzwa mu iposita	**<u>Article 226:</u> Collecting and counting postal votes**	**<u>Article 226 :</u> Collecte et décompte de votes par correspondance**
Umuntu wemerewe kwakira no kubara amajwi anyuzwa mu iposita afite inshingano zikurikira: 1° gukusanya amajwi yose anyuzwa mu iposita yakiriye ubwe cyangwa yakiriwe n'undi ubyemerewe; 2° ku bijyanye na buri mwanzuro ugomba gutorwa, kubara umubare w'ababerewemo imyenda batora bashyigikira umwanzuro, umubare	A person authorized to receive and count postal votes has the following duties: 1° to collect together all postal votes received by him or her or by any other authorized person; 2° in respect of each resolution to be voted on, to count the number of creditors voting in favour of the resolution, the number of votes cast	Une personne autorisée à recevoir les votes par correspondance et à faire leur décompte a les devoirs suivants : 1° rassembler tous les votes par correspondance reçus par elle ou par toute autre personne autorisée; 2° pour chacune des résolutions devant être soumise au vote, compter le nombre de créanciers votant en faveur de la résolution, le nombre de voix exprimés

w'amajwi watowe na buri wese uberewemo umwenda, umubare w'ababerewemo imyenda batora badashyigikira umwanzuro n'umubare w'amajwi watowe na buri wese uberewemo umwenda udashyigikira umwanzuro;	by each creditor in favour of the resolution, the number of creditors voting against the resolution and the number of votes cast by each creditor against the resolution;	par chaque créancier en faveur de la résolution, le nombre de créanciers votant contre la résolution et le nombre de voix exprimées par chaque créancier contre la résolution;
3° gusinya icyemezo kigaragaza ko yakoze inshingano ze kandi kigaragaza ibyavuye mu ibarura;	3° to sign a certificate that he or she has carried out his or her duties and stating the results of the counts;	3° signer un certificat attestant qu'il a rempli ses attributions tout en indiquant les résultats du décompte de votes;
4° kwitwararika ko icyemezo kivugwa mu gace ka 3° k'iyi ngingo gishyikirizwa umuntu uyoboye cyangwa watumije inama.	4° to ensure that the certificate provided for under item 3° of this Article is presented to the person chairing or convening the meeting.	4° veiller à ce que le certificat visé au point 3° du présent article soit présenté à la personne qui préside ou qui a convoqué la réunion.
Iyo, mu nama, habayeho itora ku mwanzuro uwo ari wo wose watowe hakoreshejwe iposita, uyoboye inama abara amajwi yose yatowe n'uberewemo umwenda wohereje urupapuro rwanditseho ko ashyigikiye cyangwa adashyigikiye umwanzuro.	If, at a meeting, a vote is taken on any resolution on which postal votes have been cast, the person chairing the meeting counts all the votes cast by a creditor who has sent in a voting paper duly marked as for or against the resolution.	Si, lors d'une réunion, il est procédé à un vote sur une quelconque résolution ayant été soumise au vote, la personne qui préside la réunion fait le décompte de toutes les voix exprimées par chaque créancier ayant envoyé un bulletin de vote dûment marqué en faveur ou contre la résolution.
Icyemezo icyo ari cyo cyose gitangwa mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agace ka 3° n'aka 4°, ku bijyanye n'itora rinyuzwa mu iposita rirebana n'inama iyo ari yo yose y'ababerewemo imyenda cyomekwa ku nyandikomvugo y'inama.	Any certificate given under Paragraph One of this Article, item 3º and 4º in relation to the postal votes cast in respect of any meeting of creditors is annexed to the minutes of the meeting.	Tout certificat donné en vertu de l'alinéa premier du présent article, points 3º et 4º en ce qui concerne les votes par correspondance exprimés en rapport avec toute assemblée des créanciers est annexé au procès-verbal de l'assemblée.

Ingingo ya 227: Inyandikomvugo y'inama y'ababerewemo imyenda Umuntu uyoboye inama y'ababerewemo imyenda agomba kwitwararika ko inyandikomvugo y'imigendekere y'inama yuzuye, ari ukuri kandi ikabikwa. Inyandikomvugo yasinywe n'umuyobozi w'inama cyangwa uwayitumije ni ikimenyetso cy'ibanze cy'imigendekere y'inama.	**Article 227: Minutes of meeting of creditors** The person chairing a meeting of creditors ensures that full and accurate minutes are kept of all proceedings. Minutes which have been signed by the person chairing or convening the meeting are prima facie evidence of the meeting proceedings.	**Article 227 : Procès-verbal de l'assemblée des créanciers** La personne qui préside une assemblée des créanciers veille à ce que des procès-verbaux complets et exacts soient dressés pour tout déroulement de l'assemblée. Les procès-verbaux signés par la personne qui préside ou convoque l'assemblée constituent une preuve prima facie du déroulement de l'assemblée.
Icyiciro cya 2: Imigendekere y'inama ya komite ishinzwe ubugenzuzi	**Section 2: Proceedings of meeting of committee of inspection**	**Section 2 : Déroulement de la réunion du comité d'inspection**
Ingingo ya 228: Inshuro inama za komite ishinzwe ubugenzuzi ziterana Komite ishinzwe ubugenzuzi iterana igihe cyose bibaye ngombwa.	**Article 228: Frequency of meetings of committee of inspection** The committee of inspection meets whenever necessary.	**Article 228 : Fréquence des réunions du comité d'inspection** Le comité d'inspection se réunit chaque fois que de besoin.
Ingingo ya 229: Umubare wa ngombwa kugira ngo komite ishinzwe ubugenzuzi iterane kandi ifate ibyemezo Inama ya komite ishinzwe ubugenzuzi iterana iyo hari ubwiganze bw'abayigize kandi ifata ibyemezo ku bwiganze bw'abitabiriye inama.	**Article 229: Quorum for meetings and decision-making the committee of inspection** The committee of inspection meets when the majority of its members are present and its decisions are made by a majority vote of the members present.	**Article 229: Quorum pour réunions et prise de décisions par le comité d'inspection** Le comité d'inspection se réunit lorsque la majorité de ses membres sont présents et ses décisions sont prises à la majorité des membres présents.

Ingingo ya 230: Iyegura n'ikurwaho ry'ugize komite ishinzwe ubugenzuzi	**Article 230: Resignation and removal of a member of the committee of inspection**	**Article 230 : Démission et révocation d'un membre du comité d'inspection**
Ugize komite ishinzwe ubugenzuzi ashobora kwegura akabimenyesha mu nyandiko yashyizeho umukono akayohereza ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo w'uwahombye, bitewe n'uko ibintu bimeze.	A member of the committee of inspection may resign by notice in writing signed by him or her and delivered to the liquidator or trustee as the case may be.	Un membre du comité d'inspection peut démissionner par avis écrit signé par lui et remis au liquidateur ou au syndic, selon le cas.
Ugize komite ishinzwe ubugenzuzi ashobora gukurwaho n'umwanzuro wafatiwe mu nama y'ababerewemo imyenda, iyo ugize komite ahagarariye ababerewemo imyenda cyangwa uw'abanyamigabane iyo ugize komite ari bo ahagarariye, kandi iyo nama ikaba yaratumijwe mu nyandiko mu minsi itanu (5) y'akazi mbere y'uko iterana inagaragaza ibizayisuzumirwamo.	A member of the committee of inspection may be removed by a resolution carried at a meeting of creditors, if the member represents creditors, or of shareholders, if the member represents shareholders, with the notice for such a meeting being given within five (5) working days before the meeting and stating the business to be transacted.	Un membre du comité d'inspection peut être révoqué par une résolution adoptée lors d'une réunion des créanciers, si le membre représente les créanciers ou des actionnaires, si le membre représente les actionnaires, et l'avis de convocation d'une telle réunion est donné dans les cinq (5) jours ouvrables précédant la réunion et indique les points à l'ordre du jour.
UMUTWE WA XI: INGINGO ZIHURIWEHO N'ABAKORA UMWUGA WO KUZAHURA UBUCURUZI CYANGWA GUCUNGA IGIHOMBO	**CHAPTER XI: COMMON PROVISIONS TO INSOLVENCY PRACTITIONERS**	**CHAPITRE XI : DISPOSITIONS COMMUNES AUX PRATICIENS DE L'INSOLVABILITÉ**
Ingingo ya 231: Abantu bemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo	**Article 231: Persons qualified to act as insolvency practitioners**	**Article 231 : Personnes qualifiées pour agir en tant que praticiens de l'insolvabilité**
Nta muntu wemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo keretse abiherewe uruhushya.	No person shall act as an insolvency practitioner unless he or she is licensed.	Personne ne peut agir en qualité de praticien de l'insolvabilité que s'il est agréé.

Icyakora, kuba umuntu atemerewe gukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ntibitesha agaciro imirimo yakoranye n'undi muntu utari uzi ko atabifitiye uruhushya, keretse urukiko rubitegetse ukundi.	However, the fact that a person is not qualified to act as an insolvency practitioner does not affect the validity of anything done with a bona fide third party while so acting, unless the court orders otherwise.	Toutefois, le fait qu'une personne ne soit pas qualifiée pour agir en tant que praticien de l'insolvabilité n'affecte pas la validité de tout ce qui a été fait avec un tiers de bonne foi pendant qu'elle agit ainsi, sauf ordonnance contraire de la juridiction.
Iteka rya Minisitiri rigena imitunganyirize, imikorere, uburyo bwo gutanga impushya n'umushahara by'abakora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo.	A Ministerial Order determines the organization, functioning, licensing and professional fees for insolvency practitioners.	Un arrêté ministériel détermine l'organisation, le fonctionnement, l'octroi d'agréments et les honoraires professionnels pour les praticiens de l'insolvabilité.
Ingingo ya 232: Abantu batemerewe gukora nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo	**Article 232: Persons disqualified from acting as liquidator or administrator**	**Article 232 : Personnes interdites d'agir en tant que liquidateur ou administrateur**
Abantu bakurikira ntibashobora gushyirwaho kugira ngo bakore nk'ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa umucungamutungo b'isosiyete y'ubucuruzi:	The following persons may not be appointed or act as a liquidator or administrator of a company:	Les personnes suivantes ne peuvent pas être nommées ni agir en tant que liquidateur ou administrateur d'une société commerciale :
1° uberewemo umwenda n'isosiyete y'ubucuruzi bireba cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ifitanye isano na yo;	1° a creditor of the company concerned or of a related company;	1° créancier d'une société commerciale concernée ou d'une société commerciale liée;
2° umuntu, mu myaka ibiri (2) ibanza, wabaye umunyamigabane, ugize inama y'ubutegetsi cyangwa	2° a person who has, within the previous two (2) years, been a shareholder,	2° une personne qui, au cours des deux (2) années précédentes, a été actionnaire, membre du Conseil d'administration ou

umugenzuzi w'isosiyete y'ubucuruzi iri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi ifitanye isano na yo.	director or auditor of a company in liquidation or of its related company.	auditeur d'une société commerciale en liquidation ou de sa société commerciale liée.
Ingingo ya 233: Abantu batemerewe gukora nk'umucungamutungo w'uwahombye cyangwa umugenzuzi	**Article 233: Persons disqualified from acting as trustee or supervisor**	**Article 233 : Personnes interdites d'agir en tant que syndic ou superviseur**
Uberewemo umwenda n'umuntu ku giti cye ntashobora gushyirwaho cyangwa gukora nk'umugenzuzi w' ubwumvikane bw'umuntu ku giti cye cyangwa umucungamutungo w'uwahombye w'umutungo we.	A creditor of an individual may not be appointed or act as a supervisor of an individual's arrangement or as a trustee of his or her estate.	Le créancier d'un individu ne peut pas être nommé ou agir en tant que superviseur de l'arrangement d'un individu ou syndic pour la masse de ses actifs.
Ingingo ya 234: Icyemezo kivanaho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo	**Article 234: Prohibition order for insolvency practitioner**	**Article 234 : Ordonnance d'interdiction d'un praticien de l'insolvabilité**
Iyo urukiko rubonye ibimenyetso bigaragaza ko umuntu yakomeje kurangwaho kutuzuza inshingano ze nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo bitewe no kutubahiriza ibikubiye muri iri tegeko cyangwa irindi kosa rikomeye, rufata icyemezo cyo kumuvanaho.	Where it is shown to the satisfaction of the court that a person is unable to act as insolvency practitioner by reason of persistent failures to comply within the meaning of this Law or of the seriousness of any failure to comply, the court decides to remove him or her.	Lorsqu'il est démontré à la satisfaction de la juridiction qu'une personne est incapable d'agir en tant que praticien de l'insolvabilité en raison de manquements persistants au sens de la présente loi ou de la gravité de tout manquement, la juridiction décide de le révoquer.
Umwanditsi Mukuru, ashingiye ku cyemezo cy'urukiko, afata icyemezo cyo guhagarika ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi	On the basis of the court's decision, the Registrar General decides to suspend the insolvency practitioner for a period not exceeding five (5) years.	Le Registraire général, sur base d'une décision judiciaire, décide de suspendre le praticien de l'insolvabilité pour une période ne dépassant pas cinq (5) ans.

cyangwa gucunga igihombo mu gihe kitarengeje imyaka itanu (5).		
Igihe cyose icyemezo cy'urukiko kivanaho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kigikurikizwa ku bijyanye n'umuntu uwo ariwe wese, uwo muntu, bihereye icyo gihe ahita areka gukora nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kandi bigafatwa nk'uwakuwe kuri uwo mwanya.	For so long as the prohibition court order removing an insolvency practitioner under Paragraph One of this Article remains in force in respect of any person, that person, with immediate effect may not act as insolvency practitioner, and is considered to have been removed from any office as such.	Toutes les fois que l'ordonnance judiciaire d'interdiction d'un praticien de l'insolvabilité visée l'alinéa premier du présent article reste en vigueur à l'égard de toute personne, celle-ci ne peut, avec effet immédiat, agir en tant que praticien de l'insolvabilité et est réputée avoir été révoquée de ce poste comme tel.
Iyo, ku nshuro ebyiri cyangwa zirenga mu gihe cy'imyaka itanu (5) ibanza, umuntu yakoraga nk'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo, urukiko rukaba rwarafashe icyemezo kigomba kubahirizwa n'uwo muntu, cyangwa se hakaba harabaye ubusabe bw'icyemezo uwo muntu agomba kubahiriza, uwo muntu akaba ataracyubarije, nyuma y'ubwo busabe kandi mbere y'iburanisha, bishobora kuba ikimenyetso cyo gukomeza kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko.	If on two or more occasions within the preceding five (5) years, while a person was acting as insolvency practitioner, the court made an order to comply in respect of that person or an application for an order to comply was made in respect of that person and the person has not complied after the making of the application and before the hearing, may be evidence of persistent failure to comply with the provisions of this Law.	Si à deux ou plusieurs reprises dans les cinq (5) ans précédents, lorsqu'une personne agissait en tant que praticien de l'insolvabilité, la juridiction a rendu une ordonnance obligeant cette personne à se conformer ou une demande d'ordonnance de se conformer a été faite à l'égard de cette personne et que celle-ci n'a pas obtempéré, après la transmission de la demande et avant l'audience, peut-être une preuve de non-respect persistant des dispositions de la présente loi.
Imiburanishirize yose yerekeye ikirego gisaba gufata icyemezo ivugwa muri iyi ngingo igomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru na we akabika kopi y'icyo kirego muri dosiye ifite ikimenyetsoshakiro gihura	All proceedings relating to any application for an order under this Article must be served on the Registrar General who must keep a copy of the proceedings on a public file	Toutes les procédures relatives à une demande d'ordonnance en vertu du présent article doivent être signifiées au Registraire général qui, à son tour, en garde une copie dans un dossier public

n'amazina y'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo bireba.	indexed by reference to the name of the insolvency practitioner concerned.	indexé par référence au nom du praticien de l'insolvabilité concerné.
Ingingo ya 235: Uburenganzira n'uburyozwe by'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ku byo asubizwa	**Article 235: Insolvency practitioner's right to re-imbursement and his or her liability**	**Article 235 : Droit du praticien de l'insolvabilité au remboursement et sa responsabilité**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo agomba gusubizwa amafaranga yakoresheje mu bikorwa by'isosiyete y'ubucuruzi ku mpamvu zumvikana, mu gihe ashyira mu bikorwa inshingano ze kandi akaryozwa amasezerano ayo ari yo yose yaba yakoze nta bubasha.	The insolvency practitioner must be reimbursed for reasonably incurred expenses in relation to the activities of a company in the exercise of his or her duties and must be liable to any contract entered into without authority.	Le praticien de l'insolvabilité doit être remboursé pour les dépenses raisonnablement engagées dans les activités d'une société commerciale dans l'exercice de ses fonctions et doit être tenu responsable pour tout contrat conclu sans autorisation.
Ingingo ya 236: Ubusaze	**Article 236: Prescription**	**Article 236 : Prescription**
Ikirego cyose kirebana n'ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kivuka mu gihe cyo kurangiza inshingano ze kigomba kuba cyatanzwe mu gihe kitarenze imyaka itatu (3) ikurikira igihe ibikorwa by'ikurikirana ry'igihombo byashorejwe cyangwa ku itariki icyemezo cy'isoza kibereye ndakuka.	Any action against an insolvency practitioner arising from discharging his or her duties must be filed within three (3) years following the date of conclusion of the insolvency proceedings or on the day the order of conclusion is final.	Toute action intentée contre un praticien de l'insolvabilité dans l'exercice de ses fonctions doit être déposée dans les trois (3) ans suivant la date de clôture de la procédure d'insolvabilité ou le jour où l'ordonnance de clôture devient définitive.

UMUTWE WA XII: AMATEGEKO AGENGA IGIHOMBO NDENGAMIPAKA	**CHAPTER XII: CROSS-BORDER INSOLVENCY REGIME**	**CHAPITRE XII: RÉGIME D'INSOLVABILITÉ INTERNATIONALE**
Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange	**Section One: General provisions**	**Section première: Dispositions générales**
Ingingo ya 237: Igihe hakoreshwa uburyo bw' igihombo ndengamipaka	**Article 237: Application of cross-border insolvency**	**Article 237 : Application de l'insolvabilité internationale**
Ikurikirana ry'igihombo ndengamipaka rikurikizwa mu bihe bikurikira:	Cross-border insolvency proceedings apply in the following circumstances:	Les procédures d'insolvabilité internationale s'appliquent dans les circonstances suivantes:
1° iyo hari ubufasha busabwe mu Rwanda n'urwego rwo mu mahanga cyangwa uhagarariye umunyamahanga ku gihombo cyatangiriye mu mahanga;	1° when assistance is sought in Rwanda by a foreign authority or a foreign representative in connection with a foreign proceeding;	1° lorsqu'une assistance est demandée au Rwanda par une autorité étrangère ou un représentant étranger en ce qui concerne une procédure étrangère;
2° iyo hashakishwa ubufasha mu gihugu cy'amahanga bujyanye n'ikurikirana ry'igihombo cyatangiriye mu Rwanda;	2° when assistance is sought in a foreign State in connection with an insolvency proceeding based in Rwanda;	2° lorsqu'une assistance est demandée dans un État étranger en ce qui concerne une procédure d'insolvabilité ouverte au Rwanda;
3° iyo ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ririmo kubera rimwe n'iryo mu Rwanda k'ubereyemo abandi imyenda umwe;	3° where a foreign proceeding and a proceeding in Rwanda in respect of the same debtor are taking place concurrently;	3° lorsqu'une procédure étrangère et une procédure au Rwanda concernant le même débiteur ont lieu concurremment;
4° iyo ababerewemo umwenda cyangwa abandi bantu bari mu mahanga bafite inyungu zo gusaba itangiza ry'ikurikirana ry'igihombo	4° where creditors or other interested persons in a foreign state have an interest in requesting the commencement of or participating in	4° lorsqu'il est dans l'intérêt des créanciers ou d'autres personnes intéressées dans un État étranger de demander l'ouverture d'une procédure ou de participer à une

cyangwa kugira uruhare mu ikurikirana ry'igihombo ryatangiye mu Rwanda.	an insolvency proceeding opened in Rwanda.	procédure d'insolvabilité ouverte au Rwanda.
Ingingo ya 238: Kwemeza ibyemezo bijyanye n'igihombo ndengamipaka	**Article 238: Recognition of cross-border insolvency proceedings**	**Article 238: Reconnaissance des procédures d'insolvabilité internationale**
Kwemeza ibyemezo bijyanye n'igihombo ndengamipaka bikorwa n'inkiko zibifitiye ububasha mu Rwanda.	The recognition of cross-border insolvency proceedings is performed by the competent courts of Rwanda.	La reconnaissance des procédures d'insolvabilité internationale est effectuée par les juridictions compétentes du Rwanda.
Ingingo ya 239: Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo ku bikorwa birebana n'igihombo byakorewe mu mahanga	**Article 239: Insolvency practitioner acting in a foreign State**	**Article 239 Praticien de l'insolvabilité agissant dans un État étranger**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo washyizweho yemerewe gukorera mu mahanga, mu gihe amategeko yo mu mahanga abimwemerera.	An appointed insolvency practitioner is authorised to act in a foreign State to the extent admitted by relevant foreign Laws.	Un praticien de l'insolvabilité désigné est autorisé à agir dans un État étranger dans la mesure où les lois étrangères y relatives l'autorisent.
Icyiciro cya 2: Kwitabaza inkiko z'u Rwanda k'uhagarariye umunyamahanga n'uberewemo umwenda w'umunyamahanga	**Section 2: Access of foreign representatives and creditors to courts in Rwanda**	**Section 2: Accès des représentants et des créanciers étrangers aux juridictions rwandaises**
Ingingo ya 240: Uburenganzira butaziguye bwo kwitabaza inkiko	**Article 240: Right of direct access to courts**	**Article 240 : Droit d'accès direct aux juridictions**
Uhagarariye umunyamahanga afite uburenganzira bwo kwitabaza ku buryo butaziguye urukiko rubifitiye ububasha rwo	A foreign representative is entitled to apply directly to a competent court in Rwanda for	Un représentant étranger est habilité à demander directement à une juridiction compétente au

mu Rwanda, kugira ngo arusabe kwemera cyangwa gutangiza ikurikirana ry'igihombo.	recognition or commencement of the insolvency proceedings.	Rwanda la reconnaissance ou l'ouverture d'une procédure d'insolvabilité.
<u>Ingingo ya 241:</u> Ububasha bw'urukiko ku mitungo iri mu Rwanda	**<u>Article 241:</u> Court's jurisdiction over assets located in Rwanda**	**<u>Article 241:</u> Compétence de la juridiction en matière de biens situés au Rwanda**
Inkiko z'u Rwanda zifite ububasha bugarukiye gusa ku mitungo iri mu Rwanda. Kuba hari ikirego uhagarariye umunyamahanga yatanze mu rukiko rwo mu Rwanda ntibituma urukiko rwo mu Rwanda rugira ububasha kuri uwo uhagarariye umunyamahanga cyangwa ku mitungo yo mu mahanga no ku bikorwa byo mu mahanga by'urimo umwenda.	The courts of Rwanda have limited jurisdiction on assets located in Rwanda. The sole fact that an application is made to a court in Rwanda by a foreign representative does not subject the foreign representative or the foreign assets and affairs of the debtor to the jurisdiction of the courts of Rwanda.	Les juridictions du Rwanda ont une compétence limitée sur les biens situés au Rwanda. Le seul fait qu'une demande soit présentée à une juridiction du Rwanda par un représentant étranger ne soumet pas ledit représentant ni les biens ou affaires à l'étranger du débiteur à la compétence des juridictions du Rwanda.
<u>Ingingo ya 242</u>: Ibisabwa uhagarariye umunyamahanga kugira ngo atangize ikurikirana ry'igihombo	**<u>Article 242</u>: Conditions for a foreign representative to commence an insolvency proceeding**	**<u>Article 242 :</u> Conditions pour qu'un représentant étranger ouvre une procédure d'insolvabilité**
Uhagarariye umunyamahanga ashobora gusaba gutangiza ikurikirana ry'igihombo iyo ibisabwa kugira ngo hatangizwe iryo kurikirana ry'igihombo byujujwe hakurikijwe iri tegeko.	A foreign representative may apply to commence proceedings related to insolvency if the conditions for commencing such proceeding are met in accordance with this Law.	Un représentant étranger peut demander l'ouverture d'une procédure d'insolvabilité si les conditions d'ouverture d'une telle procédure sont réunies conformément à la présente loi.
<u>Ingingo ya 243</u>: Uburenganzira bw'uhagarariye umunyamahanga mu ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda	**<u>Article 243</u>: Rights of a foreign representative with respect to an insolvency proceeding in Rwanda**	**<u>Article 243</u>: Droits d'un représentant étranger en matière de procédure d'insolvabilité au Rwanda**
Iyo ikurikirana ry'igihombo ryemejwe mu mahanga, uhagarariye umunyamahanga afite	Upon recognition of a foreign proceeding, the foreign representative is entitled to	Dès la reconnaissance d'une procédure étrangère, le représentant étranger est habilité à

uburenganzira bwo kugira uruhare mu ikurikirana ry'igihombo kireba ubereyemo abandi imyenda mu Rwanda.	participate in an insolvency proceeding against his or her debtor in Rwanda.	participer à une procédure d'insolvabilité contre son débiteur au Rwanda.
<u>Ingingo ya 244:</u> Kugera ku buryo bwo gukurikirana igihombo ndengamipaka k'uberewemo umwenda w'umunyamahanga	**<u>Article 244:</u> Access of a foreign creditor to a cross-border insolvency regime**	**<u>Article 244:</u> Accès d'un créancier étranger au régime d'insolvabilité internationale**
Uberewemo umwenda w'umunyamahanga agira uburenganzira nk'ubw'abandi baberewemo imyenda bo mu Rwanda ku bijyanye no gutangiza uburyo bwo gukurikirana igihombo muri rusange no kubugiramo uruhare.	Foreign creditors have the same rights as other creditors in Rwanda regarding the commencement of, and the participation in general insolvency proceeding.	Les créanciers étrangers ont, en ce qui concerne l'ouverture d'une procédure générale d'insolvabilité et la participation à cette procédure, les mêmes droits que les autres créanciers au Rwanda.
Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibigira ingaruka ku gushyira ibyishyurwa mu byiciro mu buryo bwo gukurikirana igihombo buteganywa n'iri tegeko, kandi kwishyuza biturutse mu mahanga bishyirwa mu byiciro bimwe n'ibyishyurwa byo mu Rwanda biteye kimwe.	The provisions of Paragraph One of this Article do not affect the ranking of claims in a proceeding under this Law, foreign claims will be ranked as equivalent claims in Rwanda.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne portent pas atteinte au rang de priorité des créances ouverte en vertu de la présente loi, les créances étrangères seront du même rang que les créances de nature équivalente au Rwanda.
<u>Ingingo ya 245</u>: Uburyo umunyamahanga uberewemo umwenda amenyeshwa ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda	**<u>Article 245:</u> Procedure for notifying a foreign creditor of an insolvency proceeding in Rwanda**	**<u>Article 245:</u> Modalité de notifier à un créancier étranger une procédure d'insolvabilité au Rwanda**
Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 5 y'iri tegeko, imenyesha rihabwa ababerewemo	Subject to the provision of Article 5 of this Law, notification is given to known creditors that do not have addresses in Rwanda.	Sous réserve des dispositions de l'article 5 de la présente loi, une notification est donnée aux

umwenda bazwi badafite aderesi mu Rwanda.		créanciers connus qui n'ont pas d'adresse au Rwanda.
Urukiko rushobora gutegeka ko ibyemezo bikwiye bifatwa hagamijwe kumenyesha ababerewemo umwenda bafite aderesi itaramenyekana. Iryo menyesha rihabwa umunyamahanga uberewemo umwenda ku giti cye, keretse urukiko rusanze hari impamvu ituma hakoreshwa ubundi buryo bw'imenyesha bukwiye. Nta mabaruwa mu gusaba ubufatanye cyangwa ubundi buryo busa na bwo bukenewe.	The court may order that appropriate steps be taken with a view to notifying any creditor whose address is not yet known. Such notification is made to the foreign creditors individually, unless the court considers that, under the circumstances, some other form of notification would be more appropriate. No letters rogatory or other similar formality is required.	La juridiction peut ordonner que des mesures appropriées soient prises pour notifier tout créancier dont l'adresse n'est pas encore connue. Cette notification est adressée individuellement aux créanciers étrangers, à moins que la juridiction ne juge, en fonction des circonstances, qu'une autre forme de notification serait plus appropriée. Aucune commission rogatoire ou autre formalité similaire n'est requise.
Imenyesha rigaragaza ibi bikurikira:	The notification indicates the following:	La notification indique ce qui suit:
1° igihe gikwiye cyo kugaragaza ibyishyuzwa no kugaragaza neza aho kwishyuza binyuzwa;	1° a reasonable time period for filing claims and specify the place for their filing;	1° délai raisonnable à observer pour la production des créances et précision du lieu où elles doivent être produites;
2° niba ababerewemo umwenda bafite ingwate bagomba kwishyuza imyenda ifite ingwate;	2° whether secured creditors need to file their secured claims;	2° si les créanciers garantis doivent produire leurs créances garanties;
3° andi makuru ya ngombwa akenewe gushyirwa muri iryo menyesha ry'ababerewemo imyenda hakurikijwe amategeko y'u Rwanda n'ibyemezo by'inkiko.	3° any other information required to be included in such a notification to creditors pursuant to the Law of Rwanda and the orders of the court.	3° toute autre information requise pour la notification aux créanciers conformément à la loi rwandaise et aux décisions de la juridiction.

Icyiciro cya 3: Kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga no kwishyura	**Section 3: Recognition of a foreign proceeding and relief**	**Section 3: Reconnaissance de la procédure étrangère et mesures disponibles**
Ingingo ya 246: Ubusabe bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga	**Article 246: Application for recognition of a foreign insolvency proceeding**	**Article 246: Demande de reconnaissance de la procédure d'insolvabilité étrangère**
Uhagarariye umunyamahanga ashobora gusaba urukiko rwo mu Rwanda rubifitiye ububasha kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga yashyiriweho.	A foreign representative may apply to the competent court in Rwanda for recognition of a foreign proceeding in which a foreign representative has been appointed.	Un représentant étranger peut demander à la juridiction compétente au Rwanda de reconnaître la procédure étrangère dans le cadre de laquelle ce représentant étranger a été désigné.
Iyo ubusabe bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga bumaze gutangwa buhita butuma umutungo w'urimo umwenda uhagarikwa.	Once an application for recognition of the foreign proceedings is made, it will cause the automatic stay to debtor's property.	Une fois qu'une demande de reconnaissance de la procédure étrangère est déposée, elle entraîne la suspension automatique à l'égard des biens du débiteur.
Ubusabe bwo kwemera buherekezwa n'ibi bikurikira:	An application for recognition is accompanied by the following:	Une demande de reconnaissance est accompagnée de ce qui suit :
1° kopi ihuye n'umwimerere w'icyemezo cyo gutangiza ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga n'igishyiraho uhagarariye umunyamahanga;	1° a certified copy of the decision commencing the foreign proceeding and appointing the foreign representative;	1° copie certifiée conforme de la décision d'ouverture de la procédure étrangère et de désignation du représentant étranger;
2° icyemezo cy'urukiko rwo mu mahanga cyemeza ko hariho uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga n'igishyiraho uhagarariye umunyamahanga;	2° a certificate from the foreign court affirming the existence of the foreign proceeding and of the appointment of the foreign representative;	2° certificat de la juridiction étrangère attestant l'existence de la procédure étrangère et de la désignation du représentant étranger;

3° mu gihe ibimenyetso bivugwa mu gace ka mbere n'aka 2° tw'iyi ngingo bidahari, ikindi kimenyetso cyemewe mu rukiko kigaragaza ko hariho uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga n'igishyiraho uhagarariye umunyamahanga.	3° in the absence of evidence referred to in items One and 2° of this Article, any other evidence acceptable to the court of the existence of the foreign proceeding and of the appointment of the foreign representative.	3° en l'absence de preuves visées aux points premier et 2° du présent article, toute autre preuve de l'existence de la procédure étrangère et de la désignation du représentant étranger susceptible d'être acceptée par la juridiction.
Ubusabe bwo kwemera buherekezwa kandi n'inyandiko igaragaza ikurikirana ry'igihombo cyo mu mahanga bwerekeranye n'urimo umwenda buzwi n'uhagarariye umunyamahanga.	An application for recognition is also accompanied by a statement identifying all foreign proceedings in respect of the debtor that are known to the foreign representative.	Une demande de reconnaissance est également accompagnée d'une déclaration identifiant toutes les procédures étrangères concernant le débiteur qui sont connues du représentant étranger.
Urukiko rushobora gusaba ko inyandiko ziherekeje ubusabe bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo bwemerejwe mu mahanga zihindurwa muri rumwe mu ndimi zemewe mu Rwanda.	The court may require a translation of documents supplied in support of the application for recognition into one of the official languages of Rwanda.	La juridiction peut exiger la traduction des documents fournis à l'appui de la demande de reconnaissance dans l'une des langues officielles du Rwanda.
<u>Ingingo ya 247</u>: Gufatwa nk'aho ukwemera kwabayeho	**<u>Article 247:</u> Presumptions concerning recognition**	**<u>Article 247:</u> Présomptions concernant la reconnaissance**
Iyo hari icyemezo cy'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga cyangwa icy'ishyirwaho ry'uhagarariye umunyamahanga kigaragaza ko hariho ikurikirana ry'igihombo mu mahanga kandi ko uhagarariye umunyamahanga yashyizweho ku buryo bukurikije amategeko, urukiko rugira uburenganzira bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo.	If there is a decision or certificate on foreign proceeding and appointment of the foreign representative evidencing that the foreign proceeding exists and foreign representative is legally appointed, the court is entitled to recognize the insolvency proceeding.	S'il existe une décision ou un certificat sur la procédure étrangère et la désignation du représentant étranger attestant que la procédure étrangère existe et que le représentant étranger est légalement désigné, la juridiction est habilitée à reconnaître la procédure d'insolvabilité.

Urukiko rufite uburenganzira bwo gufata inyandiko ziherekeza ubusabe bwo kwemera nk'aho ari inyandiko mpamo mu gihe zemejwe n'ubifitiye ububasha.	The court is entitled to presume that documents submitted in support of the application for recognition are authentic if they have been legalized by a competent authority.	La juridiction est habilitée à présumer que les documents soumis à l'appui de la demande de reconnaissance sont authentiques s'ils ont été légalisés par une autorité compétente.
Mu gihe nta yindi gihamya ibyerekana ukundi, icyicaro kizwi cyangwa aho urimo umwenda atuye, mu gihe ari umuntu ku giti cye, hafatwa nk'aho ari ho hari ibikorwa by'ingenzi by'uwo urimo umwenda.	In the absence of proof to the contrary, the debtor's registered office or habitual residence in the case of an individual, is presumed to be the centre of the debtor's main interests.	Sauf preuve contraire, le siège social ou, dans le cas d'un individu, la résidence habituelle du débiteur est présumé être le centre de ses intérêts principaux.
<u>Ingingo ya 248</u>: Icyemezo cy'uko hariho ikurikirana ry'igihombo mu mahanga	**<u>Article 248:</u> Decision to recognize a foreign proceeding**	**<u>Article 248:</u> Décision de reconnaître une procédure étrangère**
Uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga bwemerwa iyo:	A foreign proceeding is recognized if:	Une procédure étrangère est reconnue si:
1° bwujuje ibisabwa kugira ngo bwemerwe nk'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga;	1° the proceeding fulfils the requirements to be recognized as a foreign proceeding;	1° elle remplit les conditions pour être reconnue comme procédure étrangère;
2° uhagarariye abandi usaba kwemera yemewe nk'uhagarariye umunyamahanga;	2° the representative applying for recognition is accepted as a foreign representative;	2° le représentant qui demande la reconnaissance est accepté comme un représentant étranger;
3° ubusabe bwo kwemera bwujuje ibisabwa kugira ngo kwemera bibeho;	3° the application for recognition meets the requirements for recognition;	3° la demande de reconnaissance satisfait aux exigences de la reconnaissance;

4° ubusabe bwashyikirijwe urukiko rubifitiye ububasha.	4° the application has been submitted to the competent court.	4° la demande a été soumise à la juridiction compétente.
Ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ryemerwa:	The foreign proceeding is recognized:	La procédure étrangère est reconnue:
1° nk'uburyo bw'ibanze bwo gukurikirana igihombo bwo mu mahanga iyo bubera mu gihugu uberewemo umwenda afitemo ibimubyarira inyungu by'ibanze;	1° as a foreign main insolvency proceeding if it is taking place in the state where the debtor has the centre of its main interests;	1° en tant que procédure d'insolvabilité étrangère principale si elle a lieu dans l'État où le débiteur a le centre de ses intérêts principaux;
2° nk'uburyo bwo gukurikirana igihombo bwo mu mahanga butari ubw'ibanze iyo urimo umwenda akorera mu kindi gihugu gitandukanye n'icyo afitemo ibikorwa by'ibanze.	2° as a foreign non-main insolvency proceeding if the debtor has an establishment within in other country than in a state where the debtor has an establishment.	2° en tant que procédure d'insolvabilité étrangère non principale si le débiteur a un établissement dans un pays autre que l'État où ce débiteur a un établissement.
Ubusabe bwo kwemera ko hari uburyo bwo gukurikirana igihombo mu mahanga bufatwaho icyemezo mu buryo bwihuse.	An application for recognition of a foreign proceeding is decided upon as an urgent application.	La décision relative à une demande de reconnaissance d'une procédure étrangère est rendue sous forme de demande requérant célérité.
Urukiko rubifitiye ububasha rushobora guhindura cyangwa guhagarika ukwemeza iyo bigaragaye ko ibyashingiweho mu kwemeza byose cyangwa igice cyabyo, bitakiriho.	The competent court may modify or terminate recognition if it is shown that the grounds for granting it were fully or partially lacking or have ceased to exist.	La juridiction compétente peut modifier ou mettre fin à la reconnaissance s'il apparaît que les motifs de l'octroi de cette reconnaissance étaient totalement ou partiellement absents ou qu'ils ont cessé d'exister. |

<u>Ingingo ya 249</u>: Ingaruka zo kwemera ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze	**<u>Article 249:</u> Effects of recognition of a foreign main proceeding**	**<u>Article 249:</u> Effets de la reconnaissance d'une procédure étrangère principale**
Kwemera ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze bifite ingaruka zikurikira:	The recognition of a foreign main proceeding has the following effects:	La reconnaissance d'une procédure étrangère principale a les effets suivants:
1° uburenganzira bwo guhererekanya umutungo w'urimo umwenda, kuwugiraho uburenganzira cyangwa kuwukoresha mu bundi buryo burahagarara;	1° the right to transfer, encumber or otherwise dispose of any assets of the debtor is suspended;	1° le droit de transférer les actifs du débiteur, de les grever ou d'en disposer autrement est suspendu;
2° ihagarikwa ry'uburyo bwo gukurikirana igihombo ku baberewemo imyenda mu mahanga ntibukoreshwa ku baberewemo umwenda bari cyangwa bacururiza mu Rwanda ku bijyanye n'umutungo uri mu Rwanda, keretse ihagarikwa ry'ikurikirana ry'igihombo riturutse ku buryo bwo gukurikirana igihombo bwatangijwe mu Rwanda.	2° a stay of proceeding that operates against creditors of a debtor in a foreign proceeding does not apply in respect of creditors who reside or carry on business in Rwanda with respect to property in Rwanda, unless the stay of proceeding is the result of proceeding taken in Rwanda.	2° une suspension d'une procédure qui opère contre les créanciers d'un débiteur dans une procédure étrangère ne s'applique pas à l'égard des créanciers qui résident ou font des affaires au Rwanda à l'égard de biens au Rwanda, à moins que la suspension de la procédure ne soit le résultat d'une procédure engagée au Rwanda.
<u>Ingingo ya 250</u>: Andi makuru ahabwa urukiko	**<u>Article 250</u>: Subsequent information provided to the court**	**<u>Article 250</u>: Informations ultérieures fournies à la juridiction**
Guhera igihe ubusabe bwo kwemera ikurikirana ry'igihombo mu mahanga	From the time of filing the application for recognition of the foreign proceeding, the foreign representative informs the court of:	À compter du dépôt de la demande de reconnaissance de la procédure étrangère, le représentant étranger informe la juridiction:

bwatangiwe, uhagarariye umunyamahanga amenyesha urukiko: 1° impinduka z'ireme ku miterere y'uburyo bwo gukurikirana igihombo mu mahanga bwemewe cyangwa imiterere y'ishyirwaho ry'uhagarariye umunyamahanga; 2° ubundi buryo bwo gukurikirana igihombo mu mahanga bureba umuntu umwe wahombye bwamenywe n'uhagarariye umunyamahanga.	1° any substantial change in the status of the recognized foreign proceeding or the status of the foreign representative's appointment; 2° any other foreign proceeding regarding the same debtor that becomes known to the foreign representative.	1° de toute modification substantielle du statut de la procédure étrangère reconnue ou du statut de la nomination du représentant étranger; 2° de toute autre procédure étrangère concernant le débiteur qui a été portée à sa connaissance.
<u>Ingingo ya 251</u>: Ibyemezo bishobora gufatwa nyuma y'isaba ryo kwemerwa kw'ikurikirana ry'igihombo cyabereye mu mahanga Guhera ku itariki yatangiweho ubusabe bwo kwemerwa kugeza igihe ubusabe bufashweho icyemezo, urukiko rushobora, rubisabwe n'uhagarariye umunyamahanga, igihe hari ibyemezo bikeneye gufatwa ku buryo bwihutirwa kugira ngo harengerwe umutungo w'ugomba kwishyura cyangwa inyungu z'ababerewemo umwenda, gufata ibyemezo by'agateganyo harimo ibikurikira: 1° guhagarika iyishyuzwa rikorerwa ku mutungo w'ugomba kwishyura;	**<u>Article 251:</u> Relief that may be granted upon application for recognition of a foreign insolvency proceeding** From the date of filing an application for recognition until the application is decided upon, the court may, at the request of the foreign representative, where relief is urgently needed to protect the assets of the debtor or the interests of the creditors, grant relief of a provisional nature, including: 1° staying execution against the debtor's assets;	**<u>Article 251:</u> Mesures disponibles dès la demande de reconnaissance d'une procédure d'insolvabilité étrangère** Entre la date de dépôt d'une demande de reconnaissance et le prononcé de la décision relative à la reconnaissance, la juridiction peut, à la demande du représentant étranger et lorsqu'il est urgent de prendre des mesures pour protéger les biens du débiteur ou les intérêts des créanciers, ordonner des mesures conservatoires, y compris les mesures suivantes : 1° suspendre les mesures d'exécution à l'encontre des biens du débiteur;

2° kwemerera uhagarariye ikurikirana ryabereye mu mahanga cyangwa undi muntu ugenwa n'urukiko gucunga cyangwa kugurisha umutungo wose uri mu Rwanda cyangwa bimwe mu biwugize, kugira ngo harindwe cyangwa habungabungwe agaciro k'umutungo ushobora kwangirika, gutakaza agaciro cyangwa kwangirika ku bundi buryo, kubera imiterere yawo cyangwa indi mpamvu;	2° entrusting the administration or realization of all or part of the debtor's assets located in Rwanda to the foreign representative or another person designated by the court, in order to protect and preserve the value of assets that, by their nature or because of other circumstances, are perishable, susceptible to devaluation or otherwise in jeopardy;	2° confier l'administration ou la réalisation de tout ou partie des biens du débiteur situés au Rwanda au représentant étranger ou à une autre personne nommée par la juridiction, pour protéger ou préserver la valeur de ces biens lorsque, de par leur nature ou en raison d'autres circonstances, ils sont périssables, susceptibles de se dévaluer ou autrement menacés;
3° ibindi byemezo, harimo kuba hahagaritswe uburenganzira bwo gutanga umutungo cyangwa kuwugurisha, kumva abatangabuhamya cyangwa gushaka ibimenyetso n'ubundi bwoko bw'ibyemezo by'inyongera.	3° other relief including suspending the right to transfer or dispose of any asset, examination of witness or the taking of evidence and any other additional relief.	3° autres mesures, y compris la suspension du droit de transfert ou de disposition d'un quelconque bien, l'audition de témoins ou le recueil de preuves et toute autre mesure supplémentaire.
Imenyesha ry'isaba ryo gufata ibyemezo ritangwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	A notice of application requesting for taking any relief is given in accordance with this Law.	La notification de la demande visant à faire accorder des mesures est adressée conformément à la présente loi.
Uretse iyo byongerewe igihe, ibyemezo byafashwe hakurikijwe ibiteganywa n'iyi ngingo birangira iyo ubusabe bwo kwemerwa bufashweho icyemezo.	Unless extended, the relief granted under this Article terminates when the application for recognition is decided upon.	À moins qu'elles ne soient prolongées, les mesures accordées conformément au présent article cessent dès qu'il est statué sur la demande de reconnaissance.

Urukiko rushobora kwanga gufata ibyemezo biteganywa muri iyi ngingo iyo ibyo byemezo bishobora kubangamira irangizwa ry'ikurikirana ry'urukiko ryabereye mu gihugu ugomba kwishyura afitemo ibikorwa by'ingenzi.	The court may refuse to grant relief under this Article if such relief would interfere with the administration of a foreign main proceeding.	La juridiction peut refuser d'accorder les mesures visées au présent article si ces mesures risquent d'entraver l'administration de la procédure étrangère principale.
<u>Ingingo ya 252</u>: Ibyemezo bishobora gufatwa nyuma yo kwemerwa kw'ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**<u>Article 252:</u> Relief that may be granted upon recognition of a foreign insolvency proceeding**	**<u>Article 252:</u> Mesures disponibles dès la reconnaissance d'une procédure d'insolvabilité étrangère**
Bisabwe n'uhagarariye ikurikirana ry'igihombo ryatangiriye mu mahanga, ikurikirana ry'urukiko ryaba iryabereye mu gihugu ugomba kwishyura afitemo ibikorwa by'ingenzi cyangwa mu gihugu akoreramo, urukiko rushobora gufata ibyemezo bya ngombwa bikenewe kugira ngo harindwe umutungo w'ugomba kwishyura cyangwa inyungu z'ababerewemo imyenda, harimo:	Upon recognition of a foreign proceeding, whether main or non-main, the court may, at the request of the foreign representative, grant any appropriate relief necessary to protect the assets of the debtor or the interests of the creditors, including:	Pour protéger les biens du débiteur ou les intérêts des créanciers, la juridiction peut, dès la reconnaissance d'une procédure d'insolvabilité étrangère, qu'elle soit principale ou non principale, accorder, à la demande du représentant étranger, toute mesure appropriée, notamment:
1° guhagarika uburenganzira bwo gutanga cyangwa kugurisha umutungo uwo ari wo wose w'ugomba kwishyura iyo ubu burenganzira butigeze buhagarikwa;	1° suspending the right to transfer or dispose of any assets of the debtor to the extent this right has not been suspended;	1° suspendre le droit de transférer les biens quelconques du débiteur ou d'en disposer autrement dans la mesure où ce droit n'a pas été suspendu;
2° guteganya ko habaho kumva abatangabuhamya, gushaka ibimenyetso cyangwa gutanga amakuru yerekeye umutungo, ibintu,	2° providing for the examination of witnesses, the taking of evidence or the delivery of information concerning the debtor's assets,	2° prévoir l'interrogatoire des témoins, recueillir des preuves ou fournir des renseignements concernant les biens, les

uburenganzira, inshingano n'imyenda by'ugomba kwishyura;	affairs, rights, obligations or liabilities;	affaire, les droits, les obligations ou les dettes du débiteur;
3° kwemerera uhagarariye umutungo w'umunyamahanga cyangwa undi muntu ugenwa n'urukiko gucunga cyangwa kugurisha umutungo wose uri mu Rwanda cyangwa bimwe mu biwugize;	3° entrusting the administration or realization of all or part of the debtor's assets located in Rwanda to the foreign representative or another person designated by the court;	3° confier l'administration ou la réalisation de tout ou partie des biens du débiteur situés au Rwanda au représentant étranger ou à une autre personne nommée par la juridiction ;
4° kongerera igihe ibyemezo byafashwe cyangwa gufata ibindi byemezo by'inyongera.	4° extending relief granted or granting any additional relief.	4° prolonger les mesures accordées ou accorder des mesures supplémentaires.
Iyo ikurikirana ry'urukiko ryabereye mu gihugu ugomba kwishyura afitemo ibikorwa by'ingenzi cyangwa ahandi akorera rimaze kwemerwa, urukiko rushobora, rubisabwe n'uhagarariye ikurikirana ryabereye mu mahanga, kumwemerera undi muntu, kugabagabanya umutungo wose uri mu Rwanda w'ugomba kwishyurwa cyangwa bimwe mu biwugize, iyo rubona ko inyungu z'ababerewemo umwenda bari mu Rwanda zizarengerwa ku buryo bukwiye.	Upon recognition of a foreign proceeding, whether main or non- main, the court may, at the request of the foreign representative, entrust the distribution of all or part of the debtor's assets located in Rwanda to the foreign representative or another person designated by the court, provided that the court is satisfied that the interests of creditors in Rwanda are adequately protected.	Dès la reconnaissance d'une procédure étrangère, qu'elle soit principale ou non principale, la juridiction peut, à la demande du représentant étranger, confier la distribution de tout ou partie des biens du débiteur situés au Rwanda au représentant étranger ou à une autre personne nommée par la juridiction à condition que la juridiction soit convaincue que les intérêts des créanciers se trouvant au Rwanda sont suffisamment protégés.
Mu gufata ibyemezo byasabwe n'uhagarariye ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ritari iry'ibanze, urukiko rugomba kuba rwizeye neza ko, hakurikijwe itegeko ry'u Rwanda, ibyo byemezo byerekeye umutungo wacungwa mu rwego rw'iryo	In granting relief to a representative of a foreign non-main proceeding, the court must be satisfied that the relief relates to assets that, under the law of Rwanda, should be administered in the foreign non-main	Lorsqu'elle accorde une mesure au représentant d'une procédure étrangère non principale, la juridiction doit s'assurer que la mesure accordée se rapporte à des biens qui, en vertu de la loi rwandaise, devraient être administrés dans la procédure étrangère non principale ou que la

kurikirana ryabereye aho uwishyuzwa adafite ibikorwa by'ingenzi cyangwa birebana n'amakuru asabwa muri iryo kurikirana.	proceeding or concerns information required in that proceeding.	mesure a trait à des renseignements requis dans cette procédure.
Ingingo ya 253: Kurinda ababerewemo imyenda cyangwa abandi bantu bafite inyungu	**Article 253: Protection of creditors and other interested persons**	**Article 253: Protection de créanciers et d'autres personnes intéressées**
Mu gufata icyemezo, kwanga kugifata, kugihindura cyangwa kugihagarika, urukiko rugomba kuba rwizeye neza ko inyungu z'ababerewemo imyenda cyangwa abandi bafite inyungu zirengewe mu buryo bukwiye.	When granting or denying relief, modifying or terminating relief, the court must be satisfied that the interests of the creditors and other interested persons, including the debtor, are adequately protected.	Lorsqu'elle accorde ou refuse d'accorder une mesure ou lorsqu'elle modifie ou fait cesser les mesures accordées, la juridiction doit s'assurer que les intérêts des créanciers et des autres personnes intéressées, y compris le débiteur, sont suffisamment protégés.
Urukiko rushobora kugena ibigomba kwitabwaho rubona ko bikwiye igihe hafashwe ibyemezo. Rushobora kandi, rubisabwe n'uhagarariye umunyamahanga cyangwa umuntu wagizweho ingaruka n'ibyemezo byafashwe cyangwa rubyibwirije, guhindura ibyo byemezo cyangwa kubihagarika.	The court may subject relief granted to conditions it considers appropriate. The court may also, at the request of the foreign representative or a person affected by relief granted or at its own motion, modify or terminate such relief.	La juridiction peut subordonner aux conditions qu'elle juge appropriées une mesure accordée. La juridiction peut également, à la demande du représentant de la procédure étrangère ou de la personne lésée par une mesure accordée ou, statuant d'office, modifier ou faire cesser cette mesure.
Ingingo ya 254: Ikirego kigamije kwirinda ibikorwa byabangamira ababerewemo umwenda	**Article 254: Actions to avoid acts detrimental to creditors**	**Article 254: Actions visant à éviter les actes préjudiciables aux créanciers**
Iyo ikurikirana ry'igihombo mu mahanga rimaze kwemerwa, urihagarariye afite	Upon recognition of a foreign proceeding, the foreign representative has the rights to	Dès la reconnaissance d'une procédure étrangère, le représentant étranger a le droit de

uburenganzira bwo gutangiza ikirego kigamije gufungura ikurikirana ry'igihombo.	initiate an action for commencing an insolvency proceeding.	présenter une demande d'ouverture d'une procédure d'insolvabilité.
Iyo ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ritari iry'ibanze, urukiko rugomba kwizera neza ko ikirego kirebana n'umutungo uri mu Rwanda ucunzwe mu rwego rw'iryo kurikirana.	When the proceeding is a foreign non-main proceeding, the court must be satisfied that the action relates to assets located in Rwanda that should be administered in the foreign non-main proceeding.	Lorsque la procédure est une procédure étrangère non principale, la juridiction doit être convaincue que cette action concerne les actifs situés au Rwanda qui devraient être administrés selon la procédure étrangère non principale.
Icyiciro ya 4: Imikoranire y'inkiko z'u Rwanda n'uhagarariye umunyamahanga	**Section 4: Cooperation between Rwandan courts and foreign representative**	**Section 4: Coopération entre les juridictions rwandaises et représentant étranger**
Ingingo ya 255: Gukorana no guhanahana amakuru mu buryo butaziguye hagati y'urukiko rw'u Rwanda n'inkiko zo mu mahanga cyangwa n'abahagarariye abanyamahanga	**Article 255: Cooperation and direct communication between a court of Rwanda and foreign courts or foreign representatives**	**Article 255: Coopération et communication directe entre la juridiction rwandaise et les juridictions étrangères ou les représentants étrangers**
Mu bihe bivugwa mu ngingo ya 237 y'iri tegeko, urukiko rukorana uko bishoboka kose n'inkiko zo mu mahanga cyangwa abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga, ku buryo butaziguye cyangwa hifashishijwe Umwanditsi Mukuru.	In circumstances referred to in Article 237 of this Law, the court must cooperate to the maximum extent possible with foreign courts or foreign representatives, either directly or through the Registrar General.	En ce qui concerne les circonstances visées à l'article 237 de la présente loi, la juridiction doit coopérer dans toute la mesure possible avec les juridictions étrangères ou les représentants étrangers, soit directement, soit par l'intermédiaire du Registraire général.
Urukiko rufite uburenganzira bwo guhana amakuru mu buryo butaziguye n'inkiko zo mu mahanga cyangwa abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga cyangwa gusaba amakuru cyangwa ubufasha muri urwo rukiko cyangwa abahagarariye iryo kurikirana ry'igihombo.	The court is entitled to communicate directly with, or to request information or assistance directly from foreign courts or foreign representatives.	La juridiction est habilitée à communiquer directement avec les juridictions étrangères ou les représentants étrangers ou à leur demander directement des informations ou une assistance.

Ingingo ya 256: Gukorana no guhanahana amakuru mu buryo butaziguye hagati y'Umwanditsi Mukuru n'inkiko zo mu mahanga cyangwa abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**Article 256: Cooperation and direct communication between the Registrar General and foreign courts or foreign representatives**	**Article 256: Coopération et communication directe entre le Registraire général et les juridictions étrangères ou les représentants étrangers**
Mu bihe bivugwa mu ngingo ya 237 y'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru iyo arangiza inshingano ze akorana ku buryo bushoboka bwose n'inkiko zo mu mahanga cyangwa n'abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga ariko urukiko rukagenzura iyo mikoranire.	In circumstances referred to in Article 237 of this Law, the Registrar General must , in the exercise of its functions and subject to the supervision of the court, cooperate to the maximum extent possible with foreign courts or foreign representatives.	En ce qui concerne les circonstances visées à l'article 237 de la présente loi, le Registraire général doit, dans l'exercice de ses fonctions et sous réserve du contrôle de la juridiction, coopérer dans toute la mesure possible avec les juridictions étrangères ou les représentants étrangers.
Iyo ashyira mu bikorwa inshingano ze, Umwanditsi Mukuru afite uburenganzira bwo guhanahana amakuru ku buryo butaziguye n'inkiko zo mu mahanga cyangwa n'abahagarariye ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga ariko urukiko rukagenzura iyo mikoranire.	The Registrar General is entitled, in the exercise of his or her functions and subject to the supervision of the court, to communicate directly with foreign courts or foreign representatives.	Dans l'exercice de ses fonctions et sous réserve du contrôle de la juridiction, le Registraire général est habilité à communiquer directement avec les juridictions étrangères ou les représentants étrangers.
Ingingo ya 257: Uburyo bwo gukorana	**Article 257: Forms of cooperation**	**Article 257: Formes de coopération**
Imikoranire ivugwa mu ngingo ya 255 n'iya 256 z'iri tegeko ishobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bukwiye, harimo:	Cooperation referred to in Articles 255 and 256 of this Law may be implemented by any appropriate means, including:	La coopération visée aux articles 255 et 256 de la présente loi peut être assurée par tout moyen approprié, notamment:

1° gushyiraho umuntu cyangwa urwego ruzakora ruyobowe n'urukiko;	1° appointment of a person or body to act at the direction of the court;	1° la nomination d'une personne ou d'un organe chargé d'agir suivant les instructions de la juridiction;
2° guhanahana amakuru mu buryo ubwo ari bwo bwose urukiko rubona ko bukwiye;	2° communication of information by any means considered appropriate by the court;	2° la communication d'informations par tout moyen que la juridiction juge appropriée ;
3° guhuza ibikorwa byo gucunga no kugenzura umutungo n'ibintu by'ugomba kwishyura;	3° coordination of the administration and supervision of the debtor's assets and affairs;	3° la coordination de l'administration et de la surveillance des biens et des affaires du débiteur;
4° kwemera cyangwa gushyira mu bikorwa amasezerano yerekeye guhuza ibirebana n'imihango y'urukiko;	4° approval or implementation by courts of agreements concerning the coordination of proceedings;	4° l'approbation ou l'application par les juridictions des accords concernant la coordination des procédures;
5° guhuza imihango y'urukiko ibereye mu gihe kimwe ireba ugomba kwishyura.	5° coordination of concurrent proceedings regarding the same debtor.	5° la coordination des procédures concurrentes concernant le même débiteur.
Icyiciro cya 5: Ikurikirana ry'igihombo ribereye mu gihe kimwe	**Section 5: Concurrent insolvency proceedings**	**Section 5 : Procédures d'insolvabilité concurrentes**
Ingingo ya 258: Itangira ry'ikurikirana ry'igihombo nyuma y'iyemerwa ry'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze	**Article 258: Commencement of insolvency proceeding after recognition of a foreign main proceeding**	**Article 258: Ouverture d'une procédure d'insolvabilité après la reconnaissance d'une procédure étrangère**
Nyuma y'iyemerwa ry'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze, hashobora gutangizwa uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo hakurikijwe iri tegeko, iyo gusa ugomba	After recognition of a foreign main proceeding, a proceeding under this Law may be commenced only if the debtor has assets in Rwanda. The effects of that	Après la reconnaissance d'une procédure étrangère principale, une procédure ne peut être ouverte en vertu de la présente loi que si le débiteur a des biens au Rwanda. Les effets de

kwishyura afite umutungo mu Rwanda. Inkurikizi z'iryo kurikirana zigarukira gusa ku mutungo uri mu Rwanda w'ugomba kwishyura kandi mu buryo bwa ngombwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'ubufatanye no guhuza indi mitungo y'ugomba kwishyura igomba gucungwa mu rwego rw'iryo kurikirana hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.	proceeding are restricted to the assets of the debtor that are located in Rwanda and, to the extent necessary to implement cooperation and coordination, to other assets of the debtor that, under the Laws of Rwanda, should be administered in that proceeding.	cette procédure sont limités aux biens du débiteur qui sont situés au Rwanda et, dans la mesure nécessaire pour donner effet aux mesures de coopération et de coordination, aux autres biens du débiteur qui, en vertu des dispositions légales rwandaises, devraient être administrés dans cette procédure.
<u>Ingingo ya 259</u>: Guhuza uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga	**<u>Article 259:</u> Coordination of a foreign insolvency proceeding**	**<u>Article 259:</u> Coordination d'une procédure d'insolvabilité étrangère**
Mu gihe mu mahanga hari ikurikirana ry'igihombo ryabereye rimwe n'ikurikirana riteganywa n'iri tegeko ku muntu umwe ugomba kwishyura, urukiko rusaba ubufatanye no guhuza ibikorwa, hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko kandi hakubahirizwa ibi bikurikira:	Where a foreign proceeding and a proceeding under this Law are taking place concurrently regarding the same debtor, the court seeks cooperation and coordination in accordance with what is provided by this Law and the following applies:	Lorsqu'une procédure étrangère et une procédure ouverte en vertu de la présente loi ont lieu concurremment à l'encontre du même débiteur, la juridiction s'efforce d'assurer la coopération et la coordination conformément aux dispositions de la présente loi et aux conditions suivantes :
1° iyo ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda ririmo kuba mu gihe hatanzwe ubusabe bw'iyemerwa ry'ikurikirana ryabereye mu mahanga:	1° when the proceeding in Rwanda is taking place at the time the application for recognition of the foreign proceeding is filed:	1° lorsque la procédure ouverte au Rwanda est en cours au moment où est introduite la demande de reconnaissance de la procédure étrangère:
a) ibyemezo byose bifashwe bigomba kuba bitabangamiye ikurikirana ry'igihombo riri kubera mu Rwanda;	a) any relief granted must be consistent with the proceeding in Rwanda;	a) toute mesure accordée doit être conforme à la procédure ouverte au Rwanda;

b) iyo ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga ryemewe mu Rwanda nk'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze, nta nkurikizi z'iyemerwa ziba kuri iryo kurikirana;	b) if the foreign proceeding is recognized in Rwanda as a foreign main proceeding, effects of recognition of main foreign proceeding do not apply;	b) si la procédure étrangère est reconnue au Rwanda en tant que procédure étrangère principale, les effets de la reconnaissance de cette procédure principale étrangère ne s'appliquent pas;
2° iyo ikurikirana ry'igihombo mu Rwanda ritangiye nyuma y'iyemerwa cyangwa y'itangwa ry'ubusabe bw'iyemerwa ry'ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga, ibyemezo byose byafashwe n'urukiko bisubirwamo kandi bigahindurwa cyangwa bigaseswa iyo bibangamiye ikurikirana ry'igihombo ririmo kubera mu Rwanda;	2° when a proceeding in Rwanda commences after recognition or after the filing of the application for recognition of the foreign proceeding, any relief in effect is reviewed by the court and modified or terminated if inconsistent with the proceeding in Rwanda;	2° lorsque la procédure ouverte au Rwanda est entamée après la reconnaissance de la procédure étrangère ou après l'introduction de la demande de reconnaissance de ladite procédure, toute mesure accordée est réexaminée par la juridiction et modifiée ou levée si elle n'est pas conforme à la procédure ouverte au Rwanda;
3° mu gufata ibyemezo byasabwe n'uhagarariye ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ritari iry'ibanze, kubyongerera igihe cyangwa kubihindura, urukiko rugomba kwizera neza ko ibyo byemezo byerekeye umutungo ugomba gucungwa mu rwego rw'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ritari iry'ibanze cyangwa birebana n'amakuru asabwa muri iryo kurikirana, hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.	3° in granting, extending or modifying relief granted to a representative of a foreign non-main proceeding, the court must be satisfied that the relief related to assets that, under the Laws of Rwanda, should be administered in the foreign non-main proceeding or concerns information required in that proceeding.	3° lorsqu'elle accorde, prolonge ou modifie une mesure accordée au représentant d'une procédure étrangère non principale, la juridiction doit s'assurer que la mesure porte sur des biens qui, en vertu des dispositions légales rwandaises, devraient être administrés dans la procédure étrangère non principale ou que la mesure a trait à des renseignements requis dans la procédure étrangère non principale.

<u>Ingingo ya 260:</u> Guhuza ikurikirana ry'igihombo rirenze rimwe ryabereye mu mahanga	**<u>Article 260:</u> Coordination of more than one foreign insolvency proceeding**	**<u>Article 260:</u> Coordination de plusieurs procédures étrangères**
Iyo hari ikurikirana ry'igihombo ryabereye mu mahanga rirenze rimwe rireba ugomba kwishyura umwe, urukiko rubifitiye ububasha rushaka ubufatanye no guhuza iryo kurikirana, kandi hakubahirizwa ibikurikira:	If more than one foreign cross-border proceeding regarding the same debtor is engaged, the competent court must seek cooperation and coordination and the following applies:	Lorsque plusieurs procédures internationales étrangères ont été ouvertes à l'encontre du même débiteur, la juridiction compétente s'efforce d'assurer la coopération et la coordination et aux conditions suivantes:
1° nyuma y'iyemerwa ry'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze, ibyemezo byose bifashwe bisabwe n'umunyamahanga uhagarariye ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ritari iry'ibanze bigomba kuba bitanyuranyije n'ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze;	1° any relief granted to a representative of a foreign non-main proceeding after recognition of a foreign main proceeding must be consistent with the foreign main proceeding;	1° toute mesure accordée au représentant d'une procédure étrangère non principale après la reconnaissance d'une procédure étrangère principale doit être conforme à la procédure étrangère principale;
2° iyo ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze ryemewe, nyuma y'iyemerwa cyangwa y'isabwa ryo kwemerwa ikurikirana ryo mu mahanga ritari iry'ibanze, ibyemezo byose biriho bigomba gusubirwamo n'urukiko kandi bigahindurwa cyangwa bigaseswa iyo bibangamiye ikurikirana ryo mu mahanga ry'ibanze;	2° if a foreign main proceeding is recognized after recognition or after the filing of an application for recognition of a foreign non-main proceeding, any relief in effect must be reviewed by the court and is modified or terminated if inconsistent with the foreign main proceeding;	2° si une procédure étrangère principale est reconnue après la reconnaissance d'une procédure étrangère non principale ou après l'introduction d'une demande de reconnaissance d'une telle procédure, toute mesure accordée doit être réexaminée par la juridiction et modifiée ou levée si elle n'est pas conforme à la procédure étrangère principale;

3° iyo, nyuma yo kwemerwa kw'ikurikirana ryo mu mahanga ritari iry'ibanze, hari irindi yemerwa ry'ikurikirana ryo mu mahanga ritari iry'ibanze ribayeho, urukiko rushobora gufata icyemezo, guhindura cyangwa gukuraho icyemezo cyari cyarafashwe kugira ngo rworohereze ibikorwa byo guhuza iryo kurikirana ry'igihombo.	3° if, after recognition of a foreign non-main proceeding, another foreign non-main proceeding is recognized, the court must grant, modify or terminate relief for the purpose of facilitating coordination of the proceedings.	3° si, après la reconnaissance d'une procédure étrangère non principale, une autre procédure étrangère non principale est reconnue, la juridiction doit accorder, modifier ou faire cesser les mesures accordées dans le but de faciliter la coordination de ces procédures.
Ingingo ya 261: Gufatwa ko igihombo gishingiye ku iyemerwa ry'ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze	**Article 261: Presumption of insolvency based on recognition of a foreign main proceeding**	**Article 261: Présomption de l'insolvabilité fondée sur la reconnaissance d'une procédure étrangère principale**
Iyo nta kimenyetso kibihamya ukundi, kwemera ikurikirana ry'igihombo mu mahanga ry'ibanze ni ikimenyetso gihamya ko uwishyura yahombye, kugira ngo hatangizwe ikurikirana ry'igihombo mu nkiko zo mu Rwanda.	In the absence of evidence to the contrary, recognition of a foreign main proceeding is, for the purpose of commencing a proceeding under Courts of Rwanda, proof that the debtor is insolvent.	Sauf preuve contraire, la reconnaissance d'une procédure étrangère principale atteste, aux fins de l'ouverture d'une procédure devant les juridictions rwandaises, que le débiteur est insolvable.
Ingingo ya 262: Amabwiriza yo kwishyura igihe gukurikirana igihombo birimo gukorerwa icyarimwe	**Article 262: Rule of payment in concurrent proceedings**	**Article 262: Règle de paiement en cas de pluralité des procédures**
Bitabangamiye imyenda yatangiwe ingwate cyangwa uburenganzira ku bintu bitimukanwa, uberewemo umwenda wishyuwe igice mu ikurikiranwa ry'igihombo hashingiwe ku itegeko	Without prejudice to secured claims or rights in rem, a creditor who has received part payment in respect of its claim in a proceeding pursuant to a law relating to insolvency in a foreign state may not receive	Sans préjudice des droits des titulaires de créances garanties ou des droits réels, un créancier ayant obtenu satisfaction partielle en ce qui concerne sa créance dans une procédure ouverte conformément à une loi étrangère

ryerekeye igihombo ryo mu mahanga, ashobora kutishyurwa umwenda werekeye cya gice yari yarishyuwe mu gihe cy'ikurikiranwa ry'igihombo mu Rwanda rireba uwishyurwa umwe, igihe cyose ubwishyu bw'abandi baberewemo imyenda yo mu cyiciro kimwe ari buke ugereranyije n'ubwishyu we yari yarahawe.	a payment for the same claim in a proceeding in Rwanda regarding the same debtor, so long as the payment to the other creditors of the same class is proportionately less than the payment the creditor has already received.	relative à l'insolvabilité dans un État étranger ne peut être payé pour la même créance suivant une procédure concernant le même débiteur ouverte au Rwanda tant que le paiement accordé aux créanciers de même rang est proportionnellement inférieur au paiement que ledit créancier a déjà obtenu.
UMUTWE WA XIII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER XIII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE XIII: INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 263: Gukora utujuje ibisabwa	**Article 263: Acting without qualification**	**Article 263: Agir sans qualification**
Umuntu wese ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo kandi atujuje ibisabwa, aba akoze icyaha.	Any person who acts as an insolvency practitioner at a time when he or she is not qualified to do so, commits an offence.	Toute personne qui agit comme un praticien de l'insolvabilité alors qu'elle n'en a pas la qualité, commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarengeje imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months, but not exceeding two (2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille (500.000 FRW) francs rwandais mais ne dépassant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

<u>Ingingo ya 264:</u> Gutoroka no kurigisa umutungo mu gihe cy'ikurikirana ry'igihombo	**<u>Article 264:</u> Absconding and appropriating assets during insolvency proceedings**	**<u>Article 264:</u> Fuite et appropriation d'actifs pendant la procédure d'insolvabilité**
Umuntu wese, mu gihe isosiyete y'ubucuruzi cyangwa ubufatanye mu bucuruzi biri mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa haratanzwe ikirego kibisabira gushyirwa mu iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo cyangwa mu gihe umuntu ku giti cye yashyizwe mu gihombo:	Where a company or a partnership is in liquidation or an application has been made to the court for an order that a company be put into liquidation or an individual is declared bankrupt, commits an offence, any person who:	Lorsqu'une société commerciale ou une société de personnes est en liquidation ou qu'une demande de mise en liquidation d'une société commerciale ou d'une société de personnes a été introduite devant une juridiction ou qu'un individu ait été déclaré en faillite, commet une infraction, toute personne qui:
1° uva cyangwa ugerageza kuva mu Rwanda agamije guhunga inshingano ze;	1° leaves or attempts to leave Rwanda with the intention of avoiding his or her obligations;	1° quitte ou tente de quitter le Rwanda avec l'intention d'éviter ses obligations;
2° uhisha cyangwa wimura umutungo agamije kubuza cyangwa gutinza gucunga cyangwa kugenzura umutungo bikozwe n'umucungamutungo w'uwahombye;	2° conceals or removes property with the intention of preventing or delaying the assumption of custody or control by the trustee;	2° dissimule ou enlève des biens avec l'intention d'empêcher ou de retarder la prise de la garde ou du contrôle par le syndic;
3° wangiza, uhisha cyangwa wimura inyandiko agamije uburiganya cyangwa guhisha imiterere y'ibibazo bye;	3° destroys, conceals or removes record with the intent of defrauding or concealing the state of his or her affairs:	3° détruit, dissimule ou retire un dossier avec l'intention de frauder ou de dissimuler l'état de ses affaires ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not exceeding two (2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'elle est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais ne dépassant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais de francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.
<u>Ingingo ya 265:</u> Kubona inguzanyo no kwinjira mu bikorwa by'ubucuruzi	**<u>Article 265:</u> Obtaining credit and engaging in business**	**<u>Article 265:</u> Obtention de crédit et engagement dans les activités commerciales**
Umuntu wese wahombye:	Any bankrupt who:	Tout failli qui:
1° ubona, we ku giti cye cyangwa afatanyije n'undi muntu, inguzanyo ntamenyeshe uyimuhaye ko yahombye kandi akaba atarahanagurwaho igihombo;	1° obtains, either alone or jointly with any other person without informing the person from whom he or she obtains it that he or she is an undischarged bankrupt;	1° obtient, soit seul ou conjointement avec toute autre personne sans informer la personne de qui il l'obtient qu'il soit un failli non libéré;
2° winjiye mu bikorwa by'ubucuruzi mu buryo butaziguye cyangwa buziguye akoresheje izina rinyuranye n'iryo yahombye yitwa kandi akarihisha abo bakorana ubucuruzi;	2° engages, whether directly or indirectly, in any business under a name other than that in which he was adjudged bankrupt without disclosing to all persons with whom he enters into any business transaction the name in which he or she was so adjudged;	2° s'engage, directement ou indirectement, dans une activité commerciale quelconque sous un nom autre que celui dans lequel il a été déclaré en état de faillite sans révéler à toutes les personnes avec lesquelles il conclut une transaction commerciale le nom sous lequel il a été ainsi déclaré ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarengeje imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months, but not exceeding two (2) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six(6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans avec une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.
<u>Ingingo ya 266:</u> Kutagira ibarumari nyaryo ry'ibikorwa by'ubucuruzi	**<u>Article 266:</u> Failure to keep proper accounts of business**	**<u>Article 266:</u> Défaut de tenir une comptabilité appropriée des activités commerciales**
Umuntu wahombye winjira mu bucuruzi ku bushake bwe akamara imyaka ibiri (2) mbere y'ubusabe bwo gutangiza igihombo akaba atarigeze yuzuza ibitabo by'ibaruramari bigaragaza ishusho nyayo y'umutungo n'ibisobanuro by'uko ibikorwa by'ubucuruzi bihagaze, aba akoze icyaha.	Any bankrupt who wilfully engages in any business for a period of two (2) years before petition and does not keep accounting records that give a true and fair view of the business' financial position and explain its transactions, commits an offence.	Tout failli qui exerce volontairement une activité commerciale pendant une période de deux (2) ans avant la demande et qui ne tient pas de dossiers comptables donnant une image fidèle de la situation financière des activités commerciales et expliquant ses transactions, commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarengeje amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months, but not exceeding six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), but not exceeding one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

<u>Ingingo ya 267:</u> Kudatanga ifoto y'ibikorwa by'ubucuruzi	**<u>Article 267:</u> Failure to submit a statement of affairs**	**<u>Article 267:</u> Défaut de présenter un bilan des affaires**
Uwahombye wese, nta mpamvu ifatika ibimuteye, udaha umucungamutungo w'uwahombye ifoto y'ibikorwa bye by'ubucuruzi harimo ibisobanuro birambuye by'abo abereyemo imyenda, umutungo by'uwahombye n'andi makuru yasabwa, aba akoze icyaha.	Any bankrupt who, without reasonable excuse, fails to submit to the trustee a statement of his or her affairs including particulars of the bankrupt's creditors, debts, assets and such other information as may be prescribed, commits an offence.	Tout failli qui, sans excuse valable, ne présente pas au syndic un bilan de ses affaires y compris les détails des créanciers, des dettes, des biens du failli et d'autres renseignements pouvant être prescrits, commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarengeje amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but not exceeding six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), but not exceeding one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais ne dépassant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.
<u>Ingingo ya 268:</u> Kudatanga imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo	**<u>Article 268:</u> Failure to give notice of trusteeship**	**<u>Article 268:</u> Défaut de donner un avis de mise sous séquestre**
Ushinzwe iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo udatanga imenyesha ry'iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo, aba akoze icyaha, uretse iyo agaragaje ko atari azi cyangwa atashoboraga mu buryo bukwiye gutegerezwaho kumenya ko yananiwe kubyubahiriza kandi akaba	Any trustee who fails to give notice of trusteeship, commits an offence, unless he or she proves that he or she did not know of and could not reasonably be expected to know of the failure to comply or that he or she took all reasonable steps in the circumstances to ensure that the requirements would be complied with.	Tout syndic qui ne donne pas avis de mise sous séquestre, commet une infraction, à moins qu'il ne prouve qu'il n'a pas eu connaissance de ce manquement ou que l'on ne puisse raisonnablement s'attendre à ce qu'il en ait connaissance ou qu'il ait pris toutes les mesures raisonnables compte tenu de la situation afin de s'assurer du respect des exigences.

yarakoze ibishoboka byose kugira ngo ibisabwa bibe byarubahirijwe.		
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), but not exceeding one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 269:</u> Kunyereza, kurigisa cyangwa kwigarurira umutungo w'ubereyemo abandi imyenda	**<u>Article 269:</u> Misappropriation, concealment of or pretending to be the owner of the debtor's property**	**<u>Article 269:</u> Détournement, dissimulation ou fait de se faire passer pour propriétaire des biens du débiteur**
Ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo, undi muntu ukora ku buryo buziguye cyangwa akoresheje undi muntu, unyereza, urigisa cyangwa uwigarurira umutungo w'uwahombye cyangwa wigira uberewemo umwenda mu buriganya, aba akoze icyaha.	Any liquidator of the company or any person who directly or through a third party, misappropriates, conceals or pretends to be the owner of the bankrupt's property or fraudulently makes himself or herself a creditor, commits an offence.	Tout liquidateur de la société commerciale ou toute personne qui, directement ou par l'intermédiaire d'un tiers, détourne, dissimule ou se fait passer pour un propriétaire des biens du failli ou qui se fait frauduleusement passer pour créancier, commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarengeje imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda (5.000.000 FRW)	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but not more than five (5) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais ne dépassant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 270: Gukomeza ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa gukoresha ububasha bw'ubuyobozi mu gihe cy'igihombo	**Article 270: Continuation of business or exercise of managerial power during insolvency proceedings**	**Article 270: Poursuite d'activités commerciales ou exercice des pouvoirs de gestion pendant la procédure d'insolvabilité**
Ubereyemo abandi imyenda cyangwa undi muntu wese ukomeza gukora imirimo y'ubucuruzi cyangwa gukoresha ububasha bw'ubuyobozi kandi azi neza ko hashyizweho ukora umwuga wo kuzahura ubucuruzi cyangwa gucunga igihombo aba akoze icyaha.	A debtor or any other person who continues in business or exercises the managerial power having full knowledge of the appointment of an insolvency practitioner commits an offence.	Un débiteur ou toute autre personne qui poursuit ses activités commerciales ou exerce le pouvoir de gestion en ayant pleinement connaissance de la nomination d'un praticien de l'insolvabilité commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months, but not exceeding one (1) year and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000), but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or to one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois, mais ne dépassant pas un (1) an et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (FRW 1.000.000), mais ne dépassant pas deux millions de francs rwandais (FRW 2.000.000) ou de l'une de ces peines.
UMUTWE WA XIV: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER XIV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE XIV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 271: Itegeko rikurikizwa ku manza zikiburanishwa mu nkiko	**Article 271: Law applicable to cases pending before courts**	**Article 271: Loi applicable aux affaires pendantes devant les juridictions**
Imanza zose zari mu nkiko mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa ziburanishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ariko	All cases pending before courts before the publication of this Law are heard in accordance with the provisions of this Law,	Les affaires pendantes devant les juridictions avant la publication de la présente loi sont jugées conformément aux dispositions de la présente

nta gihinduwe ku mihango y'iburanisha yakozwe.	but procedural steps already taken remain valid.	loi, mais les actes de procédure déjà accomplis restent valables.
Ingingo ya 272: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 272: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 272: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 273: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 273: Repealing provision**	**Article 273: Disposition abrogatoire**
Itegeko n° 23/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye igihombo cy'isosiyete n'icy'umuntu ku giti cye n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.	Law n° 23/2018 of 29/04/2018 relating to insolvency and bankruptcy and all other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.	La Loi n° 23/2018 du 29/04/2018 relative à l'insolvabilité et à la faillite et toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 274: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 274: Commencement**	**Article 274: Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 06/12/2021 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République:** **(sé)** **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux